


**UBUREZI**  
**Ellen g. White**



# **IBIRIMO**

<b>ICYIGISHO CYA1 : INKOMOKO N’INTEGO Y’UBUREZI NYAKURI -----</b>	<b>4</b>
<b>ICYIGISHO CYA 2: ISHURI RYO MURI EDENI-----</b>	<b>10</b>
<b>ICYIGISHO CYA 3: KUMENYA ICYIZA N’IKIBI-----</b>	<b>12</b>
<b>ICYIGISHO CYA 4 :ISANO IRI HAGATI Y’UBUREZI NO GUCUNGURWA--</b>	<b>17</b>
<b>ICYIGISHO CYA 5: UBUREZI BW’ISIRAYELI -----</b>	<b>19</b>
<b>ICYIGISHO CYA 6: AMASHURI Y’ABAHANUZI-----</b>	<b>29</b>
<b>ICYIGISHO CYA 7: IMIBEREHO Y’ABANTU BABAYE INTWARI-----</b>	<b>34</b>
<b>DANIYERI, UHAGARARIYE IMANA -----</b>	<b>38</b>
<b>ABANTU B’ABANYAKURI KANDI B’INYANGAMUGAYO-----</b>	<b>40</b>
<b>ELISA UMUKOZI UKIRANUKA MUTUNTU DUTO-----</b>	<b>41</b>
<b>MOSE, INTWARI MU KWIZERA -----</b>	<b>44</b>
<b>PAULO, UMUKOZI WISHIMIRA UMURIMO-----</b>	<b>46</b>
<b>ICYIGISHO CYA 8 :UMWIGISHA WATUMWE N’IMANA-----</b>	<b>52</b>
<b>ICYIGISHO CYA 9 :IMIKORERE YA KRISTO-----</b>	<b>62</b>
<b>IMBARAGA IHINDURA YA KRISTO -----</b>	<b>64</b>
<b>KUVA MUNTEGE NKE UJYA MUMBARAGA -----</b>	<b>66</b>
<b>ISOMO RIVA MU RUKUNDO -----</b>	<b>69</b>
<b>ICYIGISHO CYA 10: -----</b>	<b>73</b>
<b>UKO IMANA YIGARAGARIZA MU BYAREMWE -----</b>	<b>73</b>
<b>ICYIGISHO CYA 11: AMASOMO Y’UBUZIMA -----</b>	<b>76</b>
<b>ITEGEKO RYO GUKORERANA-----</b>	<b>77</b>
<b>KUBIBIRA MU KWIZERA-----</b>	<b>77</b>
<b>GUPFA KUGIRA NGO UBEHO -----</b>	<b>82</b>
<b>ICYIGISHO CYA 12: IZINDI NYIGISHO-----</b>	<b>85</b>

UBUTUMWA BW' INYENYERI-----	87
ICYIGISHO CYOKWIRINGIRA-----	89
<b>ICYIGWA CYA 13 :GUTOZA INTEKEREZO N'IBY'UMWUKA -----</b>	<b>92</b>
<b>ICYIGWA CYA 14: ISANO IRI HAGATI Y'UBUMENYI NA BIBILIYA -----</b>	<b>96</b>
<b>ICYIGWA CYA 15 :AMAHAME AGENGA IMIRIMO N'UBURYO BWO GUKORA -----</b>	<b>102</b>
UBUNYANGAMUGAYO MU MIRIMO DUKORA-----	108
<b>ICYIGWA CYA 16: AMATEKA Y'ABABAYE INTWARI MURI BIBILIYA-----</b>	<b>112</b>
KUNESHA KUBWO KWIZERA-----	115
ISHURI RY'IMIBABARO -----	118
KUGERAGEZWA KWA YOBU -----	120
<b>ICYIGWA CYA 17 :IBISIGO N'INDIRIMBO-----</b>	<b>125</b>
UBUSHOBOZI BW'INDIRIMBO -----	133
<b>ICYIGWA CYA 18 :UBWIRU BWA BIBILIYA-----</b>	<b>134</b>
<b>ICYIGWA CYA 19: AMATEKA N'UBUHANUZI -----</b>	<b>138</b>
<b>ICYIGWA CYA 20 :INYIGISHO NO KWIGA BIBIRIYA -----</b>	<b>149</b>
<b>ICYIGWA CYA 21 :KWIGA IMPAGARIKE -----</b>	<b>156</b>
<b>ICYIGWA CYA 22: KWIRINDA NO KUVURISHA IBIRIBWA-----</b>	<b>162</b>
IBYO KURYA N'ITERAMBERE RY'UBWENGE -----	164
<b>ICYIGWA CYA 23: IKIRUHUKO-----</b>	<b>166</b>
<b>ICYIGWA CYA 24 :IMIRIMO Y'AMABOKO-----</b>	<b>172</b>
<b>ICYIGWA CYA 25 :UBUREZI N'IMICO -----</b>	<b>179</b>
<b>ICYIGWA CYA 26: UBURYO BWO KWIGISHA-----</b>	<b>184</b>
<b>ICYIGWA CYA 27: IMYIFATIRE-----</b>	<b>187</b>

ICYIGWA CYA 28 :IMYAMBARO N’UBUREZI -----	192
ICYIGWA CYA 29 :ISABATO -----	195
ICYIGWA CYA 30 :KWIZERA NO GUSENGA -----	198
ICYIGWA CYA 31 :UMURIMO W’UBUZIMA -----	205
ICYIGWA CYA 32 :UMWITEGURO -----	214
ICYIGWA CYA 33 :GUSHYIKIRANA -----	221
ICYIGWA CYA 34: IKINYABUPFURA-----	224
IKINYABUPFURA CYO MU MIBEREHO.-----	231
ICYIGWA CYA 35 :ISHURI RYO MU RWEGO RWO HEJURU-----	233

## UBUREZI

### *Icyigisho cya1 : Inkomoko n’itego y’uburezi nyakuri*

*“KUBAHA UWITEKA NI ISHINGIRO RY’UBWENGE, KANDI KUMENYA UWERA NI UBUHANGA.”IMIGANI 9:10. “NONEHO IYUZUZE NAYO UBONE AMAHORO”.YOBU 22:21*

Intekerezo zacu ni ngufi cyane mubirebana n’uburezi,zifite aho zigarukira. Zikwiriye kwagurwa cyane kandi zigahabwa icyerekezo gihanitse.Uburezi nyakuri busobanuye ibirenze cyane kwiga amashuri ahanitse. Burenze cyane uko abantu bategura ubuzima bwa none.

[Uburezi] bureba impagarike yose y’umuntu n’igihe cyo kurama yahawe. Nibwo buhuriza hamwe iterambere rihamye ry’ubushobozi

bw"impagarike, ubw"intekerezo n"ubw"ibyumwuka. Butegurira umunyeshuri kunezererwa umurimo muri iy"isi,ndetse no mw"isi izaza.

Isoko y"ubu burezi igaragarira muri ayamagambo y"ibyangantswe byera agaragaza Imana ihoraho : "Muriyo nimo ubutunzi bwose bw"ubwenge no kumenya bwahishwe."Abakolosayi 2:3. "Ubwenge n"imbaraga bifitwe n"Imana." Yobu 12:13.

Isi yagiye igira abigisha bakomeye, abantu bafite ubwenge bw"inditwe, bafite ubushobozi bw"ubushakashatsi bwagutse, abantu bavuze amagambo akomeye agakangura ibitekerezo by"abandi kandi agakingura andi mashami yagutse y"ubumenyi; abo bantu bubahwaga nk"abayobozi n"abagiraneza b"ikiremwa muntu. Ariko hari undi ubasumba by"ihabya. Nubwo hari ibyo abanyabwenge b"isi bagezeho byagutse dushobora kwitegereza; imbere yabo hari uwabamurikiraga. Nkuko ukwezi n"inyenyeri bimurika urumuri bikomoye ku izuba,niko n"abahanga bo mu isi , bakomora inyigisho zabo z"ukuri kuri zuba ryo gukiranuka. Buri gashashi k"umucyo w"intekerezo nziza na buri gace gato k"ubuhanga gakomoka kuri zuba ryo gukiranuka ari we mucyo w"isi [Yesu].

Muri iyi minsi, havugwa byinshi ku birebana n"imiterere n"akamaro k"uburezi nyakuri. Uburezi nyakuri bukomoka k"ufite " ubwenge n"imbaraga." Yobu12:13. "Uwiteka niwe utanga ubwenge. Mukanwa ke havamo kumenya no kujijuka." Imigani 2:6.

Kumenya Imana ni isoko y"ubumenyi nyakuri n"iterambere nyaryo. Mu mashami yose mu by"impagarike y"umubiri, intekerezo cyangwa mu by"umwuka, icyo tureba cyose,usibye icyaha dusangamo ubu bumenyi. Ubushakashatsi bwose twakora dushaka kugera kukuri tutaryarya, butwegeranya n"umunyabwenge utagaragara ukorera muri byose. Intekerezo za muntu zigasabana n"intekerezo z"Imana.Umuntu upfa agakorana n"Thoraho iteka ryose. Ingaruka z"uwo musabano ku mubiri, ku intekerezo no kubugingira bw"umuntu ntizigereranywa.

Muri uwo mushyikirano niho hakomoka uburezi nyakuri. Nibwo buryo bwonyine Imana inyurizamo iterambere. "Noneho iyuzuze nayo

ubone amahoro” (Yobu 22:21),ngubwo ubutumwa yageneye mwene muntu.Ayo magambo agaragaza uburyo umubyeyi wacu wa mbere yarereshejwe. Uko niko Imana yigishaga Adamu akiri muri Edeni yera ataracumura.

Kugira ngo dusobanukirwe n’umurimo w’uburezi, dusabwa kubanza kumenya imiterere y’umuntu n’umugambi Imana yari imufitiye imurema. Tugomba kumenya kandi imihindagurikire yatewenuko umuntu amenye ikibi ndetse n’umugambi w’Imana uhebuje wo gukomeza kurera mwene muntu.

Igihe Adamu yavaga mubiganza by’umuremyi, yasaga na we mu mpagarike, mu mitekerereze no mu byumwuka. “Imana irema umuntu ku ishusho yayo”. (Itangiriro 1:27), kandi umugambi w’Imana wari ukugira ngo uko umuntu yagombaga gukomeza kubaho abe ari nako arushaho gusa nayo,ari ko kugaragaza ubwiza bw’umuremyi we. Ubushobozi bwe bwose n’imbaraga bwagombaga gutera imbere kandi bugakomeza kwiyongera. Ubwo bushobozi bwe bwari bwarahawe kwigira kubyaremwe no kubukoreraho ubushakashatsi bwagutse kandi butangaje. Ubwiru bw’ibigaragara ni “ibitangaza by’Iyo ifite ubwenge butunganye” (Yobu 37:16) byarararikiraga umuntu kwiga. Amahirwe yo murwego rwo hejuru yarafite kwari ugushyikirana amaso ku yandi, umutima kuwundi n’umuremyi we. Iyo aza gukomeza gukiranukira Imana, ibyo byose byari kuba ibye kugeza iteka ryose. Yari gukomeza kunguka ubumenyi bushya mu bihe byose, agakomeza kuvumbura amasoko mashya y’umunezero, akarushaho kwiyumvisha, kwiyungura ubwenge no gusobanukirwa imbaraga n’urukundo by’Imana.Yarigusohozabiruseho umugambi wo kuremwa kwe, kandi akarushaho kurabagirana ubwiza bw’umuremyi.

Ariko kubwo kutumvira, byose yarabibuze. Gusa n’Imana bikomwa mu nkokora kugeza ubwo byari bigiye kuzimira burundu bitewe n’icyaha.Ubushobozi bw’impagarike y’umuntu bugira intege nke, imbaraga z’ubwenge ziragabanuka, amaso ye y’ibyumwuka arahuma, yari yahindutse umuntu upfa. Nyamara Imana ntiyamurekeye mu

bwihebe. Murukundo rwayo n'imbabazi byayo bitagira akagero, Imana yari yarateguye inama y'agakiza no guha umuntu amahirwe ya kabiri. Umurimo wo gucungura umuntu wari ugenedereye: Kugarura ishusho y'Imana mumuntu, kumugaruramo ubwiza no gutungana yari yaremanywe, itera mbere ry'umubiri we, intekerezo, n'ubwenge bwe. Iyo ni yo ntego ikomeye y'uburezi n'ubuzima.

Urukundo, arirwo shingiro ry'irema no gucungura rugomba kuba n'ishingiro ry'uburezi nyakuri. Iryo ni ryo tegeko Imana yatanze mu buryo busobanutse kugira ngo ribe umuyobozi w'imibereho yacu. Itegeko rya mbere kandi riruta ayandi ni, "Ukundiye uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose n'ubwenge bwawe bwose." Luka 10:27. Gukunda uhoraho, ushobora byose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, n'umutima wawe wose; bisobanuye ko duteza imbere mu buryo buhanitse bushobozi buturimobwose. Bisobanuye kandi ko ishusho y'Imana igomba kongera kuvugururwa mu mumpagarike yacu yose y'umubiri mu bwenge ndetse n'ubugingo.

Itegeko rya kabiri risa n'irya mbere: "Ukundiye mugenzi wawe nkuko wikunda" (Matayo 22:39). Itegeko ry'urukundo riduhamagarira kwegurira imibiri yacu, ubwenge bwacu n'ubugingo bwacu mumurimo w'Imana n'umurimo wo gukorera bagenzi bacu. Uwo murimo dukora tubera abandi umugisha, natwe utuzanira umugisha ukomeye. Kwiyanga n'iryo byangariye iterambere nyakuri ryose. Umurimo wose urimo kwiyanga utugeza ku iterambere ry'ubushobozi bwose twahawe. Uko niko turushaho kugira uruhare rwo gusangira kamere n'Imana mu buryo bwuzuye. Tuba twiteguye ubwami bw'ijuru kuko tubwakira mu mitima yacu.

Nkuko Imana ari isoko y'ubumenyi nyakuri, ninako intego ya mbere y'uburezi ari ukwerekaza intekerezo zacu kubiyigaragaza aribyo mirimo ya maboko yayo. Adamu na Eva bungukaga ubumenyi binyuze mugusabana n'Imana imbonankubone; kandi bakayigira ku byaremwe. Ubwiza karemano bw'ibyaremwe bwagarazaga ubwenge bw'Imana.

Ariko umuntu amaze gucumura ntabwo yongeye gusabana n'Imana ukundi mu buryo bwahuraniye ndetse azimiza no kuyimenyera mu byaremwe. Isi irahindana yanduzwa n'icyaha, irabagirana ubwiza buke bw'umuremyi. Nyamara ni iby'ukuri ko inyigisho zikomoka mu byaremwe zitasibanganye burundu. Kuri buri rupapuro rw'igitabo kinini cy'ibyaremwe haracyagaragara inyandiko yanditswe n'urutoki rw'Imana. Ibyaremwe biracyahamya Umuremyi wabyo . Ariko ubwo buhamya ntibwuzuye. Kandi natwe, ibiremwa byaguye, by'ibinyanteye nke, bireba hafi, ntidushobora gusobanura neza ibyo tubona. Dukeneye ihishurirwa ryuzuye Imana ubwayo itanga binyuze mu ijambo yandikishishe.

Ibyanditswe byera nibyo rugero ruboneye rw'ukuri, niyo mpamvu twakagombye kubiha umwanya w'ikirenga muburezi bwacu. Kugira ngo tubone uburezi nyakuri, tugomba kumenya Imana umuremyi, na Kristo umucunguzi nk'uko bahishuriwe mu ijambo ryera.

Buri muntu wese, waremwe kw'ishusho y'Imana yahawe ubushobozi buri mu nsi y'ubw'umuremyi; umuntu wese ku giti cye yahawe ubushobozi bwo gutekereza no gukora. Abantu bikorera inshingano, bakamenya kuyobora imishinga, kandi bakagira imico ireshya abandi nibo bateza imbere ubwo bushobozi. Ni inshingano y'uburezi nyakuri guteza imbere ubwo bushobozi no kwigisha abasore kwitekerereza ubwabo no kutishimira kuba indorerwamo y'ibitekerezo by'abandi. Mu cyimbo cyo kwibanda kukwiga ibyo abandi bantu bavuze cyangwa banditse Nimureke abanyeshuri bahindukirire amasoko y'ukuri, berekeze amaso yabo kumashami yagutse y'ubushakashatsi mu byaremwe no mu byanditswe. Reka bajye ku nshingano kandi bite ku maherezo yabo , maze intekezo zabo zizaguka kandi zongerwemo imbaraga. *Nibigenda bityo* Mu cyimbo cyogusohora abantu batojwe nabi, ibigo byigisha bizasohora abantu bakomeye, bashoboye gutekereza no gukora, abantu bashoboye kwihanganira ingorane Atari abazihunga cyangwa ngo bahitanwe na zo, abantu bafite intekezo zagutse, bazi gutandukanya ikibi n'icyiza, kandi bashikamye mu byobiyemeje.



Uburezi nk'ubwo butoza umuntu kurusha ibyo umuntu yigishwa cyangwa imyitozo y'umubiri. Bukomeza imico, ku buryo ibyifuzo byokwikunda n'irari ry'iby'isi bibure imbaraga zo kubamba ukuri no gutungana. Bukangurira intekerezo guhangana n'ikibi. Bukumira irari ribi rimbura, bityo ibiyumviro n'ibyifuzo bikaba bihamanyije n'amahame akomeye y'ibyiza. Uko umuntu arushaho guhirimbanira kugera kugutungana no kwera kw'imico, niko intekerezo ze zivugururwa, ndetse n'umutima-nama we ukongera ukaremwa mu ishusho y'Imana.

Mbese hari ubundi burezi buruta ubwo? Mbese hari ubundi bwanganya na bwo agaciro?

"Ntibuboneshwa izahabu; kandi nta feza igurirwa kuba ikiguzi cyabwo.

ntabwo bugereranwa n'izahabu ya ofili. cyangwa shohamu y'igiciro cyinshi, haba na safiro. Izahabu n'ibirahuri ntibihwanye nabwo, kandi ntibgaguranwa

Ibyambarwarwa by'izahabu nziza. fezaruka n'ibirahuri ntibizavugwa

N'ukuri igiciro cy'ubwenge kiruta marijani." (Yobu 28:15-18).

Umugambi Imana ifitiye abana bayo urenze cyane ibyo bo bashobora kwibwira ko ari byiza. kubaha Imana - gusa nayo - niyo

Intego nyamukuru igomba guharanirwa. Imbere y'umunyeshuri huguruwe inzira y'iterambere ritagira iherezo. Afite inshingano agomba kuzaza, urugero agomba gushyikira, ibyobikubiyemo kugerakubiyiza byose, nokukubonera n'ubupfura. Azajya mbere byihuse kandi agere kure hashoboka muri buri shami ryose ry'ubumenyi. Ariko imihati ye azayerekeza kungingo zihebuje inyungu zo kwikunda z'iby'isi bishira nkuko ijuru rihebuje isi.

Ukorana n'ijuru mu kumenyesha abasore Imana, mu gutunganya imico yabo ngo ise n'ishusho yayo, aba akora umurimo ukomeye kandi wo mu rwego rwo hejuru. Igihe abakanguramo icyifuzo. Igihe cyose akanguye icyifuzo cyo gusohoza imigambi n'ubushake by'Imana aba

ari gutanga uburezi bwagutse kandi bwingenzi ahamukikije. Ni uburezi butazigera bugajuka cyangwa ngo burangirire muri ubu buzima bushira ahubwo buzakomeza bugaherekeza nyirabwo no mu buzima bw'igihe kizaza. Ni uburezibutanga ubwishingizi kandi bukanashoboza umunyeshuri kugira imyiteguro n'ibyangombwa byo kumuvana mu ishuri ryo muri iyisi agakomereza mu ryo mu ijuru.

## ***Icyigisho cya 2: Ishuri Ryo Muri Edeni***

*Hahirwa umuntu ubonye ubwenge. imigani 3:13.*

Gahunda y'uburezi yashyizweho mu itangira ry'isi yagombaga kubera umuntu urugero uko ibihe bizakurikirana. Imana yashyizeho ishuri ry'icyitegererezo kugira ngo yerekane amahame yayo, irishyira muri Edeni, ubuturo bw'ababyeyi bacu ba mbere. Umurima wa Edeni wari icyumba cy'ishuri, ibyaremwe byari ibitabo byo kwigirwamo, umuremyi ubwe niwe wari umwigisha, ababyeyi b'inyokomuntu nibo bari abanyeshuri.

Baremewe kuba "ishusho y'Imana n'ubwiza bwayo"(1 abakorinto 11:7), Adamu na Eva bari barahawe impano kurugero rwo hejuru rukwiranye n'umurage wabo. Buzuye ubuntu no guhagarara neza, bafite ubwiza budasaza, mumaso habo harabagiranaga ubutaraga, ibyishimo n'ibyiringiro, basaga neza n'umuremyi wabo. Ariko ntibasaga nayo mu mpagarike gusa. Buri gace k'ubushobozi bwose bw'intekerezo zabo n'ubugingo bwabo byerekanaga ubwiza bw'umuremyi wabo. Adamu na Eva bari barahawe ubushobozi bwo murwego rwo hejuru bw'ubwenge n'ubwiby'umwuka "bari muni ho gato y'abamarayika" (Abaheburayo 2:7), kuburyo batamenyaga ibitangaza bigaragara gusa, ahubwo bari bafite n'ubwenge bwiyumvisha kandi bashoboye gusohoza inshingano.

"Uwiteka Imana ikeba ingobyi muri Edeni mu ruhande rw'iburasirazuba, ishyiramo umuntu yaremye. Uwiteka Imana imezamo igiti cyose cy'igikundiro cyera imbuto ziribwa, amezamo n'igiti cy'ubugingo hagati muri iyo ngomyi." Itangiriro 2:8,9. Aho hagati

y“ubwiza bw“ibyaremye bitakozweho n“icyaha niho ababyeyi bacu ba mbere bari bagiye guhererwa uburezi.

Yitaye kubana be muburyo bwuzuye, Data wa twese wo mw“Ijuru niwe ubwe waruyoboye ubwo burezi. Kenshi Adamu na Eva basurwaga n“intumwa mvajuru, [abamarayika bera] babazaniye inama n“amabwiriza. Kenshi ubwo batemberega mubusitani mumafu ya nimusi,bumvaga ijwi ry“Imana kandi bakavugana nayo amaso ku maso. Imigambi Uwiteka yari abafitiye ni “iy“amahoro s“ikibi” Yeremiya 29:11. Imigambi yayo yose yari iyo kubazanira ibyiza bikomeye. Adamu na Eva bari barashinzwe kwita k“umurima wa Edeni, kugirango “bawuhingire kandi bawurinde” (Itangiriro 2:15). Kabone nubwo bari abatunzi, kubwibyonyiribintu byose yashoboraga kubaha ntabwo bagombaga kuba imbura mukoro. Umurimo w“ingirakamaro bawuhawe nk“umugisha kugira ngo ukomeze umubiri wabo , wagure intekerezo, kandi ukuze imico.

Igitabo cy“ibyaremwe, cyabahaga inyigisho nzima z“imibereho yabo, cyari isoko y“amabwiriza adakama kandi anejeje. Kuri buri kibabi cyose cyo mu ishyamba, kuri buri rutare rwose rwo mumisozi, kuri buri nyenyeri irabagirana, ku isi, mu nyanja, no mu kirere hari handitse izina ry“Imana. Ibyaremwe byose bifite ubugingo n“ibitabufite, uherye ku kibabi, ururabo n“igiti cyose na buri kiremwa cyose gifite ubugingo - guhera kuri Lewiyatani yo mu nyanja kugeza ku karashi kizuba- Abaturage bo muri Edeni babyigiragaho bakamenya ibanga ry“imibereho yabyo. Ubwiza bw“Imana busaze ikirere, amasi atabarika na gahunda itunganye yo kunyuranamo kwayo, “kurereta kw“ibicu” (Yobu 37:16),ubwiru bw“umucyo n“ijwi n“ubw“amanywa n“ijoro ibyo byose byigwaga n“abanyeshuri bo mu ishuri rya mbere ryo ku isi.

Amategeko n“imikorere y“ibyaremwe,n“amahame akomeye y“ukuri ayobora isi y“ibyumwuka,byari bikingukiye intekerezo zabo babihawe n“Umuremyi w“ibintu byose. Binyuze mu “mucyo wo kumenya ubwiza bw“Imana” ( 2 Abakorinto 4:6),ubushobozi bwabo

bw"intekerezo n"ubw"ibyumwuka bwaragukaga kandi bakiyumvamo ibyishimo byinshi bahabwaga no kubaho ari abera.

Si ingobyi ya Edeni gusa yavuye mu biganza by"umuremyi ari nziza, ahubwo n"isi yose yari nziza. Nta kizinga cy"icyaha cyangwa igicucu cy"urupfu byari byagahindanyije ibyaremwe. "Ubwiza bw"Imana bwari butwikiriye ikirere kandi isiyuzuyegusingizwa kwayo". "Inyenyeri zo muruturuturu zaririmbiranaga, abana b"Imana bose bakarangurura ijwi ry"ibyishimo" Habakuki 3:3; Yobu 38:7. Kuva 34:6; uko niko isi yari ikimenyetso gitunganye cy"umutunzi wuzuye ubugiraneza n"ukuri." Kuva 34:6; yari ingingo y"agahebuzo yagombaga kwigwa n"abari bararemwe ku ishusho yayo. Imana yifuzaga ko isi yose yakurikiza icyitegererezo cyo mu ingobyi ya Edeni, kandi ko uko umuryango wa mwene muntu wagombaga kurushaho kugwira, bagombaga guhanga izindi ngo n"andi mashuri ameze nk"iryo yari yarabahaye. Uko niko isi yose yari kuzura ingo n"amashuri bigiramo amagambo n"imirimo y"Imana uko ibihe bihaye ibindi, ni aho abanyeshuri bashoboraga kugenda barushaho kumurika umucyo wo kumenya Imana ubuziraherezo.

### ***Icyigisho cya 3: Kumenya icyiza n'ikibi***

*Kandi ubwo banze kumenya Imana, nicyo cyatumye Imana ibareka ngo bagire imitima yabaye akahebwe bakora ibidakwiriye.*  
*Abaroma 1:28*

Nubwo Ababyeyi bacu ba mbere baremwe ari abera n"abaziranenge ntabwo bari baremwe ku buryo batakora icyaha. Imana yashoboraga kubaremana ubushobozi bwagombaga kubabashisha kudakandagira amategeko yayo, ariko imico yabo ntiyagombaga kugira iterambere; bari

gukorera Imana ku gahato batabikunze. Kubw'ibyo, ibaha ubushobozi bwo guhitamo kuyumvira cyangwa kutayumvira. Mbere yuko bakira mu buryo bwuzuye imigisha Imana yifuzaga kubaha, byari ngombwa ko urukundo rwabo no kumvira kwabo bigeragezwa.

Mu murima wa Edeni hari "igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi ...Uwiteka Imana iramutegeka iti: ku igiti cyose cyo muri iyi ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka. Ariko igiti cy'ubwenge bumenyeshya icyiza n'ikibi ntuzakiryeho, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa". Itangiriro 2:9,16,17. Wari umugambi w'Imana ko Adamu na Eva batamenya ikibi. Kumenya icyiza bari barabihereye ubuntu; ariko kumenya ikib;- icyaha n'ingaruka zacyo, guhangayika, umubabaro, gucika intege n'intimba, uburibwe n'urupfu-; ibyo byose yari yarabihishwe kubw' urukundo.

Igihe Imana yashakiraga umuntu ibyiza, satani yakoraga uko ashoboye ngo amurimbuzwe. Ubwo Eva yasuzuguraga umuburo w'Imana urebana n'igiti cyabuzanijwe, yahangaye kwegera icyo giti maze ahahurira n' umwanzi we. Amaze kubona ko uwo mugore yagize amatsiko, Satani amuteramo kwanga ijambo ry'Imana no gushidikanya ubwenge n'ubugiraneza bwayo. Ku ijambo Eva yavuze kubirebana n'igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi, ko "Imana yaravuze iti ntimuzakiryeho, ntimuzagikoreho kuko umunsi mwakiriyeho muzapfa." Umushukanyi aramusubiza ati: "Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko umunsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'imana, mukamenya icyiza n'ikibi." Itangiriro 3:3-5.

Satani yashakaga kubemeza ko kumenya icyiza kivanze n'ikibi bizababera umugisha, kandi ko igihe Imana yababuzaga gusoroma imbuto z'icyo giti, yashakaga kubagomwa ibyiza bikomeye. Abemeza ko izo mbuto Imana yazibabujije kubera zifite ubushobozi butangaje bwokubaha ubwenge ubushobozi, kandi ko Imana yashakaga kubagomwa iterambere riboneye ndetse n'umunezero ukomeye.

Ababwira ko we ubwe yariye kuri urwo rubuto rw'igiti cyabuzanijwe, bikamuhesha ubushobozi bwo kuvuga; kandi ko na bo nibaramuka baruriye bazagera k'urundi rwego rw'imibereho ndetse n'ubumenyi bwabo bukaguka.

Igihe satani yababwiraga ibyiza yakuye kugiti cyabuzanijwe, ntiyigeze abahishurira ko yaciwe mu ijuru bitewe no kutumvira. Ibyo binyoma bye byasaga nk'ibitatswe ishusho y'ukuri bituma Eva ahindanywa ubwenge bitewe no gushyeshyengwa no kubeshywa bituma adatahura ibyo binyoma. Yifuzaga ibyo Imana yari yarababujije; ashidikanya ubwenge bw'Imana, atakaza kwizera ari ko rufunguzo rw'ubumenyi bwose.

Igihe Eva yabonaga “yuko icyo giti gifite ibyo kurya byiza, kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza abantu ubwenge, asoroma ku imbuto zacyo arazirya.” Cyari giteye ipfa ahita akirya, Eva yiyumvamo imbaraga ikomeye kandi yibwirako ageze kurwego rwo hejuru rwo kubaho. Amaze gucumura, ahinduka umushukanyi ku mugabo we “na we arazirya” (Itangiriro 3:6).

Umwanzu yaramubwiye ati: “amaso yanyu azahweza, muhindurwe nk'imana mumenye icyiza n'ikibi” (Itangiriro 3:5). Mu by'ukuri amaso yabo yarahweje; ariko mbega umubabaro bari biyugururiye! Kumenya ikibi n'umuvumo w'icyaha nibyo bakuye mukutumvira. Ntaburozi na buke bwari mw'itunda ubwaryo, kandi icyaha nti cyari ukurya itunda ubwaryo. Ahubwo kutiringira ubugiraneza bw'Imana no kutizera Ijambo ryayo no kwanga ubutware bwayo nibyo byatumye ababyeyi bacu ba mbere bahinduka abanyabyaha kandi bizanira isi kumenya ikibi. Ibyo nibyo byugururiye amarembo ibinyoma n'amafuturi y'ubwoko bwose.

Umuntu azimiza byose kubwo guhitamo kumvira umushukanyi mucyimbo cyo kumvira umunyakuri kandi ufite ubwenge bwose. Kuvanga icyiza n'ikibi bitera intekerezo ze urujijo,

kandi biremaza imbaraga z'ubwenge n'iz'ibyumwuka. Ntiyaba agiha agaciro ibyiza Imana yari imuhereye ubuntu.

Adamu na Eva bahisemo kumenya ikibi. Kandi kongera guhagarara mu mwanya bazimije byari gushoboka binyuze mubihe bibagoye bari bishyizemo. Ntibari kongera gutura mumurima wa Edeni ukundi, kubera ko ubwiza bwaho butajyaga kubigisha inyigisho z'ingenzi bari bakeneye kwiga. Buzuye umubabaro utarondoreka, basezera aho hantu heza baja ku isi yuzuye umuvumo w'icyaha! Imana yabwiye Adamu iti: "Ubwo wumviye umugore wawe ukarya kugiti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya urya ibibuvamo ugombye kubiruhira, buzajya bukumereramo imikeri n'ibitovu nawe uzajya urya imboga zo mumurima. Gututubikana ko mumaso hawe niko kuzaguhesha umutsima kugeza igihe uzasubira mubutaka kuko arimo wakuwe: uri umukungugu, mumukungugu nimo uzasubira." Itangiriro 3:17-19.

Nubwo isi yahindanijwe n'umuvumo, ibyaremwe byari bikiri igitabo cyo kwigirwaho na mwenemuntu. Ntiyari kikigaragaza ibyiza gusa; kuko ikibi cyigaragazaga hose, kigahindanya isi, inyanja, n'umwuka w'ikirere. Ahagaragaraga kurabagirana kw'imico y'Imana no kumenya icyiza gusa, noneho hasigara hagaragara n'imico ya satani no kumenya ikibi. Umuntu yakomeje kwakira imiburo y'ingaruka z'icyaha binyuriye mu byaremwe byari bisigaye bigaragaza icyiza n'ikibi.

Adamu n'umufasha we babona ibimenyetso bya mbere byo kwangirika mu guhunguka kw'indabo no kuragarika kw'amababi. Mu ntekerezo zabo basobanukirwa mu buryo bukomeye ko ikinyabuzima cyose kigomba gupfa. N'umwuka bahumekaga ubwawo wo shingiro ry'ubuzima bwabo wari urimo imbuto z'urupfu.

Bahoraga bibuka ubudatuzubutegetsi bazimije. Adamu yategekaga ibiremwa bito nk'umwami kandi iyo aza gukomeza gukiranukira Imana, ibyaremwe byose byari gukomeza kumwubaha; ariko kubwo kutumvira kwe atakaza ubwo butware. Umwuka w'ubwigomeke, Adamu yahaye icyanzu ukwirakwira no munyamaswa zose. Bityo si ubuzima

bw'abantu gusa, ahubwo n'ubw'inyamaswa, ibiti byo mu ishyamba, ibyatsi byo ku gasozi, umwuka yahumekaga ubwawo, byose byasubiragamo icyigisho kibabaje cyo kumenya ikibi.

Nyamara umuntu ntiyatereranywe mu ngaruka z'ikibi yari yihitiyemo. Mu iteka ryaciriwe satani harimo amarenga yo gucungurwa. "Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruzakumena umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino". Itangiriro 3:15. iryo teka ryaciriwe satani , imbere y'ababyeyi bacu ba mbere ryari isezerano kuri bo. Mbere yuko bumva ibyo kwangirika k'ubutaka bukabamereza imikeri n'ibitovu,iby'imirimo ivunanye kandi irimo gututubikana n'umubabaro byajyaga kuba umugabane wabo,n'iby'umukungugu yagombaga kuzasubiramo,bumvise amagambo abasubizamo ibyiringiro. Ibyo bari barazimije byose kubwo kumvira satani bagombaga kubikomorerwa binyuze muri kristo.

Ibyaremwe bihora bidusubiriramo iri sezerano.Nubwo byangirijwe n'icyaha ntibitwibutsa gusa iby'irema ahubwo binatwibutsa uko twacunguwe.nubwo isi ifite ibimenyetso by'umuvumo no kwangirika, inafite ibimenyetso byinshi by'imbaraga ibeshaho. Ibiti bihunguka amababi yabyo kugira ngo byambikwe arushijeho gutoha; indabyo ziraraba kugira ngo hongere hamere izitoshye; ako gakorwa gato k'irema kaduhamiriza ko dushobora kongera kuremwa bundi bushya "mu gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri." (Abefeso 4:24). Uko niko ibyo tubona mu byaremwe biduha ibyiringiro byo kuzongera kubona ibyo twatakaje.

Uko ikibi kirushaho kwiganza, ijwi rya Data wa twese ryumvikana rirarikira abana be guhumura amaso ngo barebe ingaruka z'icyaha, rinabasaba kuzibukira ikibi, ndetse ribararikira guhitamo icyiza.



## ***Icyigisho cya 4 :ISANO IRI HAGATI Y'UBUREZI NO GUCUNGURWA***

*Umucyowo kumenya ubwizabw'Imana uri mu maso ya Yesu Kristo.2 abakorinto 4:6.*

Kubw'icyaha umuntu yari yitandukanye n'Imana. Iyo hataba inama y'agakiza uko gutandukana kwari kuba ukw'iteka ryose. Yarikuba mumwijima w'icuraburindi ubuziraherezo. Ariko kubw'igitambo cy'Umukiza yongera kugirana isano n'Imana. Ntidushobora kuyegera muri kamere ya kimuntu; mubyaha byacu ntidushobora kureba mu maso hayo; ariko dushobora kuyibona nogusabana nayo binyuze muri Yesu,Umukiza. Umucyo wo "kumenya ubwiza bw'Imana" uhishurirwa "mumaso ha Kristo". Imana "yiyungiyeye n'isi muri Kristo" (2 Abakorinto 4:6;5:19).

"Jambo yabaye umuntu kandi abana natwe,yuzuye Ubuntu n'ukuri" "muriwe harimo ubugingo kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu" Yohana1:14;1:4. Imibereho n'urupfu rwa kristo ari byo kiguzi cyo gucungurwa kwacu, ntabwo ari ingwate n'isezeranory'ubugingogusa kuri twe; nta nubwo ari inzira yo kudukomorera ubutunzi bw'ubwenge gusa, ahubwo binaduhishurira ubwaguke bw'imico y'Imana n'abaturage bera bo muri Edeni batigeze bamenya.

Kandi mu gihe Kristo yugururira umuntu Ijuru, ubugingo atanga butuma umutima ukingukira Ijuru. Icyaha ntikidutandukanya n'Imana gusa; ahubwo kinasenya ibyifuzo n'ubushobozi bwo kuyimenya mumitima yacu. Umurimo wa kristo ni ukurandura amashami yose y'ikibi. Afite ubushobozi bwo gusanura no guha imbaraga ubushobozi bw'umutima bwaremajwe n'icyaha, akamurikira ubwenge bucuze umwijima, akavugurura n'ubushake bwahindanyijwe. Aduha ubutunzi

bw'isi bwose,kandi kubwokumwizera duhabwa ubushobozi bwo kugenzura no gukwirakwiza ubwo butunzi.

Kristo ni "umucyo umurikira umuntu wese uri mu isi" (Yohana 1:9). Nkuko binyuze muri Kristo buri kiremnamuntu kibona ubuzima ni nako binyuze muriwe buri mutima wose wakira umucyo wo mu Ijuru.ntabwo ahabwa imbaraga z'ubwenge gusa ahubwo ahabwa n'iz'umwuka , imbaraga zo kumubashisha kwitegereza no kumenya icyiza, icyifuzo cyo gukoraibyizakikaba muri buri mutima. Ariko hari indi mbaraga irwanya ayo mahame.Ingaruka zo kurya kugiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi zigaragariza mumibereho ya buri muntu. Muri we harimo imbaraga imusunikira mu kibi, imbaraga adashobora guhangana nayo ubwe atabonye ubufasha. Kugira ngo ashobore gusunika iyo mbaraga hari imbaraga imwe rukumbi yabimufashamo. iyo mbaraga ni Kristo. Icyo umuntu akeneye cyane ni ugukorana n'iyi mbaraga. Mbese intego ihanitse y'uburezi ntikwiriye kuba iyo gukorana n'iyi mbaraga?

Umwigisha nyakuri ntanyurwa n'umurimo w'amajyejuru.Ntanyurwa no kugeza abanyeshuri be kukigero kiri hasi y'icyo bashobora kugeraho.Ntashobora kunezewa no kubaha gusa ubumenyi ngiro, buzabagira abacungamari b'abanyabwenge, abanyabukorikori b'inditwe, abacuruza bakungahaye, ngo bibe birangiriye aho. Ahubwo intego ye ni ukubacengezamo amahame y'ukuri, ayo kumvira, ayo kubaha, ay'ubunyamugayo no kwera. Ariyo mahame azabashoboza kuba ibyitegererezo by'ibyiza n'uburyo bwo kuzahura rubanda. Icyo abifuriza kuruta ibindi byose mu buzima ni ukwiga kwiyanga no gukorera abandi.

Aya mahame ahinduka imbaraga ikomeye yo gutunganya imico y'umuntu, binyuriye mu kumenya neza Kristo, akemera kuyoborwa n'ubwenge bwe, akemera gukomezwa n'imbaraga ze, umutima n'imibereho ye bigahamanyana na we. Iyo uwo mushyikirano ubayeho, umunyeshuri aba abonye isoko y'ubwenge bwose. Bimushoboza kugera

ku ntego ziboneye yiyemeje, agira amahirwe y'uburezi bw'ikirenga muri iyi si, maze ubwo burezi bukamugeza ku bugingo bw'iteka.

Mu mvugo nyayo, uburezi no gucungurwa ni ikintu kimwe kuko haba mu burezi cyangwa mu gucungurwa "umuntu adashobora gushyiraho urundi rufatiro keretse urwashyizweho, arirwo Yesu kristo". "Kuko Imana yashimye ko kuzura kwayo kose kuba muriwe" 1 Abakorinto 3:11, Abakolosai 1:19.

Nubwo imibereho yacu itandukanye cyane n'imibereho karemano, uburezi nyakuri buracyafitanye isano n'umugambi w'Umuremyi, ari wo mugambi wo mu ishuri ryo muri Edeni. Adamu na Eva bigishwaga n'Imana mu buryo bwahuranyije, ariko twe twitegereza umucyo wo kumenya ubwiza bwayo binyuze kuri Kristo.

Amahame akomeye y'uburezi ntahinduka. "Yakomerejwe guhama iteka ryose".(zaburi 111:8).Kuko ari amahame y'imico y'Imana. Imihati shingiro, intego ihamye y'umwigisha yakagombye kuba iyo gufasha abanyeshuri kuyakomeza no kwiyemeza kugirana umushyikirano na Kristo uzatuma ayo mahame aba imbaraga iyobora ubuzima bwabo. Umwigisha wemera iyi ntego aba afatanije na Kristo by'ukuri, akaba umukozi ukorana n'Imana.

### ***Icyigisho cya 5: Uburezi bw'Isirayeli***

Uwiteka yari umuyobora wabwo wenyine. Arabugota, arabukuyakuya aburinda nk'imboni y'ijisho rye. Gutegeka kwa kabiri 32:12,10.

Imiterere y'uburezi bwashyizweho muri Edeni yari ishingiyeye k'umuryango. Adamu yari "umuhungu w'Imana" luka 3:38 ni Imana ubwayo yigishaga abana bayo. Mu by'ukuri aho hari ishuri ry'umuryango.

Mu mugambi w'Imana w'uburezi bukwiranye n'imiterere y'umuntu waguye, Kristo ahagaze mu mwanya wa Se; niwe muhuza uhuza abantu

n“Imana;niwe mwigisha mukuru w“ikiremwa muntu. Kandi yagennye ko abagabo n“abagore bamuhagararira. Umuryango wari ishuri, ababyeyi bakaba abarimu.

Ubuzezi bushingiye kumuryango nibwo bwakorwaga mugihe cy“abakurambere. Ni muri ayo mashuri yo mumiryango,Imana yatangiraga uburyo buboneye bwo guteza imbere imico. Abemeraga bakayoborwa n“Imana bakurikizaga uburyo bwo kubaho yari yarashyizeho muntango y“ibintu byose. Abitandukanyaga n“Imana biyubakiraga imijyi,bakayihuriramo,bakihimbariza mubwiza bwayo, mu binezeza no mu bibi nk“ibituma imijyi y“ik“igihe yogera kandi bikayibera umuvumo. Ariko abantu bakomezaga amahame y“Imana agenga ubuzima baturaga mumirima no mudusozi. Bahingaga ubutaka,bororaga imikumbi n“amashyo,kandi muri ubwo buzima bwisanzuye,bwigenga,buruhanyije ariko bufite mahirwe yo guhinga no kwiga no kwibaza,bigiraga hafi y“Imana kandi bakigisha abana babo imirimo yayo n“inzira zayo.

Ubwo ni bwo buryo bw“uburezi Imana yifuzaga guha abisirayeli. Ariko, igihe bavaga mw“Egiputa, bake mu bisirayeri nibo bari biteguye gukorana nayo mu gutoza abana babo. Ababyeyi nabo ubwabo bari bakeneye inyigisho n“ikinyabupfura. Ku bwo kwangizwa n“ububata bw“igihe kirekire, bari injiji, abataratojwe,abataye agaciro. Ntibari bazi Imana haba no kuyizera. Intekerezo zabo zari zarijimishijwe n“inyigisho z“ibinyoma,kandi zararhindanijwe no kubana cyane n“abapagani. Imana yifuzaga kuzahura imitekerereze yabo, kubw“uwo mugambi irabimenyesha.

Mubyo yakoreye Abisirayeli muruzerero rwabo rwo mu butayu, igihe bakubitaga hirya no hino, igihe babaga bashonje, bafite inyota, umunaniro, bugarijwe n“abanzi b“abapagani, kandi no mu kwigaragaza kw“imigambi y“ ubutabazi bwe, Uwitekayashakaga gukomeza kwizera kwabo binyuze mukubamenyesha imbaraga ikora ubudahwema mukubazanira ibyiza. Imana imaze kubigisha kwiringira urukundon“imbaraga zayo, wari umugambi wayo kubashyira imbere

amahame y'amategeko yayo n'urugero rw'imico yifuzaga ko bageraho binyuriye mubuntu bwayo.

Mbega ukuntu byari ibyigisho byiza abisirayeli bigiye kuri Sinai! Cyari igihe cy'imyitozo idasanzwe yo kwinjira mu mwandu w'i kanani. Kuzuza imigambi y'Imana byari biboroheye bitewe n'ibyari bibakikije aho. Mumpinga y'umusozi Sinai, hitegeye amahema yari abambwe mukibaya, hari inkingi y'igicu yari yarayoboye abana b'isirayeli murugendo rwabo. Mw'ijoro, inkingi y'umuriro yabahaga ubwishingizi bw'uburizi mvajuru, kandi igihe babaga baryamye umutsima wo mw'ijuru wamanukaga bucece aho babaga bakambitse. Impande zose imisozi y'ibihanamanga, yabagaragarizaga kwihangana no gukomera kw'Ihoraho. Ibyo byatumaga umuntu yiyumvamo intege nke n'ubujiji imbere y'uwashyize imisozi kugipimo n'udusozi akatugera kuminzani". (yesaya 40:12). Mukugaragaza icyubahiro cyayo, Imana yashakaga ko abisirayeli bamenya kwera kw'imico yayo n'ukw'amategeko yayo, no kwiyumvisha ububi nyabwo bw'icyaha.

Ariko abantu ntibumvaga vuba. kuko bari baramenyereye muri Egipta kwigira kumashusho y'ibigirwamana n'ay'ibyaremwe, byari bigoye kuribo kwiyumvisha imiterere y'Imana batareba. Kubw'intege nke zabo Imana yabagiriye impuhwe ibaha ikimenyetso cyo kubana nabo. Iravuga iti: "kandi bandemere ubuturo bwera nture hagati muribo".kuva 25:8.

Igihe hubakwaga ihema ry'ibonaniro ari ryo buturo, bw'Uwiteka, Mose yahawe amabwiriza yo kubaka buri kintu cyose agendeye kucyitagererezo cy'u rusengero rwo mu ijuru. Imana imuhamagarira kujya kumusozi mazeimwerekabuturo bwo mu ijuru ari bwo yagombaga gukuraho icyitegerezo cy'ihema ry'ibonaniro n'ibintu byaryo byose.

Muri ubwo buryo, Imana ihishurira Isirayeli, ubwoko yifuzaga gutura hagati muribwo ubwiza bw'imico yayo. Yabahaye icyitegererezo kumusozi, igihe yatangaga amategeko kuri Sinai: nuko inyura imbere ya Mose Irivuga Iti: "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi,

itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi." Kuva 34:6.

Ariko abana b'Isirayeli ntibashoboraga gushyikiraurugero rw'iyoyico ku bw'imbaraga zabo bwite. Ibyo babonyekuri Sinai byashoboraga kubemeza gusa ubuhanya bwabo n'intege nke zabo. Ikindi bigiraga mubuturo bwera binyuriye mu bitambo byatambwaga, niisomo ryo kubabarirwa icyaha n'imbaraga iva ku mukiza ibatera kumvira ikanatanga ubugingo.

Umugambi washushanywaga n'ubuturo bwera wagombaga kuzura binyuriye muri Kristo.- iyo nyubako y'ubwiza, n'inkuta zayoza zahabu zirabagirana kandi zishashagirana mw'ishusho y'umukororombya, inyegamo ikingiriza abakerubi, umubavu uhumura neza hamwe n'abatambyi mumakanzu yera atagira ikizinga; n'ubwiru bw'ahera cyane hejuru y'intebe y'ihongerero, hagati y'ibishushanyo by'abakerubi aho ubwiza bw'Imana bwagaragariraga -.Muri ibyo byose Uwiteka yifuzaga ko ubwoko bwebusobanukirwa umugambi afitiye ubugingo bwa mwenemuntu. Hanyuma intumwa Pawulo ishorewe n'umwuka wera nayoyavuze ibijyanye n'uwo mugambi iti: "ntimuzi yuko muri urusengero rw'Imana,kandi ko umwuka w'Imana aba muri mwe? umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero nimwe". 1 abakorinto 3:16-17.

Muguhabwa guteguraubuturo bwera, abisirayeli bari bahawe amahirwe n'icyubahiro gikomeye; kandi iyonshingano yari iremereye. Iyo nyubako y'ubwiza butagereranywa, kugirango yubakwe mubutayu byabasabaga ibikoresho bihenze,n'ubuhanga buhanitse bw'abanyabukorikori. Ibyo byasaga nk'ibidashoboka ku bwoko bwari bukiva mu bubata. Ariko uwari waratanze gahunda yo kubaka yari yariyemeje gukorana n'abubatsi.

"Uwiteka abwira Mose ati:dore mpamagaye mw'izina Besaleli mwene Uri ya Huri,wo mumuryango wa Yuda mwuzuzwa umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba nubwo gutora n'ubuhanga

n“ubukorikori bwose byo guhimba imirimo y“ubuhanga... mushyiranyeho Oholiyabu mwene Ahisamaki wo mumuryango wa Dani.kandi mumitima y“abahanga bose nashyizemo ubwenge ngo bakore ibyo nagutegetse byose” kuva 31:1-3,6.

Mbeg“Ishuri ngiro ry“akataraboneka ryomu butayu, Kristo n“abamarayika be bari babereye abigisha!

Abantu bose bagombaga gufatanya mugutegura ubuturo bwera no kuburimbisha. Aho hari imirimo yakorwa n“ubwenge n“iyakorwa n“amaboko. Hari hakenewe ubwoko bw“ibikoreho bitandukanye, kandi buri wese yararikirwaga kugira uruhare muri uwo murimo uko umutima we wose wabimuhatiraga.

Nimuri ubwo buryo mugukora, no mugutanga, abana b“isirayeli bigaga gufatanya n“Imana ndetse na bagenzi babo. Kandi bagombaga no gufatanya mugutegura inzu y“umwuka ariyo rusengerorw“umutima.

Uhereye bakiva mw“Egiputa, bahawe amasomo yo kubahugura no kubigisha. Ndetse mbere yuko bava mw“Egiputa, ubwoko bwari bwarigabanije mumatsinda buyobowe n“abatware; ubwo bwari ubuyobozi bw“igihe gito bwarangiriye kuri Sinai. Gahunda ijyaranga ibikorwa byose by“Imana yagaragaye mubuyobozi bw“abaheburayo. Imana niyo yari ihuriro ry“ubutegetsi bwose n“ubuyobozi bwose. Mose wayihagarariraga yagombaga gukurikirana mw“izina ryayo ishyirwa mubikorwa ryayo mategeko. Nanone hari inama y“a bakuru mirongo irindwi, nyuma hakaza abatambyi n“ibikomangoma; muni yabo “batware b“igihumbi igihumbi, hakaba abatwara ijana ijana, abandi mirongo itanu itanu, abandi icumi icumi”. (kubara 11:16, Gutegeka kwa kabiri 1:15) Kandi nanone hari, abatware bafite inshingano zihariye. Inkambi yari yubatswe muburyo busobanutse: hagati hari ihema ry“ibonaniro ari ryo ubuturo bw“Uwiteka. ahahazengurutse hari amahema y“abatambyi n“abalewi. Kuruhande hari amahema ya buri muryango, muni ibendera ryawo.

Bashyiriweho Amabwiriza y“isuku bagombaga gushyira mubikorwa, bayandikirwa atari uko yari ingenzi gusa kubuzima bwabo, ahubwo

cyane cyane kugira ngo Imana yera igume muri bo. Mose abwira abisirayeli abitegetswe n'Uwiteka ati: "Uwiteka Imana yawe igendera hagati aho muganditse kugirango igukize...; aho muganditse hakwiriye kuba ahera". (Gutegeka kwa kabiri 23:14.)

Uburezi bw'abisirayeli bwakoraga ku migenzereze yabo yose yo mubuzima. Ibyabaga ari ibyo kubagirira neza byose byatangwaga n'ijuru binyuriye mu mategeko y'Imana. Ndetse no mukubagenera ibyo kurya byabo Imana yabashakiraga ibyiza by'ikirenga. Manu yabagaburiraga mubutayu byari ibyo kurya karemano byoguteza imbere impagarike, ubwenge n'imbaraga zibyumwuka. Ariko benshi muribo bivoteye ibyo byokurya bya buri gihe, bigaragarira mumunsi bavuze bati, "twari twicaye kunkono z'inyama... turya ibyo kurya tugahaga" (kuva 16:3), nubwo byari bimeze bityo ubwenge bwoguhitamo kw'Imana kuri bo bwari busobanutse kuburyo batashoboraga kuburwanya. Nubwo bahuye n'ibigeragezo by'ubuzima buruhije mubutayu, ntamunyantegenke numwe wari mumiryango yabo yose. Murugendo rwabo rwose, isanduku irimo amategeko y'Imana yabajyaga imbere. Aho bakambikaga hagaragazwaga no kumanuka kw'inkingi y'igicu. Igihe cyose igicu cyagombaga kuba kikiri hejuru y'ubuturo bwera bagombaga kuguma mu nkambi. yahaguruka, bakomezaga urugendo rwabo. Guhagara ndetse no kugenda kwabo byari biyobowe n'itegeko ridahinduka. "Uko iyo sanduku yahagurukaga, Mose yaravugaga ati: Uwiteka haguruka ababisha bawe batatane... kandi yahagarara akavuga ati: Uwiteka garukira inzovu z'ibihumbi by'abisirayeli". Kubara 10:35,36.

Igihe ubwo bwoko bwazereraga mubutayu, indirimbo zagiriga uruhare mugucengeza muntekerezo zaboinyigisho nyinshi z'agaciro. Igihe barokorwaga ingabo za Farao, imbaga y'abisirayeli bahuje amajwi yabo mukuririmba indirimbo y'insinzi. mu nzira yose yo mu butayu ukageza kunyanja basubiragamo indirimbo zinejeje, maze imisozi ikirangira izo ndirimbo zo guhimbaza. "muririmbire Uwiteka kuko yanesheje bitangaje" Kuva 15:21. Kandi murugendo iyi ndirimbo



yasubirwagamo kenshi, kugirango inezeze imitima kandi ihembure kwizera kw'abo bagenzi. Amategeko nkuko yatangiwe kuri Sinai hamwen'amasezerano y'ubuntu bw'Imana n'ibitangaza yakoze mu kubatura ubwoko bwayo, Imana yategetse ko bishyirwa mu ndirimbo, no mu bicurangwa; bityo abana b'isirayeli bakomeza urugendo amajwi yabo ashyize hamwe muguhimbaza Imana.

Uko niko ibitekerezo byaboboyakurwaga mu amaganya n'ingorane z'urugendo, bakibagirwa umuruho no gutereganwa maze amahame yu kuri aga shinga imizi muntekerezo zabo, maze kwizera kwabo kugakomera. Kuririmbira hamwe byabigishaga gukorera kuri gahunda no mubumwe, mazedakegerana n'Imana nabo ubwabo bakegerana.

Avugaburyo Imana yayoboye abisirayeli muruzerero rw'inyaka mirongo ine mubutayu Mose yagize ati: "Uwiteka Imana yawe iguhana nkuko umuntu ahana umwana we... kugirango igucishe bugufi ikugerageze imenye ibyo mumutima wawe yuko wakwitondera amategeko yayo cyangwa utayitondera". Gutegeka kwa kabiri 8:5,2. "Yababonye mu butayu mu gihugu kidaturwamo, mu butayu butarimo abantu iwabo w'inyamaswa zihuma, arabugota, arabukuyakuya abarinda nk'imboni y'ijisho rye. Nkuko ikizu gikangura ibyana byacyo, kigahungiriza amababa hejuru yabyo, kigatanda amababa kikabijyana, kikabiheka mumababa yacyo niko Uwiteka yari umuyobora wabwo wenyine. nta mana y'inyamahanga yari kumwe nabwo" Gutegeka kwa kabiri 32:10-12.

"Kuko yibutse ijambo rye ryera na Aburahamu umugaragu we. Akurayo ubwoko bwe bwishimye, intore ze azikurayo ziririmba. Abaha ubutaka bw'abanyamahanga, batwara ibyo abanyamahanga baruhiye. Bibera bityo kugirango bitondere amategeko ye, bakurikize ibyo yategetse" Zaburi 105:42-45.

Imana igwiriza Isirayeli uburyo bwose, ibaha amahirwe yose yagombaga kubabashisha guhesha izina ryayo icyubahiro, kandi bakabera umugisha amahanga yarabazengurutse. Iyo abisirayeli bagendera munzira yo kumvira, yari yarabasezeranije kuzabaha

“gusumba ayandi mahanga yaremye yose, ndetse bakogera kandi bakubahwa”. “Amahanga yo mu isi yose azabona yuko witiriwe izina ry’Uwiteka agutinye”. “ Amahanga azumva ayo mategeko yose akavuga ati:ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw’ubwenge n’ubuhanga”. Gutegeka kwa kabiri 26:16; 28:10; 4:6.

Amategeko yahawe abisirayeli yari yuzuyemo amabwiriza asobanutse neza kubirebana n’uburezi. Kuri Sinai, Imana yihishuriye Mose “nk’Imana y’ibambe n’imbabazi itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi” Kuva 34:6. Ayo mahame, yari mumategeko yayo, abagabo n’abagore mu isirayeli bayigishaga abana babo. Mose ayobowe n’ijuru yarababwiye ngo: “Aya mategeko ngutegeka uyumunsi ahore kumutima wawe. Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye munzu yawe, nuko ugenda munzira n’uko uryamyeye n’uko ubyutse” Gutegeka kwa kabiri 6:6-7.

Ibyo ntibyagombaga kwigishwa nk’inkuru ikayutse. Abashaka kugeza ukuri kubandi bagomba gushyira mubikorwa amahame yako. Mukugaragazaimico y’Imana, binyuze mu mibereho itunganye, ubupfura no kutikanyiza, niho gusa bashobora kwemeza abandi

Uburezi nyakuri ntabwo ariukwigisha kugahato imitima ititeguye kandi idashakaka kwakira. Ningombwa kubanza gukangura ubushobozi bw’ubwenge, no kubyutsa ubwuzu mu mutima. Kubw’ibyo Imana yatanze gahunda yayo y’imyigishirize. We waremye intekerezo yazishyiriyeho amategeko agenga iterambere ryazo. Mu muryango kimwe no m’ubuturo bwera, mu byaremwe, mu bisigo, mumirimo kimwe no mu birori byo mu nzuyera, no mumabuye y’inzibutso, muburyobw’imihango n’ibigereranyo bitabarika, inyigisho Imana yatangaga mu isirayeli zashyiraga ahabona amahame yayo, kandi zikababera urwibitso rw’imirimo yayo itangaza. Nuko igihe habazwaga ikibazo, igisubizo cyatangwaga cyiharaturaga mu mutima no muntekerezo zabo.

Buri gace kose k’uburezi bwahawe ubwoko bwatoranijwe katwerekana muburyo bugaragara ko ubuzima bushingiye ku Mana ari bwo buzima

bwuzuye. icyobari bakeneye cyose cyari cyarateganijwe n'Imana mugukenura amakene yabo. Yashakaga guteza imbere buri bushobozi bwose yaremye mu muntu.

Imana ikomokwaho ni ibyiza byose, kandi ikaba ikunda ibyiza, yashakaga gukangura no kuzuza mubana bayo gukunda ibyiza. Kandi ibateganiriza ibyo bakenera buri muni, kugira ngo, bagiriraneimpuhwe, kandi bafashanye, aribyo bikuzi utima w'impuhwe, kandi bikoroshya ubuzima. Iminsi mikuru yo mu Isirayeri yari uburyo bw'ingenzi bwo kurera.

Mubuzima bwa buri muni, umuryango wari ishuri ukaba n'urusengeru. Ababyeyi bakaba abigisha muby'ububuzima kimwe no muby'iyobokamana. Ariko gatatu mu mwaka, mu bihe byagenwe, abana b'Isiraeli bajyaga bahurira hamwe mu iteraniro rusangebaramya Imana. Ubwa mbere ayo materaniro yaberega I Shiro, hanyuma yimurirwa I Yerusaremu. Ababyeyi b'abagabo n'abana b'abahungu bari bategetswe kutayaburamo; ariko ntamuntu wifuzaga kuyigomwa bityo uko bishoboka kose abagize umuryango bose bayabagamo kimwe n'abashyitsi, abanyamahanga, abarewi n'abakene.

Urugendo rujya I Yerusaremu, muburyo bworohereje bw'abakurambere, mubihe byiza by'umuhindo no mumirasire yawo, cyangwa mukubudika kw'ikibunda rwaberaga umunezero. Abasaza n'urubyiruko bajyaga guhura n'Imana mu buturo bwayo bwera bikoreye impano z'amashimwe. Munzira bagenda, babwiraga abana babo inararibonye yabo ya hashize. Bakababwira n'amateka yakundwaga cyane na abasaza kimwe n'abakiri bato. Bakaririmba za ndirimbo zabagabanirizaga imibabaro mu ruzerero rwo mubutayu. Baririmbaga amategeko y'Imana, ubwiza bw'ibyaremwe umubano mwiza na bagenzi babo bityo bikiharatura by'iteka ryose mu bwenge bw'abana benshi, n'urubyiruko.

Imihango ya pasika yaberaga i Yerusalemu,- iteraniro rya nijoro, abagabo bakenyeye, bakwese inkweto, bafashe inkoni mu ntoki, baryana

ihubi umwana w'intama, imitsima idasembuwe n'imboga zirura; ndetse no mu guceceka guteye ubwoba, gusubiramo amateka y'amaraso yamenetse, ibya malayika murimbuzi, urugendo rurerure rwo kuva mu gihuhugu cy'uburetwa,- ibyo byose byari bigendereyegukangura intekerezo zabo no kubakabakaba imitima.

Iminsi mikuru y'ingando, cyagwa ibirori by'umuganura, hamwe n'amaturo yabyo yavaga mu nzerayo no mu mirima, ingando z'ibyatsi zamaraga icyumweru, amateraniro, imihangoyera yo kwibuka, n'ubuntubwagirirwaga abakozi b'Imana, aribo balewi bari bashinzwe umurimo wo mubuturo bwera, n'abana bayo aribo banyamahanga n'abatindi; ibyo byatumaga bose berekeza intekerezo zabo kuri wawundi "watatse umwaka ibyiza bye", kandi inzira zigatonyanga amakakama ye kandi ikayizengurutse ishimwe.

Abisirayeli nyakuri bageneraga ibyo birori by'iyobokamana ukwezi kose buri mwaka. Cyari igihe cyo kureka amaganya yose n'imirimo yose, kandi cyeguriwe umugambi w'uburezi.

Mukugenera ubwoko bwayo umwandu, Imana yashakaga kubigisha amahame nyakuri arebana n'uburenganzira ku butaka, nabo bakazabyigisha abo mu bisekuru bizakurikiraho. Ubutaka bw'ikanani bwagabanijwe abisirayeli bose aretse abalewi kuko bari abakozi bo mubuturo bwera. Nubwo umuntu yashoboraga kuva muri gakondo ye mugihe runaka, ntiyagombaga gutakaza burundu umwandu w'abana be. Umuntu wagurishaga ubutaka bwe yabaga afite uburenganzira bwo kongera kubucungura igihe icyo aricyo cyose; mu mwaka wa karindwi ababaga bafitiwe imyenda barayiharaga, kandi mu mwaka wa mirongo itanu ariwo mwaka wa yubile, butaka bwose bwakomorerwaga nyirabwo kavukire. Bityo, buri muryango wagiraga ubwishingizi ku mutungo wawo kandi ayo mabwiriza akababera ingabo ibakingira ubukire bwinshi n'ubutindi bukabije.

Binyuze muri uko kubagabanya ubutaka, Imana yahaye ubwoko bwayo nkuko yari yarabikoreye baturage bo mw'Edeni, umurimo w'ingenzi wo kwita ku bimera no kunyamaswa. Nanone yigishirizaga

abana bayo mu mirimo y'ubuhinzi, binyuze mu kuraza imirima buri mwaka wa karindwi, ubutaka bukisubiza kandi cyimeza igaharirwa abakene. Muri ubwo buryo abisirayeli bari bafite amahirwe akomeye yo kwigira ku mabwiriza agenga ubuzima bwa buri munsu, ayo kuramya Imana, ndetse no ku bugiraneza bagiriraga abahanya.

Iyaba amahame mvajuru arebana no kugabana ibintu yashyigira mu bikorwa mu isi ya none mbega ukuntu rubanda bakagize imibereho itandukanye n'iyiyo bafite ubu! Kubahiriza ayo mahame biba byarakumiriye ibibi biteye ubwoba byagiye bibaho uko ibihe bihaye ibindi bitewe n'akarengane abakire bagirira abakene n'urwango abakene bagirira abakire. Nubwo ayo mabwiriza yakumiragakwirundanzirizaho ubutunzi bwinshi, yanakumiraga ubujiji no kononekara aribyo bikururira abantu ibihumbi n'ibihumbi ubutindi n'ubuhanya. Yari gufasha gutanga ibisubizo byiza ku bibazo byujuje isi ya none urugomo ni mivu ya maraso

Gutura Imana icyacumi mubyungutswe byose byaba ibyo mumashyamba cyangwa ibyo mu mirima, mumirimo y'amaboko cyangwa iy'ubwenge cy'icyacumi cya kabiri cyo gufasha abakene ndetse n'indi mirimo y'ubugiraneza, byari bigamije guhora bibibutsa ko imana ariyo dukeshaga byose, bikanabibutsa ko ari amahirwe yabo kuba imiyoboro y'imigisha iva ku Mana. Uburezi nkubwo bwari bugamije kwica kwikunda kose kwangiriza, ndetse no gukuza imico iboneye kandi itunganye.

Kumenya Imana, gushyikirana nayo mukwiga ndetse no mugukora, gusa nayo mu imico, nibyo byagombaga kuba isoko, n'itege y'uburezi mu Isirayeri-, ubwo burezi Imana yari yarabuhaye ababyeyi kugirango nabo babuhe abana babo.

### ***Icyigisho cya 6: Amashuri y'abahanuzi***

Ahantu hose mu Isirayeri aho umugambi w'Imana w'uburezi washyirwaga mubikorwa, umusaruro wavagamo wahamye ubwo burezi bukomoka ku Mana. Ariko mu miryango myinshi, gahunda yashizweho n'Imana ntabwo yubahirizwaga bityo si benshibakuzaga imico ikwiranye n'uburere mvajuru. Kubwo kutizera no kutita ku

mahame y’Imana, abisirayeri bishyize mu batashoboraga guhangana nabyo. Bamaze kugera I kanani, “ntibarimbura amahanga Uwiteka yabategetse kurimbura: ahubwo bivanga n’amahanga biga ingeso zayo. Bakoreraga ibishushanyo by’ibigirwamana byayo bibahindukira ikigoyi.” zaburi 106:34-36. kuko imitima yabo itayitunganiye, kandi batari abanyamurava mu isezerano ryayo. Ariko yo kuko yuzuye imbabazi, ibabarira gukiranirwa kwabo ntiyabarimbura; kandi kenshi isubiza inyuma uburakari bwayo. ... nuko yibuka ko ari abantu buntu, n’umuyaga uhita ntugaruke.” zaburi 78:37-39. Abagabo n’abagore mu Isirayeri bari barabaye abanenganenzi kunshingano bafite ku Imana, ndetsenye kubana babo. Kubw’ubuhemu bwari bwarabaye gikwira mu ngo, ibyitegerereze by’abasenga ibishushanyo, byakururiraga abasore b’abaheburayo kwiga ingesozitandukanye byihabya n’uburezi Imana yari yarabateguriye. Biga imigenzereze y’abapagani.

Mu guhangana n’ibibi byari bimaze kuba gikwira, Imana itangiza ubundi buryo bwo kunganira ababyeyi mumurimo w’uburezi. Uhereye mu myaka y’ubuto abana bagombaga kubaha abahanuzi nkabigisha batumwe n’Imana. Mu buryo bwihariye umuhanuzi yavuganaga n’Imana ayobowe n’Umwuka Wera, nawe akageza kuri rubanda ubutumwa yakuye ku Mana. Hakaba n’abandi bitwaga abahanuzi kubw’umurimo bahawe n’Imana wo kwigisha abantu imirimo n’inzira z’Uwiteka. Mu gutoza bena abo bigisha, Samweri abitegetswe n’Uwiteka yubaka amashuri y’abahanuzi.

Intego y’ayo mashuri kwari ugukumirako nonekara kwari kwarabaye gikwira, gukomeza intekerezo n’ibyumwuka by’abasore, no gufasha ishyamba kugubwaneza binyuze mu gutegura abantu bashoboye guhagarara nk’abayobozi n’abajyanama bubaha Imana. Kubw’ibyo Samweri ateranya abasore bubaha Imana, b’abanyabwenge kandi bakunda kwiga. Abo babitaga “abana b’abahanuzi”. Igihe bigaga amagambo n’imirimo y’Imana. Imbaraga ibeshaho y’Imana yakanguraga intekerezo n’imitima yabo, maze bakakira ubwenge mvajuru. Uretse kumenya ukuri kw’Imana, abigisha banagirana

n''Imana umusabano uhamye, kandi bari barakiriye impano yihariye y''Umwuka wayo. Ubumenyi bwabo no kwera kwabo byabateraga kubahwa ndetse no kwiringirwa n''abantu. Mugihe cya Samweri hariho amashuri abiri nk''ayo, rimwe ryari i Rama aho abahanuzi babaga irindi i Kiriwarimu. Hanyuma haje kubakwaandi.

Abanyeshuri bo muri ayo mashuri bamaraga amakene yabobakoresheje amaboko yabo bwite, binyuze muguhinga ubutaka, cyangwa mugukora indimirimo y''ubukorikori. Mu Isirayeli ntamuntu wabonaga ko ibyo ari inzaduka cyangwa kobitesheje agaciro, ibiri amambu byafatwaga nk''icyaha kureka umwana agakurira mubujiji bwokutamenya umurimo w''ingirakamaro. Umusore wese yaba afite ababyeyi bakize cyangwa bakennye yagombaga kwiga umwuga runaka. kabone nubwo yabaga azashingwa umurimo wera, kumenyaumwugabyafatwaga ko ari ingenzi, kugirango azigirire akamaro. Ndetse benshi mu bigisha bakenuraga amakene yabo binyuze mugukoresha amaboko yabo.

Kumashuri kimwe nomu ngo inyigisho zatangwaga mumagambo, ariko abasore bigaga gusoma inyandiko z''igiheburayo ndetse n''imizingo y''isezerano rya kera byari mubiganza byabo. Ibyigwa by''ingenzi bigaga muri ayo mashuri byari amategeko y''Imana, ndetse n''amabwiriza yahawe Mose, amateka yera, indirimbo zera ndetse n''ibisigo. Amateka yera yahamyaga ibikorwa by''Uwiteka. Bakiga kandi ukuri kw''ishingiro gukubiye mu mihango yakorerwaga mubuturo bwera, mazekubwo kwizera, bagasobanukirwa umugambi w''ibyabukorerwagamo byose. Aribyo byashushanyaga Ntama y''Imana ikuraho ibyaha by''abari mu isi. Umutima wo kwiyegurira Imana warimakazwaga. Abanyeshuri ntibigishwaga gusa inshingano yo gusenga, ahubwo bigishwaga n''uburyo bwo gusenga, uburyo bwo kwegera umuremyi wabo, uko bamwizera, bakanigishwa gusobanukirwa no kumvira inyigisho z''umwuka wayo. Kuvoma mu bubiko bw''Imana ukuri gushya byabazaniraga intekerezo zejeje maze Umwuka w''Imana akigaragaza binyuze mubuhanuzi ndetse no mundirimbo zera.

Byagaragaraga ko ayo mashuri yari uburyo bumwe bw’ingenzi bwo guteza imbere gukiranuka, ari ko “gushyira ubwoko hejuru” Imigani14:34. Yagize uruhare rukomeye mugushyiraho urufatiro rw’amajyambere atangaje yaranze ubwami bwa Dawidi na Salomo.

Amahame yigishwaga muri ayo mashuri y’abahanuzi niyo yatunganije imico ya Dawidi anayobora ubuzima bwe. Ijambo ry’Imana niryo ryamuhuguraga. Nkuko yavuze ati: “Amategeko wigishije ampesha guhitamo neza ... nshyize umutima wanjye kugusohoza amategeko yawe” Zaburi119:104-112. Nikubw’iyo mpamvu igihe Uwiteka yahamagaraga Dawidi akiri umusore, ngo yimikwe,yavuze ati “umuntu umeze nkuko umutima wanjye ushaka” Ibyakozwe n’intumwa 13:22.

Imibereho yo mu buto bwa Salomo igaragaza, umusaruro w’ubwo burezi mvajuru. Mu busore bwe Salomo yahisemo kimwe na Dawidi. Aho gusaba Imana ubutunzi bw’isi yahisemo kuyisaba ubwenge n’ubuhanga. Kandi Uwiteka ntiyamuha ibyo yasabye gusa ahubwo amuha n’ibyo atasabye, aribyo ubutunzi n’icyubahiro. Imbaraga z’ubwenge bwe, kwaguka k’ubwenge bwe, n’icyubahiro cy’ubwami bwe bihinduka ingingo itangirirwa kw’isi.

Kungoma ya Dawidi n’iya Salomo, Isirayeli yageze kumpinga y’ikuzo. Isezerano ryahawe Aburahamu rigasubirirwamo Mose ryaruzuye: “Nimugira umwete wo kwitondera ayo mategeko mbategeka yose mukayumvira ngo mukunde Uwiteka Imana yanyu mugende munzira ibayoboye zose, mwifatanye nayo akaramata, Uwiteka azirukana yamahanga yose imbere yanyu, muhindure amahanga abarusha gukomera n’amaboko. Ahantu hose muzakandagira hazaba ahanyu,urugabano rwanyu ruzahera kubutayu rugeze kuri Lebanoni, kandi ruzahera ku Ruzi Ufurate rugeze ku nyanja y’iburengerazuba. Ntihazagira umuntu ubasha kubahagarara imbere” Gutegeka kwa kabiri 11:22-25.

Ariko ibihe by’uburumbuke, biba bihishemo akaga. icyaha Dawidi yakoze ageze muzabukuru bona nubwo yacyihanye ataryarya



akanagihanirwa bikomeye, cyamaze abantu ubwoba bwo gukandagira amategeko y'Imana. Kandi imibereho ya Salomo nyuma ya cya gitondo yaherewemo isezerano rikomeye yaje kwijimishwa n'ubuhakanyi. Mukwifuzza kwagura imbaraga ze za politike ndetse n'icyubahiro cye byatumye yihuza n'amahanga ya gipagani. Ifeza y'itarushishi, n'izahabu ya ofiri byatumye abamba ubunyangamugayo, anagambanira inshingano yera kugira ngo abibone. Kwifatanya n'abasenga ibigirwamana, no gushyingiranwa n'abagore babapagani byononnye kwizera kwe. Uko niko urusika rwashyizweho n'Imana kubwo kurinda ubwoko bwayo rwakuweho; maze Salomo yirundurira mugusenga ibigirwamana. Kumusozi wa Elayono, imbere y'urusengero rw'Uwiteka, hari ibishushanyo bitabarika ndetse n'ibicaniro byo gutambiriraho imana z'abapagani. Mukugambanira isezerano rye ku Mana, Salomo atakaza kwitegeka. Kwiyumvisha kwe kugwa ikinya. Umutimanama, n'ubupfura byaranze itangira ry'ubwami bwe birahinduka. Ubwibone, irari ry'ubutunzi no gusesagura byabyaye ubugome n'ubwicanyi. Uwari umutware w'umunyampuhwe, umunyakurikandi wubaha Imana ahinduka umunyagitugu n'intavumera. Wa wundi wasabiye ubwoko bwe kwiha Imana butagabanije, igihe cyo gutaha urusengero, noneho niwe wari wahindutse uwo kubayobya. Salomo arisuzuguzza, asuzuguzza isirayeli, asuzuguzza n'Imana.

Ishyanga yari abereye ishema, rikurikiza intambwe ze. Nubwo hanyuma yihanye ariko ibyo ntibyaburijemo umusaruro w'imbutu y'ikibi yari yarabibye. Inyigisho n'uburereImana yari yarahitiyemo abana b'Isirayeli byagombaga kubagira ubwoko bwihariye butandukanye n'andi mahanga mu buryo bw'imibereho yabo. Iryo tandukaniro bakagombye gufata baryishimiraga. Kwicisha bugufi no kwifata aribyo bintu by'ingenzi mu iterambere ryimbitse, bashaka kubisimbuza ibinezeza n'imigenzo y'abapagani. "Kuba nkandi mahanga" *1 samweli 8:5* niyo yari intego yabo. Umugambi w'uburezi mvajuru wigizwayo, ubutegetsu bw'Imana buratabwa.

Nguko uko isirayeli yatangiye kugwa: mu kwanga inzira y’Imana bagakurikiza inzira z’abantu. Uko ni nakobyakomeje, kugeza ubwo ubwoko bw’abayuda bwahindutse umuhigo wayo mahanga bashatse kwigana.

Nk’ishyanga abana b’Isirayeli bananiwe kwakira ibyiza Imana yashakaga kubaha. Ntibahaye agaciro umugambi w’Imana cyangwa ngobafatanye nayo mukuwusohozza. Ariko nubwo abantu, cyangwa amoko, bashoboraga kwitandukanya nayo, umugambi wayo ku bayiringira wo ntujya uhinduka. “Icyo Imana ikora cyose kizahoraho iteka ryose” Umubwiriza3:14.

Nubwo imbaraga zayo zagiye zigaragaza, mu ngero zitandukanye, no muburyo bunyuranye, bishingiye kumakene y’abantu bo mu bihe bitandukanye, nyamara umurimo w’Imana n’umwe mubihe byose. Umwigisha aracyari wa wundi. Imico ye n’imigambi ye ntibihinduka. Muri we “Ntaguhinduka, nta n’igicucu cyo guhinduka” Yakobo 1:17.

Imibereho y’abisirayeli yandikiwe kutwigisha. ” ibyo byabereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kudukugura twebwe abasohoreweho n’imperuka y’ibihe” 1Abakorinto 10:11. Kuri twe kimwe no kuri isirayeri ya kera, insinzi y’uburezi bwacu ishingiyeye ku gukiranuka mu gukurikiza imigambi y’Umuremyi. Ni twumvira amahame y’Ijambo ry’Imana, tuzakira imigisha myinshi nkiyo abaheburayo bagombaga kwakira.

### ***Icyigisho cya 7: Imibereho y’abantu babaye intwari***

Imbutu z’umukiranutsi ni igiti cy’ubugingo.

Imigani11:30

Amateka yera atwereka ibyitegererezo byinshi by'umusaruro w'uburezi nyakuri. Atwereka ibyitegererezo by'abantu benshi abo imico yabo y'ubudakemwa yaremwe hakurikijwe icyerekezo cy'ijuru; abantu imibereho yabo yabereye ababazengurutse umugisha, kandi bahagaze mw'isi nk'abahagariye Imana. Muri bo hari Yozefu na Danieliabaware badahongerwa; Mose umunyamategeko n'umucamanza w'umunyabwenge, Elisa umwe mu bantu b'intwari na Paulo umwe mubagorozi bakiranuka, uretse wawundi hatigeze kuboneka uvuga nkawe, yabaye umwigisha w'ikirangirire kw'isi.

Mu itangira ry'ubuzima bwabo, ubwo bavaga mubugimbi binjira mumyaka y'ubukure, Yozefu na Danieli bakuwe mumiryango yabo bagirwa imbohe mubihugu by'abapagani. Yozefu by'umwihariko yugarijwe n'ibishuko by'uburyo bwose, bijya bigaragara iyo habayeho impinduka z'ubutunzi. Munzu ya se yari umwana ukundwa cyane; kwa Potifari yari imbata, nyuma aba umwiringirwa n'inshuti; hanyuma aba umucungamari mwiza, kubwo kwitegereza, kwiga, no kubana n'abantu; mu nzu y'imbohe kwa Farao, ashinjwa ibinyoma, ntabyiringiro byo kujurira cyangwa gufungurwa, ahamagarirwa kuyobora igihugu mu gihegikomeye. None se ni iki cyamushobozaga muri ibyo bihe byose kugumana ubunyangamugayo bwe?

Nta numwe ushobora kuba mu mwanya wo hejuru adahuye n'akaga. Nk'uko umuyaga w'ishuheri usiga utangirije ururabo rwo mu kibaya ukarandura ibiti byo mu mpinga z'umusozzi; uko niko ibigereragezo bikomeye bisiga aboroheje batuje bigahitana abakomeye mu byubahiro n'umukiro by'isi. Ariko Yozefu yihanganiye ikigeragezo cyo kurwanywa nkuko yahanganye n'icyo kugubwa neza. Gukiranuka yagaragaje munzu y'imbohe ninako yakomeje kugira i bwami kwa Farao.

Mubwana bwe, Yozefu yari yarigishijwe gukunda no kubaha

Imana. Kenshi mw' ihema rya se yajyaga abwirwa iby'iyerekwa rya nijoro ry'i Beteli, ry' urwego rwavaga mw' ijuru rukagera mw' isi abamaraika bamanukaga bakanaruzamuka, ndetse na wawundi wavuye muntebe y' ubwami akiyereka Yakobo. Yari yarabwiwe inkuru yo gukirana kwa Yakobo hakurya y'icyambu cya Yaboki ubwo yiyamburaga icyaha yakundwakaje, n'uburyo yegukanye intsinzi ahabwa izina ry' igikomangoma cy'Imana.

Umwungeri wakundaga imikumbi ya se, imibereho yoroheje kandi itunganye ya Yozefu, yagize uruhare mu iterambere ry' imbaraga z'umubiri n'iz'intekerezo. Mugushyikirana n' Imana binyuriye mu byaremwe no mukwiga ukuri gukomeye yari yarahawe na se nk'ubutunzi bwera, yungutse imbaraga z'intekerezo no gukomera ku mahame.

Igihe ubuzima bwe bwari mu kaga ubwo yavaga iwabo I kanani yerekeza mububata bwari bumutegerereje muri Egiputa, yitegereje bwa nyuma imisozi yari ikingirije amahema ya bene wabo, Yozefu yibutse Imana ya se. Yibutse inyigisho yari yarahawe akiri mutomaze agambirira mu mutima we gukiranuka, no guhora akora nkuko bikwiriye umugaragu w'Umwami w'Ijuru.

Mumibereho ishaririye y'umunyamahanga n'imbata, hagati y' ahantu hari haganje ikibi, n'ibirangaza by' imisengere ya gipagani, imisengere yarushagaho gushukana bitewe n'ubukire, ibinezeza bya cyami n'imigenzo, Yozefu ntiyigeze ajegajega. Yari yarize kuba umukiranutsi ku nshingano ye. Gukiranuka muri buri cyiciro cy'ubuzima, kuva kubyoheje ukageza kuby' icyubahiro, byamuteguriye umurimo wo murwego rwo hejuru.

Igihe yahamagarwaga murukiko rwa Farawo, Egiputa yari ishyanga rikomeye kuruta ayandi. Iterambere, ubukorikori, ubumenyi byaho byari ntagereranwa. Mugihe cyuzuye akaga n' ingorane zikomeye, Yozefu yashinzwe kuyobora imirimo y' ubwami; kandi abikora muburyo bwatumye agirirwa icyizere n'umwami ndetse n'abaturage. Farawo "amugira umutware w'urugo rwe, amubitsa ibintu bye byose, ngo abohe

abokomeye be uko ashaka,yigishe abakuru be ubwenge” Zaburi 105:21,22. Ijambo ry’Imana ritugaragariza ibanga ry’ubuzima bwa Yozefu. Yakobo igihe yahaga umugisha abana be, avuga kumuhungu we yakundaga aya magambo yuzuyemo imbaraga n’ubwiza mvajuru ati:

“Yozefu n’ishami ry’igiti cyera cyane,  
Ishami ry’igiti cyera cyane kiri hagati y’isoko,  
Amashami yacyo arenga inkike y’igihome,  
Abarashi bamugiriye iby’urwango,  
Bamurashe imyambi y’akarengane,  
Ariko umuheto we nturakabanguka,

Amaboko ye n’intoke ze bikomezwa n’amaboko yayantwari ya Yakobo. Niyo yakomotsweho n’umushumba,

Igitare cy’abisirayeri,  
Ibyo byakozwe n’Imana ya so izagufasha,  
Byakozwe n’Ishobora byose izaguha umugisha,  
Imigisha iva hejuru mu ijuru,  
N’imigisha iva mu mazi y’ikuzimu,  
N’imigisha yo mumabere n’iyo munda,  
N’imigisha so ahesha,  
Irenze iyaheshejwe na Data na sogokuru,  
Igera kurugabano rw’imisozi ihoraho; Izaba kumutwe wa Yozefu,

Mu izingiro rye, niwe mutware wa bene se.” Itangiriro 49:22-26.

Gukiranukira Imana no kwizera Itagaragara nibyo Yozefu yizirikagaho. Aho niho hari hahishe imbaraga ze.

“Amaboko ye n’intoki ze bikomezwa  
n’amaboko ya yantwari ya Yakobo”

## Daniyeri, uhagarariye Imana

Mubigaragara Danieli na bagenzi be i Babuloni barahiriwe cyane kurusha Yozefu mu bihe bye bya mbere muri Egiputa, ariko imico yabo yashyizwe mu bigeragezo bijya gukomera; mugukurwa mungo zabo zoroheje z’ i Yudaya, abo basore bo mumuryango wa cyami bajyanywe mu mijyi ikomeye, mungoro y’umwami ukomeye, baratoranirijwe ngo batozwe gukora imirimo yihariye y’ i bwami. Mu bikari byanduye kandi birimo ibirangaza, bari bazengurutswe n’ibishuko bitoroshye. Kuba abasenga Yehova baranyazwe i Babuloni, ibikoresho byo munzu y’Imana byarashyizwe mungoro z’ibigirwamana, kandi n’umwami wa Isirayeli ubwe ari imbohe mu maboko y’ ab’ i Babuloni; ibyo byose byari intsinzi ihamya ko iyoboka-mana ryabo n’ imico yabo byari byasumbaga iby’abaheburayo. Nimuri ubwo buryo, mugucishwa bugufi kwa Isirayeli no kwica amategeko y’ Imana, Imana yahaye Babuloni ikimenyetso cyo gukomera kwayo, kwera kw’amabwiriza yayonetse n’ umusaruro wo kuyumvira, kandi ikigihamya yatanze nicyo cyonyine rukumbi gikwiriye yagombaga gutanga binyuriye mubakomeje kuyikiranukira.

Mu itangira ry’imirimo yabo Daniyeri na bagenzi be, bahuye n’ikigeragezo kibasaba gufata umwanzuro. Amabwiriza yo kubagaburira ibyo kurya byo kumeza y’umwami byagarazaga amahirwe bahawe kandi ko bitaweho n’umwami. Ariko umugabane umwe w’ibyokurya wabaga waterekerejwe ibishushanyo, ibyo kurya byo ku meza y’umwami byabaga byamurikiwe ibigirwamana iyo abo abasore bemera iryo gaburory’umwami, byajyaga gufatwaga nko kwifatanya nawe mugusenga ibishushanyo. Gukiranukira Yehova kwarabibabuzaga. Ntabwo bari guhangara kwemerera ibinezeza ko biburizamo kwaguka kw’imbaraga z’umubiri iz’ubwenge n’iterambere ry’iby’ umwuka.

Daniyeri na bagenzi be bari barigishirijwe neza amahame y’ijambo ry’Imana. Bari barigishijwe gushyira amakene y’iby’umwuka imbere y’amakene y’iby’umubiri, no gushaka ibyiza biruta ibindi. Kandi ibyo babibonyemo ingororano. Akamenyero kabo ko kwirinda, no

kwiyumvamo inshingano nk'ibisonga by'Imana byabunguye iterambere ry'imbaraga z'umubiri, iz'umutima n'iz'intekerezo. Ku musozo w'amasomo yabo, bakorewe igenzurwa riheruka ryajyaga kubashoboza gutsindira imyanya y'ibyubahiro mu bwami, mu bandi bose "ntibabona n'umwe umeze nka Daniyeri, Hananiya, Meshayeri na Azariya"

Daniyeri 1:19.

Mu bikari by'i Babuloni hari hahuriye abahagarariye ibihugu byose, abantu b'impano zidasanzwe, abantubafite mpano nyinshi za kavukire, b'ubuhanga buhanitse ku isi; ariko muri abo bose nta n'umwe wahwanye n'abo baheburayo b'abanyagano. Mubijyanye n'imbaraga z'impagarike no muburanga, ubwenge bubangutse ndetse n'ubumenyi bw'indimi bari intashyikirwa. "Mu ijambo ryose ry'ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga barusha abakonikoni n'abapfumu bose bari mugihugu cyeye cyose inkubwe cumi"

(Daniyeri 1:20.)

Mugukiranukira Imana kudahungabanywa, mukwitegeka kudacogora, Daniyeri binyuze mukwiyubaha no guha abandi agaciro, byamuhesheje "gutona no gukundwa" kumuyobozi w'umupagani wari umushinzwe. Iyo mico niyo yaranze ubuzima bwe. Mugihe gito aba minisitiri w'intebe muri ubwo bwami. Mu gihe cyose cyo gusimburana kw'abami no kwima kw'izindi ngoma, ibyo nibyo byari ubuhanga bwe, umuyobozi w'imigambi ihanye, ubupfura bwe, urugwiro rwe, ubugwaneza bwo mu mutima, bihujwe no kubaha amahame kwe, ibyo byose byateraga n'abanzi be ubwabo guamya yuko "ntampamvu cyangwa igicumuro bamubonaho cyo kumurega kuko yari umwiringirwa" (Daniyeri 6:5).

Igihe Daniyeri yari yariziritse cyane ku Mana binyuze mu kwiringira kwe kudahungabana, umwuka w'imbaraga ya gihanuzi umuzaho. Igihe yubahwaga n'abantu kubw'inshingano n'amabanga y'ubwami, n'Imana yamwubahaga nk'uyihagarariye kandi imihishurira ubwiru bw'ibihe bizaza. Binyuze mu gukorana n'uwo uhagarariye ijuru, abami b'abapagani, bahatiwe guhamya Imana ya Daniyeri. Nebukadinezari ati

“ni ukuri Imana yanyuniyo Mana nya Mana,ni Umwami w’abami kandi niyo ihishura ibihishwe” Daniyeri 2:47. Ndetse na Dariyo igihe yatangazaga ati: “nshyizeho itegeko ngo abantu bo mubutware bwose , bwo mugihugu cyanjye”, bajye bubaha “Imana ya Daniyeli”. Kuko ariyo Mana nzima

Ihoraho iteka ryose,

Ubwami bwayo ntibuzarimburwa...

Niyo irokora igakiza

Ikora ibimenyetso n’ibitangaza

Mu ijuru no mu isi. Daniyeri 6:27-28.

### Abantu b’abanyakuri kandi b’inyangamugayo

Kubwo ubwenge bwabo no gukiranuka kwabo, kubwo kwera ndetse n’ubugwaneza bahamishaga ubuzima bwa buri muni, kubwo kwitangira inyungu za rubanda rw’abasenga ibigirwamana, Yozefu na Daniyeri bagaragaje ko bakiranuka ku mahame y’uburezi bahawe bakiri bato, n,abanyakuri kuwo bari bahagarariye. Muri Egiputa n’i Baburoni, abo bagabo bombi, bubashywe n’igihugu bakoreraga, binyuriye muribo, ubwoko bw’abapagani ndetse n’abantu bose bakoranaga nabo babonaga ubugwaneza n’ubugiraneza bw’Imana, ari byo bigaragaza urukundo rwa Kristo.

Mbega ubuzima bwuzuye imirimo myiza bwizomfura zabaheburayo! Mugihe bavaga mu gihugu barerewemo ntibatekerezaga nagato ko aruko buzamera. Ariko mu kwizera no gushikama bishyize mu maboko y’Imana kugira ngo ibayobore kandi isohoreze imigambi yayo muri bo.

Imana yifuza ko ukuri gukomeye kwagaragarariye muri aba bagabo babiri, kwagaragarira murubyiruko no mu bana b’iki gihe. Amateka ya Yozefu na Daniyeli ni icyitegererezo cy’umurimo Imana izakorera abayiyegurira bose kandi bakaga mbirira n’umutima wose kuzuza imigambi yayo.



Icyo isi ikennye kurush"ibindi, n"abantu,- abantu batagurwa cyangwa ngo bagurishwe; ahubwo n" abantu b" abizerwa kandi b" inyangamugayo, badatinya kuvuga icyaha mu izina ryacyo, abagabo bafite umutimanama uhora ukiranukiye inshingano yabo nkuko urushinge rwa dira ruhora rwerekeye amajyaruguru, abantu bahagararira gukiranuka n"ukuri nubwo ijuru ryariduka.

Ariko imico nk"iyo ntawe uyibona imugwiririye, ntabwo ari amahirwe yizana, cyngwa ngo ikomoke ku mpano z"akataraboneka. Imico itunganye ni umusaruro ukomoka ku kwitegeka, no gucisha bugufi kamere uka gandukira amahame yi juru aribyo kubamba inarijye kubw"umurimo wo gukunda Imana ndetse n"abantu.

Abasore bagomba gucengerwamo n"igitekerezo cyuko italanto zabo atari umutungo wabo bwite. Imbaraga, igihe,ubuhanga ni ubutunzi batijwe. Byose niby"Imana, kandi buri musore agomba kugambirira kubukoresha kurwego ruhanitse. Buri wese ni ishami Imana itezeho ko ryera imbuto; ni igisonga kigomba kungura igishoro cyahawe, ni umucyowo kumurikira umwijima uri mw"isi.

Buri musore, buri mwana,afite inshingano agomba kuzuza mu guhesha Imana icyubahiro, ndetse no kuzahura ikiremwa muntu.

### Elisa umukozi ukiranuka mutuntu duto

Imyaka y'amabyiruka y"umuhanuzi Elisa yiberaga mumutuzo wo mucyaro, yigishwa n"Imana, n"ibyaremwe mu yunguka ubumenyibw"imirimo y"ingirakamaro.Umuryango wa se ni umwe mu miryango itarigeze ipfukamira baali mu gihe cy"ubuhakanyi rusange. Imana yarubahwaga muri iyo nzu kandi gukiranuka ku nshingano byari itegeko ry"imibereho ya buri muni.

Elisa, wabyawe n"umuhinzi w"umukire, yagiraga uruhare mu mirimo ya se. nubwo yarafite ubushobozi bwo kuyobora abantu, ariko yatojwe gukora inshingano zisanzwe z"ubuzima. Kugira ngo ayoborane ubwenge yagombaga kwiga kumvira. Gukiranukamu tuntu duto nibyo byamuteguriye inshingano zirushijeho gukomera.

Nubwo yari umugwaneza woroheje mu mutima, Elisa yari anafite imbaraga no gushikama kandi ashikamye. Yarakundaga kandi akubaha Imana, kandi imiruhu y'imirimo ya buri muni imwungura imbaraga zo gutungana kw'imico, akurira mu buntu no kumenya Imana. Igihe yakoranaga na se imirimo yo murugo, yabaga yiga gukorana n'Imana.

Ihamagara rya gihanuzi ryamugezeho ubwo yari kumwe n'abagaragu ba se ahinga. Ubwo Eliya yari ayobowe n'ijuru mugushaka umusimbura, agaterera umwitero we kubitugu bya Elisa, Elisa yamenye kandi yumvira ihamagara araryitaba: "akurikira Eliya akajya amukorera"(1 Abami 19:21). Ntabwo umurimo Elisa yasabwe gukorabwambere wari ukomeye; byari bigikenewe ko yigira ku nshingano zisanzwe. Tubwirwako yozaga ibirenge bya Eliya umwigisha we. Nk'umugaragu wigira k'umuhanuzi, yakomeje guhamya gukiranuka mutuntu duto, kandi buri muni akamaramarizakuzuzza inshingano yahawe n'Imana.

Ubwo yahamagarwaga, amahitamo ye yari ageragejwe. Ahindukiye ngo akurikire Eliya, umuhanuzi yamubwiye gusubira murugo. Yagombaga kubara ibisabwa, akifatira umwanzuro wo kwanga cyangwa kwemera ihamagara. Ariko Elisa asobanukirwa ko uwo mwanya ari uwa agaciro kenshi. Ntanyungu n'imwe y'isi yamutera kwirengagiza amahirweyo kuba intumwa y'Imana, cyangwa ngo imutere guhara amahirwe yo kwifatanya umukozi wayo.

Igihe kirahita maze Eliya yitegura kwimurwa, Elisa ategurirwa kuba umusimbura. Kwizera n'amahitamo bye byongera kugeragezwa. Yaherekezaga Eliya mungendo ze, akamenyeramo ibyari bigiye kubaho mugihe gito; buri kanya umwigisha we yamurarikiraga gusigara ati: "urasigara hano kuko Uwiteka antumye i Beteli". Ariko mu murimo we wa mbere wo kuyobora Nira, Elisa yari yarize kutavirira no kudacogora, mazeubwoyari yiyemeje izindi nshingano ntiyagombaga gusubira inyuma. Bityo igihe cyose Eliya yamusabaga kumureka, yarasubizaga ati: "nkurahiye Uwiteka uhoraho n'ubugingo bwawe sinsigara" 2 abami 2:2

“Nuko bajyana bombi... ariko ubwabo bombi bageze kuri Yorodani barahagarara. Eliya yenda umwitero we arawuzinga awukubita amazi,yigabanyamo kabiri amwe ajya ukwayo ayandi ukwayo, bombi bambukira ahumutse. Bageze hakurya Eliya abwira Elisa ati: nsaba icyo ushaka cyose ndakigukorerera, ntaratandukana nawe. Elisa aramusaba ati: ndakwinginze ndaga imigabane ibiri y’umwuka wawe! Eliya aramusubiza ati: uransaba ikiruhije cyane! icyakora numbona nkigukurwaho birakubera bityo; ariko nutambona, siko biri bube.Bakigenda baganira, haboneka igare ry’umuriro n’amafarashi y’umuriro, birabatandukanya. nuko Eliya ajyanwa mu ijuru muri Serwakira.

Elisa abibonye arataka ati: Data! Data! Wabereye isirayeri amagare n’amafarashi! Nuko ntiyongera kumubona ukundi. Maze afata umwambaro we awutanyaguramo kabiri atoragura n’umwitero Eliya ataye, asubirayo ageze ku nkombe ya Yorodani arahagarara,. Yenda wa mwitero Eliya ataye awukubita amazi, aravuga ati: Uwiteka Imana ya Eliya irihe? Amaze gukubita amazi yigabanyamo kabiri amwe ajya ukwayo andi ajya ukwayo. Elisa aherako arambuka.“Maze babana b’abahanuzi b’ I Yeriko bari bamwitegeye, bamubonye baravuga bati: Umwuka wa Eliya uri muri Elisa! Nuko baza kumusanganira bamugezeho bamwikubita imbere.” 2 Abami 2:6-15.

Uherye ubwo Elisa asimburira Eliya. Uwahoze akiranuka mutuntu tworoheje agaragara ko akiranuka no mubikomeme.

Eliya umugabo w’imbaragayari yarabayeigikoresho mubiganza by’Imana cyo kurwanya ibibi byari byarabaye gikwira. Ahabu na yezebera w’umupagani bari barayobeje ubwoko bw’Imana, icyo gihe bari bamaze kwicwa. Abahanuzi ba Baali bari barishwe. Ubwoko bwa Isirayeri bwose bwari bwarahindutse kandi benshi baragarukiye gusenga Imana. Byari ngombwa ko umusimbura wa Eliya aba ugira amakenga kandi uhugurana kwihangana, kugirango ayobore Isirayeli munzira y’amahoro.Imyitozo ya mbere Imana yateguriye Elisa niyo yamushoboje gukora uwo murimo.

Iki cyigisho ni icya buri wese muri twe. Ntamuntu ushobora kumenya umugambi w’Imana uhisha mu burere ahabwa; ariko twese dushobora guhamya ko gukiranuka mutuntu duto aribyo bigaragaza ko washobora inshingano zikomeye. Buri gikorwa cyose cy’imibereho yacu gihishura imico, kandi uwiyerekana munshingano zoroheje ko “ari umukozi udakwiriye kugira ipfunwe” (2 *Timoteyo* 2:15), Imana izamuha icyubahiro cyogushigwa ibikomeye.

### Mose, Intwari Mu Kwizera

Ubwo yakurwaga mu burinzi bw’umuryango we, Mose yari muto kuri Yozefu na Daniyeli kandi imbaraga zari zaratunganije imibereho yabo nizo zatunganije iye. Yamaze imyaka cumi n’ibiri gusa muri bene wabo b’abaheburayo; ariko muri icyo myaka hashinzwe urufatiro rwo gukomera kwe, kandi rwashyizweho n’ukuboko kw’umuntu utari icyamamare.

Yokebedi, yari umugore akaba n’imbata. Mu mibereho ye yoroheje yari afite inshingano iremereye. Ariko uretse Mariya w’ i Nazareti, ntawundi mugore isi yaboneyeho umugisha nka Yokebedi. Amenye ko umuhungu we azakurwamu maboko yebidatinze, akayoborwa n’abatazi Imana, agambiriraakomeje komatanya umutima w’uwo mwana n’ Ijuru. Yihatira kubiba mu mutima we imbuto yo gukunda Imana no kuyumvira. Abikorana gukiranuka. Ntacyitegererezo cyo hanyuma cyagombaga gukurura Mose ngo ahakane amahame y’ukuri yari yarigishijwe na nyina.

Umuhungu wa Yokebedi aya murugo ruciye bugufi i Gosheni ajya mungoro ya Farawo, aho umukobwa w’umwami yamwakiririye nk’umwana wifuzwa kandi ukundwa, Mose yabonye amahugurwa ahanitse y’ibya gisevile n’aya gisirikari mu mashuri ya Egiputa. Kubw’uburanga yari afite, igikundiro cy’ishusho ye, ubuhanga mu by’ubumenyi, n’imiterere ya cyami, nokwamamara nk’umugaba w’ingabo, Mose yahindutse ishema ry’igihugu. Umwami wa Egiputa yari umwe mu bagize umuryango w’abatambyi; kandi Mose nubwo yangaga kwifatanya n’abapagani mu gusenga, yari yarigishijwe ubwiru

bwosebw''idini ry''abanyegiputa. Muri icyo gihe Egiputa ryari ishyanga rikomeye,kandi risirimutse kuruta andi mahanga yose, Mose wafatwagank''uzaba umuragwa w''ubwami, yagombaga kubona ibyubahiro byose bishobora kuboneka ku isi. Ariko we,ahitamo ibiruta ibyo kuba byiza. Kubw''icyubahiro cy''Imana no gucungurwa k''ubwoko bwayo bwakandagiranywe, Mose ahara ibyubahiro byo mu Egiputa. Nibwo Imana yatangiye kumutoza mu buryo bwihariye.

Mose yari atarategurirwa neza umurimo yagombaga kuzakora ubuzima bwe bwose. Yari agikeneye kwiga kwisungaimbaraga z''Imana. Yari yarasobanukiwe nabi umugambi w''Imana. Yiringiraga gucungura abisirayeli akoreshejeimbaraga z''amaboko. Mu gushaka kubigeraho yahombye byose kandi biramunanira. Mukunanirwa no gucika intege aracika ahungira mugihugu cy''abanyamahanga.

Mose amara imyaka mirongo ine aragira intama mu butayu bw'' i Midiyani.Nubwo byasaga nkaho umugambi we wari uciwemo by''iteka, ubwo nibwo yari arimo kwiga inyigisho z''ingenzi zagombaga kumutegurira kuwusohozwa. Kuyobora imbaga y''injiji kandi itagira ikinyabupfura, yari kubishobozwa no kwitegeka. Mukurinda intama ndetse no kwita ku bana bazo yagombaga kunguka inararibonye yajyaga kumugira umwungeri ukiranuka kandi wihangana wa Isirayeli. Kugirango ahagararire Imana yagombaga kuyigiraho.

Imbaraga rukuruzi yari imugose mu Egiputa, urukundo rw''umubyeyi wamureraga, umwanya we bwite nk''umwuzukuru w''umwami, ibinezeza n''ibibi byamureshyaga binyuriye mumashusho atabarika, ubuhanga, ubucakura n''ubwiru bw''idini ry''ikinyoma, byagize icyo bikora ku ntekerezo ndetse n''imico ye. Mu gucishwa bugufi kwimbitse ko mubutayu ibyo byose birasibangana.

Mumisozi miremire yiherereye niho Mose yabanaga n''Imana. Impande zose hari handitswe izina ry''Umuremyi. Byasaga nkaho Mose ari imbere y''Imana akaba atwikiriwen''igicucu cy'' ubushobozi bwayo. Aho niho, kumva ko yihagije byahanaguritse. Igihe yari imbere

y'uhoraho nibwo yabonye ko umuntu ari umunyantenke, ko ntacyo ashoboye kandi ko areba hafi.

Aho niho yasobanukiwe kubana n'Imana icyo aricyo, ibyo bimugumamo mumibereho ye ivunanye, iremerejwe n'inshingano. Kubwo kwizera ntiyabonaga Kristo ajyana n'ingabo z'abisirayeli mu rugendo rwabo gusa, ahubwo yanarabutswe ibyo kuzaza kwe yambaye umubiri. Bityo igihe yavugwaga uko atari akanakobwa, igihe yasakiranaga n'ibitutsi no kugawa, ahanganye n'akaga ndetse n'urupfu, yabashaga kwihangana "nk'ureba itaboneka" (*Abaheburayo 11:27*).

Mose ntiyatekerezagaga ku Imana gusa, ahubwo yaranayibonaga. Imbere ye yahoranaga iyerekwaga ry'Imana. ntiyigeze yibagirwa mu maso hayo.

Kwizera kwa Mose ntikwari ugukekeranya, ahubwo kwariimpamo. Yizeye ko Imana yayoboye ubuzima bwe mu buryo bwihariye; kandi muri buri gace k'imibereho ye yayimenyeragamo. Yishingikirizaga kuri yo, kugira ngo abone imbaragayo guhangana n'ibishuko.

Yifuzaga kuzuzwa neza umurimo ukomeye yari yarashinzwe, mazeyirekurira wese mu maboko y'Imana. Uko Yiyumvaga ko akeneye ubufasha, yarabusabaga; akabusingiriza kwizera, maze mubwishingizi bw'imbaraga y'Imana imutabara akajya mbere.

Iyi niyo nararibonye Mose yungutse mummyaka mirongo ine yamaze mubutayu. Imana ntiyabonye ko iyo myaka ari myinshi, cyangwa ko ari ikiguzigihanitse kugira ngo Mose yunguke iyo nararibonye. Umusaruro w'uko gutozwa, n'uw'inyigisho yahigiye, ntibyagize akamaro kumateka ya Isirayeli gusa, ahubwo kuva icyogihe kugeza none, byagize uruhare muguteza imbere inyokomuntu. Ubuhanya bukomeye bwo gukomera kwa Mose, bugaragira mur'aya magambo Umwuka avuga ku mibereho ye ngo: "mu bisirayeli ntihabonetse ukundi umuhanuzi uhwanyeye na Mose, uwo Uwiteka yamenyaga barebana" (*Gutegeka kwa kabiri 34:10*).

### Paulo, umukozi wishimira umurimo

Ku kwizera n'inararibonye by'intumwa z' i Galilaya zari zarakurikiye Yesu mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza,

hiyongereyeho umuhati ugurumana n'ubuhangabya Rabbi w' I Yerusaremu. Umaturage w'I Roma, wavukiye mu murwa wa gipagani; umuyuda utarabihawe na kavukire gusa ahubwo wanabitorejwe mu buzima bwe bwose, umurwana shyaka w'idini n'imyizerere yabo; wigishirijwe kubirenge by'umwigishamategeko ukomeye I Yerusalemu, wahuguriwe imigenzo n' amategeko bya ba sekuruza, Sawuli w'i Taruso yari asangiye ubwibone ndetse no kwiyemera n'ishyanga rye kurwego rwo hejuru. Akiri umusore, yabaye umunyacyubahiro mu bagize inteko nshingamategeko y'Abayuda.Bamubonagamo icyizere cy'ahazaza, umurwanashyaka w' umunyamwete wo kurengera kwizera kw'abakurambere.

Mu mashuri y'iby'iyobokamana y' i Yudaya, ijambo ry'Imana ryari ryarasimbujwe ibihimbano by'abantu; ubusobanuro ndetse n'imihango by' abigishamategeko byari byararinyaze imbaraga zaryo. Kwikuzza, gukunda ubutegetsi, guheza abanyamahanga, ubwibone no gusuzugura abandi, byari amahame agenga abigishamategeko.

Abigishamategeko bihimbarizaga gukomera kwabo, atari imbere y'andi mahanga gusa, ahubwo n'imbere y'imbaga ya bene wabo. Kubwo kwanga urunuka abaroma babatwazaga igitugu, bizirikagaku byiringiro by'uko igihugu cyabo kizasubirana ubwigenge binyuriye muntambara.Abigishwa ba yesu bari bafite ubutumwa bw'amahoro bwari buhabanye n'ibyifuzo byabo, bityo bahitamo kubanga no kubica. Muri akokarengane Sauli niwe wari mubi cyane,wakabyaga kubarenganya.

Mu mashuri ya gisirikare yo mw'Egiputa, Mose yari yarize gukurikiriza itegeko ryo guhutaza. Iryo tegeko ryari ryarabase imico ye kuburyo byamusabye imyaka mirongo ine y'umutuzo no gusabana n'Imana ndetse n'ibyaremwe kugirango bimutegurire kuyoboza abisirayeli itegeko ry'urukundo. Paulo nawe yagombaga kwiga iryo somo.

Munzira ijya i Damasiko, kubonekerwa n'Uwabambwe bihindura imibereho ye yose. Uwarenganyaga ahinduka umwigishwa, uwari

umwigisha ahinduka umunyeshuri. Iminsi y'ubwigunge yamaze i Damasiko ahumye yamubereye nk'umyaka mu buzima bwe.

Ibyanditswe by'isezerano rya kera yari yarabitse mu bwenge akomeza kubyiga Kristo amubereye umwigisha. Na none kwiherera mu byaremwe kwa mubereye ishuri. Mu butayu bwo muri Arabiya niho yagiye kwigira ibyanditswe byera no kwigishwa n'Imana. Yivanamo umutima wo kwiyemera n'imigenzo byari byarubatswe imibereho ye kugira ngo yiyuzuzemo inyigisho zikomotse kuri Soko y'ukuri.

Uherye ubwo imibereho ye iyoborwa n'ihame rimwe rukumbi ryo kwitamba, aribyo gukunda gukorera abandi. yaravuze ati: "abagiriki n'abatarabagiriki, abanyabwenge n'abaswa mbafiteho umwenda" "urukundo rwa Kristo ruraduhata" Abaroma 1:14, 2 Abakorinto 5:14. Paulo, umwigisha usumba abandi bigisha bose b'abantu, yemeraga inshingano ziciye bugufi, kimwe n'izikomeye. Yarasobanukiwe neza umumaro w'umurimo w'amaboko kimwe n'umurimo w'intekerezo kandi yabeshwagaho n'umusaruro w'imirimo y'amaboko ye. Mu gihe yabwirizaga mu mijyi minini yakomezaga gukora umurimo we wo kuboha amahema buri muni. Asezera kubakuru bo mu Efeso yagiz'ati "ubwanyu muzi yuko amaboko yanjye ariyo yankenuraga ibyo nkennye n'abo twari turi kumwe." Ibyakozwe n'intumwa 20:34. Nubwo yari afite impano z'ubwenge buhanitse, imibereho ye yagaragazaga ubwenge bwo kwihanganira imiruhu. Amahame y'agaciro kimbitse, ayo benshi mu bakomeye birengagizaga, yagaragaraga munyigisho ze kandi akaranga imibereho ye. Yari afite bwa bwenge busumba ubundi, aribwo buhesha umuntu ubushishozi, umutima w'impuhwe, bugatuma ashobora gusabana n'abantu, kandi bukamushoboza gukangura icyiza kibarimo no kubahatira kubaho babonye.

Umva ukoyabwiye abapagani bi I Lusitira, igihe yashakaga kubereka Imana anyuriye mu byaremwe, niyo soko y'ibyiza byose "ivubira imvura yo mu ijuru, ikabaha imyaka myiza, ikabahaza ibyo kurya, ikuzuza imitima yanyu umunezero" Ibyakozwe n'intumwa 14:17.



Nimumurebe muri gereza y’i Filipi nubwo umubiri we wari wuzuye uburibwe n’inguma, indirimbo ze zo guhimbaza zahinguranyaga umutuzo w’ijoro. Na nyuma y’ Umutingito gukingura imiryango ya gereza ijwi rya Paulo ryongeye kumvikana, kugirango ahumurize umurinzi w’umupagani: “wikwigirira nabi, twese turi hano” Ibyakozwe n’intumwa 16:28. Buri mbohe mu mwanya wayo, ni kuvuga ko ihari kandi ifashwe n’imbohe mugenzi wayo. Nuko uwo murinzi yemejwe no kwizera kwafashije Paulo, abaza inzira y’agakiza, we n’urugo rwe biyunga n’agatsiko kangwaga k’intumwa za Kristo.

Murebe Paulo ari mw’Atenayi imbere y’inama ya Areyopago asubizanya ubumenyi ku bundi, inyurabwenge ku yindi, n’ubucurabwenge ku bundi. Mutekereze uko yerekanye Uwiteka, “nk’Imana itamenywa” Iyo abamwumvaga basengaga batayizi; maze mu buryo bukomoka mu rukundo mvajuru yiyambaza amagambo y’umusizi wabo yerekana Uwitekank’umubyeyi wabo. Nimumwumve, mur’icyo gihe cy’ivanguramoko, ubwo uburenganzira bw’umuntu nk’umuntu butitabwagaho na gato, agaragaza ukuri gukomeye k’ubvandimwe bw’abantu, avuga ko Imana “yaremye amahanga yose, y’abantu bakomoka kumuntu umwe ibakwiza ku isi yose”. Maze yerekana uburyo Imana ihora isohoreza imigambi yayo y’ubuntu n’imbabazi mu byo igirira abantu. “Ninayo yashyizeho ibihe by’imyaka ko bikuranwa uko yategetse igabaniriza abantu ingabano zaho batuye kugirango bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye kandi koko ntiri kure y’umuntu wese muritwe” Ibyakozwe n’intumwa 17:23,26,27.

Nimumwumve murukiko rwa Fesito, ubwo umwami Agripa yari akabakabwe n’ukuri k’ubutumwa bwiza akagira ati: “ubuze hatu ukanyemeza kuba umukristo”. Mbega ukuntu Paulo yasubizanijeurugwiro yerekana iminyururu ye! Ati: “ndasaba Imana kugirango haba hatu haba hanini, uretse wowe wenyine ahubwo n’abanyumva, uyu muni bese bamere nkanjye, uretse iyi minyururu” Ibyakozwe n’intumwa 26:28,29.

Uko niko ubuzima bwe bwarangiye, nkuko bisobanurwa n'amagambo yivugiye ati: kenshi nari mungendo, mukaga gatewe n'inzuzi, mukaga gatewe n'abambuzi, mu kaga gatewe na bene wacu, mu kaga gatewe n'abapagani, mukaga ko mumidugudu, mukaga ko mubutayu, mukaga ko munyanja, mukaga ko muri bene data b'ibinyoma, mu miruho n'imihati; mba maso kenshi, ngira inzara n'inyota, nirirwa ubusa kenshi, nicwa n'imbeho, nambara ubusa". 2 Abakorinto 11:26

"Iyo badututse tubasabira umugisha, iyo turenganijwe turihangana; iyo dusebejwe turinginga; dusa n'abababara ariko twishima iteka, dusa n'abakene nyamara dutungisha benshi, dusa n'abatagira icyo bafite nyamara dufite byose" 1 Abakorinto 4:12,13, 2 Abakorinto 6:10.

Mu murimo niho Paulo yakomoraga ibyishimo bye; ndetse no kumusoza w'ubuzima bwe buruhije, asubiza amaso inyuma areba intambara n'insinzi yagize aravuga ati: "narwanye intambara nziza" 2 Timoteyo 4:7.

Ayo mateka ni ay'ingenzi cyane. Ntawe atagirira akamaro ariko cyane cyane urubyiruko. Mose yanze ubwami bwari bumugenewe, Paulo yanga kubaho akize kandi yubashywe na rubanda; bombi bahitamo imibereho iruhijekubwo gukorera Imana. Imibereho y'abo bagabo, kuri benshi isa nk'aho ari iyo kwamaganwa no kutifuzwa. Mbese byaba ari ukuri? Mose: "yatekereje yuko gutukwa bamuhora Kristo ari ubutunzi buruta ubwo abanyegiputa babitse bwose."

Yatekereje atyo kuko ari ko byari biri koko. Paulo yaravuze ati: "Ibyari indamu yanjye nabitekerezako ari igihombo kubwa Kristo, ndetse n'ibintu byose mbitekerezako ari igihombo kubw'ubutunzi butagira akagero aribwo kumenya Kristo Yesu. Kubw'uwo nahombye ibyanjye byose ndetse mbitekereza ko ari amase kugirango ndonke Kristo" Abafilipi 3:7,8. Yari anyuzwe n'amahitamo ye.

Mose yari yaragenewe ubwami bwa Farawo n'intebe y'ubwami; ariko ibinezeza by'ibyaha byatumaga umuntu yibagirwa Imana byari byuzuye I bwami, maze Mose yihitiramo "ubutunzi buhoraho no gukiranuka" Imigani 8:18. Aho kugundira ikuzoryomu Egiputa, Mose

ahitamwo guhuza imibereho ye n'umugambi w'Imana. Aho gushyiraho amategeko agenga Egiputa, yakoreshejwe n'Imana ashiraho amategeko yo kuyobora isi yose. Yabaye igikoresho cy'Imana mu guha abantu ayo mahame ari yo ngabo ikingira umuryango na rubanda, akaban'ibuye rikomeza imfuruka kw'iterambere no kugubwa neza kw'amahanga, -- amahame yemerwa n'abakomeye muri ikigihe nk'urufatiro rw'ibyiza byose mu miyoborere y'abantu.

Gukomera kwa Egiputa ubu kwaguyemu mukungugu. Ubutwareno kwamamara kwayo byarangiye. Ariko umurimo umurimo wa Mose ntuzigera uzimangana na rimwe. Amahame akomeye yo gukiranuka ayo yashyizeho mubuzima bwe n'ay'iteka ryose.

Imibereho ya Mose igoranye kandi igizwe n'inshingano zishengura umutimayamurikirwaga "n'inyamibwa iruta abantu inzovu" ariyo Yesu "uw'igikundiye rwose." *Indirimbo ya Salomo 5:10,16*. Hamwe na Kristo mu ruzerero rwo mubutayu, hamwe na Kristo kumusozi yihinduriyeho, hamwe na Kristo mu bikaribyo mu ijuru, imibereho ya Mose yabaye imibereho yahawe umugisha, kandi itanga umugisha ku isi, nanone iba imibereho y'icyubahiro mu ijuru.

Paulo nawe, mu mihati myinshi, yakomejwe n'ubutabazi bw'imbaraga mvajuru, nkuko yavuze ati: "nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" ninde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese n'amakuba cyangwa n'ibyago, Cyangwa n'ukurenganywa, Cyangwa n'inzara, Cyangwa ni ukwambara ubusa, Cyangwa ni ukuba mukaga, Cyangwa ni inkota?...muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze, kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu, cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika, cyangwa abategeka, cyangwa ibirih, cyangwa ibizaza, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijya epfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu umwami wacu" *Abafilipi 4:13, Abaroma 8:35, 37-39*.

Nyamara hariho ibyishimo by'ahazaza aribyo paulo yategerezaga nk'ingororano z'imihati ye, ibyo byishimo nibyo byateye Kristo kwihanganira umusaraba ntiyita kw'isoni zawo, aribyo byishimo byo kuzabona umusaruro w'umurimo we. Yandikiye abizera b'i Tesalonike agira ati: "ibyiringiro byacu ni iki, cyangwa ibyishimo, cyangwa ikamba ryo kwirata? Si mwebwe se, mumaso y'umwami wacu Yesu ubwo azaza?kuko arimwe cyubahiro cyacu n'ibyishimo byacu." 1 Abatesalonike 2:19,20.

Ninde wamenya umusaruro w'umurimo Paulo yakoreye isi yacu? Mu byitegererezo byose by'indema mutima twahawe, byo kuduha ihumure mu mibabaro, no kudufasha kurwanya ibibi, bikadufasha kugira ubuzima buzira kwikunda no kwandagara, kandi bikarimbisha ubuzima ibyiringiro byo kudapfa, niibingana ikidukeshya imihati ya Paulo n'abakozi bagenzi be, bakoze muri Aziya no munkengero z'uburayi bamamaza ubutumwa bwiza bw'umwana w'Imana mungendo zuzuye imibabaro itagereranwa?

Ni iby'igiciro kingana iki kuba umuntu yarabaye igikoresho cy'Imana cyo kunyuzwamo bene ibyo byitegererezo by'umugisha? Kandi bizaba ari iby'igiciro kingana iki kwitegereza musaruro w'umurimo nk'uwo mu gihe kidashira?

### ***ICYIGISHO CYA 8 :Umwigisha Watumwe n'Imana***

Nuko muzirikane uwo wihanganiye ubwanzi bw'abanyabyaha...*Abaheburayo*12:3

"Azitwa igitangaza,umujiyemama, Imana ikomeye,Data wa twese uhoraho,Umwami w'amahoro"*yesaya* 9:5

Binyuriye mu mwigisha watumwe n'Imana, ijuru ryari rihaye abantu impano y'ingenzi kandi ihebuje byose. Wa wundi wari warahagaze mu nama z'Isumbabyose, akaba mubwiru bw'amabanga y'Uwiteka, niwe

watoranirijwe kwigira umuntu kugirango aheshemwene muntu kumenya Imana.

Buri murasire w'umucyo mvajuru wamurikiye iyi si yaguye wanyuze muri kristo. Niwe wavugiye mubo mu bihe bitandukanye bagiye bamenyesha abantu ijambo ry'Imana. Ibyiza byose byagaragariye mu bera bo mu isi byari ukwigaragaza kwe. Kubonera n'ubugiraneza bya Yozefu, kwizera, kugwa neza, no kwihangana kwa Mose, gushikamakwa Elisa, ubunyangamugayo no gushinyirizakwa Daniyeli, umwete no kwitamba kwa Paulo, imbaraga z'ubwenge n'iz'Umwuka zagaragariye muri abo bagabo n'abandi babayeho kuri iyi si yari imirasire y'ubwiza bwe. Muri we niho hari gutungana kuzuye.

Kristo yazanywe mw'isi no kugaragaza ko uko gutungana arirwo rugero rusabwa kugerwaho; kugaragaza icyo abamwakira bahinduka cyo kubwo gufatanywa k'ubumuntu n'ubumana. Yazanywe no kwereka abantu ko bagomba gutozwa kubaho uko bikwiriye abana b'Imana; uko baba kw'isi bagendera mu mahame mvajuru, bakabaho imibereho y'ijuru.

Uwiteka yatanze iyo mpano ihebuje kugirango irangize ikibazo cyose cya mwenemuntu. Umucyo wabonetse igihe umwijima mwinshi wari ubuditse mu isi. Kubw'inyigisho z'ibinyoma ubwenge bw'abantu bwari bumaze igihe kirekire buvuye ku Mana. Imyigishirize y'icyo gihe, yatumye ubucurabwenge bwa muntu bujya mu mwanya w'amahishurwa mvajuru. Mu mwanya w'urugero rw'ukuri rwatanzwe n'ijuru baribarishyiriyeho urwabo. Bari barateye umugongo umucyo w'ubugingo kugirango bagendere mu mucyo w'imuri bikongereje. Bamaze gutandukana n'Imana, bagasigara bishingikirije ku mbaraga za kimuntu gusa, izo mbaraga zabahindukiye intege nke. Ndetse n'urugero bishiriyeho nti bashoboraga kurugeraho. Kubura kwera nyakuri bisimbuzwa ishusho yo kwera. Kwiyoberanya bisimbura ukuri.

Uko ibihe byahaga ibindi hahagurukaga abigisha bayoboraga abantu ku isoko y'ukuri. Amahame y'ukuri akamamazwa ndetse imbaraga

z'ayo mahame zikagaragarira mu mibereho y'abantu. Ariko uko guhwiturwa ntikwagiraga umusaruro urambye. kwari gukoma mu nkokora gusa umuvumba w'ikibi ariko bidahagaritse kuvubura kwawo. Abo bagorozi bari umucyo umurikira mu mwijima; ariko badashobora gukuraho umwijima. "abantu bakunze umwijima bawurutisha umucyo" Yohana 3:19.

Igihe Kristo yazaga mu isi, byasaga nkaho inyokomuntu yari hafi kugera ku ndiba yo kurohama. Imibereho y'abantu yari yarononekaye. Ubuzima bw'abantu bwari bushingiye ku kinyoma no ku bihimbano. Abayuda bamaze kubura imbaraga y'ijambo ry'Imana bigishaga isi imigenzo yica ubwenge ikanangira imitima y'ibihimbano byabo. Gusenga Imana "muMwuka no mukuri" byari byarasimbuwe no guhimbaza abantu mumimahango itabarika yahimbwe n'abantu. Mu isi yose iyobokamana ritakaza agaciro muntekerezo no mumitima y'abantu. Abantu bamaze kuzinukwa ibihimbano n'imigani y'ibinyoma birundurira mugukiranirwa no mugukunda indamu. iby'iteka bibava mu bwenge, babaho batumbiriy iby'iki gihe.

Bamaze kureka kubaha Imana, basigaye batacyita no ku bantu. Ukuri, icyubahiro, ubunyangamugayo, kwiringirwa, n'impuhwe, byari biri gukurwa ku isi. Ubuhahara bukabije, bubyara kutiringirana mu bantu bose. Gutekereza iby'inshingano, umunyembaraga afite ku munyantegenke, agaciro n'uburenganzira bw'umuntu nk'umu ntu bitabwa kure nk'inzozi cyangwa ibihimbano. Rubanda rugufi bafatwaga nk'amatungo ni ibikoresho byabafashaga kugera kumigambi yabo. Ubukire, ubutware, gushimwa, ubuzima bworoshye byashakwaga nk'ubutunzi buruta ubundi bwose. Gusigingira kw'impagarike, kwangirika ko mu bwenge, gupfa muby'umwuka nibyo byarangaga icyo gisekuru.

Irari ribi n'imigambi y'abantu bimaze kwirukana Imana muntekerezo zabo, barushaho kwibagirwa Imana maze birundurira mu kibi. Mu gukunda icyaha batangira kucyitirira Imana, maze ibyo bituma icyaha kigwiza imbaraga. Kubwo gunda kwinezeza, abantu bagera aho

babona ko Imana ihwanye nabo—ko ari ikiremwa gifite imigambi yokwishakira icyubahiro, amategeko yayo akaba abereyeho kuyinezeza; ikiremwa gishyira abantu hejuru cyangwa kikabacisha bugufi hakurikijwe uko bashyigikira cyangwa bagakoma mu nkokora imigambi yacyo yo kwikunda. Abaciyebugufi bo babonaga ko Imanantaho itandukaniye ababahataga, uretse kubarusha imbaraga. Ibyo nibyo bitekereze byaribigize imyemerere yose y’idini. Ibyo bibyara imikorere yo kwihata. Abasenga bageragezaga gucururutsa Imana bakoresheje impano, n’imigenzokugira ngo hire imigambi yabo. Iyobokamana nk’iryo ritakabakabaga ubwenge, n’imitimanama ntakindiriyari rimaze uretse ubwinshi bw’imihango yari maze kurambirubanda, kandi bifuzaga kuyigobotora keretse gusa inyungubibwiraga ko bayikuramo. Bityo ikibi kidakumiriwe n’icyaburaga gukuza amajyambere mugihe gukunda ibyiza ndetse no kwifuzza kubisohozza byarushagaho gusigingira. Abantu batakaza ishusho y’Imana basigara bagaragaraho ikimenyetso cy’ubutware bwa Satani bari barimo. Isi yose ihinduka indiri yo kononekara.

Inyokomuntu yari isigaranye ibyiringiro bimwe rukumbi—byuko muri urwo ruhuri rw’imihango yonona, hagomba gushyirwamo umusemburo mushya; mwenemuntu agahabwa imbaraga ituma agira imibereho mishya; kandi isi ikagarurwamo kumenya Imana.

Kristo yazanywe no kugarura kumenya Imana mu isi. Yaje gushyira kuruhande inyigisho z’ibinyoma zari zaratumye abavugagako bazi Imana bayigaragaza uko itari. Yaje guhishura imiterere y’amategeko y’Imana, no kugaragariza mu mico ye bwite ubwiza no kwera kwayo.

Kristo yaje muri iyi si afite urukundo rw’iteka ryose. Akuraho uruhato rwari karabereye inkomyi amategeko y’Imana, yerekana ko ayo mategeko yari ay’urukundo, kandi agaragaza ubugiraneza bw’Imana. Yerekana ko kumvira amahame yayo bitera abantu umunezero, kandi koguhama kwayo, ari rufatiro rukomeye rw’imibaniremyiza y’abantu.

Aho kuba amabwiriza y’igitugu, amategeko y’Imana yaherewe abantu ngo ababere uruzitiro, n’ingabo yo kubarinda ikibi. Umuntu wese

wemera kugendera mu mahame yayo ikibi ntikumugeraho. Gukiranuka ku Mana bitera gukiranuka ku bantu. Uko niko amategeko arinda uburenganzira n'ubumuntu bya buri wese. Abuza abatware kurenganya kandi akabuza abagaragu kutumvira. Atuma abantu babaho neza muri iyi si no mw'isi izaza. Ku bumvira, amategeko ni ingwate y'ubugingo buhora, kuko amahame ayagize ari ay'iteka ryose. Kristo yaje kwerekana agaciro k'amahame mvajuru, abikoresheje guhishura imbaraga zayo zihembura ikiremwa muntu. Yaje kwigisha uko twayateza imbere n'uko twayagenderamo.

Ku bantu b'icyo gihe, agaciro k'ibintu byose kari gashingiye ku bigaragara inyuma. Uko idini ryarushagaho kuzimiza imbaraganiko ryarushagaho kugwiza icyubahiro. Abigisha b'icyo gihe bashakiraga icyubahiro mu kwigaragaza no kwitaka. Imibereho ya Yesu yari itandukanye byihabya n'ibyo byose. Imibereho ye yagaragaje kutagira umumaro kw'ibintu byose abantu bafataga nk'ubutunzi bw'ingenzi mu mibereho yabo. Yavukiye ahantu horoheje cyane, abaho kandi aya gikene, akora umwunga w'ububaji, abaho ubuzima buciye bugufi, yifatanya n'indushyi zo mu isi, muri ubwo buzima, Yesu yashyiraga mubikorwa umugambi w'uburezi mvajuru. Ntiyagiye mu mashuri yo mu gihe cyeye, kuko ayo mashuri yererezaga ibidafite agaciro, agapfobya ibifite agaciro gakomeye. Uburezi bwe yabukomoraga, ku masoko mvajuru; ariyo imirimo y'ingirakamaro, kwiga ibyanditswe n'ibyaremwe, inararibonye y'ubuzima—ibitabo Imana yigishirizamo, byuzuye inyigisho kuri buri wese ubyiga afite ubushake, ubushishozi, n'umutima usonzeye gusobanukirwa.

“Nuko uwo mwana arakura, agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge kandi Ubuntu bw'Imana bwari muri we” luka 2:40.

Amazegutegurwa atyo, atangira umurimo we, mu mibanire ye n'abantu yabagiragaho imbaraga rukuruzi ibazanira umugisha, imbaraga ihindura, iyo isi itigeze imenya.

Umuntu wese ushaka guhindura abantu, agomba mbere na mbere gusobanukirwa imiterere ya muntu. Binyuriye gusa mu mpuhwe, kwizera



n“urukundo nibwo abantu bashobora kugerwaho bakanazahurwa. Uko niko Kristo agaragazwa nk“umwigisha mukuru; mu babayeho ku isi, niwe wenyine usobanukiwe neza umutima wa mwene muntu.

“Kuko tudafite umutambyi mukuru”—ni ukuvuga umwigishamukuru, kuko abatambyi bari abigisha—utabasha kubabarana natwe muntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe.”  
*Abaheburayo 4:15*

“kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose” *Abaheburayo 2:18*

Kristo niwe wenyine ufite inararibonye y“imibabaro yoseni bishuko byose bigwirira abantu. Ntawo mu babyawe n“umugore wigeze ageragezwa bikomeye nkawe; nta wundi muntu wigeze aremererwan“umutwaro w“icyaha n“uburibwe by“abari mu isi nkawe. Nanone ntawundi wigeze agirira abantu impuhwe zimbitsen“ibambe nkawe. Mugusangira inararibonye n“ikiremwa muntu, ntabwo yifatanya gusa n“abamerewe n“ibirushya n“abageragezwa, ahubwo anababarana nabo.

Yasaga n“ibyoyigisha. Yabwiye abigishwa be ati: “mbahaye icyitegererezo kugirango mukore nkuko mbakoreye.”“Nitondeye amategeko ya Data” *Yohana 13:15; 15:10*. Uko niko imibereho ya Kristo yashyigikiraga ikanahamya neza amagambo ye. Ibirenze ibyo, yabagahonkuko yigishaga. Amagambo ye ntiyagaragazaga gusa inararibonye y“ubuzima bwe, ahubwo n“imico ye. Ntiyigishaga ukuri gusa ahubwo ubwe yari ukuri. Ibyo nibyo byahaga imbaraga inyigisho ze.

Kristo yacyahaga ikibi akiranutse. Ntawo mu babaho wigeze yanga icyaha nkawe; ntan“uwigeze gutinyuka kwamagana ikibi nkawe. Kuboneka kwe ubwabyo, kwari umucyaho uhoraho ku gikorwa cyose cyo kwiyandarika no kutavugisha ukuri. Mumucyo wo gutungana kwe, abantu babonaga kudatungana kwabo, n“ububi bw“imigambi yabo. Nyamara we, akabireherezaho. We nk“umuremyi, yari azi agaciro k“ikiremwa muntu. Yamaganaga ikibi, akakibona nk“umwanzi w“abo

yifuzaga guha umugisha no gucungura. Buri kiremwa muntu nubwo cyaguye bishayishije yakibonagamo kuba, umwana w’Imana, ushobora kongera kugirana isano yihariye nayo.

“kuko Imana itatumye umwana wayo mu isi gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugirango abari mu isi bakizwe nawe.” *yohana 3:17*. Mu kwitegereza imibabaro no kwangirika kw’ikiremwa muntu, Kristo yabonye impamvu z’ibyiringiro ahagaragaraga ubwihebe no kurimbuka. Umuntu wese wiyumvishaga amakene ye, Kristo yabonaga ko afite amahirwe yo kumuzahura. Imitima igeragezwa, icitse intege, yiyumva ko yazimiye, iri hafi kurimbuka; Kristo ntiyayisanganizagacyaha, ahubwo yayisanganizaga umugisha.

Imigisha niyo ndamukanyo yahaga ikiremwa muntu cyose. Yitegereje imbaga y’abantu yari iteranirijwe ku musozi no kumva ikibwirizwa, asa nk’aho yibagiwe ko atari mu ijuru, maze akoresha indamukanyo isanzwe imenyereye yo mu ijuru. Mukanwa ke havubura imigisha imeze nk’amazi y’isoko itobotse.

Atera umugongo abirasi bo mu isi biyumvamo ko bihagije, Kristo avuga ko abahirwa ari abakira umucyo n’urukundo rwe, bona nubwo baba ari abatindi. Abakene mu mitima, abashavuye, ndetse n’abarenganywa yabaramburiye ibiganza agira ati: “nimuze munsange ndabaruhura” *Matayo 11:28*.

Ikiremwa muntu cyose yakibonagamo ubushibozi butagereranywa. Yabonaga uko abantu bashobora guhindurwa binyuze mu buntu bwe bakarabagiranaho “ubwiza bw’Uwiteka Imana yacu.” *zaburi 90:17*. Arebye abantu yuzura ibyiringiro. Kubwo, kubegera abafitiye icyizere, abatera kumwiringira. Kubwo kugaragariza mu mibereho ye gutungana nyakuri, abakanguramo icyifuzo, n’icyizere cyo kugera kuri uko gutungana. Kuba hamwe nawe byateraga imitima isuzuguwe, ndetse yirerengagijwe kongera kwigaruramo icyizere ko ari bantu, kandi bakifuzaga kugaragaza ko bakwiriye kwitabwaho nawe. Imitima myinshi yagaragaraga ko yapfuye ku birebana no kwera yakangurwagamo

ibiyumviro bishya. Imitima myinshi yabaga yihebye yongeraga gusubizwamo ubushobozi bw'imibereho mishya.

Kristo yiziritse ku abantu akoresheje umurunga w'urukundo no kwitanga; binyuriye na none muri uwo murunga arabegeranya ubwabo. Kuri we urukundo rwari ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari ugukorera abandi. yarababwiye ati: "mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi" *Matayo 10:8*.

Ntabwo ari k'umusaraba gusa Kristo yitangiye umuntu. Ubwo "yagendaga agirira abantu neza" *ibyakozwe n'intumwa 10:38* ubuzima bwe bwa buri muni bwari ukwitamba. Hari nzira imwe rukumbi yagombaga kumushoboza kubaho ubwobuzima, ni ugutega amakiriro ku Mana no gusabana nayo. Yesu yiringiraga Imana mu buryo bwuzuye kandi yagiranaga umushyikirano uhoraho nayo. Muri iki gihe abantu bashobora gufata akanya ko guhungira mubwihisho bw'Isumba byose, no mugicucu cy'Ishobora byose; umusaruro wabyo ukagaragarira mu bikorwa byiza; nyuma ukwizera kugacogora, umushyikirano wabo n'Imana ugacikamo mazeimihati yubuzimabwabo igahindana. Ariko imibereho ya Yesu yanzwe no kwiringira kudatezuka gukomejwe no gushyikirana n'Imanamu buryo buhoraho; Yesu yakoreye ijuru n'isi atanirwa kandi adateguza.

Mu bumuntu bwe, yegeraga intebe y'ubwami y'Imana, ayitakambira kugeza ubwo yakira imbaraga mvajuru ishoboza ikiremwa muntu gushyikirana n'ijuru. Maze ubugingo yakiriye buturutse ku Mana abushikiriza abantu.

"Ntabwo higeze kuba umuntu uvuga nkawe." *Yohana 7:46*. Kristo yari guhwana n'abandi bigisha iyoaza kuba yarigishagagusa ibijyanye n'umubirin'iby'ubuhanga, cyangwa iyo aza kwibandaku migenzo n'ibitekerezo by'abantu. Yari ashoboye kwerekana ubwiru bw'iby abantu bahirimaniye gusobanukirwa mu binyejana byinshi. Yari ashoboye kuzana ingingo zikomeye z'ubumenyi zagombaga gutunga intekerezo no kuzibyutsamo ubushakashatsi mu bihe byose. Nyamara siko yabikoze. Nta jambo na rimwe yavugiraga kunezeza amatsiko

y'abantu cyangwa gukangura ibyifuzo byabo byo kwikunda. Ntabwo yitaye ku myigishirize yari yinganje mu gihe cye, ahubwo yitagaku bintu by'ingenzi byateza imbere imico; bikagura ubushobozi bw'umuntu bwo kumenya Imana, kandi bikamwongerera ubushobozi bwo gukora neza. Yigishaga ukuri kujyanye n'imibereho y'abantu kandi kugamijekwegereza umuntuImana.

Mucyimbo cyo kuyobora abantu ku kwiga, ibyo abantu bavuga ku Mana, ku mirimo yayo, cyangwa ku ijambo ryayo; We yabigishijekwitgereza Imana nk'uko yigaragarije mu mirimo yayo, mu ijambo ryayo no mu bugiraneza bwayo. Yashakaga ko imitima yaboisabana n'Imana.

Abantu "batangazwa no kwigisha kwe, kuko ijambo rye ryari rifite ubushobozi" *Luka 4:32*. Nta muntu, wari warigeze avugana ubushobozi bwo gukangura intekerezo, kumurikira ibyifuzo, gukangura ubushobozi bw'umubiri, ubw'intekerezo n'umutima nka We. Inyigisho za Kristo, kimwe n'urukundo rwe, bibumbatiye isi yose. Nta cyatugwirira mu buzima, nta kaga kabaho mu buzima bwa muntu katabonerwa umuti mu nyigisho ze, cyangwakatavuzweho muri zo. Kristo umwigisha w'abigisha, amagambo ye azakomeza kuyobora abakorana nawe kugeza ku mperuka.

Ibiriho n'ibizaza, ibirihafi n'ibirikure byose byari kimwe kuri We. Yari asobanukiwe amakene y'umuntu wese. Ku mutima we yazirikanaga imihati ya buri muntu n'umusaruro wayo, akazirikana ibishukon'intambara, impagarara n'akaga ahura nabyo. Yari azi buri umutima na buri rugo, akamenya ibinezeza buri wese, kimwe n'ibyishimo n'imigambi bya buri wese.

Ntiyabwiriraga abantu muri rusange gusa ahubwo yabwiraga na buri wese ku giti cye. Yishimiraga kubana n'umwana muto mu byishimo bye by'ubwana; ndetse yihanganiraga kubana n'umusore mu mashagaga no kutihanganako mu mabyiruka; yiyegerezaga abasheshe akanguhe mu maganya no mu inshingano bikoreye; n'abasaza, mu ntegenke no

kunanirwa kwabo,—ubutumwa bwe bwabaga abantu bose bo mu bihugu byose no mu bihe byose.

Mu nyigisho ze hari hakubiyemo iby’igihe cya nonehamwe n’iby’iteka ryose, ibiboneka n’ibitaboneka, ibigenda bibaho mu buzimabusanzwe ndetse n’ingingo zikomeyeyirebanan’imibereho y’ahazaza.

Ibyo mu mibereho y’ubu buzima yari azi kubishyira mu mwanya wabyo, kabone nubwo yagaragazaga ko bigomba kubanzirizwa n’ibifite inyungu zihoraho,nyamara ntabwo yirengagizagaakamaro kabyo. Yigishaga ko ijuru n’isi bizirikanijwe, kandi kokumenya ukurimvajuru ari byo bitegurira umuntu kuzuza neza inshingano zo mumibereho ya buri muni.

Kuri we nta cyakorwaga kitagira umugambi. Imikino y’umwana, imirimo iruhaniye y’abakuze, ibinezeza, amaganya ndetse n’imibabaro yo mu buzima; byose yabihinduraga uburyo bwo kugaragaza Imana, ndetse no kuzahura ikiremwa muntu.

Ijambo ry’Imana ryavaga mu kanwa ke ryageraga mu mitima y’abantu ryuzuye imbaraga n’ubusobanuro bushya. Inyigisho ze zatumaga ibyaremwe byongerakugira agaciro. Ibyaremwe byagarurirwagakurabagirana byari byaranyazwe n’icyaha. Muri buri kintuno muri buri gikorwacyo mu buzimahagaragaragamo inyigisho mvajuru n’inzira yo gusabana n’ijuru. Imana yari yongeye gutura ku isi bundi bushya; imitima y’abantu yiyumvagamwo kobari imbere yayo; isi yari izengurutse n’impumuro y’urukundo rwayo. Ijuru ryari ryamanukiye abantu. Muri Kristo imitima y’abantu yasobanukirwaga uwabakinguriye amarembo y’ubumenyi bw’iteka ryose.

“Emanweli, ... Imana iri kumwe natwe.”

Uwo mwigisha wavuye ku Mana niwehuriro ry’umurimo wose w’uburezi nyakuri. Kubirebana n’umurimo ukorwa muri iyi minsi, kimwe n’umurimoyatangije mu myaka igihumbi Magana inani ishize, Umukiza aravuga ati:

“Ndi uwambere kandi ndi uw’imperuka kandi ndi uhoraho”  
Ibyahishuwe 1:18

“Nijye Alufa na Omega, Itangiriro n’Iherezo”Ibyahishuwe 1:18; 21:6.

Kuba imbere y’umwigisha nk’uwo, no kugira mahirwe ahebuje yo kwakira uburezi mvajuru; mbega ukuntu bwaba ari ubupfapfabukabije gushakira uburezi kure y’uwo; gushaka kuba umunyabwenge witandukanije na Bwenge; gushaka kuba umunyakuri kandi wanga ukuri; gushaka kumurikirwa uri kure y’umucyo; gushaka kubaho uri kure y’ubugingo; no gutera umugongo isoko y’amazi y’ubugingo kugirango wicukurire igitega gitobotse kitabashaka gukomeza amazi!

Dore, aracyaturarika agira ati: “umuntu nagira inyota aze aho ndi anywe. Unyizera imigezi y’amazi y’ubugingo izatamba iva munda ye nkuko ibyanditswe bivuga.” Amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y’amazi adudubiza kubugingo buhoraho.” Yohana 7:37-38; 4:14.

### ***Icyigisho cya 9 :Imikorere Ya Kristo***

*Abo wampaye mu isi mbamenyeshya izina ryawe.*

*Bari abawe urabampa, none dore bitondeye ijambo ryawe.* Yohana 17:6

Gutozwa kw’abigishwa ba mbere cumi na babiribiduha icyitegererezo cyiza cy’imikorereya Kristo nk’umwigisha. Abo bigishwa bagombaga kwikorezwa inshingano zikomeye. Yesu yari yarabatoranirije kugirango abuzuze Umwuka we; mazeabategurire

kuzakomeza umurimo we hano ku isi, igihe we yari kuba ayivuyemo. Abo babonye amahirwe yo kubana nawe kurusha abandi bantu bose. Binyuriye mu kubana nabo, yashoboyegucengezaimico ye muri abo bakozi yatoranirije gufatanya na we. Yohana ukundwa yaravuze ati: “Ubwo bugingo bwarerekanye. Turabubona, turabuhamya.” 1 Yohana 1:2.

Binyuriye gusa mu musabano nk’uwo—umusabano ugusanganya intekerezozo umuntu n’iz’Imana, umutima wen’uw’Imana; nibwo hashora kubonekaimbaraga ibeshaho, ari nayo mbaraga itangwa n’uburezi nyakuri. Ubugingo nibwo bwonyine bubyara ubundi. Mu gutoza abigishwa be, Umukiza yakurikije ihame ry’uburezi bwari bwarashyizweho uherye mbere na mbere. Cumi na babiri babanje gutoranywa ndetse n’abandi bake bake bagiye babiyongeraho bamufasha mu murimo we, nibo bari bagize umuryango wa Yesu. Babanaga nawe munzu, ku meza bafungura, no mu murimo. Bajyaga bamuherekeza mu ngendo ze, bagasangira nawe ibigeragezo n’imibabaro, kandi uko bashoboye kose bakamufasha mu murimo we.

Rimwe na rimwe yabigishaga bicaye hamwe mu ibanga ry’umusozo; ubundi akabigishiriza ku nkengero z’inyanja; cyangwa se mu bwato bw’abarobyi; ibindi bihe akabigishirizamu nzira bagendana nawe. Igihe cyose iyo yabaga yigisha iteraniro rinini, abigishwa be babaga bamuri iruhande, kugirango hatagira ikintu na kimwe kibasoba munyigisho ze; bari abigishwa batega amatwi, banyotewe no gusobanukirwa ukuri bagombaga kuzigisha abantu bo mu isi yose kandi b’ibihe byose.

Abanyeshuri ba mbere ba kristo bakomokaga muri rubanda rugufi. Bari abantu boroheje, batize, abarobyi b’i Galilaya; abantu batigishijwe ubumenyi imigenzo y’abigishamategeko, ahubwo bari barigishijwe n’igorane n’imiruho. Bari abantu bafite ubushobozikaremano, imitima ihugurika; abantu bashoboraga kwigishwa kandi bagategurirwa umurimo wa Nyagasani. Murirubanda rusanze harimo abantu b’abakozi basohozwa inshingano yabo ya buri muni bihanganye, badasobanukiwe

n'impano z' agahebuzo zibarimo, kandi ziramutse zikanguriwe gukora, zabashyira mu mwanya w'abayobozi bakomeye. Abantu nkabonibo Umukiza yahamagariye gukorana nawe. Abo bagize amahirwe ahebuje yo kwigishwa imyaka itatu n'umwigisha mukuru uruta abandi bose bigeze babaho ku isi.

Abo bigishwa ba mbere ntibari bahujeimico n'imiterere. Bari barahamagariwe kuba abigisha b'isi yose, bityo bagereranyaga imico inyuranye cyane y'abagombaga guhura nabo. Hari Lewi Matayo umukoresha w'ikoro, yahamagawe avuye mu mirimo y'ubucuruzi nk'igikoreho cy'abaroma; Simoni Zelote, wariumwanzi ukomeye w'ubutegetsi bwariho; Petero, wahubukaga, wiyiringira ariko akagira umutima ukunda hamwe na Andereya mwene se; Yuda w'I buyuda intyoza, umuhanga ndetse uciye bugufi; Filipo na Tomasi abizerwa kandi b'abanyakuri; ariko batindaga kwemera; Yakobo, ugayitse mu bandi na Yuda umunyambaraga mumafuti kimwe no mubyiza; Natanayeri, wari ufite ubunyangamugayo no kwizera nk' iby' umwana; N'abahungu ba Zebedayo bahataniraga icyubahironyamara bagira igikundiro.

Kugira ngo bakorane intsinsi umurimo bari barahamagariwe, kandi aho imico yabo, uburezi bwabo, n'akamenyero kabo bitandukanye byihabya, bagombaga kwiga kwiyumvsha, gutekereza, no gukorera muribwa bumwe Kristo yashakaga ko bageraho. Kandi yashakaga ko bagirana umushyikirano nawe ubwe; inkeke yari afitiye uwo murimo igaragarira muri iri sengesho "ngo bose babe umwe nkuko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe ngo nabo babe umwe muri twe... Ngo abisi bamenyeko ari wowe wantumye, ukabakunda nkuko wankunze" Yohana 17:21,23.

### Imbaraga ihindura ya Kristo

Bane muri abo cumi na babiri bagombaga gukora murimo wo kuyobora, buri wese muburyo butandukanye n'ubw'undi. mukubategurira uwo murimo Kristo yabanje kureba ibyo bazahura nabyo byose. Yakobo aringanirizwa gupfa gitunguro yicishijwe inkota; Yohana



niwewakurikiyeshebuza igihe kirekire mu murimo we ndetse no mu kurenganywa kwe; Petero ateganirizwa kuba uwambere mugusenya insika za basekuruza kandi akabwiriza ubutumwa bwiza isi yab'apagani; ndetse na Yuda wagombaga kuba ku mwanya wa mbere muri bene se ariko wibwiraga mumutima we imigambi Atari asobanukiwe ingaruka zayo. Abo bose uko ari bane nibo Kristo yari yitayeho kurusha abandi, kandi yabigishanyaga ubwitonzi bukomeye ndetse afite no kutarambirwa.

Petero, yakobo na yohana bashakaga uburyo bwose bwatuma bagirana umushyikirano wa bugufi n'umwigisha wabo kandi imigambi yabo yarasubijwe. Muri abo Cumi na babiri abo nibo bagiranaga umushyikirano wa bugufi na Yesu. Yohana we ntiyashoboraga kumva aguwe neza keretse ahoranye umushyikirano wa bugufi n'umukizakandi ibyo yabigezeho. Igihe yohana na Andereya babonana nawe bwambere ku nkengero ya Yorodani, , nyuma yo kumva Yesu Andereya we yihutiye guhamagara mwene se, Yohana we yakomeje kwicara acecetse yaguye mu kayubiyibaza kuri izo nyigisho zitangaje. Akurikira Umukiza, iteka akajya amutega amatwi afite amatsiko, yatwawe n'inyigisho ze. Ariko ibyo ntibivuze ko Yohana yari ntamakemwa. Ntabwo yari umugwaneza, wifuzaga gutwarwa n'akaje kose: we na mwene se bitwaga "abana b'inkuba" Mariko 3:17. Yohana yari umwibone, uhubuka, umunyamahane, umurwany, ariko muri izo ntege nkeya, umwigisha wo mu ijuru yamubonagamo umutima ugurumana, utaryarya kandi ukunda. Yesu yacyashye kwikubira kwe, aca intege imigambi ye mibi kandi agerageza kwizera kwe. Nyamara amuhishurira ibyo umutima we wifuzaga kumenya: aribyo ubwiza bwo kwera, imbaraga ihindura y'urukundo mvajuru. Yesu yabwiye se ati:

"abo wampaye mu isi mbamenyeshya izina ryawe" Yohana 17:6

Yohana yari akeneye kwitabwaho, kugirirwa impuhwe n'ubucuti. Yahoraga iruhande rwa Yesu, akicara iruhande rwe, akegamira mugituzza cye. Nkuko ururabyo rucengerwamo n'izuba n'ikime niko yacengewemo n'umucyo ndetse n'imibereho mvajuru. Yuzuwemo no

kuramya, yajyaga yitegerezaga Umukiza, asigara icyifuzo cye rukumbi ari icyo gusa na Kristo, ndetse no kujya ashidikirana nawe kugeza ubwo imico ye igaragaza icy'umwigisha we.

Dore yaranditse ati: “ Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwira abana b’Imana kandi niko turi. Nicyo gituma abisi batatumenya kuko batayimenye. Bakundwa ubu turi abana b’Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa icyakora icyo tuzi nuko Yesu niyerekanwa tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneze nkuko uwo aboneye” 1 Yohana 3:1-3.

### Kuva muntege nke ujya mubaraga

Ntamateka y’imibereho y’umwigishwa numwe yadufasha gusobanukirwa uburyo bw’imyigishirize ya Kristo nk’aya Petero. Yari Umunyamuhari, umunyamujinya, kwiyiringira, yihutiraga kumva kimwe no gukora, yihutiraga kwihorera nyamara akaba yiteguye no kubabarira, yari umugwaneza yibeshyaga kenshikenshi yagiye agwa mu makosa kandi yacyahwaga kenshi. Gukiranuka kugurumana ko mumutima we no kwitangira Kristo ntabwo byahawe agaciro gake cyangwa ngo bishimagizwe. Yihanganye, n’urukundo rufite umugambi, Umukiza yaberaga maso umwigisha we w’umunyamahane, ashaka kumwerekana kwiyemera kwe ndetse no kumwigisha kwicisha bugufi, kumvira, no kwiringira.

Ariko icyigisho cyentiyagisobanukiye bihagije. kwiyiringira kwe ntikwigeze kumushiramo.

Kenshi iyo Yesu yabaga aremerewe mu mutima, yifuzaga guhishurira intumwa ze imibabaro ndetse n’ibigeragezo byari bimwe tegereje. ariko amaso yabo yari ahumirije. Bangaga iryo hishura ndetse ntibashakaga no kuryumva. Impuhwe bari bamufitiye, gitunyangasangira na Kristo imibabaro, byatumye Petero amuhakanira: ati: “Biragatsindwa mwami, ibyo ntibizakubaho na hato” Matayo 16:22. Ayo magambo yerekana imitekerereze icy’iby n’amarangamutima by’abo cumi na babiri.

Uko igihe cyahitaga, igihe gishishana cyarushago kubasatira;bo bibereye mu mpaka zo kurwanira ubukuru uko bazagabana ibyubahiro by'ubwami; ntibatekerezaga iby'umusaraba.

Ibyabaye kuri Petero byabereye buri wese muri bo icyigisho. Kuri buri wese wiyiringira, iyo ikigeragezo kije kimutera kuneshwa. Kristo ntiyashoboraga kubuza ikibi kwera imbuto zacyo, mu gihe cyahoraga gishyonyagizwa. Ariko nkuko yarambuye ukuboko kwe kugirango akize Petero igihe umuraba wari witeguye kumurengera, ninako urukundo rwe rwashatse kumukiza amazi maremare yari agiye kurengera umutima we. Mbega ukuntu kwihimbaza kwa Petero byari bigiye kumuhitana inshuro ebyiri! Ni kangaha yahawe uyu muburo ngo: “uzanyihakana” luka 22:34. Ibyari byuzuye umutima wa Petero bigaragarira muri aya magambo : “ Mwami niteguye kujyana nawe mu nzu y'imbohe ndetse no murupfu.” luka 22:33. Ariko Usoma mu mitima yahaye Petero ububutumwa, butamusonikiye neza muri ako kanya, ariko mumwijima w'icura burindi bwagombaga kumurika umurasire w'ibyiringiro: “Simoni, Simoni, dore satani yabasabye ngo abagosore nk'amasaka. Ariko weho ndakwingingiyeko kwizera kwawe kudacogora nawe Numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe” Luka 22:31,32.

Igihe bari murukiko ameze kuvuga amagambo yo kumwihakana, maze Yesu akamurebana impuhwe, urukundo n'umubabaro, nibwo urukundo no kumvira bya Petero byakanguwe ibyo bimusubiza mugashyamba aho Kristo asengeye arira; igihe Petero yasukaga amarira y'ipfunwe k'ubutaka bwariwo ibitonyanga by'amaraso ya Yesu, nibwo yasobanukiwe amagambo y'umukizango: “ndakwingingiye ngo numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe” nuko ayo magambo akomeza umutima we. Kristo wari wababajwe nuko yamwihakanye ntiyamutereranye mu bwihebe bwe.

Iyo indoro Yesu yamurebye iza kuba imucira iteka itarimo urukundo, iyo kumubwira icyaha cye, iyo Umukiza atari kuba yaramubwiye amagambo y'ibyiringiro mbega ukuntu umwijima wari uri muri Petero wari kuba icuraburindi! Mbega ukuntu umutima we umenetse wari

kwiheba muri iyo saa y'umubabaro no kwizinukwa! Ni iki kindi cyari kumuzitira ngo adakurikiza inzira yanyuzwe na Yuda?

Yesu ntabwo yashoboraga kubuzaumubabaro kugera ku mwigishwa we, nyamarantiyashoboraga kumutererana muri iyo nararibonye ishariye. urukundo rwe ruhoraraho kandi ruhorana ubushobozi.

Abantu bakunda ikibi, nibo bakunda gusharirira bene se igihe baguye mu gishuko maze bagakora amafuti. Kuko badashobora gusoma mu mitima, ntibazi intambara cyangwa n'imibabaro yayo. Bakwiriye kwigishwa gucyaha gutewen'urukundo, gukomeretsa kugira ngo ukize, imiburo itera ibyiringiro.

Yohana, wakurikiye Yesu kugera murukiko, akanamukurikirakugera ku musaraba, akaba ariwe watanze abo cumi na babiri kugera ku gituro ntabwo ariwe Yesu yavuze mw'izina akimara kuzuka, ahubwo ni Petero. Malayika yaravuze ati: "Mugende mubwire abigishwa be na Petero, muti: „arababanziriza kujya i Galilaya, iyo niho muzamubonera nkuko yababwiye"Mariko 16:7.

Igihe Kristo yabonanagabuhuruka n'intumwa ze ku inkengero z'ikiyaga, Petero amaze gusuzumishwa iki kibazo inshuro eshatu ngo: "mbese urakunda" Yohana 21:17, byatumye asubizwa umwanya we muri abo cumi na babiri. yongeye guhabwa inshinganyo kuragira intama z'Uwitaka. Yesu amuha ihamagara rya nyuma ati: "nkurikira"Yohana 21:22.

Noneho yashoboraga guha amagambo ya Yesu agaciro kayo uko bikwiriye. Inyigisho Kristo yashakaga kwigisha igiheyashyiraga umwana muto hagati y'abigishwa be, ndetse akabararikira kumera nkawe, niho Petero yayisobanukiwe neza. Yari asobanukiwe noneho integenke ziriakamenya n'imbaraga za Kristo, kandi yari yiteguye kwizera ndetse no kumvira. Noneho yashoboraga gukurikira umwigishwa we amutezeho amakiriro.

Ku musozo w'imibereho yeyo gukora no kwitamba, umwigishwa wari waragiye atindagusobanukira iby'umusaraba, noneho yabonaga ari umugisha gutanga ubugingo bwe kubw'ubutumwa bwiza; yiyumvagamo

ko nka we, wihakanye umwigisha we, gupfa urupfu nk'urwe ari iby'icyubahiro gikomeye.

Guhinduka kwa Petero nacyo cyari igitangaza cy'urukundo mvajuru. Ni icyigisho mu mibereho y'umuntu wese ushaka kugera ikirenge mu cy'Umwigisha mukuru.

### Isomo riva mu rukundo

Yesu acyaha abigishwa be, arababurira kandiarabakebura; ariko Yohana, Petero ndetse na bene se ntibamusiga. Bona nubwo yabacyahaga ibihe byinshi bahisemo kugumana na Yesu. Umukiza nawe ntiyigeze abitarura kubera amafuti yabo: Ajya afata abantu uko bari, mu mafuti, n'intege nke zabo maze akabategurira umurimo we, iyo bemeye kwigishwa no gutunganywa nawe.

Ariko umwe muri abo cumi na babiri, Yesu ntiyamucyahaga mu buryo bwahuraniye, kugeza ubwo yari yegereje iherezo ry'umurimo we.

Yuda niwe watezagaamakimbirane mu bigishwa. Mu kwifatanya na Yesu yariyarehejwe n'ubwiza bw'imico n'imibereho ye. Yifuzaga ihinduka ryuzuye muri we kandi yiringiragako ibyo azabigeraho binyuze mu kwifanya na Kristo. Ariko icyo icyifuzo ntiyakigize nyambere mu buzima bwe. Icyifuzo cye cy'ibanze cyari ukuronka inyungu zo kwikundamu bwami yiringiraga ko Kristoazashinga. Nubwo yari asobanukiwe n'imbaraga y'urukundo rwa Kristo, ntiyigeze arwirunduriramo. Yakomeje kugundira ibiyumviro n'ibitekerezo bye, byo kunenga no guca iteka. Kuko atashoboraga gusobanukirwa imigambi n'imigenzereze ya Kristo, ibyobyabyutsaga muri we gushidikanya, kugayano gukemanga imigambi ye, kandi ibyo akabicengeza mu bandi bigishwa. Akenshi impaka zo kwibaza uzaba mukuru muri bo, no kwivovotera imikorere ya Kristo byose byazanwaga na Yuda.

Yesu abonye ko guhangana nawe ntakindi byajyaga kumarauretsekwinangira, yirinda guhangana nawe imbonankubone. Kristo yashakaga gukiza Yuda kwikunda kwe binyuze

mukumugaragariza urukundo no kwitanga. Munyigisho ze, yerekanaga amahame agamije kurandura ibyifuzo byo kwikunda muri uwo mwigishwa we. Muri buri cyigwa Yuda yumvaga imico ye ishyizwe ahabona n'ibyahabye bitunzwe urutoki, ariko ntashake kukireka.

Kwirengagiza guhendahendakw'imbabazi, byatumye umutima we wirundurira mu kibi. Yuda arakazwa no gucyahwa kwa bucece, yihebesha no kubona inzozu ze zitagera ku mugambi, umutima we awegurira dayimoni w'ubugugumaze amaramaza kugambanira shebuja. Ava mucyumba baririyemo pasika, umunezero wa Kristo n'umucyo w'ibyiringiro byo kudapfa byamugurutse, ajya hanze mu mwijima gusohosa umurimo we w'ubugambanyi.

“Uhereye mbere na mbere Yesu yari azi abatizera abo aribo, n'uzamugambanira uwo ari we” Yohana 6:64: Nubwo byari bimeze bityo, ntabwo yigeze ahwema kumugaragariza imbabazi ze n'impano y'urukundo.

Abonye akaga kari kugarije Yuda, aramwiyegereza, amushyira mugatsiko k'abigishwa batoranijwe kandi biringirwa. Umunsi ku wundi, igihe umutwaro w'inshinganowaremereraga umutima we, yongererwaga umubabaro utewe no kubana n'uwo mwigishwaw'intekerezo zicuze umwijima, utava kwizima wahoraga yihatira guteza amakimbirane n'urwikekwe mu bigishwa. Maze akihatira gucubya icyitegererezo cye kibi. Mbega ukuntu ibyo byose yabikorera kugirango hatagira na kimwe kibura cyashoboraga gukiza uwo mutima wari wugarijwe n'akaga!

Amazi menshi ntiyazimya urukundo, N'inzuzi zuzuye ntizarurenga hejuru.

Kuko urukundo rukomeye nk'urupfu.

Indimbo ya Salomo 8:7,6

Kuri Yuda imirimo ya Kristo y'urukundo yabaye imfabusa. Arikoku bandi bigishwa siko byabaye. Ibyo bari barize byari byaracengeye mu mibereho yabo yose. icyitegererezo cy'urukundo, no kwihangana bigiye

kuri Yesu cyabateguriye kubana na bene se bageragezwa. Nyamara icyocyitegererezo cyari gifite izindi nyigisho.. Igihe yatoranyagaintumwa cumi n’ebyiri, abigishwa bagize icyifuzo gikomeye cy’uko Yuda yaba umwe muri bo kandi bemezaga ko kuhaba kwe bizakungahaza agatsiko kabo. Yari azwi kubarusha, yari umunyacyubahiro, yari azi kureba kure kandi yari afite ubushobozi bwo kuyobora; kubw’agaciro yihaga bitewen’impano ze, byateyena bagenzi bekumufata batyo. Ariko uburyo yifuzaga ko umurimo wa Yesu ukorwa bwari bushingiye ku mahame n’imikorereby’iyi si. Bashakaga kumenyekana nokwubahwan’ab’isi.—gushyirahoubwami bwo kw’isi. Imigambi n’imibereho ya Yuda byafashije abigishwa gusobanukirwa itandukaniro riri hagati y’amahame yo kwikuza no kwicisha bugufi n’umwuka wo kwitambawa Kristo, ariyo mahame agenga ubwami bw’Imana. Amaherezo ya Yuda yaberetse neza aho kwikunda gushobora kugeza umuntu.

Kuri izo ntumwa umurimo wa Kristo wageze kuntego yawo. Buhoro buhoro icyitegererezo cye n’ibygisho bye byo kwiyangabyatunganije imico yabo. Urupfu rwe rwabamazemo ibyiringiro byo kuzaba bakuru mu isi. Kugwa kwa Petero, ubuhakanyi bwa Yuda, uburyo buri wese muribo yatereranye Kristo mugihe cy’imibabaro n’akaga yari arimo byabamazemo kwiyumva ko bihagije. Basobanukirwa intege nke zabo; basobanukirwa n’uburemere bw’umurimo bari bashinzwe; Bumva ko bakeneye kuyoborwa na shebuja kuri buri ntambwe.

Bamenye ko Kristo atazakomeza kubana nabo mu buryo bw’umubiri, maze basobanukirwa kuruta mbere hose amahirwe bari bafite igihe bagendanaga kandi bakavugana n’umwana w’Imana. Ibyigisho bye byinshi batahaga agaciro kandi batasobanukirwaga; noneho bifuzaga kongerakubisubirirwamono kongera kumvaamagambo ye. Mbegaukuntu bibukanaga ibyishimo iri sezerano ngo:

“ikizagira icyo kibamarira nuko ngenda, kuko nintagenda umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereza.” “kuko ibyo numvise kuri Data byose mbibamenyesheje.” ndetse “umufasha uwo

Data azatuma mu izina ryanjye niwe uzabigisha byose ,abibutse ibyo nababwiye byose” Yohana 16:7 ;15:15 ;14:26.

“Ibyo data afite byose ni byanjye ... uwo mwuka w’ukuri naza azabayobora mukuri kose ... kuko azenda kubyanjye akabibabwira.” Yohana 16:15,13,14.

Abigishwa bari babonye Yesu abakuwemo kumusozi wa Elayono azamuwe mu ijuru. Amaze kugera mwijuru, bibutse isezerano yabasezeraniye ngo: “kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza kumperuka y’isi.” Matayo 28:20.

Bari bazi ko impuhwe za Kristo zihorana nabo. Bari bazi ko bafite umuhagarikizi, umuvugizi, imbere y’intebe y’Imana. Bajyaga basenga mu izina rya Yesu basubiramo isezerano rye ngo: “Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha.” Yohana 16:23.

Kwizera kwabo kwagendaga kwiyongera, gushyigikiwe n’ubuhamya bukomeye ngo: “Kristo Yesu wapfuye akazukaniwe uri iburyo bw’Imana adusabira” Abaroma 8:34.

Kristo amaze kuzamurwa mubikari byo mu ijuru, yakomeje isezerano rye, atanga imbaraga ze kubigishwa hano ku isi. Kwimikwa kwe iburyo bw’Imana, byagaragajwe no gusukwa kw’imbaraga y’Umwuka Wera kuntumwa ze.

Kubwo gukabakabwana Kristo, abo abigishwa biyumvisemo ko bakeneye Umwuka wera; maze kubwo kwigishwa n’Umwuka bategurirwa, kurundurira imibereho yabo yose mu murimo.

Ntibari bakiri injiji cyangwa abanyamisizi. Ntibari bakiri ba nyamwigendaho cyangwaabiteguye guhangana. Ntabwo bari bacyiringiye ubukuru bw’iyi si, bari umwe, bafite umutima umwe, n’umwuka umwe. Kristo yari yuzuye imitima yabo. Intego yabo, yari iyo kwagura ingoma ye. Basaga na shebuja mu ntekerezo no mu mico; maze abantu “ bibukaga ko babanye na Yesu.” Ibyakozwe n’intumwa 4:13.

Nuko icyubahiro cya Kristo cyigaragaza kuruta uko cyigeze kigaragarira abantu bapfa. Rubanda bari baratutse izina rye, bagahinyura imbaraga ze, nabo batura ko ari abigishwa b’uwabambwe. Kubwo



gufatanyan“Umwuka Wera, umurimo w“abantu boroheje, baratoranijwe na Kristo, wanyeganyeje isi. Mu gisekuru kimwe, abaturage bo ku isi bose bumvise ubutumwa bwiza.

Umwuka Kristo yoherereje abigishwa be ba mbere kugirango ubigishwe, nyuma yo kuzamurwa mu ijuru, uracyafite inshingano yo kwigisha abakorana nawe uyu muni. “Dore ndikumwe namwe iminsi yose kugera kumperuka y“isi.” *Matayo 28:20.*

Kubaho k“Umwuka Wera mu murimo w“uburezi ukorwa mur“iyi minsibizatanga umusaruro uhwanyen“uwabonetse mu gihe cyashize. Iyo niyo ntego y“uburezi nyakuri; uwo niwo umurimo Imana yagambiriyeko ko uburezi bugomba gusohoza.

*Icyigisho cya 10:*

*Uko Imana Yigaragariza Mu Byaremwe*

*Ubwiza bwayo bwakwiriyeye ijuru Kandi isi yuzuye gusingizwa kwayo.*

*Habakuki 3:3*

Icyaremwe cyose gifite ikimenyetso cy“Imana. Ibyaremwe bihamya Imana. Ubwenge butekereza iyo bwitegereje ubwiru n“ibitangaza biri mu byaremwe nta kindi bubona keretse gukora kw“imbaraga y“Isumba byose. Ntabwo ari imbaraga z“isi ubwayo zituma itanga umusaruro cyangwa izenguruka izuba uko umwaka utashye. Ikiganza kitagaragara kiyobora imigendere y“imibumbe mu isanzure ry“ijuru. Ubwirubw“ubuzima bugaragarira mubyaremwe byose — mu masi atabarika; bukabeshaho udusimba duto tutagaragara dutembera mu muyaga wo mucyi, bugatuma inyoni ziguruka, bukagaburira ibyana by“ibikona birira, butuma ibimera bizana uruyange, maze narwo rugatanga imbuto.

Imbaraga ikorera mu byaremwe ni nayo ikorera mu muntu.

Amategeko akomeye agenga inyenyeri n'utuntu duto tutagaragara ni nayo ayobora ubuzima bw'umuntu. Amategeko ayobora ugutera kw'umutima, agakwirakwiza ubuzima mu mubiri wose ni nayo mategeko y'ubwenge bukomeye bw'Imana bugenga umutimanama. Mu Mana niho ubuzima bwose bukomoka. Muri yo niho honyine hakomoka igikorwa cyose kiboneye. Ibyaremwe byose bisangiye ihame — ni ryo kubahobikomora ubuzima ku Mana, no kubaho bihujye n'ubushake bw'Umuremyi. Kwica amategeko y'Imana ; ay'impagarike, ay'ubwenge n'ay'Umwuka ni ukunyuranya n'ibyaremwe, ni ukuzana amacakubiri, ubugande no kurimbuka.

Ku muntu wiga neza ubusobanuro bw'ibyaremwe, byose abibonamo umucyo w'inyigisho zibikomokamo; isi imuhindukiraigitabo cyigirwamo, ubuzima bukamubera ishuri. Gutekereza isano iri hagati y'umuntu n'Imana, n'amategeko rusange agenga ibyaremwe, hamwe n'ingaruka z'icyaha, ntibyabura kugira icyo bikora ku ntekerezo n'imico y'umuntu.

Ibyo nibyobyigisho abana bacu bagomba kwiga. Ku bana bato bataramenya gusoma cyangwa batarashobora kujya ku ishuri, ibyaremwe birahari ngo bibabere isoko idakama y'inyigisho ndetse n'umunezero. Umutima utari wanangirwa no kumenyerana cyane n'icyaha, wihutira gusobanukirwa vuba ko Imana iba iri muri buri cyaremwe cyose, ugutwi kutari kwazibwa n'urusaku rw'iby'isi, gutegera amatwi ijwi rivugira mu byaremwe. Ku bakuze bakeneye umutuzo w'iby'Umwuka, inyigisho zo mubyaremwe zizababera isoko y'umunezero n'ubumenyi. Uko abaturage bo muri Edeni bigaga igitabo cy'ibyaremwe, uko Mose yitegerezaga ibibaya n'imisozi byo muri Arabiya nk'inyandiko y'Imana, uko umwana Yesu nawe yigiraga ibyaremwe ku misozi y'i Nazareti, niko abana b'iki gihe bagomba kwigira Imana mu byaremwe. Ibigaragara bihishura ibitagaragara.

Uhereye ku giti cy'inganzamarumbucyo mu ishyamba kugeza ku sharankima zimera kurutare, uhereye ku nyanja nini ukageza ku

twaremwe duto two ku nkengeri z'inyanja, ibiri ku isi byose bitwerekana ishusho y'Imana n'ikimenyetso cy'ububasha bwayo.

Uko bishoka kose, guhera mubuto bwabo, abana nibashyirwe aho icyo gitabo gikubiyemo inyigisho zitangaje kibasha kubabumburirwa. Reka umwana yitegereze ibyiza umunyabugeni ukomeye yatatse muni y'ijuru, reka yimenyereze ibitangaza byo kubutaka no kunyanja, arebe ubwiru bw'ihindagurika ry'ibihe, kugira ngo amenyere Umuremyi mu mirimo ye yose.

Nta bundi buryo bwo gushyiraho urufatiro ruhamye rw'uburezi nyakuri nk'ubwo. Nyamara nubwo umwana yasabana n'ibyaremwe ntazabura ibimubera urujijo. Muri byo ntazabura kubonamo ko hari imbaraga zihanganye. Ubwo nibwo ibyaremwe bizaba bikeneye umusobanuzi. Igihe tubonye ukwigaragaza kw'ikibi mu isi yari nziza, tuhakura icyigisho kibabaje kivuga ngo: "umwanzi niwe wagize atyo." Matayo 13:28.

Mu mucyo uturuka i Kaluvari niho gusa inyigisho z'ibyaremwe zishobora gusobanukira neza. Binyuriye mumateka y'I Beterehemu ndetse no kumusaraba dushobora gusobanukirwa ko icyiza kigomba gutsinda ikibi kandi ko buri mugisha twakira ari impano ikomoka kugucungurwa.

Mu mifatangwe n'amahwa, mu bitovu no mu rukungu hagaragarira ikibi gitera ikizinga ubwiza bw'ibyaremwe aribyo bishushanya kwangirika no kononekara. Kuririmba kw'inyoni, gupfundura k'uburabyo, imvura n'umucyo w'izuba, akayaga ko mucyi, ikime gihehereye, ibihumbi n'ibihumbi byo mu byaremwe, ibiti binini byo mu ishyamba n'uduti tw'uburabyo dukurira ku mizi yabyo, bitwerekana urukundo rukomeye ruhembura. Ndetse ibyaremwe bitubwirira ubugiraneza bw'Imana.

"Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si ibibi" Yeremiya 29:11. Ubwo nibwo butumwa bugaragarira mu byaremwe iyo uburebeye mumucyo wo ku musaraba. Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana ndetse n'isi yuzuye ubutunzi bwayo.

## ***Icyigisho cya 11: Amasomo y'ubuzima***

*Uvugane n'isi ,nayo izakwigisha Yobu 12:8.*

Umwigisha mukuru yayoboraga abamwumvaga ku byaremwekugira ngo babashe kumva ijwi ry'Imana ribivugiramo; Igihe imitima yabo yabaga imaze koroha n'intekerezo zabo zikingutse, yabafashaga gusobanukirwa n'inyigisho z'iby'umwuka zikubiye mu byo barebaga. Kuba yarakundaga kwigishiriza mu migani, byerekana koumutima we wari ukingukiye gusobanukirwa ibyaremwen'uburyo yanezewaga no gukura inyigisho z'i by'umwuka mu mibereho ya buri muni.

Inyoni zo mukirere, indabyo zo mu mirima, umubiby n'imbutu, umwungeri n'intama, nibyo Kristo yifashishaga mukwerekana ukuri kw'iteka. Nanone yajyaga atanga ibyitegererezo ku bibaho mubuzima abamwumvaga bari basanzwe bamenyereye: nk'umusemburo, ubutunzi bwahishwe, imaragarita, urushundura, igiceri cyazimiye, umwana w'ikirara, inzu yo ku rutare n'iyiyo ku musenyi. Mu inyigisho ze habagamo ibyakururaga intekerezo bikungura buri mutima. Bityo aho kugira ngo inshingano za buri muni zibabere umutwaro uvunanye ubatesha umutwe, zoroshyaga kandi zikangushywa no guhora bibuka iby'umwuka bitagaragara.

Uko niko natwe tugomba kwigisha. Ningombwa ko abana biga kwitegereza mubyaremwe urukundo n'ubwenge by'Imana; reka gutekereza Imana babyigire ku kwitegereza utunyoni, uturabyo n'ibiti maze ibyo babona bibahamirize ibitagaragara, kandi ibibaho mu buzima bibasigire inyigisho mvajuru.

Kandi igihe biga ibyaremwe n'ibigenda bibaho mu buzima ningombwa kubigisha ko amategeko agenga ibyaremwe n'ibibaho mu

buzima ariyo agomba kutuyobora natwe; ko yashyiriweho kutugirira neza kandi ko mukuyumvira ariho gusa twabonera insinzi n’umunezero nyakuri.

### Itegeko ryo gukorerana

Ibintu byose mu ijuru no mu isi, bihamya ko itegeko rikomeye mu buzima ari tegeko ryo gukorerana. Data wa twese uhoraho akorera buri cyaremwe cyose kugirango kigire ubuzima. Yesu yaje mu isi “nk’uhereza” *Luka 22:27*. Abamarayika ni “imyuka iyikorera, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza” *Abaheburayo 1:14*. Iryo tegeko ryo gukorerana ryanditswe kuri buri kintu cyose mu byaremwe. Inyoni zo mukirere, inyamaswa zo mu gasozi, ibiti byo mu ishyamba, ibibabi, ibyatsi, indabyo, izuba ryo mu kirere n’inyenyeri zimurika byose bifite umurimo wo gukorerana. Ibiyaga ndetse n’inyanja, imigezi n’amasoko, byose byakira kugira ngo bitange.

Uko ikintu cyose cyo mu byaremwe gikora ngo kigire uruhare mu buzima bw’ibiri mu isi, nacyo ubwacyokiba cyigiriye akamaro. “mutange namwe muzahabwa” *Luka 6:38*. Ayo masomo yanditswe neza kubyaremwe nkuko zanditswe kumpapuroz’ibyanditswe byera. Uko udusozi n’ibibaya bitanga inzira kugirango utugezi two mumisozi tugere munyanja ni ko umurimo wabyo biwiturwa inshuro amagana. Utugezi dutoya tugenda dusuma dusiga aho tunyuze hose ubwiza n’uburumbuke. Imirima yari yumakajwe n’ubushyuhe bwo mu cyi igasigara itoshye; gutemba kw’utwo tugezi bisiga ibimenyetso byo guhemburwa, kuri buri giti, buri kibabi cyose na buri rurabyo rwose, bigahamya ingororano z’ubuntu Imana igenera abemera kuyibera imiyoboro mw’Isi.

### Kubibira mu kwizera

Mu masomo atabarika dukura mu nzego zitandukanye z’imikurire, afite agaciro gakomeye ni ya yandi akubiye mu mugani wo gukura kw’imbuto wavuzwe n’umukiza. Uyu mugani urimo amasomo yo gufasha abakuru ndetse n’abato.

“Ubwami bw’Imana, bugereranywa n’umuntu ubibye imbuto mubutaka, akagenda, agasinzira, akabyuka nijoro na kumanywa, n’imbuto zikamera zigakura atazi uko zikuze. Ubutaka bwimeza ubwabwo, ubwa mbere habanza kuba utwatsi maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto.” Mariko 4:26-28.

Mu rubuto ubwarwo harimo ihame ryo kumera ryashyizwemo n’Imana, mu rubuto ubwarwo ntiharimo ubushobozi bwo gukura keretse ubwo ruhabwa n’Imana. Umuntunawe afite uruhare mugutuma imbuto ikura; ariko hari aho ubushobozi bwebugarukira. Agomba kwishingikiriza k’uwahuje ibiba n’isarura akoresheje umurunga w’Imbaraga ze zishoborabyose.

Mu rubuto habamo ubugingo, mu butaka hakabamo imbaraga; ariko ubushobozibw’Imana butarondorekaburamutse butabiyoboye amanywa n’ijoro, imbuto ntiyashobora kwera. Hagomba kubaho kugwa kw’invura kugira ngo ihembure imirima yakakaye; n’izuba ngo ritange ubushyuhe; ubushyuhe bukagezwa ku rubuto ruri mu butaka. Ubuzima Umuremyi yatanze ni nawe wenyine ushobora kubura ikuzimu. Kumera kw’imbuto no gukura kw’ibimera bikomoka ku mbaraga y’Imana.

« Imbuto ni ijambo ry’Imana » Luka 8:11. « Kuko ubutaka bumera umumero, kandi nk’uko umurima umeramo imbuto ziwuhinzwemo, niko Umwami Imana izameza gukiranuka n’ishimwe imbere y’amahanga yose » Yesaya 61:11. Uko biri mu kubiba imbuto zisanzwe, niko bimeze no mu kubiba imbuto z’Umwuka; imbaraga itanga ubugingo ikomoka gusa ku Mana.

Umurimo w’umubibyi ni umurimo ukoranwa kwizera. Umuhinzi ntashobora gusobanukirwa n’ubwiru bwo kumera no gukura kw’imbuto ariko yiringira uburyo bwategetswe n’Imana bwo kumeza no gukura ibimera. Atera imbuto yiteze ko azabona umusaruro mwinshi. Uko niko ababyeyi n’abigisha bakwiye gukora, bakitega umusaruro uzava mu mbuto babiba.

Hari gihe imbutonziza ishobora kwibera mu mutima muburyo butazwi, ntigaragaze ko yashinze imizi ; ariko nyuma yaho, uko Umwuka

w'Imana akabakabaumutima, imbuto yari yihishe igakura amaherezo ikera imbuto. Mu byo dukora mumibereho yacu ntabwo tumenya ikizaduhira; ari iki cyangwa kiriya.Ntabwo ari ibyacu kubigena. « Mu gitondo ujye ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukubuko kwawe» Umubwiriza 11:6.Isezerano rikomeye ry'Imana rihamya ko: « Isi ikiriho, ibiba n'isarura ...bitazashira » Itangiro 8:22.Mu kwizera iri sezerano, umuhinzi arahinga kandi akabiba.Natwe ntitugomba gukorana kwizera guke igihe tubiba imbuto z'iby'umwuka ahubwo tugomba kwizera iri isezerano ngo : « Ijambo ryanjye riva mukanwa kanjye. Ntirizagaruka ubusa ahubwo rizasohozza ibyo nshaka, rizashobora gukora icyo naritumye » « Nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishimye azanye imiba ye »Yesaya 55:11.Zaburi 126:6.

Kumera kw'urubuto gushushanya itangira ryu'buzimabw'iby'umwuka, gukura kw'ikimera nabyo bikerekana iterambere ry'imico. Ntabuzima bwabaho hatabayeho gukura. Ikimera kigomba gukura cyangwa kigapfa. Nkukogukura kwacyo kubabucece mu buryo umuntu atamenya ariko buhora, niko bigenda no ku gukura kw'imico. Kuri buri ntambwe yo kujya mbere imibereho yacu igenda itungana; kandi nitwuzuzamugambi Imana idufitiye, tuzakomeza kujya mbere ubudacogora.

Ikimera gikuzwa no kwakira ibyo Imana yakigeneye ngo bibungabunge ubuzima bwacyo. Ninako igikuriro cy'ibyumwuka kigerwaho binyuriye mugukorana n'ubushobozi mvajuru. Nkuko ikimera gishora imizi mubutaka, niko natwe tugomba gushora imizi muri Kristo. Nkuko ikimera cyakira izuba, ikime n'imvura , niko natwe tugomba kwakira Umwuka wera. Nituguma kuri Kristo n'imitima yacu yose « azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka ».Hoseya 6:3. Azaturasira nk'Izuba ryo gukiranu\ka « rifite gukiza mumababa yaryo »Malaki 4:2 « tuzarabya nk'uburabyo, dushibuke nk'ingano kandi dutohe nk'umuzabibu » Hoseya 14:6,8.

Uko ingano zikura « zibanza kuba utwatsi maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaruka amahundo afite imbuto. » Mariko 4:28.

Intego y'umuhinzi igihe ahinga kandi akabiba ni ukubona umusaruro w'imbuto ; zizavavo ibyo kurya by'abashonji n'izongera kubibwa zigatanga umusaruro w'ahazaza. Niko n'Umubibyi wo mu ijuru yifuza umusaruro. Yifuza kugaragariza ishusho ye mu mitima n'imibereho by'abigishwabe kugirango abanyuriyemo yigaragarize mu mitima n'imibereho by'abandi.

Uburyo ikimera gikura ni ruto ni ruto bikometse kurubuto rwabibwe, birimo icyigisho gikomeye mu gutozwa kw'umwana.

“Ubwambere, habanza kuba utwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo hagaruka amahundo afite imbuto”. Mariko 4:28. Uyu mugani waciwenuwaremye akabuto, agaha imbaraga ibeshaho kandi akakagera amategeko agenga imikurire yako. Ukuri kwigishirijwe muri uwo mugani kwasobanuriwe mu buzima bwe bwite. We, Igikomangoma cy'ijuru, Umwami w'icyubahiro, yahindutse uruhinje rw'I Beterehemu, kandi igihe cy'ubuhinje bwe yari abeshejweho no kwitabwaho na nyina. Mu bwana bwe, yavugaga kandi agakora nk'umwana, akubaha ababyeyi be, akanasohozza ibyifuzo byabo mu buryo bwo kubafasha. Ariko uherye agitangira kumenya ubwenge yatoraga akurira mu buntu, no mu kumenya kuri.

Ababyeyi n'abigisha bagomba kugira intego yo kumenyereza uruburiko, kuburyo kuri buri ntambwe y'ubuzima bajya bagaragaza ubwiza ku bukiranye n'igihe barimo, kimwe n'indabyo zo mu busitani.

Abana bagomba kurererwa mukwiyoroshya bakiri bato. Bagomba kwiga kwishimira inshingano zoroheje zo gufasha, ndetse n'ubuzima bwuje umunezero bikwiriye ikigero cyabo. Ubwana nibwo bugereranywan'utwatsi tuvugwa mu mugani, kandi utwatsi tugira ubwiza bwihariye. Abana ntibagomba gukuzwa imburiye, ahubwo uko bishoboka kose bagomba kugumana itoto n'ubuntu byo mu buto bwabo. Uko umwana arushaho kuba kure y'ibirangaza niko arushaho kugira imibereho ituje kandi yoroheje, kandi uko arushaho gusabana



n''ibyaremwe ni nako agwiza amahirwe yo gukura mu mpagarike no mu bwenge akanongererwa imbaraga mu by''umwuka.

Igitangaza Yesu yakoze cyo guhaza abantu ibihumbi bitanu, kigaragaza umurimow''Imbaraga y''Imana itubura umusaruro w''ibihingwa. Yesu adushyirira ahabona isi y''ibyaremwe kandi akaduhishurira uko imbaraga yaremye byose ihora ikorera kutuzanira ibyiza. Uwatubuye imigati ahora akora igitangaza buri muni binyuriye mu gutubura imbuto zabibwe mu butaka. Ni igitangaza kuba ahora ahaza ibihumbi n''ibihumbi by''abantubinyuriye mumusaruro uva mu mirima. Abantu bahamagariwe gukorana nayo kugirango bite kumbuto kandi bategure umutsima, nyamara iyo babikora ntibazirikana gukora kw''imbaraga mvajuru. Umurimo w''imbaraga y''Imana bawitirira impamvu karemano cyangwa se ubuhanga bw''abantu, kandi igihe kinini, impano zayo bazikoresha mu bikorwa byo kwikunda, maze zikabahindukira umuvumo aho kubabera umugisha. Imana ishaka guhindura ibyo byose. Yifuza ko intekerezo zacu zaguye ikinya zakongera gusubirana ubutaraga kugirango zibashe gusobanukirwa neza ubugiraneza bw''imbabazi zayo, kandi kugirango impano zose iduha zitubere umugisha nkuko yagambiriye.

Ijambo ry''Imana n''ubuzima itanga nibyo biha urubuto ubugingo, nuko natwe twarya imbuto tukaba tugabanye kuri ubwo bugingo. Imana yifuza ko tubisobanukirwa neza; yifuza ko igihe tubonye ibyo kurya byacu bya buri muni, tuzirikana ibyo yadukoreye kandi bigatuma turushaho kwegerana nayo nk''inshuti magara.

Hakurikijweamategeko y''Imana agengaibyaremwe, ni ihame ko buri musaruro uboneka usan''icyabibwe. Ibisarurwa bihamya ubwoko bw''icyabibwe. Aha ntakwiyobera nyakwahaba. Abantu bashobora kubeshya bagenzi babo bakabashimira kandi bakabahembera umurimo batakoze. Ariko ibyontibyabaho mu byaremwe. Umuhinzi utarakiranutse mumurimo we umusaruro niwo umuciraho iteka. Uko ni nako bimeze mu

birebana n'iby'ibyumwuka. Ikibi gishobora gusan'igitsinze ariko ntiyatsinda mu by'ukuri. Umwana utoroka ishuri, umusore utigana umwete amasomo ye, umukozi unanirwa gukora neza umurimo wa shebujya, umuntu utuzuzanya inshingano ye ikomeye mu murimo uwo ari wose yaba akora, ashobora kwihimbaza igihe cyose ibye bitaramenyekana, akabikuramo inyungu. Ariko siko biba biri; ahubwo aba yishuka. Umusaruro w'ubu buzima ni imico yacu, kandi niyo igena ahazaza hacu muri ubu buzima ndetse nubw'ahazaza. Umusaruro uva k'ukwiyongera kw'imbuto yabibwe mu butaka. Buri rubuto rwera imbuto z'ubwoko bwawo. Uko niko bigenda no kumico tujya twimenyereza. kwikubira, kwikunda, kwiyemera bigenda bikurira mu muntu ubyiziritsehomaze amaherezo bikabyara ubuhanya no kurimbuka. "Ubibira umubiri muri uwo mubiri azasaruramo kubora ariko ubibira umwuka, muri uwo mwuka azasaruramo ubugingo buhoraho" Abagalatiya 6:8. Urukundo, impuhwe n'ubugwaneza byera imbuto z'umugisha kandi umusaruro wabyo ntiwigera ushira.

Umusaruro ni urubuto rumwe rubyara izindi. Urubuto rumwe rw'ingano rukomeza kwiyongera uko rubibwa inshuro nyinshi, amaherezo rukuzuzanya isiimibamyinshiy'igicro. Uko niko imibereho y'umuntu umwe rukumbi n'igikorwa kimwe bishobora gutanga icyitegererezo cyiganwa na benshi.

Ni ibikorwa by'urukundo bingana iki byakozwe kubwo kuzirikana agacupak'amavuta yasizwe Yesu, icyo gikorwa cyabaye urwibutso mu binyejana byinshi! Mbega uburyo impano zitagira akagero zazanywe mu murimo w'Umukiza kubwo kuzirikana amasenge abiri, yatanzwe n'umupfakazi w'umukene utaravuzwe izina! Mariko 12:42

### Gupfa kugira ngo ubeho

Isomo ryo kubiba imbuto ryigisha kugira ubuntu. "Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi" 2 Abakorinto 9:6. Uwitanga aravugako ati : "murahirwa, mwa babiba mu nkuka z'amazi yose mwe" Yesaya 32:20. Kubiba ku nkuka z'amazi yose bisobanuye ugutanga ubufasha bwacu aho bukenewe hose. Ibi ntibijya bizana

ubukene, “ubiba nyinshi azasarura byinshi”. Umubibyi iyo yifuza kugwiza imbuto ze, ngo zibe nyishi arazibiba. Natwe iyo dutanga tuba twongera imigisha duhabwa. Isezerano ry’Imana ritwizeza kubona ibihagije kugirango dushobore gukomeza gutanga.

Ibirenze ibyo kandi, iyo dusangira n’abandi imigisha yo muri ubu buzima, ishimwe ry’abayakira ritegurira imitima kwakira ukuri kw’iby’Umwuka, nuko umusaruro ukazaba ubugingo buhoraho.

Igitambo Umukiza yatwitambiye, yagishushanyije no kubiba imbuto mu butaka. “Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko, iyo akabuto k’ishaka kataguye hasi ngo gapfe kagumaho konyine, ariko iyo gapfuye kera imbuto nyinshi.” *Yohana 12:24*. Binyuriye gusa mu gitambo cya Kristo nk’Urubuto rw’ubugingo, nibwo imbuto z’Ubwami bw’Imana zera. Kimwe n’amategeko y’urusobe rw’ibimera byo mu isi, ubuzima ni umusaruro ukomoka kurupfu rwa Yesu.

Bityo, abantu bose bera imbuto nk’abakozi bakorana na Kristo, bagomba kwica kwikunda no kwikubiraho; ubuzima bugomba kubibwa mu mayogi, ariyo makene y’abatuye isi. Nyamara itegeko ryo kwitamba niryo tegeko ryo kwizigama. Umuhinzi aba yizigamiye imbuto iyo azibibye mu butaka. Uko niko ubuzima bwitangira gukorera Imana n’abantu, aribwo buba buzigamwe.

Urubuto rubanza gupfa kugirango rubone ubuzima bushya. Aha twigiramo isomo ry’umuzuko. Uyu mubiri upfaukajya mu gituro, Imana iwuvugaho iti:” Umubiri ubibwa ari uwo kubora ukazazarurwa ari uwo kutabora, ubibwa ufite igisuzuguriro, ukazazarurwa ufite ubwiza, ubibwa utagira intege ukazazarurwa ufite imbaraga” *1Abakorinto 15:42-43*.

Ababyeyin’abigisha bajye bihatira kwigisha ayo masomo, mu buryo bushyizwe mu bikorwa. Reka abana ubwabo bategure ubutaka kandi babibe imbuto. Igihe bazaba bakora, umubyeyi cyangwa umwigisha

ashobora kubasobanurira ko umutima nawo ari akarima gashobora kwakira imbuto nziza cyangwa mbi ikabibwemo, kandi ko, uko umurima utegurwa ngo wakire imbuto ari nako umutima ugomba gutegurwa ngo uterwemo imbuto y'ukuri. Igihe imbuto iri mu butaka, bashobora kwigisha isomo ry'urupfu rwa Kristo; bakigisha ukuri kw'umuzuko igihe itangiye kumera. Kandi igihe ikimera gikomeza gukura, bagakomeza kugereranya ibiba risanzwe, n'ibiba ry'iby'umwuka.

Uko niko n'uruburiko rugomba kwigishwa. Guhera mu irima ry'ubutaka habonekamo amasomo atandukanye azakomeza. Nta muntu wakwitega umusaruro mu murima udahinzwe. Hagomba kubaho umuhati no gushyinyiriza mu gutegura ubutaka, mu kubiba imbuto nokwitaku bwoko bw'imbutoz'igihingwa. Ni nako bigomba kuba mu kubiba imbuto z'umwuka. Akarima k'umutima kagomba guhingwa. Ubutaka bwawo bugomba kumenagurwa binyuze mu kwihana; ibyatsi bibi biniga imbuto nziza bigomba kurandurwa. Nkuko ubutaka burimo amahwa bugomba gutunganywa gusa no gukorana umwete, ni nako akamenyerokabi k'umutima gatsindwa gusa binyuriyemu kurwanana umwete ushikanye mu izina no mu mbaraga za Kristo.

Mu guhinga ubutaka, umuhinzi utekereza azabona ubutunzi atakekaga bumuhishukiye. Nta numwe wagera ku musaruro mu buhinzi atitaye ku mategeko abugenga. Amakeneyihariye ya buri gihingwa agomba kwigwa. Ibihingwa by'ubwoko butandukanye bikenera ubutaka n'imihingire bitandukanye, kubahiriza amategeko agenga buri gihingwa nibyo bizana umusaruro. Amakenga asabwa mu kugemura no gutera ibimera kugira ngo bidaterwa ahadakwiye cyangwa bikicucika, kwita ku bimera bikiri bito, kubyanganyaho amahage no kubivomerera, kubirinda ubukonje bukabije nijoro n'izuba ryotsa kumanywa, kubagara, kubirinda indwara n'udukoko twangiza no kubikorera, ntibyigisha gusa amasomo y'ingenzi mu gukuza imico, ahubwo n'uwo murimo ubwawo ni uburyo bwo gutera imbere. Guhingana ubwitonzi, kwihangana, wita kuri buri kantu kose, ibyo byose ni amasomo y'ingenzi mu gutoza

ikiremwamuntu. Kugirana umusabano uhoraho n'ubwiza bw'ibyaremwe n'ubwiru bwo kubaho, kimwe no gukabakabwa kuzanwa no gukorera ibiremwa byiza by'Imana, bitera kugira intekerezo zibangutse, bigatunganya kandi bigakuzza imico; nuko amasomo yizwe agategurira umukozi kugera ku ntsinzi mu gukorana abandi.

### ***Icyigisho cya 12: Izindi nyigisho***

*“Umunyabwenge wese azitegereza ibyo,  
Kandi bazita kumbabazi z'Uwiteka”. Zaburi  
107:43.*

Imbaraga y'Imana ikiza ikorera mu byaremwe byose. Iyo igiti giciwe, iyo umuntu akomeretse cyangwa akavunika igufa, ibyaremwe bihita bitangira gusana ahangiritse. Ubushobozi bukiza buhora bwiteguye na mbere yuko bukenerwa, maze igihe cyose igice runaka gikomereze imbaraga zose zigakora umurimo wo gusana. Ni nako biri mu by'umwuka. Mbere yuko icyaha kibaho Imana yari yarateganyije umuti wacyo. Umutima wose uganjwen'igishuko uba ukomeretse kandi wangirijwe n'umwanzi; ariko igihe cyose hari icyaha, n'Umukiza aba ahari. Ni umurimo wa Kristo “kubohora ibisenzegeri...kumenyesha imbohe ko zibohorwa...kubwiriza abakene ubutumwa bwiza”. Luka 4:18

Tugomba gufatanya muri uyu murimo. “Umuntu niyadukwaho n'icyaha...mugaruze uwo muntu umwuka w'ubugwaneza...” Abagalatiya 6:1. Iri jambo ngo “mumugarure” risobanura ngo” gusubiza mu mwanya” nkuko bagenza igufwa ryataye umurongo. Mbega uburyo iyi ishusho ifite icyo isobanura! Uguye mu ikosa cyangwa mu cyaha aba yitakarije icyizere ku bamukikije. Ashobora kwiyumvisha ikosa rye ndetse akicuza ariko ntashobora kwigarura ubwe. Aba ari mu rujijo rukomeye, gushidikanya, gucogora, gutsindwa n'ubwinanirwe. Akeneye

kugarurwakuvurwa no gushingishwa intege. “Mwebwe abumwuka mumugarure” Abagalatiya 6:1. Urukundo rutemba raturutse mu mutima wa Kristo nirwo rwonyine rushobora gukiza. Uwo urwo rukundo rutembamo, nk’amakakama mu giti cyangwa nk’amaraso mu mumubiri ni we wenyine ushobora gusana umutima wakomeretse.

Imikorere y’urukundo ifite imbaraga itangaje, kuko ituruka ku Mana. Gusubizanya ineza “bihosha uburakari” urukundo “rurihangana kandi rukagira neza”, urukundo kandi “rutwikira ibyaha byinshi”; Imigani 15:1, 1 abakorinto 13:4, 1 petero 4:8; mbega uburyo twahabwa imbaraga ikiza mumibereho yacu turamutse twize ibyo byigisho! Mbega uburyo ubuzima bwahinduka, maze isi igahinduka neza neza umusogongerero w’ijuru!

Muri ubwo buryo aya masomo y’agaciro ashobora kwigishwa mu buryo bworoshye ku buryo n’abana bato bayasobanukirwa. Umutima w’umwana urakabakabwa kandi ukakira mu buryo bworoshye, kandi igihe natwe abakuze duhindutse nk’abana bato” Matayo 18:3; nituramuka twize kwiyoroshya, ubugwaneza n’urukundo rwuje impuhwe by’Umukiza, ntibizadukomerera kugera ku mitima y’abato no kubigisha umurimo w’urukundo wo gukiza.

Mu mirimo y’Imana yose; iyoroheje kimwe n’ikomeye habonekamo gutungana kwayo. Ikiganza cyahagaritse isi mu isanzure ni nacyo kirimbisha uburabyo bwo mu mirima. Sa n’urebera mu cyuma gitubura [mikorosikopi] witegereze uturabyo dutotw’iruhande rw’inzira, ndetse witegereze ubwiza bwatwo bushimisha n’uko buba bwikwiye. Ibyo bitwigisha ko mu kwicisha bugufi kose habonekamo icyubahiro nyakuri; inshingano zisanzweiyi zujujwe mu budahemuka n’urukundo ziba izigicro mu maso y’Imana. Mu kwita ku tuntu duto tubikuye ku mutima, duhinduka abakozi bakorana nayo, kandi tugashimwa n’ureba akanamenya byose.

Umukororombya ugaragaramu isanzure ni ikimenyetso

“cy’isezerano rihoraho ry’Imana n’ibibaho bifite umubiri byose biri mu isi” *Itangiriro 9:16*. Umukororombya uzengurutse intebe y’Imana nawo ni ikimenyetso cy’isezerano ry’amahoro ku bana bayo.

Nkuko umukororombya wo mu bicu ukomoka mu bumwe bw’imirasire y’izuba n’ibitonyanga by’imvura, niko n’umukororombya uri hejuru y’intebe y’Imana ushushanya ubumwe bw’imbabazi n’ubutabera byayo. Imana ibwira umunyabyaha wihana iti : urakabaho; “ nakuboneye incungu.” *Yobu 33:24*.

“Nkuko narahiye ko umwuzure wo mugihe cya Nowa utazongera kubaho ku isi, niko na. rahiye ko ntazakurakarira nkaguhana Imisozi izavaho n’udusozi tuzakurwaho ariko imbabazi zanjye ntizizakurwaho kandi n’isezerano ry’amahoro nagusezeranije ntirizakurwaho. Niko Uwiteka ukugirira ibambe avuga.” *Yesaya 54:9,10*.

## Ubutumwa bw’inyenyeri

Inyenyeri nazo zifitiye buri muntu ubutumwa bw’inkomezi. Mu gihe kitabura kugera kuri buri wese, igihe umutima ucogoye wugarijwen’ibishuko, igihe inkomyi zisa nkaho zitabasha kwambukiranywa, imigambi y’ubuzima isa n’idashobora kugerwaho, amasezerano meza yo muri ubu buzima ahita nk’umurabyo; nihe handi twakomora akanyabugabono gushikama uretse mu nyigisho Imana yaduhaye ngo twigire ku rugendo rutuje rw’inyenyeri?

“Nimwubure amaso yanyu murebe hejuru. Ninde waremye biriya, agasohora ingabo zabyo mu mitwe, zose akazihamagara mumazina? Kuko afite imbaraga nyinshi akagira amaboko n’ububasha, nicyo gituma ntanakimwe kizimira. Yewe Yakobo Isirayeri, ni iki gituma wiganyira ukavuga uti: “Uwiteka ntareba inzira zanjye, kandi ibyanjye Imana yanjye irabyirengagiza”? Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana Ihoraho, Uwiteka umuremyi w’imperera z’isi ntirambirwa, ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka. Niyo iha intege abarambiwe, kandi utibashishije imwongeramo imbaraga.” *Yesaya*

40:26-29 “ Ntutinye kuko ndi kumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe. Nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo ariko gukiranuka kwanjye,... kuko jyewe Uwiteka Imana yawe, nzagufata ukuboko kw’iburyo nkubwire nti: “witinya ndagutabaye” Yesaya 41:10,13.

Nubwo igiti cy’ingazi kiri mu butayu cyacanwaho n’izuba ryinshi, kikanahura n’umuyaga uzana umusenyi; kigumya gutoha, kigakurana ubwiza kandi kikera imbuto. Imizi yacyo igaburirwa n’amasoko abeshaho. Gutoha kwacyo kwigaragariza mu mutarwewo mu butayu; nuko umugenzi ugiye gupfa, agahata intambwe ze yerekeza ku gicucu cy’amahumbezi n’amazi abeshaho.

Igiti cyo mu butayu gishushanya uburyo Imana yifuza ko ubuzima bw’abana bayo bumera muri iyi si. Bagomba kuyobora imitima icogoye, ihangayitse kandi iri hafi kurimbukira mu butayu bw’icyaha ku isoko y’amazi y’ubugingo. Bagomba kuyobora bagenzi babo kuri wawundi utanga iri rarika ngo: “umuntu nagira inyota aze aho ndi anywe” Yohana 7: 37.

Uruzi runini kandi rurerure rukoreshwa mu mihahiranire n’imigenderanire y’ibihugu, rufatwa nk’inyungu rusange; nonese utugezi duto tugira uruhare mu kurema urwo ruzi rw’agaciro, two dufatwa dute? Tutabayeho, urwo ruzi ntirwabaho. Kubaho kwarwo bikomoka kuri two. Niko bimeze no ku bantu bahamagarirwa kuyobora imirimo ikomeye bubahwa nkaho intsinzi yabo ikomoka kuri bo bonyine; ariko kugera ku ntsinzi bisaba imikoranire y’ubudahemuka y’abakozi benshi boroheje, abo isi itazi namba. Abakozi benshi bararuha cyane ntibigere babona ishimwe, ndetse n’imirimo yabo ntigire ubwo imenyekana. Benshi bahora batishimye; biyumvisha ko ubuzima budafite icyo bumaze. Ariko akagezi gato cyane gatamba bucece, kanyura mu ishyamba no mu mirima, gatanga ubuzima, uburumbuke n’ubwiza, nako ni ingirakamaro mu nzira yako kimwe n’uruzi runini. Kandi mu kugira uruhare mu kubaho k’urwo ruzi, karufasha kugera kubyo rutari gushobora kuzuzwa rwonyine.



Iki cyigisho gikenewe na benshi. Italanto irashimagizwa cyane, umwanya w'icyubahiro mu bandi ukifuzwa cyane. Hari benshi badashaka kugira icyo bakora keretse bafashwe nk'abatware. Benshi bakeneye guhimbazwa ngo babone kwita ku murimo wabo. Icyo dukeneye kwiga ni ubudahemuka mu gukoresha ubushobozi n'amahirwe dufite, no kwishimira umwanya Ijuru ritugenera.

### Icyigisho cyokwiringira

“Nuko ubaze inyamaswa nazo zizakwigisha, n'inyoni zo mukirere nazo zizagusobanurira...kandi amafi yo munyanja azakubwira.” Yobu 12:7,8.

“Sanga ikimonyo;...witegereze uko kigenza.” Imigani 6:6.

“Nimurebe ibiguruka mukirere.” Matayo 6:26.

“Mwitegereze ibikona.” Luka 12:24.

Ntutugomba gusa kubwira umwana ku birebana n'ibiremwa by'Imana. Inyamaswa ubwazo zizabigisha. Ibimonyo bizamwigisha ibyigisho byo kwihangana mu murimo no gushinyirizagukenewe mu kwambukiranya inkomyi no gutegura ahazaza. Inyoni nazo zizamwigisha kwiringira. Data wa twese wo mu ijuru niwe uzitegurira ibyo kurya, ariko nizo zigomba kubyishakira, zikiyubakira ibyari, zikanarera abana bazo. Buri mwanya ziba zugarijwe n'abanzi bashaka kuzirimbura. Ariko mbega uburyo ziba zishimiye gukora umurimo wazo! Mbega uburyo uturirimbo twazo tubatunejeje! Umunyazaburi

yasobanuye neza uburyo Imana yita cyane ku biremwa byo mu ishyamba -- :

“Imisozi miremire ni iy’ihene zo mu ishyamba, Ibitare ni ubuhungiro bw’inkwavu”. Zaburi 104:18.

Imana itegeka amasoko gutembera mu misozi, aho inyoni n’ibisiga byo mu kirere “bibabijwigirira mu mashami” Zaburi 104:12. Ibyaremwe byose byo mu ishyamba no mu misozi bigize umugabane w’umuryango wayo. Ipfumbatura igipfundi cyayo igahaza “ kwifuza kw’ibibaho byose” Zaburi 145:16.

Rimwe na rimwe, ikizu kijya gihuhwa n’umuyaga ukaze kikagwa mu mpatanwa z, imisozi. Umugaru w’ibicu ugota icyo gisiga gikomeye cyo mu ishyamba, ukagitandukanya n’imisozi ivirwa n’izuba cyubatsemo icyari cyacyo. Imbaraga zose gikoresha ngo kihave zikaba impfabusa. Cyikoza hirya no hino, gikubitisha umuyaga amababa yacyo y’imbaraga, gutaka kwacyo kukumvikanira muri za nyiramubande. Hanyuma, mu ijwi ryo kunesha, kikijugunya nk’umwambi, kikambukiranya ibicu, kikagera mu kirere gikeye, maze kigasiga umwijima n’umugaru. Natwe dushobora kugarizwa n’ibirushya, urucantege, umwijima, kuvugwa nabi, ibyago no kugirirwa nabi, tugasa nabakingiraniwe mu bihu tudashobora kwikuramo. Tugahangana n’inkomyi bikaba iby’ubusa. Hari inzira imwe rukumbi yo kwikingamo ibihu n’ibicu bibudika ku isi; ni ukureba ku kime kiva mu bicu kigahembura ibyatsi. Hirya y’ibicu haba hari umucyo w’Imana. Ni muri uwo mucyo dushobora kuzamukira ku mababa yo kwizera.

Hari byinshidushobora gukuramo amasomo. Igitu gikurira mu kibaya cyangwa mu ibanga ry’umusozo cyonyine kigashorera imizi mu butaka, ntikigushwen’imbaraga z’umugaru ukomeye; kitwigishakwibeshaho. Igitu cyagondamye kikiri gito, kikagira amapfundo kigatakaza n’ishusho

yacyo ku buryo nta mbaraga yo ku isi yagisubiza ishusho cyatakaje, kitwigisha imbaraga y'icyitegererezo cyo mu bwana. Agati kamera mu kizenga cy'amazi, gakikijwe n'ibyatsi bibi ndetse n'imyanda, gashora imizi yako kure mu butaka bwiza aho kabona ibikabeshaho, mazekakarabya uturabyo duhumura kandi tuboneye; ibyo bitwigisha ibanga ry'imibereho yera.

Bityo, igihe abana n'urubyiruko bunguka ubumenyibinyuriye mu bigisha babo, no kwifashisha ibitabo, nibige no gukura amasomo mu biriho no gusobanukirwa ukuri ku giti cyabo. Igihe bakorera uturima, mubabaze amasomo bakura mu kwita kuri ibyo bimera. Igihe bitegereza ahantu nyaburanga, mubabaze impamvu Imana yambitse imirima n'ibiti ubwo ubwiza n'amabara anyuranye. Kuki byose bidasangiye ibara? Igihe begeranya indabyo, mubayobore ku gutekereza impamvu Imana yaturekeye ubwiza bw'izo ndabyo kandi twarirukanywe muri Edeni. Mubigishe kuzirikana ko mu byaremwe byose harimo ibigaragaza ko Imana itwitaho, n'uburyo ibyaremwe bibereyeho kutumara amakene no kutuzanira umunezero.

Umuntu usobanukiwe umurimo Data wo mu ijuru akorera mu byaremwe, akabona ikimenyetso cyo gukora kw'Imana mu butunzi n'ubwiza byo mu isi, niwe wenyine ushobora gukura ibyigisho byimbitse mu byaremwe, kandi akakira ibyiza bibikomokamo. Uwitegereza agasozi, ikibaya, uruzi n'inyanja, akabibonamo kwigaragaza kw'imigambi y'Imana no kwigaragaza kw'Umuremyi Uwo niwe wenyine wabiha agaciro mu buryo bwuzuye.

Abanditsi ba Bibliya bakuye ibyitegererezo byinshi mu byaremwe, kandi natwe mu kwitegereza isi y'ibyaremwe, nibwo dushobora gusobanukirwa byimbitse ibyigisho by'ijambo ry'Imana tubishoboye n'umwuka wera. Ni muri ubwo buryo ibyaremwe bihinduka urufunguzo rw'ububiko bw'ubutunzi bw'ijambo ry'Imana.

Abana bagomba gushishikarizwa gushakashaka mu byaremwe ingingo zisobanura inyigisho za Biblia, no kuzirikanainyigisho za Biblia zikomoka mu byaremwe. Bagombaga kwihatira gucukumbura mu byaremwe no mu byanditswe byera, ibintu byose bishushanya Kristo, n'ibigereranyo yakoresheje yigisha ukuri. Muri ubwoburyo baziga kubona Yesu mu giti, mu muzabibu, mu karabyo, mu zuba no mu nyenyeri. Bashobora kwiga kumvira ijwi rye mu ndirimbo z'inyoni, mu guhungabana kw'ibiti, mu guhinda kw'inkuba no mu guhorerwa kw'inyanja. Kandi buri kintu cyo mu byaremwe kizajya kibasubiriramo ibyigisho bya Kristo bihebuje.

Ku bantu bagirana umuishyikirano na Kristo batyo, isi ntizongera kubabera umusaka n'ahantu h'ubwigunge. Ahubwo izababera nk'inzu ya se, aho Yesu aganje.

### ***Icyigwa cya 13 :Gutoza Intekerezo N'iby'umwuka***

*Kumenya niko kuzuzwa amazu yo muri rwo,  
Mo ibintu byose by'igiciro cyinshi n'ibyigikundiye. Imigani  
24:4*

Hakurikijwe amategeko y'Imana, ni ihame ko imbaraga z'intekerezo, iz'umutima, kimwe n'iz'umubiri, bikuzwa binyuze mumihati. kandizikongerwa no guhora zikoreshwa. Imana yaduhaye mu ijamba ryayo amabwiriza yihariye arebanan'iterambere ry'intekerezo n'iby'umwuka.

Bibiliya ikubiyemo amahame yose abantu bakeneye kumenya kugirango babe ingirakamaro muri ubu buzima kimwe n'u bw'ahazaza. Abantu bose bashobora gusobanukirwa ayo mahame. Nta wasomaumurongowo mu ijamba ry'Imana afite umwuka uha agaciro inyigisho zaryo, ngo aburemo iki mwungura. Nyamara inyigisho z'agaciro kenshi zo muri Bibiliya ntabwo zizigera zisobanukira uyiga

rimwe na rimwe atabyitayeho. Imiterere n’imyandikire y’ukuri kwa Bibiliya ntirushobora gutahurwa n’umusomyi usoma afite ihubi cyangwa atabyitayeho. Bwinshi mubutunzi bwayo buhishwe kure, bwagerwaho gusa binyuze mu kubushakana umuhati udacogora no kwitonda. Ukuri, kugomba gucukumburwa no guhuzahuzwa “aha bikeya, hariya bikeya” kugirango kureme ikintu cyuzuye. Yesaya 28:10.

Nituramuka tuyize dutyo, tuzasanga ko ibice byayo byuzuzanya neza. Ubutumwa bwose bwuzuzanya ubundi, ubuhanuzi bwose bugasobanura ubundi, buri ukuri kuzuzanya n’ ukundi. Ubusobanuro bw’imihango ya kiyuda bugaragarira neza mubutumwa bwiza. Buri hame rifite umwanya waryo mu ijamba ry’Imana, buri gikorwa gifite ubusobanuro bwacyo. Kandikuzuzanya kwaryo ni igihamba ko ryandikishijwe n’Imana. Iyo mitere yaryo, nta bwenge bw’umuntu upfa bwayishobora, keretse ubumurikiwe cyagwa ubuyobowe n’Imana.

Kwiga ibice bitandukanye bya Bibiliya no kumenya n’isano bifitanye, bitera ubushobozi bw’intekerezo z’umuntu gukura ku rwego rwo hejuru. Ntawe ushobora kwirundurira mu kwiga atyo ngo imbaragaze z’ubwenge zibure gukura no kwaguka.

Agaciro ko kwiga Bibiliya ntabwo gashingiye gusa mu gushakashaka no guhuriza hamwe ukuri kwayo. ahubwo kanashingiye ku muhati dusabwa kugirango dusobanukirwe n’ingingo ziyirimo. Iyo intekerezo zihugiye mukwibaza ku bintu byoroheje gusaziracogora kandi zigasingira. Iyo zitihasekwimenyereza gusobanukirwa ukuri kwimbitse kandi kwagutse, amaherezo zizimiza ubushobozi bwo gukura. Kwiga ijamba ry’Imana niyongabo nyakuri iturinda uko gusingira, ikanakangura neza iterambere ry’intekerezo kuruta ikindi ki ntu cyose. Bibiliya niyoiruta ikindi gitabo icyo aricyo cyose, ndetse n’ibitabo byose bibumbiwe hamwe kuba inzira yo gukuza ubwenge. Ubwaguke bw’ingingo ziyigize, kuba yanditswe mu mvugo yoroheje, ubwiza bwamasezerano ayirimo, bikangura kandi bigateza imbere intekerezo z’umuntu kuruta ikindi gitabo icyo aricyo cyose. Umuhati ukoreshwa

kugirango dusobanukirwe n'ukuri gukomeye kwahishuwe uteza imbere imbaraga z'intekerezo kuruta indi nyigisho iyo ariyo yose.

Iyointekerezo zisabanye n'Imana muri ubwo buryo ziraguka kandi zigashikama.

Imbaraga ya Bibiliya ifite uruhare rukomeye mu iterambere ry'iby'umwuka. Umuntu yaremewe kubana n'Imana, mu gusoma bibiliya niho gusa abonera ubugingo nyakuri n'iterambere ryimbitse. Ntahandi yabonera ibyahaza kwahagira kw'umutima we, bikamara inzara n'inyota y'ubugingobwe, kuko yaremewe kubonera umunezero mu Imana. Uwiga ijambo ry'Imana afite umutima utaryarya kandi uhugurika, yifuza gusobanukirwa ukuri kwaryo, azegerana n'uwaryandikishije; kandi azagira iterambere ry'ubushobozi butagira urubibi, keretse abiyihitiyemo.

Mu buryo bwagutse, Bibiliya ifite ibyigisho byakangura intekerezo kandibigacengera muri buri umutima. Ku mpapuro zayo, dusangamo amateka ya kera; imibereho y'abantu babaye abanyakuri mu buzima, amahame y'imiyoborerey'igihugu, n'amahame ayobora imiryango; ayo ubwenge bwa kimuntu butageraho. Ikubiyemo ubucurabwenge bwimbitse, ubusizi bw'agahebuzo, bureshya kandi bugakabakaba umutima. Inyandiko za Bibiliya zifite agaciro karuta ak'izindi nyandiko; ariko agaciro n'ubusobanuro bwazo bwaguka cyene iyo izo nyandiko zirebwe mu mucyo w'ikaluvari. Iyo tuzitegereje dutyo buri ngingo igira ubusobanuro bushya. Uko kurikwavuzwe mu buryo bworoheheje kukubiyemo amahame yagutse nk'ijurukandi azahoraho.

Ingingo nkuru ya Bibiliya, iriyo shingiro ry'izindi zose ni inama y'agakiza, ariyo kugarura ishusho y'Imana mu muntu. Uhereye ku itangazo ry'ibyiringiro ryatanzwe bw'inzoka yacirwagaho muri Edeni kugeza ku masezerano y'ubwiza yo mu byahishuwe, agira ati: "zizabona mu maso hayo, izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo" (ibyahishuwe 22 :4), ingingo nkuru ya buri murongo na buri gitabo cya Bibiliya ni ihishurwa ryo gucungurwa k'umuntu, ni ukuvuga imbaraga z'Imana ziduha kuneshya ku bw'umwami wacu Yesu Kristo » 1 abakorinto 15 :57.

Usobanukiwe niki gitekerezo kimukingurira urubuga rwagutse rwo kwiga. Akagira urufunguzo rufungura ububiko bwo mu ijambo ry’Imana.

Ubumenyi bwo gucungurwa nibwo bumenyi buri hejuru y’ubundi bwose; abamarayika n’amaso ataracumuye barabwiga, ni ubumenyi Umwami n’umucunguzi wacu aha agaciro; ni ubumenyi buduhishurira umugambi wateguwe n’umuremyi, ariryo banga ryahishwe uhereye kera kose Abaroma 16 :25 ; abacunguwe bazahora babwiga iteka ryose. Ikinicyo cyigisho cy’agaciro gakomeye umuntu akwiriye kwiga kurusha ibindi byose, nta kindi cyigisho cyakangura intekerezo kandi kikamurikira umutima nk’icyo.

“Umurimo wo kumenya ni uyu: ni uko ubwenge burinda ubugingo bw’ubufite.” Umubwiriza 7:12. “amagambo mbabwiye niwo mwuka, kandi niyo bugingo.” Yohana 6:63. “ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana yonyine , bakamenya nuwo watumye ari we Yesu Kristo.” Yohana 17:3.

Imbaraga irema, yatumye amaso yose abahoikomoka mu ijambo ry’Imana. Iryo jambo ritanga imbaraga; rikabyara ubugingo. Buri itegeko ni isezerano; iyo ryakiranywe umutimu ushaka rigakomezwa mu mutima rizana ubugingo. rihindura kamere maze rikongera kurema umuntu ku ishusho y’Imana.

Ubuzima buzanwa niryo jambo bugomba gukomezwa gutungwa “n’amagambo yose ava mukanwa k’Imana” matayo 4:4.

Intekerezo n’umutima bigizwe n’ibyo tubigaburira, bityoni inshingano yacuguhitamo ibyo tubigaburira. Buri wese agomba guhitamo ibyo ashya mu ntekerezo ze azirikana ko aribyo birema imico ye. Imana ibwira abafite amahirwe yo kumva ibyanditswe byera itinamwandikiye ibikomeye byo mu mategeko yanjye.” Hoseya 8:12. “ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije kumenya.” Yeremiya 33:3.

Umuntu uwariwe wesen’ubuzima yaba arimo bwose iyo afite ijambo ry’Imana mu biganza bye, ashobora kwihitamo abo akwiriye kubana

nabo. Muri ryohari amateka y'abantu babaye intungane n'imfura muri ubu buzima n'amteka y'ukuntu Imana yagiye ivugana nabo. Uko umuntu akomeza kwiga no kwibaza ku ngingo z'ibyo "abamarayika bagirira amatsiko bashaka kubirunguruka." *1 petero 1:12* abamalayika babana nawe. Ashobora gukurikira intambwe z'umwigisha wavuye mu ijuru ndetse akumva amagambo yavugiye kumusozi, mu kibaya, no ku nkengero y'inyanja. Ashobora kuba muri iyisi asa n'uri mu kirere cy'ijuru, agatera ibyiringiro abababaye n'abageragezwa, akabavutsamo icyifuzo cyo kugira imibereho yera; mu kurushaho kwiyegereza Imana, asa n'ugendana na yo, kimwe na Enoki wa kera arushaho kwegera inkengero z'isi ihoraho kugeza igihe amarembo azakingukaakinjira. Ntazigera ziyumvamo ko ari umunyamahanga. Amajwi azamwakira azaba ari ya yandi y'abamalayika bera babanaga nawe hano ku isi mu buryo butagaragara, umuntu wasabanaga n'ijuru binyuze mu ijambo ry'Imana aziyumvamo ijuru nkaho ari imuhira.

### ***Icyigwa cya 14: Isano iri hagati y'ubumenyi na Bibiliya***

*Ni ikihe kitaziko ukuboko k'Uwiteka*

*Ariko kwakoze ibyo byose? Yobu*

*12:9.*

Kubera ko igitabo cy'ibyaremwe n'icy'ibyanditswe byera byakomotse ku Mana imwe, byose biruzuzanya. Bihamya ukuri kumwe mvugo itandukanye no mu buryo butandukanye. Ubumenyi buhora buvumbura ibitangaza bishya; kandi iyo bwumvikanye neza, nta bushakashatsi mu by'ubumenyi, bwanyuranya n'ihishurwa mvajuru. Igitabo cy'ibyaremwe ndetse n'ibyanditswe biruzuzanya. Bitwigisha kumenya Imana binyuriye mu mategeko abiyobora.



Buri gihe imyanzuro ipfuye iva mu bushakashatsi bukorwa ku byaremwe yateye abantu kwibwira ko ubumenyi n'ukuri kw'ibyanditswe bihanganye, ndetse no mu kugerageza kugera ku bwumvikane, abantu basobanura ibyanditswe byera mu buryo bubitesha agaciro bikanasenya imbaraga y'Ijambo ry'Imana. Abahanga mu by'ubumenyi bwisi (Geology) batekereje kuvuguruza ubusobanura nyabwo bw'inyandiko za Mose kubirebana n'irema. Bavugako byatwaye imyaka ama miriyoni menshi kugira ngo isi ikurwe mu busa, kandi mu guhuza ukuri kwa bibiliya n'ibyo byitwa ubuvumbuzi bw'ubumenyi, bitera urujijo kubirebanan'iminsi y'irema kuko bifatwa nkaho yatwaye igihe kirekire cyane, bigafata imyaka ibihumbi byishya cyangwa ama miriyoni menshi.

Umwanzuro nk'uko ntukwiriye nahato. Inyigisho za Bibiriya ntizivuguruzanya cyangwa ngo zivuguruzwe byaremwe. Bibiliya ivuga iby'umunsi wa mbere w'irema iti : “ buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa mbere.” *Itangiriro 1:5*. Biba bityo kuri buri munsi mu minsi itandatu y'icyumweru cy'irema. Ijambo ryahumetswe rihamya ko umunsi ugizwe n'ijoro n'amanywa guhera icyo gihe. Kubirebana n'umurimo w'irema, bibiliya iduhamiriza ko: “Imana yavuze bikaba, yategetse bigakomera.” *Zaburi 33:9*. Mbese uwaremye amasi atabarika byari kumutwara igihe kingana iki gukura isi mu busa?, Mbese tugomba gutesha agaciro ijambo ry'Imana kugira ngo twerereze ibyo yaremeye?

Ni ukuri ko ibisigazwa byabonetse ku isi bihamya ko kubaho k'umuntu, inyamaswa n'ibimera ari ubwiru burenze ubumenyi bw'umuntu. Ibyo bifatwa nk'ibihamya ko ibimera n'inyamaswa byabayeho mbere y'igihe cy'inyandiko za mose. Ariko kubirebanan'ibyo, amateka ya Bibiliya aduha ibisobanuro bihagije. Mbere y'umwuzure, iterambere ry'ubuzima bw'ibimera ndetse n'inyamaswa byarutaga byihabya uko biri ubu. Mugihe cy'umwuzure, ubuso bw'isi bwarasenyaguritse, habaho impinduka zikomeye, ubutaka buribirundura, igihe isi yongeraga kwiyegeranya hasigaho ibigaragaza ubuzima bwariho mbere y'umwuzure. Amashyamba manini yahambwe

mubutaka igihe cy'umwuzure uhereye ubwo bihinduka amakara yo munsu y'ubutakaariyo akomokamo peterori idufasha muri iki gihe. Iyo dusobanukiye ibyo byose, bihinduka ubuhamya bukomeye bw'uko ijamba ry'Imana ari ukuri.

Indi nyigisho ijyanye n'ihindagurika ry'isi: Ni ivuga ko umuntu ikiremwa kiruta ibindi yabanje kuba agakoko hanyuma ahinduka akanyamushongo arongera ahinduka inyamaswa igendesha amaguru ane kugeza abaye umuntu.

Iyo twitegereje ubushakashatsi mwene muntu yahawe gukora; ubuzima bwe bugufi, tubona ko ibyo ashoboye ari bike, kwitegereza kwe ari kugufi, tukabona ukuntu kenshi yagiye yibeshya by'umwihariko ku mateka ya Bibiliya, tukabona ukuntu inshuro nyinshi ibitekerezaho by'ubuhanga bijya bihindagurwa cyangwa bigata agaciro, tukabona ukuntu isi yagiye ihindana uko ibihe bihaye ibindi, n'ukuntu amahame y'abahanga agenda avuguruzanya. Ese duherereye kuri ibi byose twakomeza kwemeza ko umuntu yakomotse ku nyamaswa tukirengagiza imvugo y'umwuka kandi yumvikana igiraiti: “Imana irema umuntu ku ishusho yayo, mu ishusho yayo niko yamuremye?” *Itangiriro 1:27*. Ese twakwirengagiza ko umuntu afite ibisekuru akomokamo, kandi aribyo butunzi buruta ubwo mu mazu y'abami? – “mwene Adamu, Adamu w'Imana” *Luka 3:38*

Biramutse byumvikanye neza, ubuvumbuzi bw'ubuhangan'ibyo duhura nabyo mu buzima bihamanya neza n'ibyanditsweko Imana ikorerera mu byaremwe.

Mundirimbo yanditswe na Nehemiya, Abarewi baririmbaga batya bati: “ni wowe Uwiteka, ni wowe wenyine, niwowe waremye ijuru n'ijuru risumba ayandi n'ingabo zaryo zose, n'isi n'ibiyirimo byose n'amanyanja n'ibiyarimo byose, kandi niwowe ubeshaho byose ...” *Nehemiya 9:6*.

Kubirebana n'iyisi yacu, ibyanditswe byerekana ko umurimo w'irema wari urangiye ubwo Imana yarangizaga imirimo yakoze imaze kurema isi. *Abaheburayo 4:3*.

Ariko Imana mu mbaraga zayo ikomeza gufasha ibyo yaremye. Nta buryo bushobora gukoreshwa kugira ngo umutima wikoreshe ubwawo cyangwa ngo guhumeka byizane ubwabyo. Buri guhumeka, buri gutera k'umutima kose, ni ikimenyetso cy'uko Imana itwitaho kuko ari muriyo dufite ubugingo bwacu (*Ibyakozwe 17:28*). Guhera ku dusimba duto kugeza ku muntu, buri kiremwa cyose kibeshwaho n'umigambiri y'Imana.

Ibyo byose biragutegereza, kugira ngo ubigaburire ibyo kurya byabyo igihe cyabyo.

Biyora ibyo ubihaye,

Upfumbatura igipfunsi cyawe bigahaga ibyiza.

Uhisha mumaso hawe bigahinda imishyitsi

Ubukuramo umwuka bigapfa, bigasubira mu mukungugu wabyo.

Wohereza umwuka wawe bikaremwa, ubutaka ubusubizamo ubugingo bushya.

*Zaburi 104:27-30.*

Ikasikazi yahasanziye hejuru y'ubusa, n'isi yayitendetse kubusa.

Ipfunyika amazi mubicu byayo bya rukokoma, kandi ibicu ntibitoborwe nayo.

Amazi menshi yayashyizeho urugabano, rugeza aho umucyo n'umwijima biherera.

Inking z'ijuru ziranyeganyega, zigatangazwa no gucyaha kwayo.

Ibirinduza inyanja ububasha bwayo...

Umwuka wayo utera ijuru kurabagirana. N'ukuboko kwayo ikagusogotesha inzoka yihuta

Dore ibyo ni ibyo kumpera y'imigenzereze yayo gusa.

Ibyo twumva byayo ni bike cyane ni nk'ibyongorerano.

Ariko guhinda k'ububasha bwayo ninde wabisobanura?

*Yobu 26:7-14.*

Inzira y'Uwiteka iba mu ishuhari no mumugaru,

Kandi ibicu nink'umukungugu utumurwa n'ibirenge bye. *Nahumu*

1:3.

Imbaraga ikorera mu byaremwe byose kandi ibeshaho ibintu byose ntabwo imeze nkuko bamwe mu bahanga bayemeza, ko ari ihame ryo gukora, kw'imbaraga yikoresha ikorera hose.

Imana ni Umwuka; nyamara kandi ifite ishusho, bitewe nuko umuntu yaremwe mu ishusho yayo. Mu mwana wayo, niho Imana yigaragarije ifite ishusho y'umuntu. Yesu; niwe kurabagirana kw'ubwiza bwa Data, akaba "n'ishusho ya kamere yayo" (*abaheburayo 1:3*).

Yabaye ku si asa n'abantu. Yaje mu isi ari umukiza wambaye umubiri, anazamuka mu ijuru Imbere y'intebe y'ubwami y'Imana aho atuvuganira afite umubiri. "Hanyuma y'ibyo nkitegereza ibyo neretswe nijoro mbona haje usa n'umwana w'umuntu" (*Daniyeli 7:13*). Intumwa Paulo ayobowe n'umwuka wera, yavuze ku byerekeye Kristo ko "muri we arimo byose byaremewe. Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho nawe" *abakolosai 1:16-17*. Ikiganza gishyigikiye amasi mu kirere, Ikiganza kiyoboro imikorere y'ibintu byose biri mu isanzure ry'Imana, ni cya kiganza cya Yesu cyabambwe ku musaraba ku bwacu.

Ugukomera kw'Imana kurenze imyumvire yacu. Imana ifite intebe y'ubwami mu ijuru" (zaburi 114:4), nyamara, binyuriye mu Mwuka wayo, Imana ibera hose icyarimwe. Imana izi imirimo y'intoki zayo, kandi ijya yita ku byo yaremwe byose.

Ninde uhwanye n'Uwituka Imana yacu, ufite intebe ye hejuru cyane akicishiriza bugufi kurebaibyo mu ijuru n'ibyo mu isi? (*Zaburi 113:5,6*.)

Ndahungira Umwuka wawe he? Ndahungira mu maso yawe he?

Nazamuka nkajya mu ijuru uri yo, nasasa uburiri bwanjye ikuzimu uriyo. (zaburi 139:8).

Nakwenda amababa y'umuseke, ngatura kumpera y'inyanja, Aho naho ukuboko kwawe kwahanshorerera,

Ukuboko kwawe kw'iburyo kwahamfatita. (*Zaburi 139:7-10*).

Uzi imyicarire yanjye n'imihagurukire yanjye, umenyera kure ibyo nibwira.

Ujya urondora imigendere yanjye n''imiryamire, uzi inzira zanjye zose,

Ungose inyuma n''imbere, unshyizeho ukuboko kwawe,  
Kumenya ibikomeye bityo ni igitangaza kinanira,  
Kuransumba simbasha kukugeraho.

*(Zaburi 139:2,3,5,6).*

Umuremyi wa byose niwe wagennye uburyo butangaje bwo gukenura ibyo dukenera. Niwe washyize mu isi y''ibyaremwe igisubizo cya buri kintu gikenerwa mu buzima. Niwe waremye imitima y''abantu kandi ayiremana ubushobozi bwo kumenya no gukunda. Ntabwo biri muri kamere y''Imana kureka amakene y''umutima adashubijwe. Muri ubu buzima bwo kurwana n''icyaha, ishavu n''umubabaro, nta hame ridafatika, nta buzima bwo kwikubira, byashobora guhaza amakene n''ibyifuzo by''abantu. Ntibihagije kwizera amategeko n''ubushobozi, mu bintu bitarimo impuhwe, kandi bitigera byumva gutaka kw''abatabaza. Dukeneye kumenya ukuboko gukomeye kw''Ishoborabyose ngo kudushyigikire, kandi tukamenya na ya nshuti ihebuje iduhoranira impuhwe. Biradukwiriye kugundira ikiganza cy''inshuti idukunda, kanditukiringira umutima wew''Imbabazi. Kandi uko niko Imana yiyerekaniye mu ijambo ryayo.

Uwirundurira mu kwiga ubwiru bw''ibyaremwe, azasobanukirwa neza ubujiji n''intengenke ze. Azasobanukirwa ko bifite uburebure bw''ikijyepfo n''uburebure bw''ikijyaruguru adashobora gushyikirandetsen''amabanga adashobora kwinjiramo, kandi ko hari amashami menshi kandi yagutse y''ukuri ataramenya. Bizamutera kuvuga nka Newton ati: “ ndatekereza ko nabaye nk'' umwana ukinisha utubuye ku nkengero z''inyanja mu gihe imbere yanjye hari inyanja y''ukuri kutaramenyekana.”

Abiga amasomo y'' ubumenyi muburyo bwimbitse bajya bamenya ko hari imbaraga isumba byose ikorera mu byaremwe. Ariko umuntu wizirikaku bitekerezo bye gusa, inyigisho z''ibyaremwe ziramuvuguruza kandi zikamuca intege. Mu mucyo w''ibyanditswe niho gusa zashobora

gusobanuka neza. “kwizera niko kutumenyesha yuko isi yaremwe n’ijambo ry’Imana.” *Abaheburayo 11:3*

“ Mbere na mbere Imana...” *Itangiriro 1:1*. Aho niho honyine intekerezo ziteraganwa n’ibibazo bidashira zihungira nkuko inuma yahungiye munkuge, zikahabonera uburuhukiro. Urukundo rw’Imana ruba hose, hejuru, hasi, hakurya no hakuno, rukorera byose gusohoza “imyifurize myiza yose n’imirimo yose iva kukwizera”. *2 abatesalonike 1:11*.

“ Ibitaboneka byayo aribyo bubasha bwayo buhoraho n’ubumana bwayo, bugaragara neza uherye ku kuremwa ku isi, bigaragazwa n’ibyoyaremye.” *Abaroma 1:20*. Ariko ubuhamya bwabyo bwakumvikana gusa habayehoubufasha bw’umwigisha mvajuru. “mbese ninde mubantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wawundi umurimo? N’iby’Imana niko biri, ntawabimenya keretse umwuka wayo”. *1 abakorinto 2:11*.

“ Uwo mwuka w’ukuri naza azabayobora mu kuri kose” *yohana 16:13*. ku bwo gufasha n’uwo Mwuka, wa wundi mbere na mbere “wagendagenda hejuru y’amazi;” kubw’ijambo rya rindi ryaremye byose” kandi “ kubw’umucyo nyakuri waje mu isi, umurikira abantu bose”, niho ibihamya by’ubumenyi bishobora gusobanurwa neza. Kubwo kuyoborwa nibyo gusa, niho dushobora gusesengura ukuri kwimbitse.

Ni kubwo kwishyira mubuyobozi bw’Imana ishobora byose dushobora, gutekereza nka we binyuriye mu kwiga imirimo ye.

***Icyigwa cya 15 :Amahame agenga imirimo n’uburyo bwo Gukora***

*Ugenda atunganye aba Akomeye.*

*Imigani 10:9*

Nta shami iryo ari ryose ry'umurimo wemewe Bibiliya idatangaho amabwiriza ya ngombwa y'uko ukwiriye gukorwa. Amahame yayo yo kuba umunyamwete, inyanga-mugayo, kuzigama, kwirinda, no kwera niyo ibanga ryo kugera ntsinzi yakuri. Aya mahame nkuko agaragara mu gitabo cy'imigani, agizwe n'ubutunzi bw'ubwenge bushyizwe mubikorwa. Ni hehe umucuruzi, umunyabukorikori, umuyobozi w'abantu mw'ishami iryo ariryo ryose ry'umurimo ashobora kubonera amabwiriza meza amugenga ndetse n'agenga abakozi be kuruta uko aboneka muri ayamagambo y'umunyabwenge ngo:

“ Hari umuntu w'umunyamwete mubyo akora ubonye? Bene uwo azaba imbere k'umwami, ntazakorera abagufi.” (Imigani 22:29)  
“Umurimo wose utera inyungu, ariko amazimwe y'ururimi atera ubukene agatubya.” (Imigani 14:23)

“Umutima w'umunyabute urifuza kandi ntacyo ari bubone.” (Imigani 13:4)

“Kuko umusinzi n'umunyandanini bazakena, kandi umunyabitotsi bizamwambika ubushwambagara.” (Imigani 23 :21)

“Ugenda ari inzimuzi amena ibanga, nuko ntukiyuzuze n'ukunda kuvugagura.” (Imigani 20:19)

“Uwifata mumagambo ni umunyabwenge” ariko “ umupfapfa wese akunda intonganya.” (Imigani 17:27 ; 20 :3)

“Ntukajye munzira y'inkozi z'ibibi.” “cyangwa hari uwabasha gukandagira amakara yaka, ibirenge bye ntibibabuke ?” (Imigani 4:14; 6:28)

“Ugendana n'abanyabwenge, azaba umunyabwenge nawe.” (Imigani 13:20)

“Inshuti nyinshi zisenya urugo ariko haba inshuti iramba ku muntu imurutira umuvandimwe.” (Imigani 18:24)

Inshingano yacu yo gukorerana isobanuka neza muri aya magambo ya Kristo ngo: “Ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ariko mubagirira namwe.”(*Matayo 7:12*)

Ni bantu bangana iki baba barasimbutse igihombo cy’umutungo, no kurimbuka, iyaba baritaye kumiburo yagiye isubirwamo inshuro nyinshi, kandi bishimangiwe n’ibyanditswe byera! “Uwihatira kuba umukire ntazabura guhanwa.” (*Imigani 28:20*) “Ubutunzi bw’amahugu buzagabanuka, ariko urundarunda ibintu avunika azunguka.” (*Imigani 13:11*)

“Ubutunzi bushakishwa ururimi rubeshya buyoka nk’umwuka, ababushaka baba bashaka urupfu.” (*Imigani 21:6*)

“Uguza ni umugaragu w’umuguriye.” (*Imigani 22:7*)

“Uwishingira uwo atazi bizamubabaza, ariko uwanga kwishingira aba amahoro.” (*Imigani 11:15*)

“Ntugashingure imbago zerekana imbibi za kera, kandi ntukarengere mu mirima y’imfubyi, kuko umurengezi wabo akomeye, azakuburanya ababuranira.” (*Imigani 23:10,11*)

“Uwishakira ubutunzi akarenganya abakene, kandi uhongera abakire, bombi bazakena ntakabuza.” (*Imigani 22:16*)

“Ucukura urwobo azarugwamo, kandi uhirika ibuye rizamubirindukana.” (*Imigani 26:27*)

Kumvira ayo mahame nibyoshingiroryo kubaho neza kwa rubanda haba mu buzimabw’imirimo ya buri muni cyangwa mu by’Iyobokamana. Ayo mahame niyo shingiroryo umutekano w’ubutunzi n’uw’ubuzima. Kumvira amategeko y’Imana nkuko avugwa mu ijamba ryayo nibyo gusa byatuma kwiringirana no gufatanya bishoboka.

Amagambo y’umunyezaburi agira ati: “amategeko yo mukunze kawe ni ay’igicro kuri njye, kiruta icy’ibice ibihumbi by’ifeza



n“izahabu.” (Zaburi 119:72). Yerekana ukuri kurenzeiby“ubuzimabw“iyobokamana. Yerekana ukuri kwagutse, kwemerwa mu isi y“ubucuruzi. Ndetse no muri iki gihe cy“irari ryo gushaka amafaranga, aho amarushanwa arushaho kwiyongera anakorwa mu buhemu bwinsi, biracyemerwa na bose koumusoreutangiyebuzima, mubunyangamugayo, gukorana umwete, kwirinda, kubonera no kuzigama, aba afite igishoro cy“agaciro kuruta amafaranga uko yangana kose.

Nyamara no mubashima iyo miterere kandi bemera ko ikomoka muri Bibiliya, bake gusa nibo basobanukiwe n“ishingiro ry“ayo mahame.

Ishingiro ry“ubunyangamugayo mu bucuruzi no kugera ku ntsinzi mumirimo, ni ukumenya ko ibintu byose ari iby“Imana. Umuremyi wa byose niwe nyiri bintu mukuru. Twe turi ibisonga bye. Ibyo dufite byose, niwe wabiduhaye ngo tubikoreshe uko ashaka.

Aya mabwiriza ni aya buri kiremwa muntu cyose, kandi areba imirimo yose abantu bakora. Twabimenya cyangwa tutabimenya turi ibisonga Imana yahaye impano ndetse n“ubushobozi, idushyira mu isi kugirango dukore umurimo yadushinze.

Buri muntu yamushinze “umurimo we”( Mariko 13:34), umurimo uhwanye n“ubushobozi bwe,umurimo uzavamo ibyiza bikomeye kuri we bwite no kuri bagenzi be, kandiuguhesha Imana icyubahiro gikomeye.

Bityo umurimo wacu, cyangwa umuhamagaro wacu bifite uruhare mu mugambi ukomeye w“Imana.kandi niba tuwukora dukurikije ubushake bw“ Uwitaka, Imana ubwayo izishingira umusaruro n“ingaruka.” Nk“abakozi bakorana n“Imana.” (1 abakorinto 3:9), uruhare rwacu niukwemera amabwiriza yayodukiranutse. Bityo ntamwanya wo guhangayika. Dusabwakiwihangana, ubudahemuka, kutarangara, kuzigama n“amakenga. Ubushobozi bwacu bwose bugomba gukoreshwa kugeza aho bugarukira. Nti twishingikirize ku musaruro

w''imbaraga zacu ahubwo kumasezerano y'Imana. Ijambo ryagaburiraga abisirayeli mubutayu, rigatunga Elisa mu gihe cy'amapfa, riracyafite ubwobushobozina bugingo n'ubu. "ntimukiganyire mugira ngo „ tuzarya iki"? cyangwa ngo „tuzambara iki?...ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo nibwo ibyo byose muzabyongererwa." (Matayo 6:31,33)

Iha abantu ubushobozi bwo kuronka ubukire Inabaha inshingano. Idusaba umugabane ugenwe kubyo twunguka byose. Kimwe muicumi ni icy'Uwiteka. " mu bimeze mubutaka byose, naho yaba imyaka cyangwa imbuto z'ibiti", "kimwe mu icumi cyo mumashyo yose cyangwa icyo mu mikumbi....ni iby'Uwiteka." (Abalewi 27:30,31). Umihigo wahizwe na Yakobo i Beteri yerekana akamaro k'iryo tegeko." kubyo uzampa byose sinzabura kuguha kimwe mu icumi." (Itangiriro 28:22)

"Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumiishyitse mubishyire mububiko, inzu yanjye ibemo ibyo kurya."(Malaki 3:10) Ni itegeko ry'Imana. Ntabwo ari ihamagara gusa ryo kugaragaza ishimwe cyangwa kugira ubuntu. Iki nicyo kimenyetso gusa cy'ubudahemuka. Kimwe mu icumi ni icy'Uwiteka; adusaba kumugarurira ku bye. "Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava." (Iabakorinto

4:2) Niba ubunyangamugayo ari ihame ry'ingenzi mubuzimabw'ubucuruzi,mbase twebwe ntitugombakwemera koibyo Imana idusabaari byo by'ingenzi kurusha ibindi?

Iri jambo ibisongabikiranuka riduha inshingano atari ku Mana gusa, ahubwo no kubantu. Ikiremwa muntu cyose kirimo umwendaw'umucunguzi kubw'impano zose tubona mu buzimazikomoka k'urukundo rutarondoreka. Ibyo turya, ibyo twambara, amazu tubamo, imibiri yacu,intekerezo zacu, ubugingo bwacu,byose yabitanzeho ikiguzi cy'amaraso ye. Kandi Kristo aduha inshinganokuri bagenzi bacu binyuriye ku itegeko ryo gukorerana kubwo kumugaragariza ishimwe. "mukorerane murukundo."(Abagalatiya 5:13) "Ubwo mwabikoreye umwe muri bene data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye." (Matayo 25:40)

Paulo yaravuze ati: “abagiriki n’abatari abagiriki, abanyabwenge n’abaswa mbafiteho umwenda.” (Abaroma 1:14) Niko biri no kuri twe. Imigisha yose tubona muri ubu buzima, idushyimo umwendawo gukorera ibyiza abantu bose.

Uku ni ukuri kuzuye haba mubuzimabw’umuntu ku giti cye kimwe no mu mibereho yacu muri rusange. Ubutunzi dufite ntabwo ari ubwacu, ibyontidushobora kubyibagirwa ngo bibure kutugiraho ingaruka. Twe turi ibisonga gusa; kandi kugubwa neza kwa bagenzi bacu hano ku isi n’umurage wacu wo mu isi izazabishingiye ku buryo dusohozamo inshingano dufite ku Mana no kuri bagenzi bacu. “Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka. Kandi hari uwimana birenze urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa. Umunyabuntu azabyibuha, kandi uvomera abanldi nawe azavomerwa.” (*Imigani 11:24-25*). “Nyanyagiza imbuto yawe ku mazi, kuko igihe nigisohora, uzayibona hashize iminsi myinshi.” (*Umubwiriza 11:1*)

“Ntukarushywe no gushaka ubutunzi...mbese wahanga amaso kubitariho? Kuko ubutunzi butabura kwitera amababa, bukaguruka nkuko igisiga kirenga mu bushwi.” (*Imigani 23:4-5*)

“Mutange namwe muzahabwa, urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye nirwo muzagererwa, kuko urugero mugeramo arirwo muzagererwamo namwe.” (*Luka 6:40*)

“Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n’umuganura w’ibyonguka byose, nibwo ibigega byawe bizuzuzwa, kandi imivure yawe izasendera imitobe.” (*Imigani 3:9-10*)

“Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya. Ngaho nimubingeragereshe, niko Uwiteka nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomorerera imigomero yo mu ijuru, nkabasukaho umugisha mukabura aho muwukwiza. Nzahanaindyanzi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo kubutaka bwanyu, kandi n’umuzabibu wanyu ntuzaragarika imbuto mumurima igihe cyawo kitaragera...kandi amahanga yose azabita abanyamahirwe kuko muzabona igihugu kinezeza.” (*Malaki 3:10-12*)

“Nimuhora mwumvira amategeko yanjye, mukitondera ibyo nategetse mukanyumvira, nzajya mbavubira imvura mu bihe byayo, ubutaka buzajya bwera imyaka yabwo, ibiti byo mumirima bizajya byera imbuto zabyo. Ihura ryanyu rizageza mu isarura ry’inzabibu, iryo sarura rizageza mi ibiba. Muzajya murya ibyo kurya byanyu mihage, mube mugihugu cyanyu amahoro...Muzaryama ari ntawubateye ubwoba.” (*Abalewi 26:3-6*)

“ Mwige gukora neza, mushake imanza zitabera, murenganure abarengana, mucire imfubyi urubanza, muburanire abapfakazi.” (*Yesaya 1:17*) “Hahirwa uwita ku bakene, uwiteka azamukiza kumunsi w’ibyago. Uwiteka azamurinda amukize, kandi azahirwa ari mu isi, kandi ntumuhe abanzi be kumugirira uko bashaka.” (*Zaburi 41:1-2*) “Ubabariye umukene aba agurije Uwiteka, nawe azamwishyura ineza ye.” (*Imigani 19:17*)

Umuntu ushura ubutunzi bwe muri ubwo buryo azabugwiza inshurobyiri. Uretse ubutunzi busanzwe ubwo kw’iherezo azasiga ku isi bona nubwo yaba yarabukoresheje neza; ariko kandi azaba yaribikiye ubutunzi bw’iteka. Imico yacu ni ubutunzi bw’igicro mu isi kimwe no mu ijuru.

## Ubunyangamugayo Mu Mirimo Dukora

“Uwiteka azi iminsi y’abatunganye, umwandu wabo uzahoraho iteka.ntibazakorwa n’isoni mu gihe cy’ibyago, muminsi y’inzara bazahazwa.”(*Zaburi 37:18-19*)

“ ... ni ugendera mubitunganyeagakora ibyo gukiranuka,akavuga iby’ukuri nkuko biri mumutima we...icyo yarahiriye naho cyamugirira nabi ntiyivuguruza”. (*Zaburi 15:2,4*) “Ugendana gukiranuka, akavuga ibitunganye, akagaya indamu iva mugahato agashwishuriza impongano bamuha...agahumiriza amaso ngo atareba ibibi uwo niwe uzatura ahirengeye...azahabwa ibyo kurya bimumunga n’amazi yo kunywa

ntazayabura. Amasoyawe azareba umwami afite ubwiza bwe, uzayaramburamugihugu ugeze kure.” (Yesaya 33:15-17)

Imana yaduhaye mu ijambo ryayo icyitegererezo cy’umuntu w’umukungu, umuntu wahiriwe mu buzima, umuntu wubahwaga mu ijuru no ku isi. Avuga ku by’imibereho ye, Yobu ubwe yarivugiye ati:

Nkuko nari meze muminsi y’ubukwerere bwanjye, Imana ikingira inama murugo rwanjye,

Ishobora byose yari ikiri kumwe nanjye, Abana banjye bankikije;...

Iyo najyaga ku irembo ry’umudugudu, ngatereka intebe yanjye mumuharuro, abasore barambonaga bakihisha, naho abasaza bakampagurukira

bagahagarara. Ibikomangoma byaracecekaga, bikifata kumunwa, Ijwi ry’imfura ryaroroshywaga,

Ururimi rwazo rugafatana n’urusenge rw’akanwa kabo.

Ugutwi kwanyumvaga kwanyitaga uhiriwe,

N’ijisho ryambonaga ryamberaga umuhamya,

Yuko nakizaga umukene utaka, N’imfubyi nayo itagira gifasha.

N’uwendaga gupfa wese yansabiraga umugisha,

Kandi ngatuma umutima w’umupfakaziuririmbishwa no kunezerwa.

Nambaraga gukiranuka kukanyambika,

Kutabera kwanjye kwari kumeze nk’umwitero n’ikamba. Nari

amaso y’impumyi n’ibirenge by’ikirema. Nari se w’umukene

Ngakurikirana urubanza ruwwo nari ntazi. (Yobu 29:4,5, 7-16)

Ntamushyitsi naraje hanze, ahubwo umugenzi wese naramwugururiraga.” (Yobu 31:32)

Abantu bantegeraga amatwi bagategereza...kandi ntabwo bahinduraga umucyo wo mumaso hanjye.

Nakundaga kujya munzira yabo, nkababera umutware,

Nkubamerera nk’umwami mungabo ze, Nk’umuhumuriza w’ababoroga. (Yobu 29:21,24,25)

“Umugisha Uwiteka atanga uzana ubukire kandi ntamubabaro yongeraho.” (*Imigani 10:22*)

“Ubukire n’icyubahiro biri iwanjye, kandi n’ubutunzi buhoraho, no gukiranuka nabyo.” (*Imigani 8:18*)

Bibiliya nanone itwerekaga ingaruka zo gutandukira amahame yo gukiranuka, haba mu byo dukorera Imana nomu byo dukorana bagenzi bacu. Abantu bakiriye impano zayonyamarabagakomeza kwirengagiza ibyo ibasaba, Imana irababwira iti:

“Nimwibuke ibyo mukora! Mwabibye byinshi ariko musarura bike, murarya ariko ntimuhaga, muranywa ariko ntimushira inyota, murambara ariko ntimushira imbeho, kandi n’ukorera ibihembo abibika muruhago rutobotse. Mwiringiraga kubona byinshi ariko dore byabay bike, mubizanye imuhira mbitumuza umwuka wanjye.” “Icyo gihe cyose uwageraga kumiba ikwiriye kuvamo inshuro makumyabiri havagamo icumi gusa, uwageraga ku muvure wa vino yibwira ko azavanamo inshuro mironko itanu yavanagamo makumyabiri gusa.” “Ibyo byatewe n’iki? Niko Uwiteka nyiri ngabo abaza. Byatewe n’inzu yanjye isigaye ari umusaka.” “Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwebwe mwarabinyimye. Nyamara murabaza muti:” twakwimye iki?” mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n’amaturo.” “Nicyo gituma ijuru kubwanyu ryimana ikime, n’isi ibura umwero wayo.” (*Hagayi 1:5-9; 2:16; Malaki 3:8; Hagayi 1:10*)

“Nuko rero mwarenganyaga abakene... mukiyubakira amazu y’amabuye abajwe, ariko namwe ntimuzayabamo. mwateye inzabibu nziza ariko ntimuzanywa vino yazo.” “Uwiteka azakoherereza umuvumo no guhagarikwa umutima no kubwirwa ibyago bizaza mubyo ugerageza gukora byose... abahungu bawe n’abakobwa bawe bazahabwa irindi shyamba, amaso yawe azabireba ahereye ananizwe no kubakumbura umunsi ukira, ntacyo uzashobora gukora.” (*Amosi 5:11; Gutegeka kwa kabiri 28:20,32*)

“Umuntu wirundanyaho ubutunzi bw’amahugu nink’inkware ibundikira amagi itateye, ubwo butunzi buzamusiga agabanijemokabiri iminsi yo kubaho kwe, hanyuma azaba umupfapfa.” (*Yeremiya 17:11*)

Imimuriko ya buri mushinga w’ubucuruzi n’akantu kose gakorwa muri bwobisuzumirwaimbere y’abagenzuzibatagaragarabahagarariyewa wundi, utihanganira igikorwa cyose cyo gukiranirwa, kandi ntagire icyo ahishwa.

“Nubona muntara umukene urengana, n’abanyarugomo bakuraho imanza zitabera no gukiranuka ntibikagutangaze kuko Isumbya abakuru ubukuru ibyitegereza, kandi hariho abakuru babarengeje.” (*Umubwiriza 5:7*)

“Nta mwijima cyangwa igicucu cy’urupfu, aho inkozi z’ibibi zishobora kwihisha.” (*Yobu 34:22*)

“Bashyize akanwa kabo mu ijuru,... bakavuga bati” Imana ikibwirwa n’iki? Isumbabyose hari icyo izi?” “Ibyo urabikora nkakwihorera, ukibwira yuko mpwanye nawe rwose. Ariko nzaguhana mbishyire imbere y’amaso yawe, uko bikurikirana.” (*Zaburi 73:9,11 ; 50:21*)

“Nuko nongera kubura amaso mbona umuzingo w’igitabo uguruka...uwo ni umuvumo woherejwe gukwira isi yose, kuruhande rumwe uhamya yuko uwiba wese azakurwaho, kurundi uhamya yuko urahira ibinyoma wese azakurwaho. Uwomuvumo nzawohereza niko Uwiteka nyiringabo avuga, winjire munzu y’umujura no munzu y’urahira izina ryanjye ibinyoma. Uzaba mumazu yabo imbere, uyatwikane n’ibiti n’amabuye byayo.” (*Zekariya 5:1,3,5*) Amategeko y’Imana aciraho iteka umuntu wese ukora ibibi. Ashoboragusuzugura ijwi rimuhana, akaryirengagiza ariko ayubusa. Iryo jwi riramukurikirana, rikamubuza amahoro, iyo ataryumviye rikomoza kumukurikirana kugeza mu gituro. Iryo jwi rikazaba umuhamya wo kumushinja kumunsi w’urubanza. Ni inkongi y’umuriro amaherezoizakongora umubiri n’ubugingo bwe.

“Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe? Mbese umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe?” (*Mariko 8:36-37*)

Iki ni ikibazo gisabwa kwitabwaho byitondewe na buri mubyeyi, buri mwalimu, buri munyeshuri, ndetse n’abantu bose, b’ingeri zose abato n’abakuze. Ntamushinga w’imirimo dukora mu buzima waba wuzuye cyangwa ngo ube ingirakamaro iyo witaye gusa ku nyungu z’ubu buzima bugufi, udateganiriza ahazaza h’iteka ryose. abasorenibigishwe kwita ku buzima bw’iteka. Nibigishwe guhitamo amahame no gushaka ubutunzi buzahoraho aribyo “kwibikira ubutunzi mu ijuru, aho umujura atabwegera n’inenzi ntizibwonone.” (*Luka 12:33*) Bigishwe koubutunzi bubi bagomba kubushakisha inshuti kugirango nibushira bazabakire mubuturo bw’iteka. (*Luka 16:9*)

Abakora batyo bose, baba bitegura neza muri ubu buzima bwahano kw’isi. Ntamuntu ushobora kwibikira ubutunzi mu ijuru ngo bibure kumugiraho ingaruka nziza muri ubu buzima.

“Kubaha Imana kugira umumaro kuri byose, kuko gufite isezerano ry’ubugingo bwa none n’ubuzaza nabwo.” (*1Timoteyo 4:8*)

### ***Icyigwa cya 16: Amateka Y’ababaye Intwari Muri Bibiliya***

*...Baheshejwe no kwizera gutsinda abami*

*No gukora ibyo gukiranuka...*



*No gukurwa muntege nke, Bagahabwa imbaraga nyinshi. (Abaheburayo 11:33-34)*

Ku muntu ukora umurimo w'uburezi, ntawundi mugabane wa Bibiliya ufite agaciro kuruta amateka y'abantu b'Imana avugwa muri Bibiliya. Amateka ya bibliya atandukanye n'ayandi kuko ahamanije n'ukuri kw'imibereho yabo. Ntabwo intekerezo za kimuntu zishobora gusobanura by'ukuri imirimo n'imibereho by'undi muntu mumashami yose. Nta wundi wabishobora keretse usoma mumitima, agasobanukirwa n'imigambi yo mu ibanga igusunikira gukora igikorwa runaka, akabasha kugenzura imico, kandi akerekana ishusho nyakuri y'imibereho y'umuntu. Muijambo ry'Imana niho gusa dusanga uko kuri.

Muburyo busobanutse, Bibiliya itwigisha ko ibyo dukora ari umusaruro w'icyo turi cyo. Ahanini inararibonye y'ubuzima bwacu iba ari umusaruro w'ibyo dutekereza n'ibyo dukora.

“Umuvumo w'ubusa ntugira uwo ufataho.” (*Imigani 26:2*) “Muvuge ko abakirantsi bazagubwa neza kuko bazatungwa n'imirimo y'amaboko yabo ariko umunyabyaha abonye ishyano!

Azagubwa nabi kuko azahabwa ibihembo by'ibyo yakoze.” (*Yesaya 3:10*)

“Umva wa si we, dore ngiye kuzanira aba bantu ibyago, aribyo mbuto z'ibyo bajyaga bibwira.” (*Yeremiya 6:19*)

Uku kuri kurakomeye, kandi kugomba kumvikana neza. Buri gikorwa cyose kigira ingaruka k'uwigikoze. Mwenemuntu agomba gusobanukirwa ko ibibi byose bimugeraho bikamubabaza ari umusaruro w'imbutu yibibiye. Nyamara nubwo bimeze bityo, haracyariho ibyiringiro.

Yakobo yakoresheje uburiganya kugira ngo ahabwe umurage w'umwana w'imfura yari yarasezeraniwe n'Imana bituma asaruramo kwangwa na mwene se. Mu myaka makumyabiri ari mu buhungiro nawe yagiriwe nabi kandi arariganywa, ashakira amahoro muguhunga; nyuma yongera kubona undi musaruro wa kabiri ubwo ububi bwo mu mico ye

bwigaragarizaga mu bahungu be. Ibyo byose y'ibyamubayeho ni ipica nyakuri y'imibereho y'abantu.

Ariko Imana iravuga iti: “Sinatongana iminsi yose, kandi sinahora ndakaye iteka ryose, kuko imyuka n'imitima naremye byashirira imbere yanjye. icyaha cy'umururumba nicyo cyandakaje ndamukubita. Narihishe ndakaye, ariko akomeza gusubira inyuma mungeso zikundwa n'umutima we. Nabonye ingeso ze nzamukiza, kandi nzamuyobora musubize ibyo kumumarana umubabaro hamwe n'abamuborogeye... amahoro, amahoro abe ku uri kure no ku uwo hafi, nanjye nzamukiza niko Uwiteka avuga.” (*Yesaya 57:16-19*)

Ku muni w'ibyago bye Yakobo ntiyashenguwe no kwiheba. Yari yihanye, kandiakora uko ashoboyengo yururemwene se yahemukiye. Gutinya kwicwa na Esawubyamuteye gushaka ubutabazibw'Imana. “Yakiranije Marayika aramutsinda, amwinginga arira ngo amuhe umugisha” “amuherayo umugisha”. (*Hoseya 12:4, Itangiriro 32:30*) Mubiganza by'Imana Ishobora byose uwo munyabyaha ubabariwe asigara atakiri umuriganya ahubwo ahinduka igikomangoma cy'Imana. ntiyarokowe uburakari bwa mwene se gusa, ahubwo nawe ubwe yahawe agakiza. Imbaraga z'ikibi muri we zarashenjaguritse; imico ye irahindurwa.

Umugoroba w'ubuzima bwe wahindutse umucyo. Ubwo Yakobo, yasubiraga mu mateka y'ubuzima bwe, yamenye ko yagiye arindwa n'ubushobozi bw'Imana. “ Imama, yantunze mu bugingo bwanjye bwose ikageza ubu...Marayika wanshunguye mu bibi byose.” (*Itangiriro 48:15,16*)

Iyo mibereho yagiye yisubiramo mu mateka y'abana ba Yakobo— icyaha n'inkurikizi kizana, no kwihana kwera imbuto zo gukiranuka kugahesha ubugingo.

Imana ntijya yoroshya amategeko yayo. Ntabwo ijya inyuranya n'ibyoyategetse. Ibararira icyaha ariko ntikuraho ingaruka zacyo. Ahubwo binyuriye mu buntu bwayo, umuvumo uhinduka umugisha.

Mubahungu ba Yakobo, Lewi yari umugome kandi akagira inzika. Ni umwe bakoze ubwicanyi bukomeye bwagiriwe abo mu muryango wa Shekemu. Imico ya Lewi yageze no kubamukomotseho bituma Imana ibacirauru urubanza ngo: “Nzabagabanya mu ba Yakobo, nzabatataniriza mu bisirayeri” (*Itangiriro 49:7*). Ariko kwihana kwabo byabazaniye guhinduka mu mibereho; kandi kubwo gukiranukira Imana mugihe cy’ubuhakanyi bw’indi miryango, umuvumo wahindu wemoumugisha w’icyubahiro gikomeye.

“Muri icyo gihe Uwiteka arobanura umuryango wa Lewi, kuremerwa isanduku y’isezerano y’Uwiteka, no guhagarikwa imbere y’Uwiteka no kumukorera, no guhesha abantu umugisha mu izina rye uko biri na bugingo n’ubu.” “Isezerano nasezeranye nawe ryari ubugingo n’amahoro, Nabimuhereye kugirango anyubahe maze aranyubaha, ahindishwa umushyitsi n’izina ryanjye...yagendanaga nanjye mumahoro no mubyo gukiranuka, yahinduraga benshi bakareka ibyaha”. (*Gutegeka kwa kabiri 10:8; Malaki 2:5,6*).

Abakozi bo mu buturo bwera ari bo Balewi ntibigeze bahabwa ubutaka bwagakondo. Bari batuye mu miduguduyabagenewe, kandi babeshwagaho na kimwe mu icumi n’amaturo byatangwaga mumurimo w’Imana. Bari abigisha b’ubwoko bw’Imana, bakagira uruhare muminsi mikuru, kandi ahantu hose bubahwaga nk’abakozi n’ibisongaby’Imana. Ishyanga ryose ryari ryarahawe iritegeko ngo: “Wirinde kurangarana umulewi, igihe cyose uzaramira mugihugu cyawe” “Nicyo gituma aba Lewi batagira umugabane cyangwa gakondo muri bene wabo. Uwiteka niwe gakondo yabo.” (*Gutegeka kwa kabiri 12:9; 10:9*)

### [Kunesha kubwo kwizera](#)

Igitabo cy’imigani kiduhamiriza ko: “uko umuntu atekereza mu mutima aba ari ko ari”. (*Imigani 23:7*). Ukurikw’ibyo kandi kugaragarira mu mateka y’abisirayeli. Bageze ku rugabano rw’i Kanani, abatasi

babazaniye amakuru y'ibyo bari babonye mu gihugu bari baragiye gutata. Gutinya ingorane bashoboraga guhura nazomu gutera icyo gihugu ngo bagihindure byabibagije ubwiza n'uburumbuke bwacyo. Imidugudu igoswe n'inkike ndende, abarwanyi b'ibihangange, amagare y'ibyuma nibyo byabakuye umutima kwizera kwabokurahungabana. Bananiwe kwisunga Imana maze iteraniro ryose ry'abisiraeli barangurura basubira mu magambo y'abatasi batizera bagira bati: "Ntitwabasha kuzamuka ngo turwanye abo bantu, kuko baturusha amaboko." (*Kubara 13:31*) Ayo magambo yabaye impamo; ntibashoboye kuzamuka ngo barwanye ab'I Kanani ahubwobaguye mubutayu.

Ariko babiri muri abo batasi bazanye inkuru itandukanye n'iy'abandi bagira bati: "Tubasha rwose kuhatsinda" (*Kubara 13:30*) Bingingiye abisirayeli bose kwizirika ku masezerano y'Imana, bababwira ko imbaraga zayo ziruta abarwanyi b'ibihangange, imidugudu igoswe n'inkike, ndetse n'amagare y'intambara. Ku rwabo ruhande ayo magambo yari ukuri. Nubwo Kalebu na Yosua bazereranye na bene se imyaka mirongo ine, mu butayu bo bagize amahirwe yo kwinjira mu gihugu cy'isezerano. Yuzuwe ubutwari nk'ubwo yari afite igihe yari kumwe n'ingabo z'Uwiteka bava mu Egiputa, Kelebu yasabye ndetse anahabwaho gakondo mu bihome by'abarwanyi b'ibihangange. Afashijwe n'imbaraga y'Imana yirukana abanyakanani. Inzabibu n'inzelayo byari aho yakandagiye hose igihe yatataga igihugu bihinduka umwanda we. Nubwo ibigwari n'ibygomeke barimbukiye mu butayu, abagabo bafite kwizera bariye imizabibu yo mu gihugu cy'isezerano.

Bibiliya igaragaza neza akaga kagera kumuntu uteshuka agatandukiraukuri, ndetse n'akaga kagera kubakurikiza icyitegererezo cye. Icyitegererezo kigira imbaraga ikomeye; igihe cyose umuntu abogamiye muruhande rw'ikibi kimurimo, kugitsinda bias naho bid.ashoboka

Inkomyi ikomeye y'ubukristo muri iyi si ntabwo ari umunyabyaha ruhara cyangwa igicibwa ahubwo ni umuntu ugaragara

nk'umunyakuri, wubashywe, w'intungane nyamara akagira icyahayiziritseho n'ingeso mbi ashyonyagiza. Icyitegererezo cya bene uwo, gihinduka imbaraga ikururira mu cyaha umutima warwanaga n'ibishuko buceceusa n'uhindira umushyitsi ku manga. Umuntu wese usobanukiwe n'iby'ubugingo, agasobanukirwa ukurin'ibyo kubahwa, akarengaakica rimwe mu mategeko yera y'Imana ku bushake, aba ahindanyije impano yahawe kandi akaba ayigize umutegougusha mu cyaha. Ubuhanga, italanto, impuhwe n'ibikorwa byiza by'ubugiraneza, bishobora gukoreshereza satani mu kurimbura imitima.

Niyo mpamvu Imana yaduhaye ibyitegererezo byinshi byerekana ingaruka z'igikorwa kibi naho cyaba kimwe. Uhereye ku mateka ababaje ya cya cyaha kimwe "cyazanye urupfu mu isi kikatuzanira umuvumo no kwirukanwa muri Edeni." ukageza ku nkuru y'uwagambaniye umwami w'icyubahiro kubw'ibice by'ifeza mirongo itatu, amateka y'abantu banditswemuri Bibliya agwiriyemo ibyitegererezo nk'ibyo, biduha imiburo itwihanangiriza kutava mu nzira y'ubugingo .

Na none hari umiburo mu kuzirikanangaruka zageze ku bantu baganjwen'amafuti n'intege nke bya kimuntu, ari byombutozokubura kwizera.

Kubwo kubura kwizera inshuro imwe gusa, Eliya yatubije umubyizi w'ubuzima bwe. Yari yarikoreye umutwaro uremereye kubw'ab'Isirayeli; yari yaratanze imuburo ikomeye ahanaishyanga kudasenga ibigirwamana; mu gihe cy'imyaka itatu n'igice y'amapfa, yari ategerezaniye amatsiko ikimenyetso cyo kwihana k'ubwoko bwe. Ku musozi Kalumeri yasigaye ari wenyine kuruhande rw'Uwiteka, Binyuze mumbaraga yo kwizera kwe, ibigirwa mana birarimburwa, kandi imvura iragwa iba ikimenyetso cy'imvura y'umigisha yajyaga gusukirwa Isirayeli. Nyamara acogojwe n'umunaniro no gucika intege, Eliya ahunga ibikangisho bya Yezeberi, ari mu butayu wenyine yisabira gupfa. Kwizera kwe kwari kwacogoye. Ntiyashobora kurangiza umurimo yari yaratangiye. Imana imutegeka kwimikisha amavuta undi muhanuzi mucyimbo cye.

Ariko Imana yari yaritaye kubwitange bw’umugaragu wayo. Eliya ntiyayyaga gupfa akiri mu bwihebe no mu bwigunge bwo mu butayu. Ntabwo yagombaga kumanuka mu gituro ahubwo yagombaga kuzamukana n’abamalayika b’Imana imbere y’ubwiza bwayo.

Aya mateka aduhamiriza ko hari umunsi buri umuntu azasobanukirwa ko umusaruro w’icyaha ari ugukorwa n’isoni no kuzimira, kandi ko kutizera ariugutsindwa, ariko ko imbabazi z’Imana zitagira akagero, kokwizera kuzahura umunyabyaha wihana akakirwank’umwana w’Imana.

### Ishuri ry’imibabaro

Abantu bose bakorera Imana na bagenzi babo bakiranutse muri iyi si, bajyabanyuzwa mu ishuri ry’imibabaro. Uko urushaho kugira inshingano iremereye na byinshi bikureba, niko n’ibigeragezouhura nabyobirushaho kuremera bikakubera ishuri utunganirizwamo.

Mwitegereze ubuzima bwa Yozefu na Mose, ubwa Daniyeli n’ubwa Dawidi. Mugereranye ubusore bwa Dawidi n’ubwa Salomo, maze muzirikane umusaruro w’ubuzima bwawo.

Dawidi mu busore bwe yabaye hafiya Sauli. Kuba I bwami kwe no kwegerana n’abagize inzu y’umwami byatumyearabukwaimpagarara n’agahinda bishobora kuboneka mu rugo rukungahaye rwa cyami. Abona uburyo icyubahiro cya kimuntu kidashobora gutanga amahoro y’umutima. Yaboneraga ihumure n’umunezero mu kuva I bwami agasubira mu misozi kwita ku ntama.

Ubwo Dawidi yahungiraga mu butayu bitewe n’ishyari rya Sauli, yabuze ubufasha bwose bwa kimuntu, maze yishingikiriza ku Mana yonyine. Kuba mu gihirahiro, n’imiruho yahuriye nabyo mu buzima bwo mubutayu, akaga kahoraga kamwugarije, byatumagaahoraahunga, ndetse n’imiterere y’abari bari kumwe nawekuba bari abantu “bari mu byago, abarimo imyenda, n’abinubaga” (2 Samuel 8:15), ibyo byose byamusabaga kwitegeka guhamye. Ubwo buzimabwakungukandi bukuza muri we ubushobozi bwo kuyobora

neza abo barikumwe, kugirira impuhwe abagirirwa nabi, no kwanga akarengane. Binyuriye muri iyo myaka yo gutegereza yuzuyemo ingorane, Dawidi yize gushakira ihumure ku Mana, nk'umutabazi we, n'umugenga wo kubaho kwe. Yamenye ko ubushobozi bw'Imana bwonyine aribwo buzamugeza ku ngoma; kandi ko atashobora kuyobora atishingikirije ku bwenge mvajuru. Kunyura mu ishuri ry'ibirushya n'imibabaro, nibyo byatumye Dawidi yandikwaho aya magambo ngo: "Dawidi ateguka Israeli yose acira abantu bose imanza zitabera," (2 Samweli 8:15) kabone nubwo nyuma yaje kugwa mu cyaha gikomeye.

Salomo ntiyigeze aca mu ishuri ry'imibabaro Dawidi yanyuzemo mu busore bwe. Nyamara Salomo yasaga nufite amahirwe menshi binyuriye mu buryo bwo kubaho kwe, imico ye, ndetse n'imibereho ye. Mu gutungana kwo mu busore no mu bugabo bwe, Salomo ukundwa n'Imana ye, yatangiye gutegeka, atanze ikizere cyokugeza ingoma ku burumbuke n'icyubahiro gihebuje. Amahanga atangarira ubumenyi n'ubushishozi by'uwo muntu Imana yahaye ubwenge. Ariko kwibona kubw'ubutunzi bwe byamutandukanije n'Imana; aho gushakira umunezero mu gusabanan'Uwiteka, yishakira kwinezeza mu guhaza ibyifuzo by'umutima we. Avuga iby'ubuzima bwe yagize ati:

"Nikoreye imirimo ikomeye, niyubakiye amazu, nitereye inzabibu, nihingiye imirima, n'imirima y'uburabyo izitiwe, nyiteramo ibiti by'amoko yose n'imbutu ziribwa... niguriye abagaragu n'abaja... nirundaniriza ifeza n'izahabu, n'ubutunzi buherereye kubami buvuye muntara zose, nishakiye abaririmbyi b'abagabo n'abagore. n'ibinezeza abantu, n'ibicurangwa by'uburyo bwose, nuko ndakomera kandi ndusha abambanjirije i Yerusaremu bose kunguka... kandi sinimye amaso yanjye icyo yifuzaga cyose, nta n'umunezero wose nimye umutima wanjye, kuko umutima wanjye wishimiraga imirimo yanjye yose, ... maze nitegereje imirimo yose y'amaboko yanjye n'imiruhu yose niruhije nkora; nsanga byose ari ubusa, ari nko kwiruka inyuma y'umuyaga, kandi ntagifite umumaro kiri

munsi y'ijuru. Nisubiramo ngo ndebe ubwenge n'ubusazi n'ubupfapfa. Mbese uzasimbura umwami azabasha gukora iki?"

"Niko kwanga ubugingo... nanga imiruhu yanjye yose naruhiye munsi y'ijuru." (*Umubwiriza 2:4-12; 2:17, 18*).

Binyuze muri iyo mibereho ishaririye, Salomo yasonukiye ko, gushakira umunezero mu butunzi ari ukurushwa n'ubusa. Mu gushaka ikiruhuko cy'umutima yubakiye imana z'abapagani ibicaniro, nyamara asobanukirwa ko ibyo bigirwamana bidashobora gutanga amahoro y'umutima.

Mu gihe gisheruka cy'ubuzima bwe, Salomo yateye umugongo ibitega bitobotse bitabasha kumara inyota, ababayeye kandi yahagira ahindukirira kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo. Amateka y'igihe cy'ubuzima bwe yapfushije ubusa yayanditse ayobowe n'Umwuka Wera ngo abe umuburo kubo mu bihe bizakurikiraho. Bityo nubwo imbuto mbi yabibye yabyaye umusaruro w'ibibi mu bwoko bwe, ariko imirimo salomo yakoze mu kubahokwe ntabwo yabayeye impfabusa rwose. Kuko hanyuma ishuri ry'umubabaro ryasohoreje umurimo waryo mu buzima bwe.

Ukurikije itangira ry'imibereho yembegaukuntu iminsi yo kubaho kwa Salomo yagombaga kuba myiza iyo mubusore bwe aza kwigiramo icyo umubabaro wari warigishije abandi!

### Kugeragezwa Kwa Yobu

Ku bakunda Imana "aribo bahamagawe nkuko yabigambiriye" (*Abaroma 8:28*) Amateka y'abantu b'Imana yanditswe muri bibiliya agaragaza isomo ry'ingenzi dukomora mu bitugerageza. "Muri abagabo bo kumpama ko ari njyewe Mana." (*Yesaya 43:12*), turi abahamya b'ubugiraneza bwayo buhebuje. "Twahindutse ibishungero by'abisi, niby'abamalayika n'abantu." (*1 Abakorinto 4:9*)

Ihame ryo kutikubira, ari ryo rigenga ingoma y'Imana, ni ihame Satani yanga; ndetse ahakana ko ribaho. Uhereye igihe yatangiye kurwanya Imana, yagiye yihatira kwerekana ko amahame



yayo ashingiye ku kwikunda, ibyoninabyo arega abakorera Imana. Umurimo wa Kristo n'abigishwa be ni uwo guhinyuza ibirego bya Satani.

Yesu yaje ku isi mu ishusho y'umuntu kugira ngo agaragarize mu mibereho ye ihame ryo kwiyanga. Kandi abemera iryo hame, bagomba gukorana n'Imana mu kurigaragariza mu mibereho yabo ya buri musi. Bagahitamo icyiza kuko ari cyiza, bakarengera ukuri nubwobyabasabakubabaracyangwakwitambaho igitambo "ibyo nibyo murage w'abagaragu b'uwiteka, kandi uko niko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi, niko Uwiteka avuga." (*Yesaya 54:17*)

Bibiliya iduhishurira imibereho y'umuntu wabaye ku isi yibasiwe n'ibitero bya Satani kuri iryo hame.

Yobu, umukurambere wo mu gihugu cya Usi igenzura imitima yamutangiyeye, ubuhamya iti: "ntawuhwanye nawe mu isi, ni umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi." (*Yobu 1:8*)

Mu kurwanya Yobu, Satani asubizanya ihinyu agira ati: "ugirango Yobu yubahira Imana ubusa? Ntiwagiye umurinda we n'inzu ye nibyo atunze byose?... rambura ukuboko kwawe, ukore kubyo atunze byose... ukore kumagufa ye, no kumubiri we azakwihakana ari imbere yawe."

Uwiteka asubiza satani ati: "ibyo atunze byose biri mumaboko yawe... nawe ari mumaboko yawe, keretse ubugingo bwe gusa abe aribwo wirinda."

Nuko Satani amaze kubyemererwa, arimbura ibyo Yobu yari atunze byose, imikumbi ye, abagaragu be n'abaja, abahungu be n'abakobwa; "ateza Yobu ibishyute bibi kuva mu bworo bw'ikirenge bigeza mu gitwariro." (*Yobu 1:8-12; 2:5-7*)

Nanone igikombe cy'umubabaro wecyongerwamo ubundi busharire. Inshuti ze zatekerejeko ko ibyago bye ari ibihano by'icyaha, zikomezakubabarisha umutima we ushengutse kumushinja ibyaha Nubwo yasaga naho ijuru n'isi byamutereranye, Yobu yakomeje kwizirika ku

Mana kandi kubw'umutima utamurega ikibi, mu mubabaro we no guteraganwa aravuga ati:

“umutima wanjye urembejwe n'amagara yanjye.” Yobu 10:1

“Icyampa ukampisha ikuzimu, ukandindira mu rwihisho, kugeza ubwo uburakari bwawe buzashiriira ukantegekera igihe, kandi ukazanyibuka” Yobu 14:13 “Dore ndatakishwa no kugirirwa urugomo, ariko sinumvirwa;

Ndatabaza, ntarubanza rutabera ruhari....

Yanyaze icyubahiro cyanjye, inyaka ikamba ryo kumutwe wanjye....Bene wacu bantaye, n'inshuti zanjye zanyibagiwe....

Inshuti zanjye z'amagara zose ziranzinutswe...

Mungirire imbabazi, mungirire imbabazi, mwa nshuti zanjye mwe. Kuko ukoboko kw'Imana kunkozeho” Yobu 19:7,9,14,19,21.

“Iyaba narinzi aho nyibona, ndetse ngo nshyikire intebe yayo...

Dore nigira imbere ariko ntihari, Nasubiza inyuma , nkayibura;

Mukuboko kw'ibimoso aho ikorera naho sinyiharuzi,

Yihisha mukuboko kw'iburyo kugirango ntayibona

Ariko izi inzira nyuramo, nimara kungerageza nzavamo meze nk'izahabu” yobu 23:3,8-10.

“naho yanyica napfa nyiringira” Yobu13:15

“nziyuko umucunguzi wanjye ariho kandi ko amaherezo azahagarara mu isi

Kandi uruhu rwanjye nirumara kibora nzareba Imana mfite umubiri,

Nzayireba ubwanjye, amaso yanjye azayitegereza, si ay'undi.” Yobu 19:25-27.

Yobu yagiriwe ibihwanye no kwizera kwe. “kandi nimara kungerageza nzavamo meze nk'izahabu” Yobu 23:10. Niko byasohoye. kubwo kwihangana kwe, no gushinyiriza, Yobu yarengeye imico ye bwite ndetse n'iy'Imana yari ahagarariye. Maze “Uwiteka aramwunamura, amukiza ibyago bye, amuha ibihwanye n'ibyo yari afite

kabiri... nuko Uwiteka ahira Yobu ubwanyuma kuruta ubwambere.”  
(*Yobu 42:10-12.*)

Mu basangiye imibabaro na Kristo binyuze mu kwiyanga, twavugamo Yonatani mu isezerano rya kera na Yohana Umubatiza mu isezerano rishya.

Yonatani, wagombaga kuba umuragwa w’intebe y’ubwamikubwakavukire, ariko amenya ko atari we Imana yabuteganiye, ahubwo yabugeneye inshuti ye magara, nuko yemera kwishyira mu kaga ngo akingire ubugingo bwa Dawidi; kandi aba indahemuka kuri se mu minsi yo gucogora kw’ingoma ye, kugeza ubwo yamuguye iruhande. Izina rya Yonatani ryahawe agaciro mu ijuru kandi mu isi ni umuhamyawo kubaho kw’imbaraga by’urukundo rutikanyiza.

Yohana umubatiza, igihe yazaga nk’iteguza ya Mesiya, yakanganirije ishyanga. Abantu b’inze zose, baturutse impande zose, abagabo n’abagore baramukurikiye. Ariko igihe uwo yategurizaga yari aje byose birahinduka. Imbaga y’abantu yakurikiye Yesu, bisa naho umurimo wa Yohana ugeze ku iherezo. Kwizera kwe ntikwacogora aravuga ati: “Uwo akwiye gukuzwa naho njye nkwiye kwicisha bugufi.” (*Yohana 3:30*)

Ibihe birahita, maze ubwami yari yitezeko bugiye kwimantiyabubona. Muri gereza y’ikuzimu yo kwa Herode, kure y’umwuka mwiza, n’umudendezo yaboneraga mubutayu, Yohana yakomeje gutegereza ari maso.

Nta ntwaro n’imwe yakoreshejwemo avanwemu nzu y’imbohe, n’inzi z’uzu y’imbohe zakomeje gukingwa. Nyamara gukizwa kw’abarwayi, kubwirizwa kw’ubutumwa bwiza, no kuzahurwa kw’imitima yihebye. byahamyaga umurimo Kristo yatumwe gukora.

Ari muri gereza ya wenyine, yitegereza ibyari bimutegereje kimwe ibyari bitegereje shebuja, Yohana yemera kubabarana na Kristo.

Intumwa z'ijuru zaramuherekeje kugera ku gituro. Abamalayikabo mu ijuru n'abamalayika baguye, bitegereje uko yarengeye umurimo ubuzira kwikanyiza.

Uherye ubwo imitima ibabaye yo mubihe byose byakurikiyeho, yagiye ikomezwa n'ubuhamywa bw'imibereho ya Yohana. Muri gereza, ku ntebe y'umuringa mu itanura ry'umuriro, abagabo n'abagore bo mubinyejana by'umwijima bagiyeye bakomezwa no kwibuka uwo Kristo yavuzeho ati:” mu babyawe n'abagore, ntihigeze kubaho umuruta.” (*Matayo 11:11.*)

“Mbese mvuge kindi ki? Igihe cyandenga, mvuze ibya Gidiyoni n'ibya Baraki n'ibya Samusoni n'ibya Yefuta... n'ibya Samweri n'iby'abahanuzi baheshejwe no kwizera gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka, no guhabwa ibyasezeranjwe, no kuziba iminwa y'intare, no kuzimya umuriro ugurumana cyane no gukira ubugi bw'inkota, no gukurwa muntegenke bagahabwa imbaraga nyinshi, no kuba intwari muntambara no kunesha ingabo z'abanyamahanga.

Abagore bahabwaga abo bapfushije bazutse. Abandi bakicishwa inkoni ntibemere kurokorwa, kugira ngo bahabwe kuzuka kurushaho kuba kwiza. Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko ndetse no kubohwa no gushyirwa mu mazu y'imbohe. Bicishwaga amabuye, bagakerezwa inkerezo, bakageragezwa, bakicishwa inkota, bakazerera bambaye impu z'intama n'izihene, banyazwe byose bakababazwa, bakagirirwa nabi. Yemwe n'isi ntiyarikwiriye ko bayibamo, bazereraga mu mashyamba no mubihanamanga, no mu mavumo no mumasenga.

Abo bose nubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo, nyamara ntibahabwa ibyasezeranjwe kuko Imana yatugambiriye ikirushaho kuba cyiza, kugira ngo abo badutunganywa rwose tutari kumwe.” (*Abaheburayo 11:32-40*)

## *Icyigwa cya 17 :Ibisigo N'indirimbo*

*Amategeko wandikishije abereye indirimbo zanjye, munzu y'ubusuhuke bwanjye. Zaburi 118:54.*

Mu byanditswe byera niho dusanga ibisigo bya kera ndetse bihebujebindi byose byigeze bibaho ku isi. Mbere yuko umusizi wa mbere mu basizi bo ku isi yumvikana, umushumba w'I Midiyani yasubiyemo amagambo Imana yabwiye Yobu--amagambo akomeye ahebuje amagambo yose yanditswen'abahanga, ati:

“Igihe nashingaga imfatiro z'isi wari he?...Ninde wugariye amarembo y'inyanja igihe yavaga munda y'isi,

Igihe nyihaye ibicu ho umwambaro, N'umwijima w'icuraburindi ukayibera ingobyi,Nkayiha itegeko ryanjye, Nkayishyiraho imyugariro n'amarembo,kandi nkavuga nti: „Garukira aha

ntuharenge,aha niho imiraba yawe y'ubwibone izagarukira?”

“Mbese aho wabereye hari ubwo wategetse ko bucya,Ugatambikisha umuseke igihe cyawo...?” Mbese wageze kumasoko y'inyanja,Cyangwa wazerereye mu kuzimu kw'imuhengeri? Hari ubwo wugururiwe amarembo amarembo y'urupfu,Cyangwa se wabonye amarembo y'igicucu cy'urupfu?

Mbese wamenya neza ubugari bw'isi? Bivuge niba ubizi byose.”

“Inzira igana k'ubuturo bw'umucyo irihe? Umwijima nawo aho uba ni hehe...?

“Mbese hari ubwo wageze mu bubiko bwa shelegi, Cyangwa wabonye ububiko bw'urubura?

Umucyo wagiye unyuze muyihe nzira?

Umuyaga w'iburasirazuba usandaye ku isi ugana he?

“Ninde waciye imigende y’umwuzūre  
Cyangwa inzira y’umurabyo w’inkuba,  
Kugira ngo avubire imvura igihugu kitarimo umuntu  
Mubutayu budaturwa,  
Kandi ahaze ahadatuwe harimo ubusa, Ngo  
ahameze ubwatsi butoshye?

Mbese wabasha guhambiranya ubukaga bwa Kilimiya, Cyangwa  
kudohora iminyururu ya Oriyoni?

Wabasha kuzana za Mazaroti mu gihe cyazo?

Cyangwa se Wabasha kuyobora Arukuturo n’abana bayo?

*(Yobu 38:4, 8-12, 16-19, 22, 24-27, 31, 32)*

Ningombwa nanone, gusoma mu ndirimbo ya Salomo, kugira ngo  
usobanukirwe itumba n’ubwiza bwaryo.

“Dore itumba rirashize, Imvura imaze gucika,

Uburabyo butangiye kurabya ku isi, Igihe cyo kujwigira kw’inyoni  
kirageze,

Kandi ijwi ry’Intungura ryumvikanye mugihugu cyacu.

Umutini weze imbutu zawo z’umwimambere,

Kandi inzabibu zirarabije, Impumuro yazo nziza iratāmye .

Haguruka mukunzi wanjye mwiza, ngwino tujyane.

*(Indirimbo ya Salomo 2:11-13)*

Nubwo atabishakaga, ubuhanuzi bw’umugisha Balamu yavuze ku  
bisirayeli bukubiyemo ubwiza butangaje

“Muri Aramu niho Baraki yankuye,

Umwami w’ i Mowabu yankuye mu misozi y’iburasisirazuba

Ati ngwino umvumire ubwoko bwa Yakobo, Ngwino urakarire  
ubwoko bwa Isirayeli.

Navuma nte abo Imana itavumye ? Kandi narakarira nte abo Imana  
itarakariye?

Kuko nitegeye ubwo bwoko ndi hejuru y'ibitare,  
Nkabwitegera ndi mu mpinga z'imisozi. Dore  
ni ubwoko butura ukwabwo,  
Ntibuzabarwa mumahanga....

Dore nategetswe kubahesha umugisha, Nayo  
yawubahaye simbasha kuwukura. Ntibonye  
gukiranirwa k'ubwoko bwa Yakobo,  
Ubugoryi ntibubonye ku Bisirayeli, Uwiteka  
Imana iri kumwe na bo,

Ni umwami wabo, bayivugiriza impundu....

Ntakuragura kuri mu bwoko bwa Yakobo,

Ntabupfumu buri mu Bisirayeli, mu gihe cyategetswe aba

Yakobo N'abisirayeri bazabwirwa icyo Imana ikora. (*Kubara*  
23:7-9, 20, 21, 23)

Haravuga uwumva amagambo y'Imana, Uwerekwa

Ishoborabyose....

Erega amahema yawe ni meza, wa bwoko bwa Yakobo we. Ubuturo  
bwawe ni bwiza wa bwoko bwa Isirayeli we.

Burambuye nk'ibikombe, nk'imirima y'uburabyo yegereye uruzi,  
Nk'imisāga Uwiteka yateye, nk'imyerezi imeze iruhande rw'amazi.  
(*Kubara 24:4-6*)

Haravuga uwumva amagambo y'Imana,

Akamenya ubwenge bw' Isumbabyose, Uwikubita hasi akagira  
amaso areba.

Ati: „ndamureba ariko s'ubu, ndamwitegereza ariko ntandi bugufi.

Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo, inkoni y'ubwami  
izaboneka iturutse mu bwoko bwa Isirayeli,....

Ubwoko bwa Yakobo buzakomokwaho n'utwara ibihugu.

(*Kubara 24:16,17,19*)

Indirimbo zo guhimbaza ni nk'ikirere cy'ijuru; iyo ijuru ryegeranye  
n'isi, humvikana indirimbo n'incurango, “impundu n'amajwi

y“indirimbo.” (*Yesaya 51:3*)

Isi ikimara kuremwa, ifite ubwiza buzira ikizinga, yambaye umugisha w“Imana, nibwo,“inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiranaga, abana b“Imana bose bakarangurura ijwi ry“ibyishimo” (*Yobu 38: 7*)uko niko iyo abantu basabanye, n“ijuru, bagaraza ubugiraneza bw“Imana binyuze mu ndirimbo zo guhimbaza. Indirimbo zagiye zigira uruhare mu bikorwa byinshi by“amateka ya mwene muntu.

Indirimbo ya mbere yanditswe muri Bibiliya abantu baririmbye, ni ya yindi yaririmbwen“ingabo z“abisirayeli baturaishimwe ry“Imana bamaze kwambuka inyanja itukura:

“Ndaririmbira,Uwiteka kuko yanesheje bitangaje, Ifarashi n“uwo bihetse yabiroshye munyanja.

Uwiteka ni imbaraga zanjye, n“indirimbo yanjye, Ampindukiye agakiza.

Uwo niwe Mana yanjye, nanjye ndayihimbaza,

Niyo Mana ya data, nanjye ndayishyira hejuru” (*Kuva 15:1,2*)

“Uwiteka, Ukubuko kwawe kw“iburyo gutewe icyubahiro n“ububasha bwako,

Uwiteka, ukuboko kwawe kw“iburyo kwashenjaguye ababisha Uwiteka, mubyitwa imana hari ihwanye nawe?

Ni iyihe ihwanye nawe? Kwera kwawe niko kuguhesha icyubahiro, Ishimwe ryawe rituma abantu bagutinya kuko ukora ibitangaza”.

(*Kuva 15: 6,11*)

“Uwiteka azahora kungoma iteka ryose...

Muririmbire Uwiteka kuko yanesheje bitangaje” (*Kuva 15:18,21*)

Mu ndirimbo zo guhimbaza, abantu bagiye baboneramo imigisha myinshi. Ayo magambo make avugaimibereho y“abisirayelimurugendo rwo mubutayu, akubiyemo inyigisho z“ingenzi ukwiriye kuzirikana.

“Barahaguruka bajya i Beri. Iryo niryoye riba Uwiteka yabwiye Mose ati : „Teranya abantu mbahe amazi“ maze Abisirayeli baririmba iyi ndirimbo bati :



“Dudubiza riba, nimuririmbe

Iri niriba ryafukuwe n’abatware

Iryo imfura z’abantu bafukurishije inkoni y’icyubahiro n’ingegene zabo.” (Kubara 21:16-18)

Mbega ukuntuamatekaakunda kwisubiramo mu buzima bw’iby’Umwuka! Mbega ukuntu mumitima hakundakudubiza indirimbo zikomotse ku kwihana, ku byiringiro, ku kwizera, ku rukundo no ku byishimo!

Indirimbo zo guhimbaza nizo ingabo z’Abisirayeli zahagurukanye mu kujya gucungura ubwoko bw’Imana muntambara yabaye kungoma ya Yehoshafati. “Maze haza abantu babwira yehoshafati bati: „ Haje ingabo nyinshi ziguteye, ...abahungu b’ Abamowabu n’Abamoni hamwe n’abameumimu” (2Ngoma 20:2,1) “Yehoshafati aratinya yihata gushaka Uwiteka, ategeka Abayuda bose kwiyiriza ubusa. Abayuda bose baraterana ngo basabe Uwiteka kubatabara, baturuka mu midugudu yose y’i Buyuda bazanywe no gushaka Uwiteka” (2Ngoma 20:3,4). “Yehoshafati ahagarara mu iteraniro ry’Abayuda n’ab’ i Yerusaremu, yari mu nzu y’Uwiteka imbere y’urugo rushya, yuzuzwa umutima we amasengesho, asobanukirwa n’imbaraga nke z’Abisirayeri, asaba ubutabazi mvajuru, “ntambaraga dufite Mana zarwanya izo ngabo nyinshi ziduteye kandi tubuze uko twagira ariko niwowe duhanze amaso” 2 (Ngoma 20:12)

“Maze Umwuka w’Uwiteka uza kuri Yahaziyeri mwene Zekariya aravuga ati: „Nimwumve yemwe Bayuda namwe baturage b’i Yerusaremu nawe mwami Yehoshafati uku niko Uwiteka avuze:“Mwitinya kandi mwegukurwa imitima n’izo ngabo nyinshi kuko urugamba atari urwanyu ahubwo ni urw’Imana. Muri iyo ntambara ntimuzagomba kurwana, muzahagarare mwireme inteko gusa, mwirebere agakiza Uwiteka azabaha, yemwe Bayuda n’abi Yerusalemu. Mwitinya kandi mwe kwiheba, ejo muzabaterere kuko Uwiteka ari kumwe namwe.” (2Ngoma 20:14-17)

“Bukeye bwaho bazinduka kare mugitondo, barasohoka baja mu butayu bw’ i Tekowa” (2 Ngoma 20:20) Imbere y’ingabo hagenderaga abaririmbyi, barangurura amajwi yabo bashimira Imana, bayishimira intsinzi yasezeranye.

Umunsi wa kane, ingabo zisubira i Yerusaremu bajyanye iminyago, baririmba ishimwe kubw’intsinzi bari bagize.

Indirimbo nizo zafashije Dawidi guhagarara ashikamye mu ngorane zinyuranye zo mubuzima bwe, akomeza gusabana n’Imana. Mbega ukuntu amateka y’imibereho ye y’ubwungeri igaragazwa muri aya magambo:

“Uwiteka niwe mwungeri wanjye sinzakena, andyamisha mu cyanya cy’ubwatsi bubisi,

Anjyana iruhande rw’amazi adasuma...

Naho nanyura mu gikombe cy’igicucu cy’urupfu

Sinzatinya ikibi cyose kuko ndi kumwe nawe,

Inshyimbo yawe n’inkoni yawe nibyo bimpumuriza.” (Zaburi 23:1,2,4)

Igihe yahigwaga, agahungira mubitare no mu buvumo bwo mubutayu, yaranditse ati:

“Mana, niwowe Mana yanjye ndazindukira kugushaka,

Umutima wanjye ukugirira inyota,

Umubiri wanjye ugukumburira mugihugu cyumye, Kiruhijwe n’amapfa kitagira amazi, kuko wambereye umufasha kandi nzavugiriza impundu mu gicucu cy’amababa yawe” (Zaburi 63:2,8)

“Mutima wanjye n’iki gitumye wiheba? N’iki gitumye umpagararamo?

Ujye utegerereza Imana, kuko nzongera kuyishima,

Niyo gakiza kanjye n’Imana yanjye”. (Zaburi 42:12)

“Uwiteka niwe mucyo wanjye n’agakiza kanjye,

Nzatinya nde? Uwiteka niwe gihome gikingira ubugingo bwanjye,

Ninde uzampinza umushyitsi?” (Zaburi 27:1)

Ibyiringiro nk'ibyo nanone bigaragara mundirimbo ya Dawidi yanditse, ubwo yari yakuwe ku ngoma yiyambuye ikamba ry'ubwami akava i Yerusaremu ahunga kwigomeka k'umuhungu we Abusolomo. Arembejwe n'intimba n'umuruho, atinda ku nkengero ya Yorodani hamwe n'abo bari kumwe, kugirango babone agahe ko kuruhuka. Baramukangura kugira ngo bakomeze guhunga. Abagabo, abagore, n'abana bagombaga guhaguruka mu mwijima, bakambuka umugezi muremure kandi usuma cyane, kuko ingabo z'umugambanyi zabaryaga isataburenge. Muri ayo masaha ashishana Dawidi araririmba ati:

“Ijwi ryanjye ritakira Uwiteka ,

Nawe akansubiza ari kumusozi we wera.

Nararyamaga ngasinzira, ngakanguka kuko Uwiteka ari we ujya undamira.

Sinzatinya abantu inzovu nyinshi, bangoteye impande zose

Kugira ngo bantere.” (*Zaburi 3:5-7*)

Nyuma y'icyaha cye gikomeye, ashavujwe n'intimba no kwizinukwa, yongera guhindukirira Imana nk'inshuti ye magara:

“Mana, umbabarire kubw'imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye...

Unyeyeshe Ezobu ndera,

Unyuhagire ndaba umweru ndushe urubura.” (*Zaburi 51:3,9*)

Mumibereho ye yose, Dawidi ntahantu na hamwe ku isi yigeze abona uburuhukiro. Yaravuze ati: “Turi abashyitsi n'abasuhuke imbere yawe nkuko ba sogokuruza bacu bose bari bari, iminsi yacu tumara mu isi ihwanye n'igicucu, ntabyiringiro byo kurama”. (*Ingoma 29:15*).

“Imana niyo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu,

Ni umufasha utabura kuboneka mubyago no mu makuba.

Nicyo gituma tutazatinya naho isi yahinduka,

Naho imisozi yakurwa ahayo ikajya i muhengeri”

“Hariho uruzi, imigendere yarwo ishimisha ururembo rw'Imana, Nirwo hera hari amahema y'Isumba byose.

Imana iri hagati muri rwo, ntiruzanyeganyezwa

Imana izarutabara mumuseke...

Uwiteka Nyiringabo ari kumwe natwe,

Imana ya Yakobo ni igihome kirekire kidukingira” (*Zaburi 46:2, 3, 5, 6-8*)

“Kuko iyi Mana ari Imana yacu iteka ryose, niyo Izatuyobora kugeza kurupfu”. (*Zaburi 48:14*) Indirimbo nizo zafashaga Yesu guhangana n’ibishuko akiri ku isi. Kenshi, iyo yabaga abwiwe amagambo ashaririye kandi akomeretsa, iyoyabaga agoswe n’ikirere kiremerejwe n’agahinda n’umubabaro, guhinyurwa n’ubwoba, yazamuraga indirimbo yo kwizera n’ibyishimo byera.

Muri ryajorory’umubabaro waherutse Pasika, ubwo yari hafi kugambanirwa no kwicwa, yaririmbye iyi zaburi ngo:

“Izina ry’Uwiteka rihimbazwe, uhereye none ukageza iteka ryose.

Uhereye aho izuba rirasira ukageza aho rirengerera, Izina ry’Uwiteka rikwiriye gushimwa”. (*Zaburi 113:2, 3*)

“Nkundira Uwiteka, kuko yumvise ijwi ryanjye no kwinginga kwanjye.

Kuko yantegeye ugutwi, nicyo gituma nzajya mwambaza nkiriho.

Ingoyi z’urupfu zantaye hagati, uburibwe bw’i kuzimu bwaramfashe, Ngira ibyago n’umubabaro.

Maze nambaza izina ry’Uwiteka nti:“ Uwiteka ndakwinginze kiza ubugingo bwanjye”.

Uwiteka ni umunyembabazi kandi ni umukiranutsi, Ni koko Imana yacu igira ibambe.

Uwiteka arinda abaswa, nacishijwe bugufi arankiza.

Mutima wanjye, subira mu buruhukiro bwawe, kuko Uwiteka yakugiriye neza.

Kuko wakijije ubugingo bwanjye urupfu, amaso yanjye ukayakiza amarira,

N’ibirenge byanjye ukabikiza kugwa”. (*Zaburi 116:1-8*)

Mu ngati igicucu cy’ akaga gaheruka kazaba ku isi, umucyo w’Imana uzamurikana kurabagirana kwinshi, kandi indirimbo z’ibyiringiro no kwizera zizumvikamu mbaraga nyinshi.

“Uwo muni, iyi ndirimbo izaririmbirwa mu gihugu cya Yuda ngo: „Dufite umurwa ukomeye, Imana izashyiraho agakiza kabe inkike n’ibihome.

Nimwugurure amaremba, kugirango ishyanga rikiranuka  
Rigakomeza iby’ukuri ryinjire.

Ugushikamishijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa,  
Kuko akwiringiye. Mujye mwiringira umwami iminsi yose, Kuko umwami Yehova nyine ari we Rutare ruhoraho iteka ryose.” (Yesaya 26:1-4)

“Abacunguwe n’Uwiteka, bazagaruka bagere i Siyoni baririmba, ibyishimo bihoraho bizaba kuribo, bazabona umunezero n’ibyishimo kandi umubabaro no gusuhuza umutima bizahunga” (*Yesaya 35:10*)

“Nabo bazaza baririmbire mu mpinga y’i Siyoni bashikiye ubuntu bw’Uwiteka... ubugingo bwabo buzamera nk’umurima wavomewe kandi ntabwo bazasubira kugira umubabaro.” (*Yeremiya 31:12*)

### UbushoboziBw’indirimbo

Amateka y’indirimbo za Bibiliya yuzuwemo ibitekerezo bidufasha gusobanukirwa umumaro n’uburyo bwo gukoreshaindirimbo n’injyana yazo. Iyo zikoreshejwenabi, akenshi zirahindana zigahinduka inziraigusha abantu mu bishuko. Ariko iyo zikoreshejwe neza ni impano y’agaciro iva ku Mana, yagenewe gukuza intekerezo no kuzuza umutima imigambi iboneye.

Abana b’Isirayeri muruzerero rwabo rwo mubutayu bakomezwaga n’indirimbo zera.Uko niko Imana iraturarikira koroshya ibirushya by’uruzerero rwacu rwo muri iyi si dukoresheje indirimbo. Ntabundi buryo bwiza bwo gucengeza amagambo y’Imana muntekerezo nko kuyasubiramo mundirimbo. Indirimbo nkizo zigira imbaraga

itangaje. Zirimo imbaraga ishobora koroshya kamere mbi, imbaraga zikangura intekerezo zikabyutsa impuhwe mu muntu, zikongera ubufatanye mu gukora ndetse zikirukana umubabaro, zigakumira ibicantego n'ibicogoza.

Ni bumwe muburyo burushijeho kuba ingenzimuguharatura ukuri kw'ibyumwuka mumitima. Mbega ukuntu akenshiyomuntu aremerewe hafi yo gutakazaibyiringiro, intekerezo zigarura amwe mumagambo y'Imana yumviye mu ndirimbo zo mubwana yari yaribagiwe, nuko ibishuko bikaneshuka, ubuzima bugafata icyerekezo gishya, n'imigambi mishya, maze bigatanga akanyabugabo n'ibiyishimo bigerano ku bandi!

Ntitugomba kwibagirwa na rimwe ko indirimbo ari kimwe mubintuby'ingenzi muburezi. Nimureke ndirimbo ziboneye kandi nziza, ziririmbirwe mu ngozacu ntihazongera kumvikana amagambo abishyehubwo, hazaba kurebana neza, amagambo y'ibyiringiro n'umunezero. Niziririmbirwe ku ishuri, abanyeshuri bazumva barushijeho kwegerana n'Imana n'abigisha babo, kandi nabo ubwabo bumve begeranye.

Mugihe cy'amateraniryo yo gusenga, indirimbo ni kimwe mubikorwa byo kuramya kimwe n'amasengesho. Mu byukuri akenshi indirimbo ni isengesho. Abana nibigishwakuririmba, bazarushaho gutekereza kumagambo baririmba kandi bazarushaho gukururwa nayo.

Ubwo umucunguzi wacu atuyobora kumaremba y'Ubwami yuzuye ubwiza bw'Imana, tubasha kwumva indirimbo zo guhimbaza n'izamashimwe zirimbwan'umutwe w'abamarayika bakikije iyo ntebe y'Ubwami. Iyo ayo majwi asakaye mungo zacu za hano ku isi nibwo imitima yacu ijya yegerana nabo baririmbyi bo mu ijuru. Gusabana n'ijuru bihera hano ku isi. Aha niho twigira guhuza amajwi yo guhimbaza n'abo mu ijuru.

***Icyigwa Cya 18 :Ubwiru bwa Bibiliya***

*Mbese wabasha kugenzura Imana ukayimenya? (Yobu 11:7)*

Nta bwengebw'umuntu upfa bushobora gusobanukirwa byuzuye imiterere n'imirimo y'Uhoraho. Ntidushobora kugenzura Imana ngo tuyimenye byuzuye. Haba ku munyabwenge ukomeye kandi wize cyane, haba no ku woroheje n'injiji, Uwera akomezakuba ubwiru. Ariko nubwo "ibicu n'umwijima bimukikiza, gukiranuka no guca Imanza zitabera ni imfatiro z'intebe ye." (Zaburi 97:2) Dushobora gusobanukirwa imbabazi z'Imana zitagira urubibihamwe n'ubushobozi butarondoreka, kubwo kwitegereza iby'udukorera. Imigambi y'ijuru tuyimenyaho igice nkuko ubushobozi bwacu buri; ibirenze ahotwiringira ukuboko gushobora byose n'umutima wayo wuzuye urukundo.

Ijambo ry'Imana, kimwe n'Uwaryandikishije, ririmo ubwiru budashobora na rimwe gusobanukira byuzuye ibiremwa bipfa. Ariko Imana yatangiye mu byanditswe byera ibimenyetso bihagije by'ububasha mvajuru bw'ubwiru bwayo. Kubaho kwayo, imico yayo, kuba ijambo ryayo ari ukuri, bishimangirwa n'ibihamya byemeza imitima yacu; kandi ubwo buhamya burasaze. Ni iby'ukuri ko Imana Itakuyeho ibyo umuntuyashingiraho gushidikanya; kwizera kugomba gushingira ku buhamya si ku kwerekerwa; abashaka gushidikanya babibonera uburyo, ariko abashaka kumenya ukuri bafite urubuga ruhagije rwo kwubakaho kwizera kwabo.

Nta mpamvu dufite yo gushidikanya ijambo ry'Imana ngo nuko tudashobora gusobanukirwa ubwiru bw'imigambi yayo. Mu isi y'ibyaremwe, duhora dukikijwe n'ibitangaza birenze imyumvire yacu. Mbese ubwo twatungurwa no kubona ko no mu by'umwuka harimo ubwiru tudashobora gusobanukirwa? Kudasobanuka kwabyo bishingiye mu ntege nke no mu bugufi bw'intekerezo za kimuntu.

Ubwiru bwa Bibiliya, aho kuba ingingo itera kuyirwanya, ahubwo ni kimwe mu bimenyetso bikomeye bihamya ko yahumetswe n'ijuru. Niba ibyo Bibiliya ivuga ku Mana byasobanukira buri wese, kandi ubugari

n“icyubahiro by“Imana bibaye byashyikirwa n“intekerezo zipfa; noneho Bibiliya ntiyaba igifite ibimenyetso bitibeshya ko yaturutse ku Mana nk“ibyoby ifite ubu. Ubwaguke bw“ingingo ziyirimo bwakagombye kudutera kwizera ko ari Ijambo ry“Imana.

Bibiliya ihishura ukuri mu buryo bworoheje kandigukwiranye neza n“amakene n“ibyifuzo by“umutima w“umuntu, mu buryo bwatangaza kandi bukareshya abahanga, mu gihe abaciye bugufi n“injiji nabo ibereka neza inzira y“ubugingo. “Abagenzi naho baba ari abaswa ntibazayiyoba.” *Yesaya 35:8* Nta mwana wakagombye kuyoba inzira. Nta n“umwe mu bashakashaka ukuri bahinda umushyitsi wakagombye kunanirwa kugendera mu mucyo uboneyekandi wera. Nyamara ukuri kuvuzwe mu buryo bworoheje cyane, gushyira ahabona ingingo zihanitse, zagutse, zirenze kwiyumvisha kwa kimuntu, ari zo, ubwiru buhishwemo ubwiza bw“Imana, ubwiru butashoborakurondorwa n“ubwenge bw“umuntu,--mu gihe abashaka ukuri babikuye ku mutima, kubacengezamo kwizera no gutinya Imana. Uko turushaho gucukumbura Bibiliya, niko turushaho kwemezwa ko ari Ijambo ry“Imana nzima, maze ubwenge bwa muntu bugaca bugufi imbere yo gukomera kw“ihishurwa mvajuru.

Imana yifuzaga ko ukuri kw“ijambo ryayo kwahora guhishuka imbere y“ugushakashakana umwete. Nubwo “ibihishwe ari iby“Uwiteka Imana yacu,” “ibyahishuwe ni ibyacu n“urubyaro rwacu iteka.” (*Gutegeka kwa kabiri 29:28*) kwibwira ko imwe mu migabane ya Bibiliya idashobora kumvikana, byatumye habaho kwirengagizwa kwa kumwe mu kuri kw“ingenzi. Bigomba kwibandwaho kandi bigasubirwamo kenshi ko ubwiru bwa Bibiliya butaturutse ku kuba Imana yarashatse guhisha ukuri, ahubwo ko intege nke zacu n“ubujiji bwacu bituma tudashobora kugusobanukirwa no kukugira ukwacu. Ukudasobanukirwa kwacu si Imana yashyizehoingabano, ahubwo ni ubushobozi bwacu buke. Ibice by“ibyanditswe bikunda gutambukwaho nk“ibitasobanuka, Imana yifuzaga ko twihatira kubisobanukirwa nk“uko ubwengebwacu bushoboye kose. “Ibyanditswe byera byose byahumetswe n“Imana...kugira ngo



umuntu w’Imana abe ashititse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.” (2 Timoteyo 3:16, 17)

Ni ibidashobokera umuntu uwo ari we wesegucukumbura akarangizayokuri cyangwa isezerano naho ryaba rimwe ryo muri bibiliya. Umwe akura ubwiza mu kagingo kamwe, undi mu kandi;nyamara n’ubundi ibyo dusobanukirwa muburyo bw’ibirorori gusa. Umucyo wuzuye, urenze uwo twabasha kubona.

Uko twitegereza ibikomeye byomu Ijambo ry’Imana, tuba tureba mu isoko yaguka kandi ikimbika aho tutageza maso. Ubugari n’uburebure bwayo burenze ubwenge bwacu. Uko tuyitegereza, imirebere iraguka, ikagera kure, bikatubera nk’inyanja itagira inkengero cyangwa imbibi.

Inyigisho nk’iyo ifite imbaraga ibeshaho. Intekerezo n’umutima biyivomamo imbaraga nshya n’imibereho mishya.

Ibyonibyo intangamugabo ikomeye yuko Bibiliya ya komotse ku Mana. Nkuko umutsima utunga umubiri wacu niko ni jambo ry’Imana ribeshaho umutima. Umutsima umara amakene y’umubiri wacu; tuzi neza yuko umutsima uvamo ibitunga amaraso, amagufa, n’ubwonko. Uko niko n’amahame ya Bibiliya akora; iyo amahame yayo acengejwe neza mu mico y’umuntu, umusaruro uvamo ni uguhinduka mumibereho y’umuntu. “ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya” 2 abakorinto 5:17. Binyuriye mumbaraga yayo, abagabo n’abagore bagiye bacaingoyi z’akamenyero kabi. Bacika ku kwikunda. Abantu bononekaye bahindutse abubaha, abasinzi bahinduka abitonda, abasambanyi bahinduka abigengesera. Abantu bari bafite ikimenyetso cya Satani bahindurirwagusan’Imana. Iri hinduka ubwaryo ni igitangaza kiruta ibindi. Ihinduka rizanwa n’ijambo ni rimwe mu bwiru bukomere bw’iry jambo. Ntabwo twasobanukirwa ubwo bwiru; tugomba gusa kwizera nkuko ibyanditswe bivuga ngo “Kristo uri muri mwe, niwe byiringiro by’ubwiza.” Abakolosai 1:27. Kumenya ubwo bwiru nibyo rufunguzo rw’ibindi byose. Byugururira umutima ubutunzi bwo mu byaremwe, bigaha ubwenge ubushobozi bw’iterambere ritagira urubibi.

Kandi iryo terambere rigerwaho binyuriye mu guhoradusobanukirwa imico y'Imana, ari yo ubwiza ikaba n'ubwiru bw'ijambo ryanditswe. Turamutse tugeze aho dusobanukirwa Imana n'ijambo ryayo muburyo bwuzuye, ntitwakongera kuvumbura ukundi kuri, nta bumenyi burushaho cyangwa iterambere ryagutse twakenera. Imana yabaitakiriIsumba byose, n'umuntu akareka gutera imbere. Imana ishimwe kuko atari ko biri. Kuko Imana ari ihoraho, kandi muri yo akaba ariho hari ubutunzi bwose bw'ubwenge, tuzahora ducukumbura, twiga,kugeza iteka ryose nyamarantituzigera turangiza ubutunzi bw'ubwenge bwayo, ubugiraneza bwayo, cyangwa ubushobozi bwayo.

### ***Icyigwa cya 19: amateka n'ubuhanuzi***

*Ninde werekanye ibyo uhereye mubihe byashize?...*

*Si jye Uwiteka? Kandi ntayindi Mana ibaho itari jye.*

Yesaya 45:21.

Bibiliya nicyo gitabo cy'amateka ya kera cyane kandi asobanutse kuruta ibindi bitabo byose abantu bafite. Yakomotse mu isoko y'ukuri guhoraho, kandi mu bihe byose ukuboko kw'Imana kwagiye kurinda ukubonera kwayo. Igaragaza amateka y'ibyakera ayo ubushakashatsi bwa muntu butashobora gusobanukirwa. Mu ijambo ry'Imana niho gusa tubonera ubushobozi bwashyizeho imfatiro z'isi bukanabamba amajuru. Muri ryo, niho gusa dusangainkuruyi impamo ku birebana n'inkomoko y'amahanga. Bibiliya niyo gusa igaragaza amateka n'inkomoko y'inyokomuntu binyuranye n'uko agorekwa n'ibitekerezo biyobye by'abantu.

Bibiriya nicyo gitabo cy'amateka ya kera cyane kandi asobanutse kuruta ibindi bitabo byose abantu bafite. Yakomtse kuri soko y'ukuri guhoraho, kandi mu bihe byose, ukuboko kw'Imana kwagiye kurinda

ukubonera kwayo. Igaragaza amateka y'ibya kera ayo ubushakashatshi bwamuntu butashobora gusobanukirwa.

Ibibaho mu mateka y'abantu ari ukwima no guhanguka kwingoma bigaragara nkaho bishingiye kubushake nubuhangange bw'amuntu, kurugero runaka uruhererekane rwibigenda bibaho, bisa nkaho bigenwa n'ubushobozi cyangwa ibyifuzo byabantu. Nyamara ijambo ry'Imana rikuraho inyegamo ikingiriza, tugacengera tukareba hiriyayo, maze imigenzereze y'abantu yo kurwanira ububasha, ibyobararikiye no guharanira inyungu tukabibonamo gukora bucecekwawawundi wumunyembabazi mukwihanganakwinshi a ugamije gusohoza inama z'Uwiteka.

Bibiriya iduhishurira ubucurabwenge nyakuri bw'amateka.

Mu magambo yagahebuzo intumwa Paulo yabwiye abanyabwenge bo mu Atenayi hagaragamo umugambiwi Imana mukuremwa kw'amoko n'amahanga ati: "yaremye amahanga yose y'abantu bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ninayo yashyizeho ibihe by'inyaka uko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano zaho batuye kugirango bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye." Ibyakozwe n'intumwa 17:26-27. Imana ivuga ko uyishaka wese ashobora kuyoborwa "n'indahiro y'isezerano." Ezekiyeli 20:37. Mu irema, Imana yifuzaga ko isi yaturwamo n'ibiremwa bizibera umugisha, bikabera abandiumugisha, kandi bigahesha umuremyi wabyo icyubahiro. Ababishaka bose bashobora kugira uruhare mu isohozwa ry'uyu umugambi. Kuri bo, ibyanditswe bigira bita: ni abantu niremeye ubwanjye ngo berekane ishimwe ryanjye." Yesaya 43:21.

Imana yahishuriye mumategeko yayo amahame ashingiyeho ukugubwa neza nyakuri kwaba ukw'amahangacyangaukw'abantu kugiti cye kuko ari byo bwenge bwanyu n'ubuhanga bwanyu." Gutegeka

kwa kabiri 4:6. Kubirebana n'amategeko y'Imana, Mose yabwiye abisirayeri ati : "kuko kuyitondera Atari icyoroheje kuri mwe, ahubwo ari cyo bugingo bwanyu." Gutegeka kwa kabiri 32:47. Imigisha abisirayeri baherewe muriryo sezerano ireba amahanga yose, n'abantu bose muni y'ijuru bazitondera.ayo mategeko

Buri mutegetsi wokwisi ubutware akoresha yabuhawenimana kwemerwa kwe gushingiye kuburyo akoresha ubwo butware yahawe buri wese muribo Imana iramubwira iti : " nzagukenyeza nubwo utigeze kumenya." Yesaya 45:5. kandi buri wese , aya magambo yabwiwe nebukadineza ngo " kuzaho ibyaha byawe gukiranuka kandi ibicumuro byawe ubikuzeho kugirira abakene impuhwe , ahari aho uzungukirwa amahoro." Agomba kumubera icyigisho mubuzima bwose,Daniyeri 4:24.

Kumva ibyo, ni ukumva ko " gukiranuka gushyira ubwoko hejuru." ( imigani 14:34), ko "ingoma ikomezwa no gukiranuka." ( imigani 16:12), kandi akamenya ko ingoma ikomezwa n'imbabazi ( imigani 20:28); gusobanukirwa ko ayo mahame ari k'umurimo mukwigaragaza k'ububasha bwo " kwimura Abami ikimika abandi" daniyeri 2:21) ni ugusobanukirwa n'ubucurabwenge bw'amateka.

Ijambo ry'Imana ryonyine niryo ribisobanura byose . ritwereka ko imbaraga z'ishyanga, z'abantu zidashingiye ku myanya, ubushobozi busa nkaho ari butinda , yemwe ndetse no mugaciro kabo biratana. Ahubwo imbaraga bazikura kuburyo basohoje ibibareba kugirango basohoze imigambi y'Imana bakiranuka.

Twahawe icyitegererezo ku mateka ya Babiloni yak era. Ku mwami Nebukadinezari, intego yagombaga kwishyiriraho ngo iyobore igihugu yagereranijwe n'igiti kinini: " icyo giti kirakura kirakomera, ubushorishori bwacyo bugera ku ijuru, cyitegera abo ku mpera y'isi yose. Ibibabi byacyo byari byiza, cyari gihunze imbuto nyinshi kandi muri cyo harimo ibyo kurya bihaza abantu bose. Inyamaswa zo mu ishyamba zahundagaraga mu gicucu cyacyo, ibisiga byo mu kirere byabaga mu

mashami yacyo kandi ibyari bifite umubiri byatungwaga nacyo.” Daniyeri 4” .11-12 , irinda kandi ikarema ishyanga.

-

Ariko umwami yirengagiza imbaraga yari yaramuzamuye, Nebukadinezari, mu gasuzuguro ko mumutima we aravuga ati : ngiyi Babuloni hakomeye niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z’amaboko yanjye ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro.” Daniyeri 4:27.

Aho kurinda abantu, babuloni ituma yishyira mugasuzuguro k’ubwicanyi. Amagambo yahumetswe agaragaza ubukarihe ndetse n’ubugugu bw’abatware b’abisirayri biduhishurire impamvu yo kugwa kwa Banuloni ndetse n’ukw’ andi mami , kuva isi yaremwa: murya ibinure mukiyambika ubwoya, mubaga izibyibushye ariko ntabwo muragira intama. Izacitse integer ntabwo mwazisindagije, kandi ntabwo mwavuye izari zirwaye , nizavunitse ntimwazunze, izatatanijwe ntimwaqzigaruye kandi ntimwashatse izazimiye, ahubwo mwazitegekesheje igitugu n’umwaga.” Ezekiyeli 34;3-4.

Ijambo ry’imnana ryamanutse ribwira umwami w’ I Babuloni riti: “yewe mwami, Nebukadinezari, niwowe ubwirwa, ubwami bwawe ubukuwemo.” Danyeri 4:28.

Manuka wicare mumukungugu, wa mwari w’I babuloni we.

Wa mukobwa w’abakaludaya we, icara hasi ukuwe kuntebe y’ubwami...

Icara uceceke ujye mumwijima

Kuko utazongera kwitwa umugabekazi w’abami .

Yesaya 47:1,5

Yewe utuye kumazi menshi we Wagwije

ubutunzi bwinshi,

Iherezo ryawe rirageze rihwanye n’uburakari bwawe. Yeremiya 51:13.

Kandi nawe Babuloni aricyo cyubahiro cy'amahanga y'abami, Ariho bwiza bw'abibone b'abakaludaya, hazamera nkuko Imana yarimburaga, I Sodomu n' iGomora. Yesaya 13:19.

“ nzahahindura igihugu cy'ibinyogote n'ibidendezi by'amazi, nzahakubuza umweyo urimbura. Niko Uwiteka Nyiringabo avuga.” Yesaya 14: 23.

Buri shyanga ryo ku isi yose rifite umurimo waryo rigomba gushoza ndetse n'umwanya wo gusohozwa imigambi y' “uhora ari maso” ndetse “wera”.

Ubuhanuzi bwavuze ubwaguke ndetse no kugwa k'ubwami bukomeye bwo ku isi aribwo Babuloni, aba Medi n'aba Peresi, aba giriki, Aba Roma. Kuriburi bwami muri ubwo, kimwe no kumashyanga adakomeye cyane, ama,teka arisubiramo. Yose yagize igihe cy'igeragezwa, yose aratsindwa, ubwiza bwayo burahita, imbaraga zayo ziragabanuka, ubundi bwami burayasimbura.

Uko ayamashyangayirengayirengangizaga amahameyimana ryajugunyaga amahame y'Imana ndetse bakirukankira kukurimbuka kwabo, bari bazi neza ko imigambi y'Imana yashyirwaga mu bikorwa binyuze mu mitwe yabo.

Ibyo nibyo byiigishwa n'iyerekwa ry'akataraboneka ryahawe umuhanuzi Ezekiyeli igihe yarimo ahungira mu bukaludaya. Yaryeretswe mugihe yari yugarijwe no gutekereza ko yatereranwe ndetse afite ibiyumviro biteye agahinda. Ubutaka bwa basekuruza be bwari bwarabaye amatongo. Yerusalemu yari umusaka. Umuhanuzi nawe ubwe yari umunyamahanga mu gihugu aho kwifuza ndetse n'ubwicanyi aribyo byahatwaraga. Ntiyabonaga ikindi ahamuzengurutse usibye gukubwa ndetse no gukiranirwa. Yari mukababaro ndetse yivovotaga ijoro n'amanywa. Ariko iyerekwa yahawe rimihishurira imbaraga iri hejuru y'imbaraga y'isi.

Kunkengero y'umugezi Kebari “ ngiye kubona mbona umuyaga w'ishuheri uje uturutse I kasikazi, igici cya rukokoma gishibagura umuriri gikikijwe n'umucyo w'itangaza, kandi hagati y'uwo muriro haturukaga ibara nk'iry'umuringa ukubye.” Ezekiyeli 1”4. Muri wo hagati haturutsemo ishusho y'ibizima bine.

Hejuru “ y'imitwe yabyo hari igisa n'intebe y'ubwami isa n'ibuye rya Safiro kandi hejuru yiyo ntebe y'ubwami hari igisa n'umuntu” Ezekiyeli 1:26. “ nuko muni y'amababa y'abakerubi haboneka igisa n'ikiganza cy'umuntu”Eekiye 10:8. Uko ibizima byari biri byari bicanganyikishije kuburyo ki mukureba bwa mbere yabonye bias nkaho biri mu kajagari; nyuma byose byakoraga neza. Ibyaremwe byo mu ijuru, bishigikiwe kandi biyoborwa n'ikiganza cyabonekaga muni y'amababa y'abakerubi, byasunikaga ibyo bizima ; hejuru yabyo , kuntebe y'ubwami ya safiro , hari Uwiteka, kandi iyo ntebe yari izengurutswe n'umukorororombya ikimenyetso cy'imbabazi.

Nkuko kugenda byari bias nk'ibicanganyikishike byari biyobowe n'ikiganza cyabonekaga muni y'amababa y'aba kerubi, ninako n'iumikino yifashishwa mubihe by'amateka ya kimuntu yashyizwe muni y'ubushobozi bw'Imana. Hagati y'amashyamirane ndetse n'imyigaragambyo y'amahanga, uwicaye hejuru y'abakelubi ayobora iteka imirimo yo ku isi.

Amateka y'amashyanga yagiye akurikirana rimwe kurindi byafashe umwanya mubihe no mukirere, umuhanya w'ukuri atazi bo bwite ubusobanuro bwako. Bakuvuga. Kuri buri shyanga, kuri buri muntu wa none, Imana yamugeneye umwanya uzwi muri gahunda yayo. Abantu ndetse n'amashyanga y'iki gihe bapimwa n'utibeshya. Bihitiramo ubwabo ahazaza habo, imana nayo ikayobora ibintu byose kugirango isohoze imigambi yayo.

Amateka yo ukomeye NDI UWO NDIWE yasyize mu ijambo ryayo , umurongo kuwundi mubuhanuzi bukurikirana, kuva mu iteka ry'ibyahise kugeza mu ieka ry'ahaza. Ibyo ubuhanuzi bwavuze kugeza

uyumunsi, byasohoye mumateka, kandi dushobora kwiringira ko ibigomba kongera kuza bizasohora mugihe cyabyo.

Ukurimbuka kwa nyuma k'ubwami bwose bwo ku isi byavuzwe neza mu ijamba ry'Imana. M'ubuhanuzi bukurikira iteka ry'Imana kumwami wa nyuma w'Abisirayeri, dusangamo ubu butumwa : "niko Uwitaka avuga , ikureho igisingo wiyambure ikamba...icyari hasi ugishyire hejuru kandi icyari hejuru ugicishe bugufi. Nzabyubika, nzabyubika, nzabyubika nabyo ntibizongera kubaho, kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira nanjye nzabimuha." Ezekiyeri 21:31,32.

Ikamba ryamburwa isirayeli rihabwa ubwami bw'I Babuloni, nyuma rihabwa abamedi n'abapersi, hakurikiraho abagiriki ndetse na Roma. Imana iravuga iti : "nzabyubika , nzabyubika , nzabyubika nabyo ntibizongera kubaho, kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira nanjye nzabimuha"

Icyo gihe kiregereje. Utyumunsi ibimenyetso by'ibihe biratwerekako turi hafi y'ibihe biteye akaga. Isi yacu yuzuye kwiheba gusa. Mumaso yacu haruzurira ubuhanuzi umukiza yavuze ko buzabanziriza kuza kwe : " muzumva bavuga intambara n'impuha z'intambara...ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishyitsi hamwe na hamwe ."Matayo 24:6,7.

Ikigihe cyacu kigaragaza inyungu irenze, abatware n'abategeka, abafite imyanya yiringirwa ndetse n'inshingano, abagabo n'abagore b'inzego zose, batekereza, bahanze amaso ibikorerwa ahabazengurutse.basuzuma umushyikirano urenze, ukomeye w'ibihugu hamwe nabo.

Bitegereza ihohoterwa ryabaye gikwira mu isi maze agasobanukirwa ko ikintu gikomeye, kidasubira inyuma, kigiye kubaho kandi ko isi iri hafi y'igihombo kitigeze kibaho.



Muri ikigihe abamarayika bafashe imiyaga y'`intambara, kugirango itababaza isi mbere yuko iburirwa ko iri kujya kukurimbuka, ariko imiyaga iriteguye, iri hafi gusukwa ku isi, kandi igihe Imana izategekera abamarayika kurekura imiyaga, hazaba amakimbirane atagira ubusobanuro.

Bibiriya, Bibiriya yonyine niyo ihishura byukuri ibyo bintu. Ihishura ibyanyuma ndetse umunsi ukomeye w'`amateka y'`iyi si, ibyo bihe byo tutazabona igicucu, kandi umuhindo wabyo uitigisa isi ndetseugatera ubwoba abantu.

“dore Uwiteka arahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika, atatanya abaturage bayo...bishe amategeko, bahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Nicyo gituma umuvumo utsemba iyi si n'`abayibamo bagatsindwa n'`urubanza.,ibyishimo bitewe n'`amashako birashize, urusaku rw;abanezerwa rurahoze, umunezero utewe n'`inanga urashize,” yesaya 24:1,5,6,8.

“ tubonye ishyano kuko umunsi w'`Uwiteka ugeze hafi, uzaza ari uwo kurimbura kuvuye ku Ishobora byose...imbuto zumiye mumayogi, ibigega birimo ubusa, ibigonyi byarasenyutse kuko imyaka yumye. Yemwe, nimwumve uko amatungo aboroga! Amashyo y'`inka yananiwe kuko yabuze ubwatsi, imikumbi y'`intama yanyukiwe.” Yoweli 1:15-18.

“uruzabibu rwumye kandi umutini warabye, umukomamanga n'`imikindo nayo , n'`ibiti by'`amapera ndetse n'`ibiti byose byo mu mirima byumye, kandi umunezero ushira mu bantu.” Yoweli 1:12.

“ ye baba we, ye baba we! Mfite umubabaro mi gisenge cy'`umutima, umutima wanjye urandihagura, namiwe kwiyumanganya kuko wumvishe ijwi ry'`impanda n'`induru z'`intambara mu mutima wanjye. Kurimbuka guhamagara ukundi kuko igihugu kinyazwe.” Yeremiya 4:19-20.

“ nitegereje isi mbona idafite ishusho kandi irimo ubusa, n’ijuru naryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n’iyindi yose nayo inyeganyega. Nitegereje mbona ntamuntu uhari, n’ibisiga byose byo mu kirere byose byahunze. Nitegereje mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayun’imidugudu yabo yose yasenyukiye imbere y’Uwiteka kubw’uburakari bwe bukaze.” Yeremiya 4:23-26.

“ ayii, uwo munsu urakomeye ntawundi umeze nkawo! Mi igihe cy’umubabaro wa Yakobo ariko azakirokokamo.” Yeremiya 30:7.

“ wa bwoko bwanjye we, ngwino winjire munzu yawes wikingirane, ube wihishe akanya gato kugeza aho uburakari buzashirira.” yesaya 26:30.

Kuko ari wowe buhungiro bwanjye, Uwiteka.

Wagize isumba byose ubuturo,

Nuko ntakibi kizakuzaho,

Kandi nta cyago kizegera ihema ryawe. Zaburi

91:9,10.

Imana y’imbaraga nyinshi, Imana Rurema, Uwiteka iravuze Ihamagaye isi uhereye aho izuba rirasira, ukageza aho rirengerana.

Kuri siyoni , aho ubwiza butagira inenge,

Niho Imana irabagiraniye.

Imana yacu izaza ye guceceka..

Zaburi 50:1-3.

Izahamagara ijuru ryo hejuru

N’isi nayo kugirango icire ubwoko bwayo

urubanza... Ijuru rizavuga gukiranuka kwayo, Kuko

Imana ubwayo ariyo mucamanza. Zaburi 50:4,6.

“Mukobwa w’isiyoni...Uwiteka azagukurikiza akuvane mumaboko y’ababisha bawe. Ubu amahanga menshi ateraniye kugutera aravuga ati: ibibi tuhifuriza ariko ntibazi ibyo Uwiteka atekereza kandi ntibumva n’imigambi ye” mika 4: 10-12.

“ nzakugarurira amagara yawe kandi nzagukizainguma zawe niko Uwiteka avuga. Kuko bari bakwise igicibwa bati: hani ni I siyona hatagira uhitaho, uku niko Uwiteka avuga ati: dore ngiye kugarura abo mumahema y’aba Yakobo,. Mbakure m’uburetwa kandi nzagirira imbabazi ubuturo bwe.” Yereimiya 30:17,18. Nuko uwo munsu bazavugaga ngo:

Iyi niyo Mana yacu twategerezaga Niyo izadukiza  
Uyu niwe Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa Twishimireka  
agakiza ke, kuko kuri uyu musozi,  
Ariho ukuboko k’Uwiteka kuzaruhukira. Yesaya  
25:9.

“ kandi urupfu azarumira bunguri kugeza iteka ryose, kandi Uwiteka azahanagura igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikiya ku isi hose, Uwiteka niwe ubivuze.” Yesaya 25:8.

“ reba I Siyoni, ururembo twakoreragamo imins mikuru! Amaso yawe azareba I yerusalemu usange ari ubuturo bw’amahoro n’ihema ritazabamburwa...kuko Uwiteka ari we mucamanza wacu,Uwiteka niwe utanga amategeko, Uwiteka niwe mwami wacu azadukiza.” Yesaya 33:20,22.

“ azacira abakene imanza zitabera, n’abagwaneza bo mu isi azabategesha ukuri, kandi isi azayikubitisha inkoni yo mu kanwa ke.” Yesaya 11:4.

Noneho imigambi y’Uwiteka izasohozwa, amahame y’ubwami bwe azubahirizwa ahantu hose mu isi.

“ urugome ntiruzongera kumvikana mu gihugu cyawe, ntihazaba gusenya no kurimbura aho ingabano zawe zigera hose. Ahubwo inkike zawe uzazita agakiza,

N’amarembo yawe uzayita ishimwe.  
Yesaya 60:18.” bah

Abahanuzi beretswe ibyo bifuzaga kubisobanukirwa.. “ bahanuye iby’ako gakiza, barondora n’iby’ubuntu mwari mugiyeye kuzahabwa.

Babishimikiriye barondora igihe icyo ari cyo n'ibimenyetso byacyo, byerekanwaga n'umwuka wa Kristo wari muri bo...kandi bahishurirwa yuko batabyiyerekewe ahubwo ko arimwe babyerekewe. Ibyo none mumaze kubibwirwa n'ababwirije ubutumwa bwiza... ndetse ibyo abamarayika babigirira amatsiko bashaka kubirunguruka," 1 petero 1:10-12.

Kuri twe turu hafi yo gusohora kwabwo, ibitari iby'iteka bizaza byo abana b'Imanauhereye igihe ababyeyi ba mbere bakurwaga muri Edeni, bizeraga, kumva ndetse no gusohozwa ibyo basabanye inyungu, n'akamaro kagutse.

Uyumunsi ,muri ikigihe kibanziriza akaga gaheruka, nka mbere y'irimbuka ry'isi ya mbere, abantu bari baratwawe no kwishakira ibinezeza. Baratwawe n'ibigaragara ndetse n'iby'igihe gito, bibagriwa kureba ku ibitagaragara ndetse n'iby'iteka ryose. Babamba ubutunzi bubora baburutisha ubutunzi bubora.

Ni ngobwa ko bubura umutwe, ko amaso yabo areba kure!  
Ningombwa kubavana mu iroro , mu nzozu zabo z'iby'isi.

Ningobwa ko biga , binyuriye mu gukomera ndetse no mu kugwa kw'amashyamba, nkuko ibyanditswe byera bibivuga, mbega ukuntu icyubahiro cy'iyisi ari ubusa, imigaragarire yayo yose. Babuloni, ikomeye kandi nziza, kurusha uko isi yacu itigeze na rimwe isa, Babuloni isa nk'ikomeye kandi idahangarwa ndetse ntanakimwe cyari gisigaye Atari wowe. Nkuko " ibyatsi byo mumurima" niko wahise. Bityo, ibidashingiye ku Imana byose birahita. Ibishingiye kumigambi y'Imana byonyine nibyo bibasha kuramba, ibigaragaza imico y'Imana. Amahame yayo nibyo twahawe adahindagurika.

Ngayo amahame akomeyyo tugomba kwiga, urubwiruko n'abasaza. Ningombwa kwiga gusohora kw'Imigambi y'Imana binyuriye mumateka y'ibihugu ndetse n'ihishurwa ry'ibizaza, kugirango duhe agaciro ibigaragara n'ibitagaragara, kugirango usobanukirwa niyihe ntego nyakuri y'ubuzima, ,kugirango buri kintu cyose cyo ku isi ugihe

umwanya wacyo ndetse nuko gikoreshwa bibboneye, mumucyo w'iteka ryose. bityo ,mu kwiga hano ku sis amahame y'ubwami bw'Imana, tugahinduka ibyigwa, abaturage, tuzaba twiteguye , kugaruka kwa Yesu, no kwinjirana nawe muri ubwo bwami.

Umunsi uri hafi. Dusabwa kwiga, gukora, guhindura imico; kuri ibyo byose, igihe ni gito.

“Mwana w'umuntu, dore ab'inzu ya Isirayeri baravugaga bati; iyerekwaga yabonye rizasohora bishize kera, kandi ahanura ibihe bikiri kure cyane. Nuko rero ubabwire uti ; uku niko umwami Uwiteka avugaga ngo: amagambo yanjye yose nta narimwe rizongera kurazikwa, ahubwo ijamba nzavugaga rizashora niko umwami Uwiteka avugaga.” Ezekiyeri 12:27, 28.

### ***Icyigwa cya 20 :inyigisho no kwiga Bibiriya***

*Bituma utegera ubwenge amatwi...*

*Ukabushaka nk'ifeza.*

Imigani 2:2,4

Yesu ari umwana, ingimbi, umugabo yigaga ibyanditswe byera. Igihe yari akiri umwana, nyina yamufatiraga ku bibero, yamwigishaga buri munsi yifashishije imizingo y'abaihanuzi.nyuma yahoo, umuseso ndetse n'umuseke byamusangaga kumusozi cyangwa mu ishyamba, mu sisha nziza yo gusenga ndetse no kwiga ijamba ry'Imana. Mugihe cy'umurimo we, kumenya ibyanditswe kwe byagaragazaga ukuntu yari yaritaye kukubyiga. Yiyigishaga nkuko natwe dushobora kwiyigisha, ndetse imbaraga ze z'ubwewunge n'ubw'iby'umwuka bihamya agaciro ka Bibiriya nk'uburyo bw'uburezi.

Data wa twese wo mu ijuru, mu kuduha ijamba rye, ntabwo yibagiwe abana. Mubyo abantu banditse byose, nihe twakura amateka akabakaba imitima, ndetse akaba anashishikaza abana nka Bibiriya?

Binyuriyem muri ayo mateka yoroheje, amahame akomeye y'amategeko y'Imana ashobokera (yakumvwa)n'abana. Bityo, binyuze mu byitegererezo bijyaniranye n'ubwenge bwa cyana, ababyeyi n'abigisha bashobora kukurikira hakiri kare amategeko mvajuru:

“ ayo magambo...ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye munzu yawe , nuko ugenda mu nzira, nuko uryamyeyi, nuko ubyutse.” Gutegeka kwa kabiri 6:7.

Gukoresha amasomo y'ibintu, ibibaho byigishirizwaho, amakarita y'isi, amashusho azaba imfasha nyigisho ikomeye mu gsobanura amahame mvajuru ndetse agacengera neza muntekerezo. Ababyeyi n'abarimu bagombaga kwihatira buri gihe gutunganyaa uburyo bwabo. Inyigisho za Bibiriya zisaba intekerezo zidahuzagurika, ibikoresho byiza, imihati ikomeye idacogora.

Uburyo hazavuka ndetse hagakura mubana bacu urukundo rwo kwiga Bibiriya bizaterwa cyane cyane n'uburyo basengaga kera iwabo mumuryango. ibihe byo gusenga bya mugitondo ndetse na nimugoroba byagombaga kubarirwa mubihe byiza cyane, ibihe byo gushyikirana byiza by'umunsi. Twumve ko noneho ntantekerezo zifite agahinda, zitameze neza zizaharanga, reka ababyeyi n'abana bateranire hamwe kugirango basanganire Yesu, kugirango bararikire abamarayika bera kuza iwabo. Reka icyo gihe cyo gusenga kube kigufi kand kizima, gishingiye kumpinduka z'ibihe. Reka twese twishyire hamwe kugirango dusome Bibiriya, twige kandi dusubiremo amategeko y'Imana. Inyungu z'abana zizakura niba bashobora buri gihe guhitamo igice cyo gusoma. Mubabaze ibibazo kuri icyo gice ndetse mubareke babyibaze. Koresha ibyashobora gufasha gusobanukirwa nicyo bivuze. Niba ayo materaniro Atari maremare, reka abana abo bayagiremo uruhare mu gusenga ndetse no kuririmba, naho cyaba igice kimwe.

Kugirango amateraniro ahabwe agaciro kajyanye n'izina ryayo, ningombwa gufata igihe cyo kuyatekerezaho no kuyategura. Ababyeyi

bagomba buri munsu guharira umwanya mu kwiga Bibiriya baherekejwe n'abana babo. Ntampaka ibyo bisaba imihati myinshi, gahunda, igitambo ariko ibyo ntibisaba umuruho.

Imana irasaba ababyeyi kwitegura kwigisha amahame yayo ariko bayacengeza bwa mbere mundiba z'imitima yabo bwite : “ aya magambo ngutegeka uyu munsu ahore k'umutima wawe. Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe. „ gutegeka kwa kabiri 6;6,7. Dushobora gushishikariza abana bacu Bibiriya., niba tuyitayeho ubwacu; dushobora kubatera gukunda kuyiga niba natwe dukunda kuyiga. Gukomera kw'inyigisho zacu kuzaterwa n'ibyitegererezo tubaha ndetse nuko tubifata ubwacu.

Imana ihamagara Aburahamu ngo yigishye ijamba rye, imuhamagarira kuba sekuruza w'ishyamba rikomeye kuko yabonaga ko Aburahamu yareraga abana be ndetse nabo munzu ye mu kumvira amategeko y'Imana. icyahaga imbaraga inyigisho za Aburahamu ni icyitegererezo cy'imibereho ye bwite. Inzu ye yari irimo abantu barenga igihumbi, benshi muri bo bari abakuru b'imiryango, ndetse benshi ntibari bararetse ubupagani namba. Iyo nzu imeze gutyo yasabaga ubuyobozi bushikamye, imyitwarire yicishije bugufi, gushidikanya ntikwagombaga kuharangwa. Imana ivuga kuri

Aburahamu iti : „ kuko icyatumye mumenya ari ukugira ngo ategeke abana be n'abo murugo rwe bazakurikiraho.” Itangiriro 18:19. Ibiri amambu yategekanaga ubwenge bwinshi ndetse n'ubugwa neza bityo aronka imitima ya bose. Ngibyo ibihamya by'uwera uhora ari maso . “ azakomeza mu nzira y'Uwiteka, akora ibyo gukiranuka kandi aca imanza zitabera” itangiriro 18:19. Ndetse icyitegererezo cya Aburahamu kirenga cyane ingabano z'inzu ye. Ahantu hose yabambaga ihema rye, yahubakaga igicaniro. Igihe yabamburaga ihema igicaniro cyarasigaraga; kandi urenze umunyakanani umwe wagenagendaga, yize kumenya Imana binyuriye mumugaragu wayo Aburahamu., atinda hafi ya kimwe muri ibyo bicaniro atura Yehova ibitambo.

Inyigisho z'ijambo ry'Imana ntabwo zizagira ingaruka nke muri ikighe ni9ba umuburyo bukiranuka zigaragaza imibereho y'umwigisha.

Ntibihagije kumenya ko abandi batekereje cyangwa ko bize Bibiriya. Buri wese agomba kwisobanura kumunsi w'urubanza imbere y'Imana, ndetse buri muntu yagombaga kwiyigira ukuri. Kugirango kwiga bibe bikomeye, ningombwa ko inyungu z'umunyeshuri zikangurwa. Ibi ntibigomba kwibagirwa, byumwihariko ku bita ku bana ndetse n'uruburiko bo imico, uburezi, uburyo bw'imitekerereze yabo bihabanye umwe ku wundi. Igihe twigisha Bibiriya aban, tugomba kujya mbere ariko tureba igihagararo cy'intekerezo zabo, ibyigwa bibashishikaza, ndetse bibatera akanyabugabo ko gushakisha ibyavuzwe na Bibiriya. Uwaturemye bitandukanye avuga mu ijambo rye ibya buri wese muri twe. Noneho igihe abana bazasanga inyigisho za Bibiriya zishishikaje intekerezo zabo, bigishe gufata igitabo cyera nk'umujenama.

Bafshe na none kwishimira ubwiza bw'ibyiza . gusoma umubare w'ibitabo ntakamaro nyirizina, bikangura ndetse byangiriza birategetswe, cyangwa ntibyemerewe gusomwa, kubw'impamvu yuko ibyo bitabo bifite agaciro k'ibihimbano gusa. Kubera iki twayobora abana bacu ku mazi y'ibirohwa kandi bafite uburenganzira ku isoko year y'ijambo ry'Imana ? bibiriya ifite imbaraga, ubushobozi, uburebure budashira. Dutere akanyabugabo abana ndetse n'uruburiko ko kuvumbura ubutunzi bw'intekerezo ze ndetse n'ubw'uburyo bwo kubaho kwe.

Buhoro buhoro uko ibyo byiza bizagenda bikurura intekerezo zabo, imbaraga y'amahoro izakabakaba imitima yabo. bityo Bazegera uwabihishuriye atyo , ni bake gusa batazifuzza kumenya byimbitse imirimo yayo ndetse n'inzira zayo.

Uwiga Bibiriya agomba kuyegera afite intekerezo ziteguye buri gihe kwiga. Ntabwo tuzashakisha muri yo ibyo kudushyigikira ahubwo



tuzashakamo ijambo ry’Imana. kumenya nyakuri Bibiriya ntiwabigeraho utabonye umufasha w’umwuka yatanze. Kugirango tugere kuri ubwo bumenyi tugomba kubeshwaho nabwo. Ibyo Imana idusaba , tugomba kubisohozwa. Ibyo idusezeranira , dushobora kubisaba. Imibereho yacu igomba kuba ihamanije nuko ijambo ry’Imana ridusaba kubaho, mumbaraga yaryo. Uku niko konyine dushobora kwiga bibiriya ikatugirira akamaro.

Ko kwiga kudasaba imihati idacogora kandi yihangana. Nkuko abacukuzi b’amabuye y’agaciro bacukura kugirango babone zahabu, bafite umuhati ndetse no kwiyanga, niko natwe tugomba gushakira ubutunzi bwo mu ijambo ry’Imana.

Mukwiga kwa buri muni, uburyo busaba gusuzuma amagambo yo mumurongo umwe ku wundi ni ingenzi cyane. Reka uwiga ahitemo umurongo umwe ndetse intekereze ze ariho zibanda kugirango asobanukirwe igitekerezo Imana yashyizemo kimureba, nyuma yagure icyo gitekerezo kugeza igihe kiri buze guhinduka icye. Iga igice gito kugeza igihe uri bugifate neza ndetse kikaba icy’agaciro kuruta gusoma ibice byinshi ntantego ufite, ntabyo ushakamo bikungura.

Imwe mu mpamvu z’ingenzi z’intege nkeya zo mu bwenge no muntekereze ni ukudashobora kwibanda kungingo ifite agaciro. Tujya twibonesha gusoma byinshi,ariko kwiyongera kw’ibitabo byinshi, ndetse nibitari bibi, bishobora kuba umutego. Kubwo ibitabo byanditswe ari byinshi, abasore n’abasaza bagira akamenyero ko gusoma biruka ndetse by’amajyejuru, noneho intekereze zabo zikabura ubushobozi bwo gutekereza kubyo basomye ndetse no kubikomeza bashikanye.

Ibiri amambu, ibice byiza byibyo byinshi byo binyamakuru ndetse n’ibyo bitabo ni nk’ibikeri byo mu Egiputa, byifatira kugitugu isi, ntabwo byuzuye gusa ibitekerezo bipfuye, by’amafuti, by’ubugoryi ahubwo byuzuye n’ibitekerezo bihumanye ndetse bitesha agaciro. Ibyo byose ntabwo bifite ingaruka gusa yo kuroga no gusingingiza intekereze gusa ariko ziyobya ndetse zigasenya umutima. Ni mumibiri irwaye, itagira

imbaraga hibumbira ?//?????. Intekerezo zidakora ni ibarizo rya Satani. Ningombwa ko ubushobozi buzamuka kubitekerezo bihanitse kandi byera, reka ubuzima bugire intego iboneye, imishinga yuzuye intekerezo zose noneho ikibi kizabura aho kimenera.

Reka abasore bigire kwigira hafi ijambo ry’Imana. Mu mitima yabo, hazahagurukamo imbaraga ikomeye yo kurwanya ibishuko : “nabikiye ijambo ryawe mumutima wanjye , kugirango ntagucumuraho.” “kwitindera ijambo ry’iminwa yawe, niko kumpa kwirinda inzira z’abanyarugomo.” Zaburi 17:4.

Bibiriya niyo yonyine yisobanura. Ibyanditswe byera bigereranywa n’ibindi byanditswe byera. Ubyiga agomba kwiga gufata ijambo ry’Imana nk’icyuzuye. Reba iri hagati y’ibice bitandukanye byayo. Agomba kumenya ingingo nyamukuru y’igitabo cyera” imigambi nyakuri y’Imana ku isi, inkomoko y’intambara ikomeye, umurimo wo gucungura. Agomba kumenya imiterere y’imbaraga ebyiri zihanganye, a kiga guhishura ibifatika mumateka no m’ubuhanuzi, kugeza igihe ibintu byose bizasohorera. Agomba kubona ko iyo ntambara izakurikirana buri gihe mu kubaho kwa muntu, ko muri buri gikwe mubikorwa bye akora akoresha nimwe cyangwa indi mbaraga muri izo zitumvikana kandi ko muri buri kanya ahitamo inturo ye, yabishaka cyangwa atabishaka.

Buri gice cya Bibiriya cyarahumetswe kandi ni ingenzi. Isezerano rya kera rigomba kudushishikaza cyane kurusha isezerano rishya. Mukuryiga tuzasangamo amasoko y’amazi abeshaho aho umusomyi asuzugura akahabona gusa kurumba ( ko ntana kimwe kihari).

Ibyahishuwe bigomba kwigwa byumwihariko bisanishwa n’igitabo cya Daniyeri. Reka buri mwigisha wubahwa w’Imana afata imyanzuro muburyo bworoheje bwo gufata ndetse no kwereka ubutumwa bwiza bwo umukiza we ubwe yaje guhishurira umugaragu wayo Yohana “ ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugirango yereke imbata ze ibikwiriye kuba vuba.” Ibyahishuwe 1:1. Ntamuntu wari ukwiriye gucibwa intege n’ibimenyetso bisa nk’ibiri mumwijima

by“ibyahishuwe, “ niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa.” Yakobo 1:5.

“hahirwa usoma amagambo y“ubu buhanuzi, hahirwa n“abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo , kuko igihe kiri bugufi.” Ibyahishuwe 1:3.

Igihe hakanguka urukundo nyakuri rwa Bibiriya, ndetse n“uyiga agasobanukirwa n“ubwaguke bw“umurima umushyizwe imbere nderse n“agaciro k“ubutunzi afite, azifuza gufata ibihe byose ngo yegerane n“ijambo ry“Imana. Kwiga kwe ntikuzarangirira ahantu runaka, ndetse no mugihe cyihariye. Adacogora, buzaba ari bwo buryo bwiza bwo kwita kugukunda ibyanditswe. Mwebwe mushaka kubicukumbura, muzahorane Bibiriya iruhande rwanyu. Igihe mufite akanya, soma umurongo maze uwibazeho. Igihe mugenda mumuhanda, igihe mutegereje gari ya moshi cyangwa amasaha ya gahunda runaka ( rendez-vous) , unguka ako kanya kugirango ukure m“ubutunzi bw“ukuri ibitekerezo bimwe by“agaciro.

Imbaraga ikomeye ibeshaho y“umuntu ni ukwizera. Ibyiringiro ndetse n“ubugwaneza. Ndetse ni muri ibyo hakomoka kwiga Bibiriya mu buryo bwimbitse. Ubwiza bw“inyuma bwa Bibiriya, amashusho yayo, uburyo yanditswe ni igihamba cy“ubutunzi bwayo nyakuri ndetse no kwera kwayo. Mubyanditswe bigaragaza imibereho y“abantu bagendanye n“Imana dushobora kubabonamo ubwiza bw“Imana. Binyuriye muwifuzwa na buri wese ( indirimbo ya salomo 5:16) , tubona uwo isi n“ijuru bigaragaza mu buryo bworoheje.“nanjye nimanikwa hejuru y“isi, nzireherezaho abantu bose”yohana 12:32. Ikiremwa cyishimira umucunguzi cyumva hazamutse muricyo imbaraga itangaje yo kwizera, yo gusenga ( kuramya) n“urukundo. Amaso ahanze kuri Kristo, ahinduka ku ishusho yuwo aramya. Amagambo y“inyumwa Paulo ahinduka ay“umutima we : “ ndetse n“ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo kubw“ubutunzi butagira akagero, aribwo kumenya Kristo Yesu...

kugirango mumenye, menye n''imbaraga zo kuzuka kwe no gufatanya imibabaro ye no kujya nshushanywa no gupfa kwe'' abafilipi 3:8,10.

Amasoko y''amahoro ndetse n''ibyishimo mvajuru byaje mumutima kubw''ijambo ry'' umwuka wera bizadudubiza imigisha kubantu bose bayakira. Reka abasore b''iki gihe, abasore bari gukura, Bibiriya muntoke, bahinduke ibitega ndetse n''imiyoboro izatembamo amazi y''ubugingo ndetse n''imbaraga rukuruzi yo tutazakira imbaraga ikiza, ikomeza, ndetse n''inzuzi z''amazi abeshaho, amasoko adudubiza '' kugeza m''ubugingo bw''iteka ryose''! yohana 4:14.

### ***Icyigwa cya 21 :Kwiga impagarike***

*Naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza . Zaburi 139:14*

Bitewe nuko intekerezo n''umutima bigaragazwa n''umubiri, imbaraga zo mubwenge ndetse n''imbaraga z''iby''umwuka zishingiye cyane cyane ku gukomera ndetse n''imirimo y''uwo mubiri; ibitera iterambere ry''ubuzima bw''impagarike bitera iterambere na none ry''intekerezo zishikamye n''imico bishikamye. Ntabutaraga, umuntu ntashobora gusobanukirwa neza n''inshingano yifite ho, afite kuri bagenzi, afite k''umuremyi we, Niyo mpamvu ubuzima bugomba kurindanwa kwizera nk''imico. Bityo Ni ngombwa kwita k''ubuzima cyane cyane kimwe no kumico. Kumusingi w''imihati yose y''uburezi hakagombye kubaho ubumenyi bushyitse bw''impagarike ndetse n''isuku.

Nubwo imfatiro z'impagarike kuri ubu zumvikana muri rusange, ubunenganenzi bw'amahame y'ubuzima ateye guhangayika. Ndetse kuri babandi bayazi ni bake muri bo bayashyira mu bikorwa. Bakurikiza ibibakurura, irari ryabo nk'impumyi nkaho igihanuko ubwacyo kiyobora imibereho yabo, Atari amategeko yashyizweho ndetse adahinduka.

Urubyiruko, mubwiza ndetse no gukomera k'ubuzima, bake nibo bazi ingano y'imbaraga bafite. Ububutunzi bufite agaciro kurusha Zahabu, y'ingenzi cyane kumajyambere kurusha kumenya, umwanya mubantu, ubutunzi, mbega ukuntu buhabwa agaciro gake!, mbega ukuntu bupfushwa ubusa! Ni bantu bangana ki, batamba ubuzima bwabo ku mafaranga, kubushobozi, baguye bakaba abadashoboye mbere yo kugera kubyo bifuzaga, mugihe abandi, kumubiri wihangana, batwawe n'igiciro kiriganya! Nibangahe ubu barembye, umusaruro wo kwirengagiza kwabo kubirebana n'amategeko y'ubuziama, bashira mubikorwa iby'ubupfu, maze bakabamba ibyiringiro byabo byose kuri iyi si ndetse no ku isi izaza!

Binyuze mu kwiga impagarike, abigishwa bagomba kwiga guha agaciro imbaraga z'impagarike ndetse no kwiga kuyirinda, no kuziteza imbere kugirango igire uruhare rukomeye mu gutsinda intambara ikomeye yo m'ubuzima.

Ningombwa ko abana biga hakiri kare ubumenyi bwibanze bw'impagarike ndetse n'isuku, munyigisho zoroheje kandi zumvikana. Uyu murimo ugomba gutangizwa n'abagore murugo, ugakomezanywa kwizera kumashuri. Uko abana bajya mbere mu myaka, inyigisho zo kuri iyi ngingo zigomba gukomeza kugeza igihe bazaba bashoboye kwita kumiryango babamo. Bagomba gusobanukirwa ukuntu ari ingenzi kwirinda indwara bita kubuzima bwiza bwa buri rugingo, ndetse no kwiga guhangana n'indwara z'ibyorezo ndetse n'impanuka zoroheje.

Buri mashuri yose yagombaga kwigisha impagarike n'isuku muburyo bushoboka kugira ngo berekane inyigisho zitondetse, imikorere ndetse no kwita kumubiri.

Ingingo zimwe, zitari nkuko bimenyerewe mu kwiga impagarike, zigomba kwitabwaho, ingingo z'agaciro gakomeye cyane kurusha ingingo nyinshi z'iyi ngingo zikomeye zigishwa cyane cyane muri iki gihe kubigishwa bari kwishuri.

Nk'ihame shingiro ry'uburezi bwose mu mashami yabwo, abasore bakagombye kwiga ko amategeko y'ibyaremwe ari amategeko y'Imana kurwego rumwe n'amategeko icumi. Amategeko ayobora impagarike yacu yanditswe n'Imana kuri buri misokoro yacu, kumitsi yacu, kuri buri nyama y'umubiri wacu. Kwirengagiza kose, kwica ubizi aya mategeko ni icyaha kumuremyi wacu.

Mbega ukuntu ari ingenzi, kumenya muburyo bwimbitse ayamategeko atangwa! Ningombwa kwita kumahame y'isuku ajyanye n'ibyobyarya, imyitozo ngororamubiri, kwita kubana, kumiti ihabwa abarwayi ndetse n'izindi ngingo zisa nyinshi bakazitaho kuruta uko bari bamenyereye kubikora.

Imbaraga rukuruzi y'intekerezo zigira kumubiri ndetsen'izumubiri ugira kuntekerezo bigomba kwitabwaho. Imbaraga ikomeye y'ubwonko, itezwa imbere n'umurimo w'intekerezo, ikabeshaho impagarike yose ndetse bityo ikazana ubufasha ntagereranwa mu intambara irwanya indwara. Igomba gushyirwa ahagaragara. Ningombwa kwerekana imbaraga y'ubushake, iyo kwitegeka mukurinda no kunganira ubuzima, imbaraga inesha kandi ihagarika uburakari, kutanezerwa, kwikunda, kutabonera imbere y'imbaraga ibeshaho yo kumwenyura, y'ubugwaneza, yo gushima y'akataraboneka. Mubyanditswe byera hari ukuri kw'impagarike dushobora gutekerezaho : “ umutima unezerewe ni umuti mwiza”. Imigani 17:22.

Imana iti: “ umutima wawe ukomeze amategeko yanjye, kuko bizakungurira imyaka myinshi y’ubugingo bwawe, ukazarama ndetse ukagira n’amahoro.” imigani 3:1,2. “ kuko aribwo bugingo bw’ababibonye, bikaba umuze muke w’umubiri wabo wose.” Imigani 4:22. “amagambo anezeza ni nk’ubuki, aryohera ubugingo bw’umuntu agakomeza ingingo ze.” Imigani 16:24.

Ningombwa ko abasore basobanukirwa muburyo bwimbitse iri jambo rya Bibiriya : “ aho uri niho hari isoko y’ubugingo.” zaburi 36:10. Imana ntabwo ari intangiriro ry’ ikintu cyose gusa, ni ubuzima bwibibaho byose. Ni ubuzima bwayo twakirira mu izuba, umwuka mwiza ndetse uboneye, ibyo kurya byubaka imibiri yacu ndetse bikaduha imbaraga. Nikw’ubuzima bwayo tubaho, kuri buri saha, kuri buri mwanya. Usibye ko byangirijwe n’icyaha, impano zose z’Imana zituzanira ubuzima, ubutaraga n’ibyishimo.

“ikintu cyose yakiremye ari cyiza mu gihe cyacyo” umubwiriza 3:11. Ntabwo ari mukwangiriza imirimo y’Imana, yuzagera kubwiza nyakuri ahubwo nimuguha amategeko y’uwaremye ibintu byose kandi wishimira ubwiza bwabyo ndetse no kunezerwa kwabyo zagera kubwiza nyakuri no kwera.

Igihe cyo kwiga umubiri w’umuntu ndetse n’uko ukora, ningombwa kwita cyane kuburyo bushoboka aribyo ibyo ukora ndetse nibyo ukorana nabyo kumurimo unoze ndetse n’imikoranye myiza y’ingingo. Bityo inyungu y’umunyeshuri ikanguwe, umwigishwa azamenya neza akamaro k’uburezi bw’impagarike ndetse n’umwigisha ashobore noneho kumufasha gukura kugiticye neza ndetse no gufata akamenyero keza.

Kimwe mubintu byambere byo kwishingikirizaho ni inyifato ikwiriye, waba wicaye kimwe n’uhagaze. Imana yaremye umuntu wemye, kandi ntiyamushakiraga gusa kugira impagarike nzima ahubwo yamushakiraga n’inyungu z’ubwenge niz’iby’umwuka, Ubuntu, ubunyangamugayo, ndetse n’ubwishingizi, akanyabugabo n’ubwigenge, ibyiza byose byatangwaga nuko kubaho.

Reka abarimu bigishe iyi ngingo batanga ingero ndetse n'amategeko. Niberekane icyo inyifato ikwiriye icyo aricyo ndetse bibande kuburyo yashyirwa mubikorwa.

Nyuma haze guhumeka n'uburezi bw'ijwi. Uwicaye agahagarara, yemye ameze neza kimwe n'abandi bahumeka neza. Ariko umwigisha agomba kwereka abigishwa be akamaro ko guhumeka mu buryo bwimbitse. Azerekana umurimo w'ubugiraneza w'ingingo z'ubuhumekero, zigira uruhare mugutembera neza kw'amaraso, zigahembura umubiri wose, zigatera ipfa, zigatera imbaraga igogora ndetse zigatera ibitotsi byiza, ibitotsi bitishimira gusa kuruhura umubiri ahubwo biruhura n'intekerezo. Kandi igihe umumaro wo guhumeka byimbitse werekanwe, ishyirwa mubikorwa rigomba kwitabwaho. Reka hatangwe imyitozo yabiteza imbere kandi harebwe ko akamenyero kashinze imizi.

Gutoza ijwi bifite umwanya w'ingenzi mu burezi bw'impagarike, kuko ritera ibihaha kwaguka, gukomera, ndetse bityo bikarwanya indwara. Kugirango usome kandi uvuge neza, twite ko imitsi yo munda ikora neza kandi ko ingingo zishinzwe ubuhumekero zigabanuka imbaraga. Reka imbaraga zikomoke munda aho kuva mumuhogo. Bityo twakwirinda umunaniro, ndetse n'ibyuririzi bikomeye byo mumuhogo ndetse no mubihaha. Ningombwa kwita by'umwihariko kumvuko kugirango ibe isobanutse, itunganye, riranguruye kandi ritihuta cyane. Ibyo ntibizagira ingaruka nziza k'ubuzima ahubwo bizagira uruhare runini mukwemera ndetse no gukora neza umurimo k'umwigishwa.

Uko kwiga bizatanga umwanya wo gucika kumici mibi yo kwambara imyenda itwegereye ndetse n'ibintu byose bihagarika imikorere yingenzi y'ubuzima.



Ibigezweho bibi bitera indwara zisa nkizitagira iherezo, ningombwa ko baburirwa neza. Dusobanurire neza abanyeshuri akaga ko kwambara imyambaro yegereye cyane amayunguyungu cyangwa igundiye ururingo urwo arirwo rwose. Imyambaro igomba kuba ari ituma habaho ihumeka ryuzuye ndetse igatuma uzamura amaboko hejuru y'umutwe ntangorane. Igihe ibihaha biboshywe, muburyo bumwe ntabwo bikura, mubundi buryo igogora ndetse no gutembera kw'amaraso birabangamirwa, umubiri wose ukagira integer nke. Ibyo byose bigabanya ubushobozi bw'impagarike n'ubw'ubwenge, bikabangamira amajyambere y'umunyeshuri ndetse bikabangamira cyane gutsinda.

Igihe azigisha isuku, umwigisha nyakuri azabona imyanya yo kwerekana ko isuku nziza ari ingenzi, haba k'umuntu kugiti cye kimwe n'ahamuzengurutse. Ningombwa kwibanda kukamaro ko koga kwa buri muni guteza imbere ubuzima kandi kugakomeza intekerezo. Muhe agaciro umucyo w'izuba, nbo gukora isuku, isuku yo mucyumba cyo kuryamamo no mu gikoni. Kwigisha abanyeshuri ko icyumba cyiza, igikoni gifite isuku, ameza meza yuzuweho ibyo kurya biryoshye azatanga ibyishimo byinshi k'umuryango ndetse no kunyurwa cyane muruhande rw'abashyitsi biteguwe kuruta cyane ibikoresho bihenze cyane muri salo. Dukeneye uyumunsi na none iyi nyigiisho y'umwigisha mvajuru yatanzwe hashize ibinyejana makumyabiri numwe : "ubugingo buruta ibyo kurya, n'umubiri uruta imyambaro." Luka 12:23.

Umunyeshuri wiga impagike y'umuntu agomba kumenya ko ubumenyi bw'ibikorwa ndetse n'ubwamahame buzamubera ubw'agaciro gake natabushyira mu bikorwa. Niba asobanukiwe n'agaciro ko kwinjiza umwuka mwiza, niba icyuma cye cyuzuye umwuka mwiza, ariko utuzuye neza ibihaha bye, azahura n'ingaruka.

Byaba bimaze iki kum enya akamaro k'isuku, byaba bimaze iki kugira uburyo bwiza bwose niba utabizemo uruhare? Ningombwa kwemeza abigishwa akamaro k'ayo mahame kugirango bayashyire neza mubikorwa.

Binyuze mu ishusho ishamaje Imana itwerekaye inyungu iha im ibiri yacu ndetse n'ishingano idushinga zo kwita neza kumikorere myiza yawo “ mbese ntumuzi yuko imibiri yanyu ari insengeri z'umwuka wera uri muri mwe, uwo mufite uvuye ku Imana kandi ntumuri abanyu ngo mwigenge.” 1 abakorinto 6:19. , reba 1 abakorinto 3:17

Reka abanyeshuri bacengerwemo n'igitekerezo yuko imibiri yabo ari urusengeri Imana yifuza guturamo., kandi ko bagomba guhora bera, abfite intekerezo ziboneye kandi zagutse. Mukujya mbere biga impagarika y'umuntu, bazabonako mubyukuri ko ari “ ibiremwa bitangaje” zaburi 139;14, noneho bazuzura icyubahiro. Aho gutesha agaciro imirimo y'Imana bashakira gukora ibibashobokera kugirango basohozeho imigambi itangaje y'Umuremyi. Bazabona noneho kumvira amategeko y'ubuzima Atari ukwitanga no kwiyanga ahubwo ko ari amahirwe n'imigisha itagereranwaho irimo muby'ukuri.

### ***Icyigwa cya 22: kwirinda no kuvurisha ibiribwa***

*Umuntu wese urushanwaho yirinda muri byose. 1 abakorinto 9:25.*

Abigishwaho bagomba gusobanukirwaho n'isano iri hagati y'ubuzima bworoheje n'intekerezo zagutse. Ni ibyaburi muntu wese muri twe gufata umwanzuro kugiti cye, niba ubuzima buzayoborwaho n'umubiri cyangwa umwuka. Buri musore agomba kugiti cye,guhitamwo iby'imibereho izashingiraho, ntibikwiriyeho gutakaza imbaraga nimwe

mukubasobanurira imbaraga ki bazakoresha n'imbaraga ki ikorera mumico no mumurage.

Kutirinda ni umwanzi twese tugomba kwirindwa. Kuri kwiyongera kumuvuduko mwinshi, n'imbaraga nytinshi kuburyo ki abakunda benese bagomba guhagarara bakakurwanya. Mukurarikira kwiga kwirinda ibigo biba bitera intambwe mucyerekezo cyiza kizakurikizwa n'ibigo byose, n'imiryango yose. Ningombwa ko abasore basobanukirwa n'iungaruka isenya, byaba kuntekerezo no kumutima kimwe no k'umubiri. kubisindisha, ku itabi, ndetse no kubundi burozi nkubwo. Ningombwa kwerekana neza ko umuntu adashobora kubikoresha ngo yishimire kugumana igihe kirekire imbaraga ze z'impagarike, z'ubwenge n'iz'imico.

Ariko kugirango turwanye muburyo bwimbitse kutirinda, ntabwo tugomba kwishimira kurwanya ikoreshwa ry'ibisindisha n'itabi: kudakora, ubuzima budafite intego, ubucuti ubi bishobora kuba ingingo fatizo. Kutirinda kugaragara cyane ku meza y'abantu bibwira ko bizera bikomeye. Uhungabanya igogora, ukangura umubiri muburyo burenze cyangwa ucogozwa umubiri m'uburyo ubu n'ubu, agahungabanya umushyikirano w'umwuka n'umubiri, azanira gucogora kw'isuzuma ry'intekerezo kumubiri kandi agakurura kutirinada. Kunanirwa k'umusore urenze umwe mukwiteganiriza ahazaza we ubwe biterwa n'imirire mibi itera ishyari ridasanzwe.

Icyayi, ikawa, ibirungo, ibinyamasukari ndetse n'ibinyamafarini bitera igogora riruhaniye. Inyama nazo nimbi, uburyane (ibyuririzi) zitera byari bihagije ngo zirindwe gukoreshwa ndetse n'imibereho mibi y'inyamaswa, isa nkaho ari gikwira, nayo ni indi mpamvu yo kureka kuzirya. zikangura imitsi yumva, zikica ibishyika bibabaza bityo zigatanga umugabane mwiza kumiterere icye bugufi cyane.

Abimenyereje ibyo kurya bikungahaye, bikangura bijya birangira basanze ko igifu cyabo kitishimira ibyo kurya biteguwe mu buryo bworoheje, ariko bagasaba umutetsi ko ibyo kurya abishyiramo umunyu

mwinshi, w'igisoryo, ndetse n'urusenda. Noneho hagakurikiraho guhangayika kw'imitsi yumva , impagarike igacogora.

Agashishwa k'igifu kagakomereka, kakizinga noneho ibyo kurya byiza bikananirwa guhagarara. Inzoga ikarishye yonyine niyo ishobora gucubya iyo nyota yakuruwe nibyo.

Bityo hagatangira uburibwe bugombwa neza kwirindwa. Ningombwa gusobanurira urubyiruko ingaruka zibigaragara ko byoroheje.

Nibasobanukirwe ko ibyo kuryabyoroheje kandi biboneye bizarinda urwango rw'ibikangura bivuye hanze, ahubwo bitoze kwitegeka ubwabo; nibinjirwmo n'igitekerezo ko bagomba kubaabigisha ko badakwiriye kuba imbata. Imana yabagize abatware b'ubwami bwabo bw'imbere kandi bagomba kwitoza ubwo butware. Niba iyo nyisho itanzwe neza , izatanga umusaruro k'umusore ndetse n'ahandi na none. icyo cyitegererezo kizagerab kandi kizakiza ibihumbi n'ibihumbi by'abagabo n'abagore bari kunkengero yo kurimbuka.

### Ibyo kurya n'iterambere ry'ubwenge

Byari ngombwa kwita cyane kuruta uko tubikora ku isano iri hagati y'ibyo kurya n'iterambere ry'ubwenge. Amakfuti y'imirire cyane niyo ntandaro y'urujijo ndetse no kuremera kw'intekerzo.

Twemera cyane koi p[fa ari umuyobozi muwiza muguhitamo ibyo kurya. Iyo twari duhuje buri gihe n'amategeko y'ubuzima, byari kuba ukuri. Ariko uburyohe bwahindaniye cyane n'ikinyejana cy'akamenyero kabi gihora gisaba ubudatuza ibinezeza byangiriza kandi tutagishobora gucika.

Mu icyigwa cy'isuku, abanyeshuri bagombaga kwiga akamaro kabeshaho k'ibyo kurya bitandukanye, ibizana ibyo kurya bikomeza umubiri bikiganwab ubushishozi, ingaruka z'ibyo kurya bikennye. icyayi n'ikawa, umugati wo mu ifu inogerejwe, .....imbuto z'ubwoko bubi , ibinyamasukari, ibirungo, ibinyamigati ntibirimo intungamubiri zikwiriye. Abnyeshuri benshi baraguye kubwo gukoresha ibyo byokurya. Ni abana bangana ki b'abanyanteye nke , badashoboye

n“ibisaba imbaraga nke z“impagarike cyangwa iz“ubwenge, bazize ibyo kurya bikennye!

Ibinyampeke, imbuto , ibinyamavuta ndetse n“imboga , bigiye bicangacanze muburyo bukwiriye , byuzuye intungamubiri z“ingenzi zose zikenewe; biteguwe neza ni ibyo kurya bigira uruhare mu iterambere ryiza ry“imbaraga z“impagarike ndetse n“z“ubwenge.

Ariko ntibihagije kwita kubyo kurya gusa, ningombwa yuko bijyanirana n“ubyakira ( urabirya). Cyane cyane ibyom kurya bishobora kuribwa ntagusigaza n“abakozi bakoresha amaboko ntibihagije kubantu bakora cyane bakora imirimo yo gukoresha ubwenge. Ningombwa kumenya guhuza ibyo kurya. Abafite imirimo y“ubwenge cyangwa ikorerwa hamwe ntibakagombaga mugihe cy“igaburo rimwe kurya ibyo kurya bitandukanye cyane.

Ningombwa noa none kwirinda kurya cyane, yemwe n“ibyo kurya biboneye. Ibyaremwe bikoreshe ibikwiriye kuri buri rugingo, iyo borenze urugero imyanda yuzurana mumubiri. Dutekereza ko abanyeshuri barware kuko baba bakoze cyane, ahubwo barware kuko baba bariye cyane. Iyoba twitaga neza cyane kumabwiriza y“ubuzima, ntitwakwigera tugira umunaniro wo mubwenge, kuko cyane cyane uwo munaniro wo mubwenge ukomoka kukunaniza igifu birushya umubiri ndetse bigacogoza intekerezo.

Ibyaba byiza cyane , ni ukurya amagaburo abiri kumunsi kuruta atatu. Igaburo rya nimugoroba rifashwe mugihe cyiza ukarya rirengerera igogora ry“ibyo kurya bikurikiraho. Vuba bidatinze , ntibigiogoreka mbere yo gusinzira, ndetse igifu ntigishobora kuruhuka neza. Ibitotsi bigacibwamo, kimitsi yumva n“ubwonko bikananirwa, ipfa eikabura ku igaburo rya mugitondo, umubiri ntuba unanutse neza ndetse ntuba witeguye guhangana n“imirimo y“umunsi.

Ntimugasuzugure akamaro ko kubahiriza ingengamikorere, y“igihe cyo kurya ndetse no kuryama.

Amasaha y'ikiruhuko ni amasaha numubiri wiyubaka, kandi ni ngenzi, kurubwiruko byumwihariko, kuryamira kuri gahunda ndetse muburyo buhagije.

Tugomba , kuburyo bushoboka bwose, kwirinda kuryana ihubi. Igihe dufiteumwanya wo kurya nicyo gihe tugomba kurya. Iyaba byiza ni ugahagarika kurya aho kurya utabikanjanganje neza.

Igihe cyo kurya cyari gikwiriye kuba igihe cyo kwibagirwa ibyakubabaje ndetse n'icyibiganiro. Ibinaniza byose cyangwa ibihembura amacakubiri bigombwa kwibagirwa. Reka tugaragaze isura nzizan yacu, ibyiringiro byacu, amashimwe yacu k'uduha ibintu byose, noneho ikiganiro kizanezeza, tanga ibitekerezo bidapfobya ahubwo byunganirana.

Kwirinda , ikinyabupfura bifite imbaraga itangaje. Byigisha neza kurusha ingaruka cyangwa ubushobozi karemano, muguteza imbere ubugwaneza ndetse n'uburinganire bw'umucyo wo mumaso bitegura neza inzira y'ubuzima. Murundi ruhande , kwifata watojwe utyo kuzaba intwari ikomeye mukwambukiranya insinzi ibikomeye nyakuri, inshingano zikomeye ziri impande ya buri umwe muri twe.

Inzira z'ubwenge “ ni inzira z'ibinezeza, kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro.” Imigani 3:17 icyampa buri umwe mubasore bacu, bahamagariwe umurage ukomeye kurusha uw'abami bakomeye , avuga ayamagambo : „wa gihugu we, uba uhiriwe...ibikomangoma byawe birya mugihe gikwiriye, kugirango bigire amagara bitarimo isindwe!” umubwiriza 10:17.

### ***Icyigwa cya 23: Ikiruhuko***

#### **Igihe cyose kigenerwa igihe cyacyo. *Umubwiriza 3:1***

Ningombwa gutandukanya ikiruhuko no kwishimisha. Ikiruhuko nkuko byumvikana mubusobanuro nyirizina bw'iryo jambo ni

ukuremwa bundi bushya. Kuruhuka gushinzwe kutugaruramo imbaraga. Kudukuraho amaganya yacu ndetse n'imirimo yacu kugirango kigarure ubuyanja mumubiri wacu n'intekerezo zacu kandi kikatubashisha kugaruka, twuzuwemo imbaraga nshya kumurimo wacu. Kwishimisha ko gushakishwa kugirango habeho ibinezeza ndetse cyane cyane by'agakabyo, bikamura imbaraga zari zigenewe gukoreshwa k'umurimo kandi bigahinduka inkomyi y'insinzi y'imibereho nyirizina.

Umubiri muzima waremewe gukora; niba imbaraga z'impagarike zitabungabunzwe, imbaraga z'ubwenge ntibushobora igihe kirekire gukoresha ubushobozi bwabwo bwose. Kudakora k'umubiri, gusa nkaho ari ikintu kitakwirindwa mubyumba by'amashuri ndetse bihujwe n'inyifato mbi ni igihama kibi kubana., cyane cyane kuboroshye. Umwuka mwiza cyane cyane uba udahagije. Intebe zikozwe nabi zitera inyifato mbi zibangamira umurimo w'ibihaha ndetse n'umutima. N'abana bato bagomba kumara hagati y'amasaha atatu n'atanu kumunsi bahumeka umwuka uhumanye, wenda wuzuyemo naza mikorobe.

Nagitangaje nkuko ibyuririzi biramba bituruka kumashuri. Ubwonko, ururingo rwagaciro mungingo zacu, bwohereza mumubiri wose amakuru, bubangamirwa cyane. Umurimo utagejeje igihe cyangwa umunaniro uwusabwa, mubihe bibi, bimucogoza muburyo bw'iteka ryose.

Abana ntibakagombye gukingirwanwa mugihe kirekire, ntibagombaga gusabwa kwitanga mubyigwa bikomeye mbere yuko iterambere ry'impagarike yabo yakira inyigisho z'ishingiro. Mugihe cy'imyaka hagati y'umunani n'icumi ya mbere y'ubuzima bwabo, ishuri ryiza ni umurima, ubusitani, umwarimukazi mwiza ni nyina, igitabo cyiza ni ibyaremwe. Nubwo umwana yaba akuze ho gato ageze igihe cyo kujya ku ishuri, ningombwa ko ahuza cyane kubuzima bwe gusoma ibyanditswe byera. Agomba gushyirwa mumwanya mwiza kugirango akurire rimwe mumpagarike ndetse no mubwenge.

Bana ntabwo aribo bonyine bashyizwe ahaba umwuka mwiza ndetse n'imyitoto. Munyigisho ihambaye kimwe nko mucyiciro cya mbere,

ibibintu byingenzi kubuzima birirengagizwa cyane. Abanyeshuri benshi baguma bicaye, umunsi kuwundi, mubice by'umwuka mubi, bibanda kubitabo byabo, igituzza cyireze kuburyo ki badashobora guhumeka mu buryo bwimbitse, amaraso atembera nabi, ibirenge bikonje, umutwe ucumba umuriro. Imibiri yabo ntabwo yariye muburyo buhagije, imitsi yabo iracogora, umubiri wabo wose urananirwa kandi ukarwara. Abo banyeshuri bashobora kuremara muminsi isigaye yabo y'ubuzima. Bashoboraga gusohoka mumashuri n'imbaraga z'impagarike n'iz'ubwenge zikomeye, iyoba barakurikiranye amasomo yabo muburyo bwiza, bitoreza buri gihe ku izuba ndetse no kumwuka mwinshi.

Umunyeshuri umarira igihe ndetse n'uburyo bugezwe mukwitoza agomba kumenya ko igihe atakaza mugukora imyitozo ngorora mubiri kitapfuye ubusa. Uwirundurira ubudatuza mubitabo bye azarangiza amenye ko intekerezo ze zataye ubutaraga bwazo. Kandi abita ku iterambere ryabo ry'impagarike bazajya mbere mubijyanye n'iby'ubwenge kurusha uko bamarira igihe cyabo mu kwiga.

Intekerezo zikorana burigihe nawe kungingo imwe atakaza kwifata. Ariko niba imbaraga z'impagarike n'iz'ubwenge zitojwe neza, niba ingingo yo kwibazwaho ihinduka, ubushobozi bwose bushobora gutera imbere neza.

Kudakora kw'impagarike kugabanya imbaraga z'ubwenge ariko n'zibitekerezo. Imitsi yumva ihuza ubwonko n'impagarike yose ni umuhuza Imana ikoresha mukumenyeshya umuntu no kumucengera mumibereho y'imbere. Ikibera cyose imbogamizi gutembera neza kw'imitsi yumva, bicogozza bityo imbaraga ibeshaho ndetse no kwakira intekerezo, bitera iterambere ry'ubwenge rinanirana.

Mubundi buryo, kwiga ubudatuza byongera umuvuduko w'amaraso mubwonko ndetse bikabyara gukomera kw'indwara gushobora gukurura kuganuka ko kwitegekakandi cyane bitera gufatwa n'uburibwe bw'umutwe ndetse uhoraho. Ni irembo ryuguruwe ry'uburiganya.



Gukoresha nabi cyangwa kudakoresha imbaraga z'impagarike nibyo soko yo kwangirika kuri gikwira ku isi.

Akajagari, kwirundanya no kudakora bitera intambara itagira ishimwe mu iterambere ry'umuntu wikigihe ninako na Sodomu yarimutse.

Ningombwa ko abarimu basobanukirwa ibyo byose, kandi ko babitoza abanyeshuri babo. Mwigishe abanyeshuri banyu ko ubuzima butaraga bwubakirwa kugitekerezo kizima, kandi ko gukora kw'impagarike ari ingenzi ku intekerezo nzima.

Umwarimum azibaza cyane ku bwoko bw'ikiruhuko gikwiriye abanyeshuri be. Mumashuri menshi, imyitozo ngorora mubiri ifite umwanya w'ingenzi, ariko niba itayobowe nezaishobora guteza indengakamere. Abasore benshi, mugushaka gucukumbura imikino, bajya bakorera nabi imibiri yabo.

Imyitozo ngororamubiri ikorewe mukigo, naho cyaba gikozwe neza, ntishobora gusimbura ikiruko cyahari umwuka mwiza, wo amashuri yacu wagombaga kugira muburyo buboneye. Abanyeshuri bakeneye imyitozo ikomeye, izabakura mubunenganenzi no mukudakora. Bityo kwizengurukaho mumyitozo myinshi bibabaa abafite kumitima yabo umunezero wa gisore. Abarimu bata umutwe igihe babona akajagari kiyo mirimo kumajyambere y'ikigo ndetse n'abanyeshuri b'ahazaza. Imikino ifata igihe kirekire itakaza icyerekezo cy'intekerezo ziri k'umurimo. Ntifasha urubiruko kwitegura umurimo ukomeye kandi usaba imbaraga; ntitera ubugira neza, ubugwaneza, imbaraga isobanutse neza.

Imwe mumikino ikunzwe na benshi nk'umupira w'amaguru cyangwa iteramakofi, yahindutse amashuri y'ubuhubutsi kandi igaragaza imico imwe nk'imikino ya Roma yakera. Ubushake bw'imbaraga, urukundo rwo gutsinda imbaraga kuzindi, gutsha agaciro ubuzima kurubiruko n'icyitegererezo bakuramo.

Indi mikino nk'iyubugorora ngingo( athletisme) , idahubukirwa cyane, nayo nimbi , ntiyemerwa, kubera imbaraga nyinshi z'umurengera umuntu atakarizamo. Ikigabanya urukundo rw'ibinezeza, igasindisha, igatesha umuntu umugongo umurimo w'ingenzi, inshingano ndetse

n'ibinezeza bituje bye. Ni inzira yo kwaya ndetse n'ibibi by'ubwoko bwose, ndetse n'ingaruka zabyo zidashidikanywa.

Igice cy'ibinezeza, nkuko bikorwa uko bisanzwe, ni inkomyi nabyo ku iterambere nyakuri ry'intekerezo cyangwa imico. Noneho hakavuka imishyikirano y'amajyejuru, akamenyero ko kwaya, ko kwishakira ibinezeza ndetse cyane, bikabyara kubura ikinyabupfura guhindanya ubuzima bwose. Ababyeyi n'abigisha bafite inshingano yo gutegura umumwanya w'ibyo, ibihugisha abana byera kandi bibeshaho.

Muribyoye, kimwe no mubirebana n'umunezero wacu, ijamba ry'Imana ritwereka inzira. Mubundi buryo, igihe Imana yayiboraga ubwoko, ubuzima bworoshye. Twabagaho tubeshejweho n'ibyaremwe. Abana bagabanaga imirimo y'ababyeyi ndetse bigaga gusobanukirwa n'ubwiza ndetse n'ubwiri bw'ibyaremwe. Mumutuzo wo mumirima no mubiti twibazaga ukuri gukomeye, ububiko bwera, ibisekuru byasigaga. Ngibyo ibyahaga abantu imbaraga.

Uyumunsi, ubuzima bwabaye amajyejuru, abantu barasingiye. Ntidushobora gusubira kubaho nko mugihe cyahise, ariko dushobora kwiga binyuriye muri byo, icyo ikiruhuko nyakuri icyaricyo n'igihe cyisigira ry'umubiri, intekerezo n'umutima.

Ibikikije amazu, amashuri bigira uruhare kukiruhuko. Mugihe cyo guhitamo aho kwimurira kimwe cyangwa ikindi, ningombwa gutekereza kuri ibyo. Abita cyane kukubaho neza kwabo kw'ubwenge n'impagarike kurusha amafaranga cyangwa igitutu cy'abamuzengurutse azashaka gushyira abana be ahantu h'umwimerere aho bazabonera icyarimwe inyigisho ndetse n'ikiruhuko. Iyaba buri mashuri yashoboraga guha abanyeshuri ubutaka bwo guhingwa ndetse n'ubushobozi bwo kugira uruhare kumirima, ibiti, azaba ari imfashanyo y'uburezi itagereranywa.

Kubirebana n'abanyeshuri, umusaruro mwiza uzaboneka noba mwarimu agira uruhare mukiruhuko cyabo. Umwarimu nyakuri ntahobora guha abanyeshuri be impano z'agatangaza usibye kubagira inshuti ze. Uko tugirana umushyikirano w'urukundo n'abandi, niko dushobora

kubasobanukirwa neza, ni ukuri kubakuze ndetse na none kubana no kubasore: kandi dukeneye uko gusobanukirwa kugirango twikorere ibyiza. Mukugarura umubano hagati y'umwigisha n'umunyeshuri hari uburyo buke nabwo bw'ingenzi kuruta umushyikirano urenze uw'abagize icyumba cy'ishuri. Mubigo bimwe na bimwe, umwarimu aba ari kumwe n'abanyeshuri be mugihe cy'ikiruhuko. Yifatanya nabo mumirimo yabo, mugutembera kwabo, buri kimwe asa nkugikorana nabo. Mbega ukuntu byari bikwiriye ko ibigo byacu bikurikiza neza imikorere nkikiy!. Igitambo umwarimu asabwa kizaba gikomeye, ariko umusaruro uzaba mwinshi!

Aban n'abasore ntibazigera bakura ibyiza mukiruhuko kereka niba bagenzi babo babonamo inyungu. Mubwuzu bw'umwimerere ndetse n'ibishyika, abasore biteguye gusubiza kubyo babajije. Umwarimu uzagira imishinga y'umuco azashaka gukangura mubanyeshuri be igitekerezo cyo gutunganya ikibuga cy'ikigo n'ishuri ubwaryo. Umusaruro wikubye kabiri uzabivamo. Abanyeshuri ntibazagira ikigeragezo na kimwe cyo kwangiriza ibyo bashaka ibiri amambu bazabitunganya neza. Iyo mirimo izakangura muri bo uburyohe bwiza, urukundo rwa gahunda n'umurimo w'ubugira neza, n'intekerezo z'ubucuti n'ubufatanye bazateza imbere uzaba umugisha kubuzima bwabo bwose.

Dushobora gukangura inyungu zirenze kubusitani cyangwa ubutembere mumurima no mu biti atera akanyabugabo abanyeshuri mugutekereza kubo bitareba, no gusangora nabo ubwiza bw'ibyaremwe.

Umurezi uri maso azabona imyanya myinshi yo kuyobora abanyeshuri be mu inzira yo gukorera abandi. Abakiri bato byumwihariko bafitiye icyizere mwarimu wabo ndetse n'icyubahiro gisa nkikitagira iherezo. Ibya yatekereza btyose : gufasha imuhira, gusohozanya gukiranuka inshingano za buri muni, gufasha abarwayi n'abakene, ntibizabura kwera imbuto. Kandi bundi bushya bize bifite inyungu yikubye. Nyiri gutanga iyi nama nziza azasarura ibyo yabibye.

Gushima no gushyikirana n’ababyeyi bizagabanya umutwaro we ndetse biharure inzira ye.

Mubyukuri, ikiruhuko n’imyitozo ngororamubiri bizahagarika mugihe runaka imirimo y’ishuri; ariko iryo hagarikwa ntirizaba imbogamizi. Igihe cyahise, imihati yakoreshejwe izikshyurwa inshuro ijana.: intekerezo, n’umubiri, abanyeshuri n’abarimu bazaba barahujwe n’inyungu rusange ndetse n’ubucuti bwimbitse. Imbraga zijahagurika za gisore, inshuro nyinshi zishidikanywa, zizaba zabonye inzira ihiriwe. Kugirango wirinde ikibi, ukerekeza intekerezo ze kuciza ni ingenzi kuruta inzitwazo ( bariyeri)zose zashyizweho n’amategeko n’amabwiriza.

### ***Icyigwa cya 24 :imirimo y’amaboko***

*Mukoreshe amaboko yanyu nkuko twabategetse.*

*1 abatesalonike 4:10,11.*

Mu irema, umurimo watanzwe nk’umugisha. Kwari gufite muriko iterambere, imbaraga, umunezero. icyaha, mukwangiriza ishusho y’ubutaka, cyangiriza n’uburyo bwo gukora, kabone nubwo ibyo bitera muri ikigihe aghinda, umunaniro, imiruhu, umurimo uracyari isoko y’umunezero n’iterambere; ingabo yo kurwanya ibishuko. Inyigisho gukora zitanga zituma ubunenganenzi buthindwe maze zigatera akanyabugabo gushyira mu bikorwa, ubunyangamugayo, ubwishingizi. Bityo ugahinduka igice cy’inama y’agakiza mvajuru.

Ningombwa kwereka urubyiruko kwera k’umurimo, ukamwereka ko Imana iri ubudatuzza k’umurimo, ko buri kintu cyose mubyaremwe cyuzuzwa inshingano yacyo. Kuremwa kose kurikora, kandi niba dusahaka kuzuzwa inshingano yacu, tugomban gukurikiza icyitegererezo cye.

Kandi twahamagariwe gukorana n’Imana. Iduha isi n’ubutunzi bwayo, ariko ni ahacu gukuramo igice. Imeza ibiti, ariko nitwe tuzategura ibiti byo kubaka inzu. Yashyize mu isi ifeza na zahabu , ubutare

n'amakara, ariko binyuze gusa mumbaraga zo gukora niho dushobora kubitunganya.

Twerekane ko Imana , mukurema kandi mukwita ubudatuza ku irema, iduha imbaraga itari idafitanye isano nayo. Twakiriye murwego runaka, ubushobozi bwo gutegeka imbaraga z'ibyaremwe. Nkuko Imana yakuye isi mubusa, niko natwe dushobora kuvana mukajagari gahunda n'ubwiza. Kabone icyaha duhumeka, imbere y'umurimo wakoze twiyumvamo ibyishimo bisa nk'ibyayo igihe yishimiraga isi , ibona ko byose ari byiza.

Mu ihame nyamukuru, ni umurimo w'ingenzi abasore bazakura inyungu nyinshi. Abana bato babonera rimwe mumikino ibinezeza ndetse n'imyanya y'iterambere ndetse ibirangaza byabo byakagombye kugira uruhare mu ikura ryabo ry'impagarike nyirizina ariko n'ubwenge n'iby'umwuka. Uko bazagenda bakura mumbaraga no mubwenge, ikiruhuko cyiza ni kizabasaba imihati ifite agaciro. Abigisha abasore kwigirira akamaro bakoresheje amaboko yabo , mugufata umugabane wabo mu inshingano zo mubuzima, azagira uruhare rwiza ku iterambere ry'intekerezo zabo ndetse niry'imico yabo.

Umusore akeneye kwiga ko kubaho bisobanura gukorana umuhati, ubwitonzi, yitoza inshingano ze. Akeneye uburezi buzima, bumufasha guhangana n'ibihe( ingorane) byose. Agomba kwiga ko ikinyabupfura gisabwa n'umurimo uhoraho ko ari icy'akamaro k'ingenzi., kuko kirwanya ibicogoza byo mubuzima kandi cyane kukongera kwaguka kuzuye k'ikiremwa.

Kabone ibyo twavuze n'ibyo twanditse birebana no kubonera kw'imirimu y'amaboko, ibiyumviro byuko isuzuguritse biragaragara.

Urubwiruko rufite inzozi zo kuba abarimu, abakozi, abahuza ibihugu, abaganga, abanyamategeko, cyangwa kuzakora indi mirimo yose idasaba imbaraga z'impagarike. Abkobwa bato bahungu imirimu y' I muhira maze bagashaka ubundi buryi bwo kubigisha. Bose bakeneye kwiga ko umurimo mwiza udatesha umunru agaciro. Igitesha agaciro , ni

ubunebwe, no kumva wishingikirije kubandi. Ubunebwe bubyara ubunenganenzi kumuntu ku giti cye, n'ubuzima burimo ubusa , bugumbashye, nk'umurima umeramo ubwoko bwose bw'ibyatsi bibi. “ kuko ,dore ubwo ubutaka bwanyoye imvura yabuguyemo kenshi, bukameramo imyaka igiririra akamaro ababuhingirwa, buhabwa n'Imana umugisha. Ariko niba bumeramo amahwa n'ibitovu, buba buhinyutse bugeze hafi yo kuvumwa kandi amaherezo yabwo ni ugutwikwa.” Abaheburayo 6:7,8.

Mubyigwa abanyeshuri batarakizaho igihe cyabo, harimo byinshi bitari iby'ingenzi haba no kumurimo, no kumunezero ; ibviri amambu ni ingenzi ngo buri musore amenye neza gukora inshingano za buri muni. Niba makene, ari umukobwa ashobora kurenga ubumenyi bw'indimi z'amahanga, imibare, no kumenya kuririmira kubyuma; ariko ningombwa kumenya umutsima mwiza, gukora imyambaro ikomeye, gusohozanya ubuhangaimirimo y'imuhira.

Ntakintu cy'ingenzi k'ubuzima no kumunezero w'umuryango nk'umutetsi mwiza kandi w'umunyabwenge. Ibyo kurya bibi, byateguwe nabi bishobora kwangiriza ndetsen bikabangamira gukomera kw'abakuze n'imikurire y'abana. Ariko kubyo kurya bijyanye n'amakene „umubiri biteye ipfa kandi biryoshye, umutetsi ashobora gusohoza umurimo ntagereranwa. Cyane cyane umunezero wacu wo kubaho ushingiyeye kugukiranuka ku inshingano zacu za buri muni.

Kubera ko abagabo n'abagore bagabana im irimo y'I muhira, abahungu n'abakobwa bagomba kuyimenya no kuyikora.; gutunganya icyumba, gusasa igitanda, gutunganya akabati, guteka ibyo kurya, kumesa no kuzinga imyenda ni imirima itambura abahungu ubugabo bwabo. Ahubwo izatuma bishima cyane ndetse bakaba ingirakamaro. Kandi iyaba n'abakobwa , muri ubwo buryo, bigaga kudoda no kuyobora ifarashi, gukoresha iranda n'ihama ndetse irate n'isuka, bazaba biteguye neza kubisabwa by'ubuzima.

Reka abana n’abasore barebe muri Bibiriya ukuntu Imana yubaha imirimo y’amaboko. Nibasome amateka y’abana b’abahanuzi ( 2 abami 6:1-7) , abo banyeshuri bubakaga aho gutura, Babura intorezo baeri barabuze n’igitangaza kizabashoboza kubibona. Nibasome amateka ya Yesu umubaji, ya Sauli umuboshiya w’amahema, abo bakorikori bakoraga umurimo eo murwego rwo hejuru kmumurimo w’Imana ndetse n’uw’abantu. Nibasome amateka y’umusore w’ umukiza yakoresheje imitsima itanu kugirango ahaze imbaga, igitangaza gikomeye, amateka ya Dorokasi umudozikazi, yakoraga mumibereho ye kugirango akomeze kwambika abakene, ; amateka y’umugore wo mu migani “ashaka ubwoya bw’intama n’imigwegwe, anezewa no gukoresha amaboko ye,...abyuka kare butaracya, akagaburira abo murugo, agategeka abaja be ibibakwiriye...atera urutoki...akomeza amaboko ye... aramburira abakene ibiganza kandi indushyi akazitiza amaboko... amenya neza imico yo murugo rwe, kandi ntabwo aya ibyo kurya by’ubute.” Imigani 31:13, 15-17,20,27.

Imana ivuga ko bene uwo mugore” azashimwa”. “ mumuhe ku imbuto ziva mumaboko ye, kandi imirimo ye nibayimushimire mumarembo.” Imigani 31:30,31.

Ishuri rya mbere ngiro ryo mu bwana ryagombaga kuba I muhira. Ndetse buri kigo cyagombaga kugira, uko bishoboka kose, gahunda igena imirimo y’amaboko, ikinyabupfura cyagaciro kizasimbura cyane imyitoto ngororamubiri.

Imirimo y’amaboko ikwiye kwitabwaho cyane kuruta uko bitigeze bibaho kugeza uyumunsi. Ibigo byagombaga, nyuma y’amahugurwa y’ubwenge n’inama bagomba kuyitegura neza, kuzana ibikoresho byingenzi ku iterambere ry’impagarike n „uburezi tekinike. Inyigisho zitangwa zigomba kuba zifite uz’ubuhinzi, izinganda ndetse zigatanga muburyo bushoboka imyuga y’ingenzi no kwirinda no kluvura indwara nizindi ngingo zimeze nkizo. Abrezi baburiwe bagomba gutangira izo

nyigisho mubusitani, mu ibarizo, ,mubyumba by'ubuvuzi byateguriwe ibyo.

Umurimo ugomba gusohozwa neza kandi ukagera kungingo isobanutse. Niba ari ingenzi kugira ubumenyi mumirimo itandukanye y'inyuga, ni ingenzi mukumenya byibuze muburyo bwuzuye umwuga umwe. Buri musore , mu kuva ku ishuri , yagombaga , kugira amakene ko azashobora klubona ubuzima binyuriye mubyo yize.

Ishoramari risaba inyigisho tekunike ni inkomyi ikomeye mu iterambere rye kumashuri. Ariko intego ashaka isaba igishoro. Ntakindi nanone cyingenzi kurusha gutozwa kurubwiruko, ndetse na buri gisabwa atangwa nk'inzitwazo ze.

Ndetse no kubijyanye n'icunga mutungo iryo shoramari rizahishura kuba icungamari rikiranuka. Benshi mubahungu bacu abazacika kuba mumuhanda no mutubari , amafaranga bazakura mubusitani, mu ibarizo, koga kuzagabanya amafaranga y'ibitaro nay'ibigo ngororamuco.

Kandi ninde ushobora gupima agaciro kubatuzengurutse n'igihugu, ki'abvasore bamenyereye imirimo, bashoboye umurimo w'ingenzi kandi utanga umusaruro?

Mukuruhuka nyuma y'amasomo , ntakiruta imyitozo ngororamubiri mumwuka mwiza, ukoresha umubiri wose. Ntamwitozo ngororamubiri ungana nko guhinga. Ningombwa gushyira mubikorwa byumwihariko kuvutse no gukomeza inyungu kumirimo y'ubuhinzi. Umwarimu agomba gukangura abana kucyo Bibiriya yavuze kubuhinzi: ukurikije imigambi y'Imana, umuntu yagombaga guhinga ubutaka, umuntu wa mbere, umutware w'irema, yahawe umurima yagombaga kwitaho, ndetse n'abantu benshi , bafite icyubahiro ku isi, babaye abahinzi. Reka umwarimu yerekane inyungu z'iyi mibereho. “ umwami nawe ubwe atungwa no guhingirwa” niko umunyabwenge yavuze. kumuhinzi, byaramwandikiwe biti ” kuko Imana ye imwerekera ikamwigisha neza. “yesaya 28:26. Ndetse kandi: : uHINGA umutini niwe uzarya ku imbuto zawo.” Imigani 27:18. Ubeshwaho no guhinga asimbuka neza ibishuko



ndetse akakira neza amahirwe ndetse n''imigisha itabashwa kwakirwa n'abakora mumigi minini. Muri ikigihe cyacu cy'ibigo bikuru, bihangana, bake gusa nibo bashobora kwishimira ubwigenge .n';ubwishingizi mugihe umusaruro w'imirimo yabo ni munini cyane kurusha uwabahinzi.

Ntimukigishe abanyeshuri ubuhinzi mumagambo gusa, ahubwo mubishyire mu bikorwa. Nibige ibibashobokera kwigwa kubirebana n'ibyaremwe, kuva mugutegura ubutaka, mumisaruro itandukanye, uburyo bwiza bwo kweza, nibasyire mu bikorwa ubumenyi bwabo! Reka abarimu bagire uruhare mumirimo yabo kandi bibande kumusaruro ushobora gutangwa n'imihati myiza, n'ubwenge.

Ibi bishobora gukangura inyungu ikomeye, icyifuzo cyimbitse cyo gukora uko bishoboka. icyifuzo nkicyo bihuje n'imihati ikangura y'uwo murimo, n'izuba, n'umwuka mwiza, bizaba byiza kubuhinzi buzahitamo imirimo kubasore benshi. Bityo bishobora kugabanya umuvuduko w'imbaga y'abasore benshi birukankira mu migi mikuru.

Ni bityo amashuri yacu ashobora gufasha abantu benshi batagira imirimo. Ibihumbi by'abantu benshi bitagira imitungo, byishwe n'inzara, byongera buri munsu imirongo y'ibinani, bashobora kwiyitaho, bakagira imkibereho myiza, iboneye, yigenga, iyo biga guhingana ubutaka umuhati ndetse n'ubwitange.

Imirimo y'amaboko ikorwa n'abakora imirimo ikomeye. Umuntu ashobora kugira intekerezo nziza, nzima; ubumenyi bwe, imyanya ye ishobora kumuhesha umuimo yihitanyemo; biranashoboka ko bataba biteguye umurimo ubategereje. Uburezi bw'ingenzi mumagambo gusa buyobora kubumenyi bw'amajyejuru. Kubishyira mubikorwa byigisha intekerezo zireba no kwitekerereza. Biteza imbere ubu bumenyi bwo twita "gukora neza" bitwigisha gukora imishinga no kuyicunga neza,

biteza imbere akanyabugabo kacu no gushinyiriza kwacu,, muguhamagara uburyo bwacu, no kumwirondoro wacu.

Umuganga wuzuzubwacu ubumenyi bwose mu gusura ibyumba by'abarwayi azabona iterambere ry'ubwenge, ubumenyi bwuzuye, ubushobozi kugukora mubantu byose ndetse n'ubundi bushobozi bwose bw'ingenzi bwo inararibonye ishobora gutanga.

Umukuru w'itorero, umubwiriza butumwa, umwigisha bazi gusohoza inshingano za buri muni n'ubwitange bwose bazabona icyitegererezo cyabo kitagereranwa. Cyane insinzi, yemwe naho yaba iyo mumibereho y'ibwiriza butumwa, bishingiye kubumenyi bwe bushize mubikorwa. Ubushobozi bwe bwo gutegura ibyo kurya, ahanganye n'impanuka, ibitateganijwe, kukuvura indwara, kukubaka inzu, itorero rimukeneye, bigaragaza cyane imipaka hagati yo gutsinda no gutsindwa.

Abanyeshuri benshi bazamenya agaciro k'uburezi bw'agaciro niba bo ubwabo bashobora guhaza amakene yabo. Aho kubaho batunzwe n'imyenda cyangwa bishingikirije kubushobozi bw'ababyeyi babo, biyishingikirizaho. Baziga noneho bityo agaciro k'amafaranga, k'igihe, k'imbaraga, k'imyanya, noneho ntibazongera gutwarwa n'akamenyero k'ubunywacu no kwacya. Baziga icungamari, gushyira mubikorwa, ubwitange, kugira gahunda, kwihangana kandi niba bazashobora kugumana iyo mico, bazaba noneho ingabo zikomeye kumubwabo, imibereho. Imihati yabo yo kwihaza bizashira ikigo hanze y'imyenda yo benshi muri bo bahirimbanira kandi kenshi bihagarika ubushobozi bwabo.

Ningombwa ko abasore basobanukirwa ko kurera ko Atari uguhunga inshingano mbi, imitwaro iremereye yo mubuzima; ariko ko intego y'uburezi bwose ni ukorshya umurimo mukuzana uburyo bwiza ndetse n'ibyifuzo byo murwego rwo hejuru. Intego nyakuri y'ubuzima ntabwo ari ugushaka inyungu nyinshi, ahubwo ni iyo kubaha Umuremyi mukuzuzubwacu uruhare rwe mumurimo w'isi, no gutanga ubufasha bwe kubanyanteye nke ndetse n'injiji.

Imwe mumpamvu ibogamiye imirimo y'amaboko ni ubunenganenzi, kubura kwita kumurimo nkuko byakagombye gushyirwa mu bikorwa. Ikorwa kuko ari ngombwa Atari ukuyikunda. Uyikora ntayishyiraho umutima; ntiyiyubaha ubwe kandi ntiyizera ko yubahwa n'abandi. Uburezi bwo gukoresha amaboko bugomba gukosora ayo mafuti; bugomba guteza imbere akamenyero ko gufata umwanzuro ndetse no kwera. Ningombwa ko abana biga gokorana ubukgwaneza ndetse n'uburyo; nibige gukoresha neza buri mwanya, buri gikorwa; ntitwishimire kubigisha uburyo bwiza, ariko nibashishikarizwe n'icyifuzo cyo gutunganya ibikorwa byabo; ko intego yabo iba iyo gutunganya cyane uko bishoboka kubwonko ndetse no kumabako y'abantu.

Uburezi nkubu buzashoboza abasore kuba abarimu Atari imbata z'imirimo yabo. Bizoroshya umurimo ukomeye, bizatanga kubonera kumurimo woroheje. ufata umurimo nk'igihano maze akawujyamo n'ubujiji buhagije, ubwo adashaka gucika ntashobora kubura gucibwa integer. Ariko abazi gusobanukirwa mubikorwa byoroheje ubumenyi bazabona kubonera n'ubwiza, noneho baziga kuwukorana kubonera no gushikama.

Abasore bazaba barezwe gutya, uko imyuga yabo yaba imeze, bapfa kuba ri inyangamugayo, bazabona mu isi umwanya w'ingenzi ndetse uhabwa agaciro

### ***Icyigwa cya 25 :uburezi n'imico***

*Mubihe byawe hazabaho gukomera n'agakiza gasaze n'ubwenge no kujijuka, kubaha*

*Uwiteka niko butunzi bwe. Yesaya 33:6.*

Uburezi nyakuri ntabwo butesha agaciro ubumenyi bw'ubuhanga cyangwa bw'indimi; ariko hejuru yo kumenya bushyiraho gushobora; hejuru yo gushobora hari ubwiza; hejuru y'ubwiza hari kwakira ubumenyi, imico. Isi ntikeneye abantu b'ubwenge bwinshi aubwo ikeneye abantu baboneye mu mico. Ikeneye abantu bunga kumpano zabo ubunyangamugayo.

“ubwenge muri byose nibwo ngenzi, nuko rero shaka ubwenge.” Imigani 4:7. “ururimi rw'abanyabwenge rugaragaza ubuhanga uko bikwiriye. “ imigani 15:2. Uburezi nyakuri butanga ubwo bumenyi. Butwigisha gukoresha neza ubumenyi bwacu bwose, ubushobozi bwacu bwose, atari bumwe cyangwa ubundi muri bwo gusa. Bityo butwigisha gukurikirana neza ibyo dushinzwe kuri twebwe , ku isi no ku Mana.

Gutunganya imico! Ntaturimo w'ingenzi cyane wigeze ushingwa abantu nkawo. Kandi ntabwo byigeze biba ibyingenzi nko muri ikigihe kubyitaho cyane.

Ntagisekuru cyigeze kibaho kiri imbere y'ibibazo bitagereranwa nkiki, ntarubwiruko, ntabagore bigeze bahangana n'ingorane zikomeye nk'abo muri iki gihe.

Muri iki gihe, ni ikihe cyerekezo uburezi bwacu bufite? Ni ibihe byifuzo byerekezaho amahamagara yacu menshi? Ku kwikunda: uburezi buri mumagambo gusa. Uburezi nyakuri butsikamira ibyifuzo byo kwikunda, ibyifuzo by'ubushobozi, gutesha agaciro uburenganzira n'amakene y'ikiremwa muntu, ibyago by'isi yacu. Muri gahunda y'Imana hari umwanya wa buri kiremwa muntu. Buri wese agomba gutoza neza itaranto ze, kandi ni ubunyangamugayo buziteza imbere.

Muri gahunda y'Imana ntawanya wo kurengera kwikunda. Abipimira kubipimo byabo bwite kandi bigereranya ubwabo ntabwenge bagira. Reba 2 abakorinto 10:12. Ibyo dukora byose bigomba gushyirwa mubikorwa “mumbaraga Imana itanga.” 1 petero 4:11. “ ibyo mukora byose mubikore mubikuye kumutima, nk'abakorera shobuja mukuru badakorera abantu, muzi yuko muzagororerwa nawe muhawe wa murage, kuko mukorerwa shobuja mukuru Kristo.” Abakolosayi 3:23,24.

Mbega ukuntu ari iby'agaciro, umurimo usohojwe, uburezi bwakiriwe bukurikije aya amahame! Ariko mbega ukuntu uburezi butangwa muri iyi minsi buri kure yayo cyane! Kuva mumyaka ya mbere y'ubuzima bw'umwana, ihamagara rimurarikira kuza ku ihiganwa, mu kurwanywa, byongerera akanyabugabo kwikunda, isoko y'ibibi byose.

Bityo hakavuka intambara kumwanya wa mbere, bityo hagategwa imbere "gukambya agahanga". Cyane kugakurura akaga kubuzima kandi bigatera kunanirwa umurimo. Kurwanywa bishobora kuzana na none kugukiranirwa; kandi mukwigaburira ishyari no kutishima, biroga ubuzima bwoze maze bikuzuzisa isi intekerezo kubabara no kurakara bibereye abatuzengurutse intambara ihoraho.

Akaga ntikari gusa muburyo bw'imyigishirize ahubwo no mubyo kwigwa.

Mbese ni ibihe bitabo twerekezaho intekerezo mugihe cy'imyaka yo gukabakabwa y'urubyiruko? Mukwiga indimi, ubuvanganzo, ni irihe soko twerekezaho/ ku iriba rihindanye rya gipagani ya kera. Basabwa kwiga abanditsi bo buri wese azi, ntagushidikanya, batigera bita na gato kumahame y'iby'umwuka.

Mbega ukuntu ari abanditsi bake bagezweho bashobora kuvuga ibintu bimwe! Ubushyanutsi, ubwiza bwo kuvuga ntakindi biribyo usibye gutesha agaciro amahame, y obo mubuhakanyi bwabo bazasunika abasomyi.

Iruhande rwabo, hari abanditsi b'inkuru z'urukundo benshi biteguye kudushora munzoni nziza, mu ngo z'ibyorohereje. Abo banditsi bashobora kudahanirwa gukora ibibi, ariko ibitabo byabo tibiteza akaga gake. Biba ibihumbi byinshi by'abantu igihe, imbaraga, ikinyabupfura biva mubibazo bikomeye by'ubuzima.

Kwiga ubumenyi nkuko tubuhabwa, bigaragaza akaga gakomeye cyane. Iterambere n'amashami yaryo y'amafuti byigishwa mumashuri yose, kuva mumashuri y'inshuke ukageza kuri kaminuza. Bityo uko

kwiga, kwagombaga kuzana ku kumenya Imana, guhindanya rwo sw n' imyiyerekano, n' amahame ya kimuntu aaryana ku gukiranirwa.

Kwiga Bibiriya yonyine , nkuko bikorwa cyane mubigo by' amashuri, binyaga isi ubutunzi butagereranywa aribwo jambo ry' Imana. Umurimo wo " kunenga guhambaye" ugizwe no gutesha agaciro uvanamo bimwe na bimwe, gukekeranya, kugabanya kwizerera muri Bibiriya yera yahishuwe no gukura mu ijambo ry' Imana ubushobozi bwo kuyobora gukuzwa, no gutunganya imibereho y' ikiremwa muntu.

Igihe abasore bagiye mu isi bahura n' ibishuko bitandukanye, inyota y' amafaranga ndetse n' ibinezeza, kwikubiraho ubwabo, kwikunda, ibigizweho, kwaya, gukunda umugayo, uburiganya, ubujura , kurimbuka, ni izihe nyigisho noneho bakuramo.

Umunyamwuka yemeza ko abantu ari imana zituzuye zitaguye; ko " buri muntu azicira urubanza kurwe giti"; ko " ubumenyi nyakuri bushyira umuntu hejuru y' amategeko" ko " amafuti akozwe ntacyo atwaye" kuko " ibiriho byose ari byiza" kandi ko " Imana idaca urubanza" . yemeza ko ibiremwa muntu biboneye cyane biri mu ijuru kandi ko bihatembera. Yemeza abantu ko " ibyo mukora byose ntakamaro bifite, mub eho uko mushaka, ijuru ni iryanyu( ni inzu yanyu)" imbaga nya mwinshi y' abantu bemejwe ko itegeko rimwe rifite agaciro ari icyifuzo, ko umudendezo nyakuri ko ari icyemezo, ko buri wese ntarubanza afite azacirwaho keretse kuri we ubwe.

Igihe inyigisho nkiyo itanzwe muntangiriro y' ubuzima, noneho ningombwa ko intekerezo ziba zikomeye kandi ko urubwiruko rugomba kwiga gusingira no kwera, ni gute twarinda imbaraga z' iby' umwuka? Niki cyakorwa ngo isi idahinduka Sodomoya kabiri?

Mumwanya umwe, akajagari gashaka kurandura amategeko yose, atari ay' Imana gusa ahubwo n' ay' abantu. Kwibanda kubutunzi no kumbaraga, gusimburanya abakozi bigamije gukungahaza abantu bamwe

muvyimbo cy'imbaga; amashyirahamwe agizwe n'abakene kugirango barengere inyungu ndetse n'uburenganzira bwabo; umwuka wo kwivovota, guhohotera, ubwicanyi, gukwirakwiza ku isi yose izo nyigisho zabyaye impinduramatwara y'ubufaransa , ibyo byose bikururira isi yose muntambara isa nk'iyahiritse ubufaransa.

Ngizo ingorane abasore b'iki gihe bahura nazo.kugira ngo uhagarare wemye muri akao kaga , bagomba gushinga urufatiro rw'imico yabo nonaha.

Mubihugu byose, mubinyejana byose, urufatiro nyakuri, icyitegererezo nyakuri cyagiye kiba kimwe. Itegeko ry'Imana “ ukundishe Uwiteka ImanAa yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda.” Luka 10:27., amahame akomeye yagaragajwe ku mico no mu mibereho y'Umukoza, nirwo rufatiro rukomeye, umuyobozi umwe rukumbi nyakuri.

“ mubihe byawe hazabaho gukomera n'agakiza gasaza, n'ubwenge no kujijuka kubaha Uwiteka niko butunzi bwe” yesaya 33:6. Ubu bumenyi n'uku kujijuka nibyo jambo ry'Imana byigisha gusa.

Aya mgambo yabwiwe Abisirayeri , kubijyanye no kumvira amategeko y'Imana, aracyafite nanuyu munsu ukuri kwayo: „ nuko kujye muyitondera muyumvire kuko ariko bwenge bwanyu n'ubuhanga bwanyu mumaso y'amahanga.” Gutegeka kwa kabiri 4:6

Niyo nzira imwe rukumbi kugirango umuntu agumane ubunyangamugayo bwe, umuryango ugumane kwera, abadukikije bagune kubaho neza, igihugu kigumane guhagarara neza. Hagti yo gushidikanya, akaga, kurwanywa n'intambara zo mubuzima, inzira imwe gusa nziza ni iyo Imana idutegeka. “ amategeko y'Uwiteka atunganye rwose.” Zaburi 9:8 “ ugenza atyo ntabwo azanyeganyezwa.” Zabui 15:5.

## ***Icyigwa cya 26: UBURYO BWO KWIGISHA***

*Niyo iha umuswa kujijuka n'umusore ikamuha kumenya no kugira amakenga. Imigani 1:4.*

Uhereye kera kose uburezi bufite umwanya ukomeye mu gutanga ubwenge. Iri shami ry'uburezi ryarageragejwe kurugero rwo hejuru mu gihe andi mashami atigeze yitabwaho. Abanyeshuri bagiye batakaza igihe cyabo mu gushakashaka ubumenyi nyamara buke muri bwo ni bwo bakoresha. Intekerezo zuzuye ibintu byinshi bidakoreshwa zicika intege, zikigenga kandi zikanezewa no gucira abandi imanza no kwishingikiriza ku bitekerezo by'abandi.

Bamwe nyuma yo kubona amafuti y'ububuryo babibonye ukundi. Kuri bo, umuntu wese aba agomba guteza imbere ikimurimo. Uburezi nk'ubwo butuma umunyeshuri yiyumvamo ko yihagije, bigatuma agira ubwigenge bumutandukanya n'isoko y'ubumenyi n'imbaraga nyakuri.

Uburezi bwibanda kugutegura no kumenyereza ubwenge, buca intege umwuka wo kwigenga, ntabwo bwakirwa na benshi.

Umunyeshuri udashobora kwitekerereza no kwifatira umwanzuro ubwe, ahinduka udashoboye gutandukanya ukuri n'ikinyoma maze akibeshya mu buryo bworoshye. Akaba imbata y'imigenzo n'akamenyero.

Iyo ifuti ritigaragaje nkuko riri abantu bakunda kwirengagiza ko ritera akaga. Ryemerwa cyane iyo ryavanzwe n'ukuri cyangwa riherekejwe na ko. Nkuko, ababyeyi bacu ba mbere bazimijwe no kurya ku giti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi, niko abagabo n'abagore



bari kuzimizwa no kuvanga icyiza n'ikibi muri iyi minsi. Vuba cyangwa kera, umuntu wirundurira mu gucira abandi urubanza azayoba.

Imbaraga yo gutandukanya icyiza n'ikibi tuyihabwa no kwishingikiriza ku Mana. Buri wese akwiriye kwigishwa n'Imana binyuriye mu ijamba ryayo. Twahawe imbaraga z'ibitekerezo ngo tuzikoreshe, kandi Imana ishaka ko zikoreshwa. "Nimuze tujye inama" (Yesaya 1:18), araturarika. Mukwiyunga n'Imana nibwo twagira ubwenge bwo "kwanga ibibi tugakunda ibyiza" Yesaya 7:15; Yakobo 1:5.

Munyigisho zose zukuri kwita kumuntu nibyingenzi. Kristo mumyigishirize ye yibandaga kubantu kugiti cyabo. Yesu yatoje cumin na babiri mugushyikirana no gusabana n'umuntu kugiti cye. Inyigisho ze zingenzi yazitangaga mumwihariko akenshi abwira umwe.

Yagaragaje ubutunzi bwe neza imbere y'umwigisha wubashwe kumusozi wa Elayono, kumugore usuzuguritse bugufi bw'umudugudu witwa Sukara yababonyemo umutima wiyumvisha, intekerezo zugurutse n'ubwenge bwakira. Nimbaga nyanwinshi yamukurikiraga intambwe kuntambwe ntatandukaniro yagiraga kuri buri kiremwa muntu. Yesu yabwiraga byahuranije buri ntekerezo kandi akagera no kuri buri mutima. Yarebaga muruhanga rwabamuteze amatwi, indoro y'impuhwe n'ubwenge yagaragazaga ko ukuri kwacengeye imitima nuko mu mutima we hakuzura impuhwe n'urukundo.

Yesu yamenyaga ubushobozi bwa buri wese. Ntiyigeze yegezwayo no kumureba nabi cyangwa abamuzengurutse bamurwanya. Yahamagaye Matayo amukuye aho yakoreshegaga ikoro, Petero na bene se mubwato bwabarobyi kugirango bamukurikire kandi banamwigireho.

Kwita kunyungu n'iterambere by'umuntu kugiti cye birakenewe mumurimo w'uburezi muri iki gihe. Abasore benshi bigaragara ko badakenewe bafite italanto zidakoreshe. Ubushobozi bwabo burahishe bitewe no kubura ubushishozi kw'abarezi babo. Akenshi umuhungu cyangwa umukobwa bigaragara ko adashobotse yaba ibuye ry'agaciro rishobora kwihanganira ikigeragezo cy'ubushyuhu, umuraba n'agahato.

Umurezi nyakuri ahora ahanze amaso kucyo abanyeshuri(abana) be bazaba, agaha agaciro ibikoresho akorera. Yita kunyungu zaburi wese kugiti cye agashaka nuko ateza imbere ubushobozi bwe bwose. Buri mbaraga yose yo kumvira amahame y'ukuri izakomezwa nubwo yaba itaboneye. Buri musore agomba kwigishwa akamaro n' ibyiza byo gukora . Insinzi y'abahanga n'abafite italanto ikomoka mugukora. Hatabayeho gukora italanto zimurika cyane zagera kumumaro muke, mugihe abafite italanto zoroheje bagera ku byiza byinshi bitangaje. N'abahanga babaye ibitangarirwa babishobozwa no gukora cyane.

Reka urubyiruko rutozwe uko bagera ku iterambere ry'ubushobozi bwabo bwose yaba ukomeye n'uworoheje. Abenshi bajya bibuza gukomeza kwagurira ubushakashatsi bwabo mu mashami atandukanye ahubwo bakagarukira ku byo bakunda. Iri futi rikwiriye kwirindwa. Aho umuntu ahengamira herekana imiterere y' ubuzima bwe bw'ahazaza. Niba ari heza hakwiriye kwitabwaho. Bikwiriye kuzirikanwa ko imico myiza n'umurimo unoze tubihabwa no kwimenyereza gukora.

Buri mwigisha akwiriye kurangwa no kwicisha bugufi no kugira umurimo unoze. Akwiriye kujya yigisha akoresheje ingero-ngiro ndetse n'igihe yigisha abanyeshuri ajye abaha ingero zifatika kandi zoroshye. Benshi mubanyeshuri bamaze igihe kirekire biga usanga bagifite imyumvire ya cyana.

Urugwiro n'imwe mu ngingo z'ingenzi muburezi. Kuri iyi ngingo hari icyo umuhanzi w'icyamamare yabivuzeho. Arikibishopu w' i **Kantebari** yibajije impamvu abakinankuru bajya babasha kuvuga no kumvisha ababateze amatwi, bakabasha kubikururiraho no kubikundisha kandi bababwira ibihimbano, mu gihe ababwiriza b'ububtumwa bwiza bumvwa na bake gusa kandi ari bo bafite ukuri.

Umuhanzi yaramusubije ati “mu byubahiro mbagomba ba nyakubahwa, ni munyemerere mbabwire impamvu yoroshye: tubikesha kugira urugwiro. Twe iyo turi ku rubuga imbere y'abantu tuvuga ibihimbano nkaho ari ukuri, naho mwebwe iyo muri kuruhimbi muvuga ukuri nkaho ari ikinyoma.”

Umurimo wa mwarimu ni ukuvuga iby'ukuri kandi akwiriye kujya abivugana imbaraga n'urugwiro bifite icyo byamarira abo yigisha.

Umwarimu akwiriye kujya aharanira kugera kumusaruro ufatika w'umurimo we. Mbere y'uko atangira kwigisha isomo runaka, agomba kubanza kuritegura, akamenya n'icyo ashaka ko abo yigisha bamenya. Ntakwiriye kunyurwa no kwigisha gusa, ahubwo akwiriye gushimishwa nuko umunyeshuri abasha kumenya amahame yaryo, ukuri kuririmo no gushobora gusubiramo neza ibyo yamwigishije nkuko biri.

Uko umugambi w'ingenzi w'uburezi uzarushaho kumenyekana, niko urubyiruko ruzaba rukwiriye guterwa akanyabugabo ko guteza imbere ubushobozi bwabo uko bishoboka. Ariko mbere yo kwiga amashami akomeye, reka bajye batangirira ku yoroheje. Akenshi ibi birengagizwa cyane. Ndetse na bamwe mubiga mumashuri makuru na za kaminuza bafite ibyuhoro bigaragara by'ubumenyi mumashami asanzwe yoroshye y'uburezi. Benshi muri bo bajya bamarira igihe cyabo mu kwiga imibare ihanitse mu gihe batabasha gukora imibare yoroshye y'icungamutungo. Abandi bajya bifuzaga kwiga kuvugira muruhame badategwa no gucengera amabanga y'ubutyoza kandi badashobora no gusoma mu buryo bw'ubwenge, bwumvikana kandi buryoheye amatwi. Abandi na bo barangije amashuri y'indimi batazi kubaka interuro, gutandukanya ijamba n'irindi by'akabaruwa koroheje.

### ***Icyigwa cya 27: imyifatire***

*Urukundo ntirukora ibiteye isoni. 1 abakorinto 13:5*

Ikinyabupfura gihabwa agaciro gake. Benshi bafite umtima mwiza bafite uburyo bubwiye. Benshi bo ubwitonzi no gukiranuka bibatera kumvira Babura gukundwa. Ayo mafuti agabanya umunezero wabo maze

agacogoza ubwiza bw'imirimo yabo. Ni nararibonye ingana iki yagombaga kuba hagati y'abishimirwa cyane, b'ingenzi cyane, cyane cyane Babura kwikundiriza no gutekereza ibyo gusa.

Ababyeyi n'abigisha bagombaga gusa kubiba umubano mwiza ndetse n'ikinyabupfura. Bose bagombaga kugira imyifatire inejeje, imvugo nziza, muburyo bukundwa: ni abarwanyu bakomeye. Abana bakururwa n'imyifatire myiza kandi yagutse. Mube beza kandi mushyikirana nabo, niko namwe bazabagirira ndetse babigirirane hagati yabo.

Ikinyabupfura cyiza nticyigwa gusa mukubahiriza ibisabwa. Ningombwa kugira ubudahwema imyifatire myiza, naho hataba hari ibikubangamira kumahame., bizatwohera kwisanisha n'imico, isa niyabandi .

ariko gushyikirana nyakuri ntigusaba gutamba amahame kukamenyero kashyizweho. Yanga kwishyira hejuru kandi bikigisha kwiyubaha, kubaha agaciro k'ikiremwa muntu, gufata buri wese nk'umunyamuryango w'umuryango mukuru w'ikiremwa muntu.

Hazaba akaga mu kwihuza cyane muburyo buturutse hanze, mu kumarira igihe kinini k'uburezi bw'ikinyabupfura cyigishijwe. Imihati yakoreshejwe isabwa abasore mubizima, imirimo iruhaniye, igenda yongera itangira cyane, isabwa buri muni cyane cyane iyo bisabwa koroshya imitwaro iremereye y'ubujiji ndetse n'ubuhanya, bisiga imyanya mike mu gushikama.

Benshi mu bibanda kubisabwa bafite icyubahiro gike kubarenga kumabwiriza byabo kabone naho agaciro kabyo ari kanini. Bazize uburezi bw'ibinyoma bwabagariye ubwibone, kunenga no kujagarara kw'intekerezo.

Guha agaciro abandi ngiryo ishingiro nyakuri ry'ikinyabupfura kizima. Uburezi bukenewe, buramba, bwagura umutima maze bukazana urukundo rw'isi yose. Uko kwifuza kubaho gutyo kw'abasore kutayobora abasore kukubaha ababyeyi babo, muguha agaciro umurimo, mukwemera amafuti, mukubazanira ubufasha, ritabakingira

ndetse om kubakomeza, abgwaneza kandi biteguye gufasha abasore nkabo, abashaje, ababaye, ngo bagirire impuhwe buri wese, ni ubusa, ni igihombo.

Ni mu ishuri ry'umwigisha mvajuru, neza cyane kurusha kumvira amabwiriza yashyizweho, ho dushobora kwakirira igitekerezo ndetse no muburyo bwuzuye ubugwaneza. Igihe urukundo rwa Kristo tucengeye mumutima w'umuntu, rukangura ibiyumviro ku ishusho nk'iyeye (Yesu).

Ubwo burezi bumuha gukiranuka ndetse no gukosorwa mvajuru; bubyara ubugwaneza, ubwiza batagereranwa n'ibara iryo ari ryo ryose, aho ryaba ryakorewe hose.

Bibiriya iduhamagarira abagwaneza, kandi ikaduha ibyitegererezo byinshi by'ubugwaneza, mumvugo yoroheje, mu mwuka ukundwa biranga ikinyabupfira nyakuri. Ni imirashi imurika iva ku mico ya Kristo.ubugiraneza bwose, ubugwaneza bwose bw'isi bikomoka kuri we, yemwe no kubatazi izina rye. Yifuza ko abana be babigaragaza neza .kandi ko binyuriye muri boa bantu bashobora kubisobanukirwan bakabyishimira.

Ibanga ryo gushobora kubaho neza rigizwe niri tegeko ryagaciro , Uwituka yaduhaye ndetse no mumagambo umwuka wera yahumekeye mu intumwa Paulo, agomba guharaturwa byiteka muntekerezo za kimuntu, waba umusore cyangwa umusaza :

“ mukundane nkuko nabakunze, abe ariko namwe mukundana.” Yohana 13:34.

“urukundo rurihangana rukagiram neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi kubantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwihanganyira byose. Urukundo ntabwo ruzashira.” 1 abakorinto 13:4-8.

Bidusabwa na none kwiga no gukomeza agakiza ..... ni igisobanuro cyo gukomera kwayo, umutima nama uduteramo gusnga Imana yo kubahwa. Imitima y'abana igomba gukomezwa. Tugomba kwigisha abana ko ahasengerwa ,umwanya wo gusenga, imirimo y'itorero ari ibyera kuko Imana iba ibirimo.

Niba imico yacu ihamya kubaha kwacu, kumenya Imana kwacu kugomba kwimbika.

Bizaba byiza kuri twese, abasore n'abasaza, kwiga, gutekereza, gusubiramo kenshi amagambo y'ibyanditswe atwereka ukuntu tugomba gufata ahantu Imana yigaragariza muburyo bwihariye :

“ Imana ibwira Mose iti:kwetura inkweto mu birenge byawe , kuko aho uhagaze aho ari ahera” kuva 3:5.

Na Yakobo nyuma yo kubona munzosi abamarayika, aravuga ati :“ni ukuri Uwiteka ai aha hantu, nanjye nari ntabizi,...aha hantu ntakindi ni inzu y'Imana, aha niho rembo ry'ijuru. “ itangiriro 28:16,17. “ Uwiteka ari murusengero rwe rwera, isi yose iturize imbere ye.” Habakuki 2:20.

Kuko Uwiteka ai Imana ikomeye,

Ni umwami ukomeye usumba ibigirwamana byose....

Nimuze tumuranye twunanye, Dupfukamire

Uwiteka Umuremyi wacu.

Zaburi 95:3,6.

Niwe waturemye natwe turi abe,

Turi ubwoko bwe, turi intama zo mucyanya cye.

Mwinjire mumarembo ye mushima,

No mubikari bye muhimbaza,

Mumushime, musingize izina rye.

Zaburi 100:3,4.

Ni icyubahiro ku izina ry'Imana. Ntibikabeho, ntirigomba kuvugwa muburyo bworoheje, turisuzugura. Yemwe n'igihe dusenga, tugomba kwirinda kurisubiramo cyane cyangwa kurivuga ntampamvu.

“izina rye ni iryera niryo kubahwa.” Abamarayika igihe barivuga, bipfuka mumaso. Mbega icyubahiro tugomba kugira, twebwe abantu baguye ndetse b’abanyabyaha, igihe turivuga!

Tugomba guhishura ijambo ry’Imana, igitabo cyanditswe tukagifatana kubaha, ntukagikoreshe utabanje gutekereza, cyangwa ngo uri koreshe utaryitayeho. Ntibikabeho ntibyagakombye kuvuga ibyanditswe n ko kwinezeza, cyangwa ngo ubitondagure kugirango ushimishe intekerezo. “amagambo y’Uwiteka ni amagambo atanduye, ahwanye n’ifeza igeragejwe muruganda rwo mu isi, ivugutiwe karindwi.” zaburi 12:7 reba imigani 30:5.

Bana bagomba kwiga imbere ya byose ko kumvira kugerageza kubaha. Imana ntisaba ibitari ingenzi kandi uburyo bwiza bwo kuyereka ko tuyumvira ni ugushyira mu bikorwa amategeko yayo.

Ningombwa na none kubaha abahagarariye Imana, abakuru b’itorero, abigisha, ababyeyi bahamagariwe kuvuga, gukora muruhare rwe ni Kristo tuba twubaha binyuriye muri bo.

Mubundi buryo, Imana iduhamagarira byumwihariko kwita no kuba cyane abasaza. “uruyenzi rw’imvi ni ikamba ry’icyubahiro, bibonekeshwa no kujya mu nzira yo gukiranuka.” Imigani 16:31. Iryo Kamba rigaragaza intambara barwanye, insinziu begukanye, imitwaro bikoreye, ibishuko basimbutse. Bivuga ibirenge birushye, vuba bidatinze bizahagarara kugenda, imyanya vuba yabo izaba irimo ubusa. Fasha abana gusobanukirwa ibyo byose, kugirango kubw’icyubahiro cyabo, urugwiro rwabo, boroshye inzira y’abasaza, kugirango ubusore bwabo burabagirane Ubuntu n’ubwiza mugihe bazubahiriza iri tegeko : “ ujye uhagurukira umeze imvi, wubahe umusaza” abarewi 19:32.

Abagabo, abagore, abigisha bagomba gupima neza inshingano ndetse n’icyubahiro Imana ibaha mukubashyira hafi y’abana babo nk’intumwa zayo. Ni mukubana nabo buri muni abana bazasobanukirwa neza cyangwa nabi, aya magambo y’Imana: “ nkuko se w’abana abagirira ibambe, niko Uwiteka arigirira abamwubaha.” Zaburi 103:13. “ nkuko

nyina w’umwana ahumuriza umwana we, niko nzabahumuriza.” Yesaya 66:13.

Hahirwa umwana aya magambo yakanguyemo urukundo, gushima, ibyiringiro; umwana binyuriye mubugwaneza, gukiranuka, kwihangana kw’ababyeyi be ndetse n’abigisha be aziyumvamo ubugwaneza, gukiranuka, kwihangana kw’Imana; umwana wishingikirije kubamurinda bo ku isi, afite ikinyabupfura ndetse yubaha, yiga kwishingikiriza k’Uwiteka, kumwumvira ndetse no kumwubaha. Uwigisha umwana, umunyeshuri akurikije inzira zayo, amuha impano z’ubutunzi bw’agaciro kurusha ubutunzi bw’ibihe byose, ubutunzi buzamurindira iteka ryose agaciro ke.

### ***Icyigwa cya 28 :imyambaro n’uburezi***

*Umukobwa w’umwami uri mukirambi afite ubwiza bwinshi.* Zaburi 45:14

Nta burezi bwaba bwuzuye mugihe bwaba butitaye kumyambarire. Kenshi umurimo w’uburezi ukerezwa, bitewe n’amafuti y’inyigisho murin icyo cyiciro. Gukunda imyambaro, gukururwa n’ibigezweho ni ibisitaza kumwigisha kandi bishobora guhinduka inkomyi zidashidikanywa.

Ibigezweho ( mode0 ni umutegetsi utegekana inkoni y’icyuma. Mungo nyinsi, ababyeyi n’abana barundurira ibitekerezo byabo, imbaraga zabo, igihe cyabo mu kubikurikira. Abakire bakora uko bashoboye kugeza murwego rwo hejuru kugirango babe buri gihe bameze neza; abo murwego rwo hagati, abo murwego rw’abakene bicishiriza bugufi kubaha amabwiriza yashyizweho n’abavugwa ko „



abri hejuru yabo”. Igihe abo hagati Babura kandi igitutu kikaba cyuzuye, icyo gihe gihinduka igisa nkaho kitakwihanganirwa.

Abantu benshi ntabwo bita kukumenya niba umwambaro ubabereye, cyangwa niba ari mwiza; igihe mode ihindutse nabo bibasaba guhindura imyambaro cyangwa iyo basanganywe bakayishyira kuruhande. Inzu isabwa gukora ubudahwema. Ntagihe bagira cyo kwita kubana, cyo gusenga cyangwa kwiga Bibiriya, cyo gufasha abana gusanga Imana binyuze mumirimo yayo.

Ntamwanya, habe n’agace ko gufasha abandi. Nuko nyuma, bakaya n’ibyo kurya : bagahitamo nabi, bakabitegurana ihubi, maze ntibikemure neza amakene y’umubiri. Bityo akamenyero kabi k’ibyo kurya, kabyara kutirinda n’indwara.

Gukunda kwiyerekana Bizana mukwaya kandi bigahagarika abasore benshi muntego yabo yo kugera kubuzima buboneye. Aho gushaka kwihugura, benshi bishora cyane mu murimo uzabashoboza kuronka amafaranga... kugirango bahaze irari ryabo ry’imyambaro . mbega ukuntu ari abakobwa benshi bashukwa ndetse bakazimizwa n’iryo rari!

Mumiryango myinshi, amafaranga ntahagije. Umugabo, ntashoboye gukemura ibyo umugore we n’abana be basaba, akirundurira muguhemuka, maze ibyo bikabyara ikimwaro ndetse n’ubuhanya. Ndetse no k’Umunsi wo gusenga, n’umurimo ubwawo ntabwo uri munsi y’igicucu cy’imbaraga y’ibigezweho, ariko bimuha umwanya wo kwiyerekana. Urusengeo ruhinduka aho gukorera akarasisi, aho baba batitaye kukwitunganya kimwen’ibibwirizwa. Abakene badashobora gukurikiza ibisabwa n’ibigezweho, baguma kure cyane y’itorero. Umunsi w’ikiruhuko ukarangirira mukudakora ndetse n’abasore bakisanga mudutsiko tutabagirira akamaro.

Kumashuri, bigera aho abakobwa , bitewe n’imyambarire mibi itabkwiriye, idakomeye kandi itababereye itababashisha kuyigana cyangwa se kuyiruhukana. Intekerezo zabo ziba zihuze ndetse umwigisha afite byinshi byo gukora kugirango akangure inyungu zabo.

Kugirango ahagarike kwangirika kuzanwa n'ibigezweho, uburyo bwiza umwigisha agomba gukoresha ni ugushyikirana n'ibyaremwe. Kangurira abanyeshuri ibyishimo byo kuba iruhande rw'umugezi, ikiyaga, inyanja; ubazamure udusozi, bishimire urenga kwizuba, bagendagende mu mirima no mubiti, ni bige guhinga ibimera ndetse n'indabyo, noneho alors rubans et dentelles sombrero dans l'oubli.

Zana abasore kugusobanukirwa ko ubwaguke bw'intekerezo bisaba imyambaro yoroheje kimwe n'ibyoby kurya. Nibapime ibihari byo kwigwa, byo gukora; nibiyumvemo ukuntu ari ingenzi kwitegura, mubusore bwe, kumurimo w'ubuzima. Bafashe gutandukanya ubutunzi bwuzuye ijamba ry'Imana, igitabo cy'ibyaremwe, imibereho y'abantu bakomeye.

Erekeza intekerezo zabo kubiruhanya bashobora kwikorera. Nibamenye ko buri faranga ryose ryawe rizababangamira kugaburira abashonji, kwambika abambaye ubusa, guhumuriza abamerewe nabi. Ntibagomba kwirengagiza imyanya y'agaciro bahawe mubuzima, koroshya intekerezo zabo, kwangiriza ubutaraga bwabo, gusenyaumunezero wabo kugirango bisanisha kumirimo idashingiye kumpamvu, cyangwa kukubaho neza, yemwe habe no kukunezerwa kwiza.

Mumwanya umwe urubyiruko rugomba kwiga inyigisho z'ibyaremwe : “ ikintu cyose yakiremye ari cyiza mu mwanya wacyo” Umubwiriza 3:11. Reka binyuze mummyambarire yacu, cyangwa mubundi buryo, dufite amahirwe yo kubasha kumvira umuremyi wacu. Yifuza ko imyambarire yacu iba myiza kandi yera, ariko kandi ikwiriye ndetse ibereye.

Umenya abantu binyuze mummyambarire yabo. Umwambaro woroheje kandi mwiza nim ikimenyetso cy'ibyishimo byiza, intekerezo zatojwe. Imyambaro myizai, ihujwe n'imico iboneyemyiza, izabaera umugore ingabo imukingira ibibi.

Ni byiza gukunda ibyiza no kubishaka, ariko Imana ishaka ko dukunda ibyiza kandi tukabishaka mbere y'ibyiza byose ndetse n'utazarimbuka. Imyanzuro ya kimuntu myiza ntabwo yatesha agaciro ubwo bwiza bw'imico ifite agaciro gakomeye mumaso y'Imana. Reka tuzane abasore n'abana bacu kwihitiramo ubwabo uyu mwambaro wa cyami wadodowe mu ijuru urabagirana kandi uboneye ( ibyahishuwe 19;8), wo abera bese bo ku isi bazambara. Uwo mwambaro ikimenyetso cy'imico itagira ikizinga ya Kristo, wahawe k'ubuntu buri kiremwa muntu cyose. Ariko abawemera bese bazawubona kandi bazawambarira hano ku isi.

Abana bagomba gusobanukirwa ko mugukingurira intekerezo zabo kubitekerezo byera kandi bikundqwa, bakora ibikorwa by'ubugira neza ndetse n'ubufasha, ko bibohera uwo mwambaro w'agatangaza. Uwo mwambaro uzababera ikimenyetso cy'ubwiza ndetse n'urukundo ku isi ndetse uzabashoboza hanyuma kwakirwa mungoro y'umwami. “ bazagenda nanjye, bambaye imyambaro year kuko babikwiriye.” Ibyakozwe n'intumwa 3:4.

### ***Icyigwa cya 29 :Isabato***

*Kandi mujye mweza amasabato yanjye abe ikimenyetsohagati yanjye namwe kugirango mumenye ko ndi Uwiteka Imana yanyu.*

*Ezekiyeri20:20.*

Isabato ifite agaciro katagereranwa k'uburezi. Ibyo Imana idusaba byose, ibiduha , byuzuye, kandi bihinduwe mubwiza bwe. Icyacumi

yasabaga abisirayeri cyari gishinzwe kurinda abantu, mubwiza bwayo bwose, kubaka ubuturo bwera bwari bwubatse bukurikije icyitegererezo cy'ubwo mu ijuru, kimenyetso cyo kuhaba kw'Imana ku isi.

Muri ubwo buryo, igihe idusaba yarakiduhaye, gishyizweho izina ryayo ndetse n'ikimenyetso cyayo. “ niyo kimenyetso hagati yanjye namwe...kugirango mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza” kuva 31:13. “ kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira kuwa karindwi nicyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato akaweza.” Kuva 20:11. Isabato ni ikimenyetso cy'imbaraga y'irema n'icungura.; itwereka ko Imana ariyo soko y'ubuzima n'ubumenyi; itwibutsa ubwiza karemano bw'umuntu, kandi igahamya numugambi y'Imana yo kurema umuntu ku ishusho yayo.

Isabato n'umuryango byashyizweho muri Edeni, kandi biri muri gahunda mvajuru, ubudatandukana bihora bihuye.

Ni muri uwo munsi, kurusha uwundi uwo ariwo wose, bidushobokera kubaho ubuzima bwa Edeni,. Imigambi y'Imana yari uko abagize umuryango umwe baturizaga hamwe mumirimo no mu kwiga, mukuramya, no mukureka imirimo; umugabo yakagombye kuba umutambyi w'urugo, ndetse umugabo kimwe n'umugore bagombaga kuba abigisha n'inshuti z'abana babo. Ariko icyaha,. Muguhindura uburyo bwo kubaho, yashyizeho inkomyi ikomeye kuri uwo muryango. Kenshi umugabo arebana abana be umunaniro w'icyumweru. Akabura ubushobozi bwo kubigisha, nuwo kubagera igihe. Ariko Imana murukundo rwayo yashyizeho ingabano kumategeko y'umurimo. Yashyize kumunsi w'isabato ikiganza cy'imbabazi cyayo: ibikira abagize umuryango umwanya wo kubaho bashyikirana nayo, n'ibyaremwe, ndetse na bagenzi babo.

Kuberako isabato ari ikimenyetso cy'irema, ni umunsi na none dushobora gusanga Imana binyuriye mumirimo yayo. Izina ryayo ryagombaga gukangura mu intekerezo z'abana ubwiza bw'ibyaremwe. Hahirwa umuryango ujya mumateraniro nkuko Yesu yajyanaga

n“intumwa ze mumasinagogi ndetse binyuriye mumirima cyangwa mu biti ,kunkengero y“ikiyaga. Hahirwa ababyeyi bashobora gusobanurira abana babo ibyanditswe bifashishije igitabo cy“ibyaremwe: bashobora kujya mugicucu cy“ibiti, mumwuka mwiza, kwiga ijambo ry“Imana ndetse bashimisha indirimbo zabo Data wa twese wo mu ijuru.

Ni gutyo ababyeyi bazabibohaho bo ubwabo n“abana babo, hagati y“abana babo n“Imana iminyururu uwo ari we wese adashobora guca. Isabato iha na none ubwenge bwacu gufunguka bitageranwa.

Twige ishuri ryo ku isabato, Atari ukwiga wirukanka mugitondo, ahubwo nyuma ya sasita ubyige ubyitondeye iby“isabato iza. Kugirango uzayigarukemo ubutekerezaho icyumweru cyose. Bityo iyi nyigisho iziharatura muntekerezo zacu kandi ubutunzi bwayo ntibuzigera butakara bwose. aBabyeyi n“abana igihe bumva ikibwirizwa, bagomba kwandika amasomo ya Bibiriya ndetse n“icyerekezo cy“ikibwirizwa kugirango bashobore kuyaganiraho imuhira. Muri ubwo buryo abana ntabwo bazarakara, nkuko byabagendekeraga mumateraniro kandi bse bazabyitaho ndetse n“intekerezo zabo.

Ushaka kwiga no gutekereza azabona, mukwagura izi nama, ubutunzi atigeze atekereza. Azibonera we ubwe ukuri kw“inararibonye ibyanditswe byera bitubwira:

“amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n“ibyishimo yo mumutima wanjye. “ yeremiya 15:16.

“ nzibwira amategeko wandikishije” zaburi 119:48

“...nibyho kwifuzwa kuruta izahabu naho yaba izahabu nziza nyinshi...nibyho bihana umugaragu wawe, kubyitondera harimo ingororano ikomeye.” Zaburi 19:11,12.

### ***Icyigwa cya 30 :Kwizera no gusenga***

*Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa . abaheburayo 11:1 Ibyo muzasaba mwizeye , muzabihabwa byose.*

Matayo 21:22.

Kugira kwizera, ni ukwiringira Imana, ukiringira ko idukunda kandi ko izi neza kurusha umuntu ibyiza byacu. Ibyo bituzanira gukurikira inzira zayo aho gukurikira izacu, kwemera ubwenge bwayo aho kumera ubugoryi bwacu, imbaraga zayo mucyimbo cy'integekenke zacu, gukiranuka kwayo mucyimbo cy'ibyaha byacu. Ubuzima bwacu ni ubwayo, turi abayo noneho, kwizera kwacu gusibanukiwe imiterere yayo no kuyemera, hamwe n'ubwoko bwose bw'imigisha itanga. Ukuri, ubunyangamugayo, kwera twarabibonye, ibanga ry'imibereho inesha, ni kubwo kwizera tububona.

Impano yose, icyifuzo cyose cy'ibyiza ni impano y'Imana, ubuzima bwonyine bukomoka ku Imana, kandi tukabwemerana kwizera, bishobora kutwemerera gukura no gushikama.

Ningombwa kwerekana neza uko kwizera gukorwa. Buri sezerano ry'imana riherekezwa n'itegeko. Niba dushaka gukora ubushake bwayo , Uwiteka aduha ubushobozi bwose. Uko impano zasezeranwe zaba zingana, iri aho muri ayo masezerano. “ imbuto ni ijambo ry'Imana” luka 8:11.

Isezerano ryuzuye impano y'Imana nkuko neza imvubura yuzuyemo ..... niba twakira amasezerano, dufite impano.

Uku kwizera kudushoboza kwakira ibyiza by'Imana ni kumwe, kandi buri kiremwa muntu yakiriyeho urugero runaka. Gukomezwa bitewe nuko tugukoresha tugira ijambo ry'Imana iryacu, uko dushobora cyane kwambukiranya ibibazo.

Uwiga Bibiriya azasobanukirwa imbaraga y’Ijambo ry’Imana, “ kuko yavuze bikaba yategeka bigakomera.” “ yita ibitariho nkaho ari ibiriho”. Abaroma 4:17.

Inshuro nyinshi abishingikirizaga ku ijamba ry’Imana bihanganiye imbaraga z’isi, kabone integer nke zabo. Enoki mumutima uboneye, mumibereho year, akomeye ku kwizera kwe, aneshereza mu gukiranuka kwe, ahanganye n’ikinyejana cyangiritse kandi gihinanye; nowa n’umuryango we, bahanganye n’abaribabakikije, abantu bari bafite imbaraga nyinshi z’impagarike n’izubwenge, ariko mu mico iri hasi; abana b’isirayeri bambuka inyanja itukura, imbata nyinshi zidashoboye kandi zinaniwe, birukankaga imbere y’ingabo zikomeye z’ishyanga rikomeye kuruta ayandi ku isi; Dawidi, umusore w’umushumba, wazezeranijwe n’Imana ingoma, ahanganye na Sauli, umwami wari uyoboye, wakemuraga abika ubutegetse, Saduraka na bagenzi be mu itanura, bahanganye na Nebukadinezari; Daniyeri murwobo rw’intare, ahanganye n’abanzi be, abakomeye bo mubwami; Yesu kumusaraba, ahanganye n’abatambyi n’bakuru b’abayuda bahatiraga umuyobozi w’Abaroma kubushake bwabo; Pahuro muminyururu, akatiwe urwo gupfa nk’umwicanyi, ahanganye na Nero, umuyobozi w’ingoma ikomeye.

Ibyitegerezo nkibyo ntitubisanga gusa muri Bibiriya. Amateka y’ikiremwa muntu arayaturwira. Kuva kubavoduwa ndetse n’abahugunots, wikirifu na Husi, Jerome w’I Purage na Ruteri, Tyndare na Knox, Zinzendorf na Wesley, n’abandi benshi bagaragaje imbaraga z’ijamba ry’Imana bahanganye n’imbaraga n’ibutegetsi bwa kimuntu, banyuze iruhande rw’ikibi. Abo bantu ni abera nyakuri b’isi, ni umurongo wo kwera, n’abasore b’iki gihe bahamagarirwa kubigana. Ibihe byoroshye byo mubuzima kimwe n’ibihe bikomeye byo mubuzima, bikomeza kwizera kwacu. Niba tubyirunduriramo, igikorwa gikomeza cy’Imana ni ukuri kurebana n’inyungu zacu, ibyo duhugiramo bya buri muni.

Kumirebere ya kimuntu, ubuzima ni inzira itaracamo n'umuntu, mumibereho yacu yimbitse, tugendamo twenyine. Ntakiremwa muntu gishobora gusangira natwe ubuzima bw'imbere mu mutima. Noneho reka umwana atangire urwo rugendo, aho azagomba .vuba cyangwa kera guhitamo umuhanda we bwite, no guhitamo iteka ryose rye., ningombwa gukoresha imihati yacu yose kugirango tumufashe gushyira ibyiringiro bye mumuyobozi mwiza.

Ntakizabashoboza gutsinda ibishuko, ntakizabayobora ku kwera no kukuri keretse habayeho ibiyumviro by'Imana. “ ntacyaremwe kitagaragara imbere yayo. ahubwo byose bitwikuruwe nkibyambayeubusa mumaso y'izatubaza ibyo twakoze.” Abaheburayo 4:13. “ ufite amaso atunganye adakunda kureba ikibi, habe no kwitegereza ubugoryi>” habakuki 1:13. Iki gitekerezo kirinda Yozefu ubushukanyi bwo mu Egipta, kubitero by'ibishuko, yasubizanyaga amanga ati : “ nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo ngavumura ku Imana ? “ itangiriro 39:9. Kwizera kwacu nikutugaburira kuzaba ingabo yacu.

Ibiyumviro byo kubana n'Imana byonyine nibyo bizatsinda ubwoba bw'umwana w'ubuzima bumubereye umutwaro. Tubafashe guharatura muntekerezo zabo iri sezerano: “ Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza.” Zaburi 34:8. Tumubwire ahome amateka atangaje ya Elisa, mumudugudu wari uherereye k'umusozi, yarinzwe "amafarashi, amagare, imbaga y'abanzi arindwa n'abagendera kumafarashi n'amagare y'umuriro w'Uwiteka . amateka ya Paulo afunzwe, yaciriwe urwo gupfa, ubwo marayika w'uwiteka yazaga, akamuyobora munzira nziza, kure y'abarinzi bafite intwaro, amarembo akomeye, urugi rukomeye rukingishijwe ibihindizo n'ingufuri. Ni imirongo , yo kunyanja y'imiraba, Paulo imbohe, ahamagariwe gucirwa urubanza no kurushyira mubikorwa , abwira abasirikare n'abasare baciwe intege n'imihati no kubura ibitotsi ndetse n'ibyo kurya aya magambo y'inkomezi ndetse n'ibyiringiro : ,, none



ndabakomeza , nimuhumure kuko muri mwe hatazapfa numwe... kuko iri joro iruhande rwanjye hahagaze marayika w'Imana ndi uwayo nyikorera akambwira ati : Paulo witinya ukwiriye guhagarara imbere ya Kayizari , kandi dore : Imana iguhaye n'abo mugendana bose. “ ibyakozwe n'intumwa 27;22-24. Yishingikirije kuri iryo sezerano , Paulo ategeka bagenzi be ati : “ ntanumwe muri mwe hagira agasatsi na kamwe gapfuka ku mitwe yanyu.” Ibyakozwe n'intumwa 27:34. Byagenze gutyo. Kuko muri ubwo bwato harimo umuntu wakorerwagamo umurimo w'Imana, abasirikare bose n'abasare bose b'abapagani bararokotse : “ bose bagera kunkombe barakira.” Ibyakozwe n'intumwa 27:44.

Ibi ntibyandikiwe gusa kugirango tyujye tubisoma maze twishimeahubwo byandikiwe kugirango kwizera kwari gutuye muri abao bakazi b'Imana ngo gushobore no gutura muri twe . igihe Uwituka abonye imitima yiteguye kuba imiyoboro y'ubuntu bwe, akora muri ikigihe muburyo bugaragara kimwe na kera.

Reka badafite ibyiringiro muri bo, kandi bitewe nibyo basubira inyuma ku inshingano , bige kwishyira mumana.

Benshi muri bo ,bo amaziana yabo atabaye ayo mubitabo gusa cyangwa ngo babe umutwari utagira akamaro , bashobora kuvuga kimwe nka Paulo ngo : ,, nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.” Abafilipi 4:13.

Kubana barwaye igisebe gihoraho cyo mubuzima, kwizera kubitse ubutunzi. Ubushobozi bwabo bwo guhangana n'ikibi cyangwa kwihorera kukibi cyane bikangurwa no kugira icyerekezo kizima cyo gukiranuka n'intekerezo nzima, zifite imbaraga. Arindana ubushishozi kubo akunda kabone nubwo yatanze umwana wayo ukundwa ngo abarokore; azishingira ubwe abakora nabi. “ kuko ubakoraho aba akoze ku imboni y'ijisho rye.” Zakariya 2:12.

“ ikoreze Uwituka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira nawe azabisohozwa. Kandi azerekana gukiranuka kwawe nk'umucyo n'ukuri k'urubanza rwawe nk'amanywa y'ihangu.” Zaburi 37:5,6.

“kandi Uwiteka azabera abahatwa igihome kirekire kibakingira, igihome kibakingira mu bihe by’amakuba. Abazi izina ryawe bazakwiringira, kuko wowe Uwiteka utareka abagushaka!” Zaburi 9:10,11.

Imana idusaba guhanya abantu b’imbabazi yaduhaye. Tureke intekerezo zihubuka, zigenga, zihorera twishimire intekerezo zimeze neza kandi zoroheje mumutima, tuzanwe nk’intama ijyanwa ku ibagiho, ducecetse nk’intama imbere y’abazikemura. Tubareke batekereze k’uwababarijwe ibyaha byacu kandi akikorera imibabaro yacu; baziga kwikora, kwihangana, kubabarira.

Binyuze mukwizerera muri Kristo, amafuti yose yo mumico ashobora gukosorwa, amarira yose agahanagurwa, ubushozi bugatezwa imbere.

“mwuzuriye muri we.” Abakolosai 2:10.

Gusenga no kwizera bihora bibangikanye, kandi bigomba kwigwa hamwe. Mumasengesho yo kwizera hari ubumenyi mvajuru, bushobora kwakirwa na buri wese ushaka gutsinda muri ubu buzima. Kristo yaravuze ati : “ nibyo muzasaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko mubihawe kandi muzabibona.” Mariko 11:24. Nukuri, ibyo dusaba bigomba kuba bijyaniranye n’ubushake bw’Imana; tugomba gushakisha ibyo yadusezeraniye, kandi tugakoresha ibyo duhawe bikurikije gushaka kwayo. Muri ubwo buryo, amasezerano yayo ntambogamizi afite.

dushobora gusaba imbabazi z’ibyaha byacu, umwuka wera, imico isa niya Kristo, ubwenge ndetse n’imbaraga zo gukora umurimo w’Imana, cyangwa impano iyo ariyo yose yasezeranwe, nuko nyuma twizere ko tuyihawe, kandi tuyishimire Imana.

Ntidufite gutegereza ukwigaragaza kose guturutse hanze y’imigisha mvajuru. Impano iri mu isezerano, kandi dushobora kuyikoresha mu mirimo yacu, cyane usibye Imana yasezeranye, ashobora kubitanga kandi impano dufite bunozizigaragaza igihe tuzazikenera.

Kubaho gutyo ubeshejweho n'ijambo ry'Imana bisobanura ko wihaye wese Uwiteka, ko tumukeneye ubudatuza, ko tubeshejweho nawe, ko imitima yerekeye kuri we. Bityo amasengesho ni ingenzi: ni ubugingo bw'Umutima. Amasengesho mumuryango, amasengesho yo muruhame bifite akamaro kabyo" ariko ni amasengesho yo murwihero abeshaho umutima.

Ni kumusozi, ari kumwe n'Imana, ho Mose yerekewe igishushanyo cy'ubuturo bwera bwagombaga kuba ububiko bw'ubwiza bw'Imana. Ni kumusozi, ari kumwe n'Imana, ahantu hiherereye ho dushobora kwishimira igitekerezo cy'ubwiza bwigenera ikiremwa muntu. bityo tuzagira ubushobozi bwo gutunganya imico yacu kugirango isezerano ryayo ryuzuzwe : „nzatura muri bo, ngendere muri bo, nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye." 2 abakorinto 6;16.

Ni mumasengesho yo murwiherero ho Yesu , akiri ku isi yakiriraga ubwenge n'imbaraga. Reka abasore bakurikize icyitegererezo cye kandi yibikire, mugitondo, nimugoroba, igihe cyo gusabana kugiti cye na se wo mu ijuru. Reka buri muni uzamure umutima we ku Imana. Kuri buri ntambwe y'imibereho yacu, aratubwira ati : “ kuko njyewe Uwiteka Imana yawe nzagufata ukuboko kw'iburyo nkubwire nti: witinya ndagutabaye.” Yesaya 41:13. Mbega ukuntu abana bacu basobanukirwa ibyo byose kuva mubuto bw'ubuzima bwabo. Mbega ubwiza, mbega imbaraga, mbega ukuntu ibyishimo, mbega ukuntu ubugwaneza byahinduka ibyabo!

Izi nyigisho, uwazibumvishije wenyine niwe ushobora kubigisha. Ababyeyi benshi n'abigisha benshi bavuga ko bizera ijambo ry'Imana, mugihe imibereho yabo ihakana imbaraga zako ; iyo niyo mpamvu inyigisho z'ibyanditswe byera zitagize icyo zikora k'urubyiruko. Kuva mugihe ku kindi abasore biyumvamo imbaraga z'ijambo. Bacukumbura ubutunzi bw'urukundo rwa Kristo, ubwiza bw'imico ye, ubwaguke

bw'imibereho yitangiye urimo wayo. Ariko ireba murundi ruhande imibereho yabifuza kumvira amabwiriza mvajuru. Hari benshi babwirwa aya magambo yabwiwe umuhanuzi Ezekiyeri:

“ ab'ubwoko bwawe ...umwe avugana nundi, umuntu wese na mugenzi we bati: nimuze tujye kumva ijambo rivuzwe n'Uwiteka iryo ari ryo. Maze bakagusanga nkuko rubanda ruza bakicara imbere yawe, nk'ubwoko bwanjye kandi bakumva amagambo yawe. Ariko ntabwo bayakurikiza kuko berekanisha ururimi rwabo urukundo rwinshi, nyamara umutima wabo ukurikira inyungu yabo bombi. Kandi dore ubamereye nk'indirimbo nziza cyane, yufite ijwi ryiza, akamenya no gucuranga neza kuko bumva amagambo yawe kandi ntibayakurikize.” Ezekiyeri 33:30-32.

Ni ikintu cyo gukoresha Bibiriya nk'igitabo gitanga amahame meza y'intekerezo kurusha igihe, yo kubahwa cyane kurusha igihe ndetse no kubaho kwacu muri rubanda birabitwemerera; ni ikindi cyo kuyafata nkuko ari mubyukuri kandi nkuko ijambo ry'Imana ihoraho, ijambo ryo mubuzima bwacu, ijambo ryagenewe kuyobora ibikorwa byacu, imvugo yacu, intekerezo zacu. Kurifata ukundi ni ukurijugunya. Abavuga ko baryizera kurijugunya bityo ni impamvu yingenzi yo gushidikanya no gukiranirwa k'urubyiruko.

Umuvuduko uko tutigeze tubona wigarurira isi. Ibinezera, kwiruka kumafaranga, k'ubushobozi, kurwana n'ubuzima, imbaraga iteye ubwoba yigaruriye imibiri, intekerezo, umutima. Hagati y'iyimihanda, cy'ubu busazi, Imana iravuga. Iraduhamagarira guhinduka no kugirana umushyikirano nayo. “ ni mworoshye, mumenye ko ari njye Mana.” Zaburi 46:11.

Abantu benshi, yemwe no mugihe cyagenewe guhimbaza, ntibashobora kwishimira imigisha izanwa no gushyikirana nyakuri n'Imana. Barahubuka cyane. Bihatira kwambukiranya uruziga rwo kubanana urukundo na Kristo, bakaruhagararaho wenda akanya gato, ariko ntibumve inama yoroheje. Ntibafite igihe cyo kugumana

n'umwigisha mvajuru , kandi bikoreye imitwaro yabo ni basubire ku inshingano yabo.

Abo bakozi ntibashobora gutsinda neza mugihe batari biga ibanga ry'imbaraga. Bagomba kugira igihe cyo gutekereza, cyo gusenga, cyo gutegereza ku Imana ivugururwa ry'imbaraga zabo z'impagarike, z'intekerezo „iz'ibyumwuka. Bakeneye umurimo uboneza w'umwuka wera. Ibyo byose bizababumbatirira mum ibereho mishya. Imibiri yabo ikora buhoro, intekerezo zabo zirushye bizagarurwamo ubuyanja, imitima yabo iremerewe izakomezwa.

Ibyo dukeneye, ntabwo ari igihe cyahise turi kumwe na Kristo, ahubwo ni umushyikirano w'umuntu kugiti cye, isano yihariye nawe. Mbega umunezero kubana b'imiryango yacu, abanyeshuri b'ibigo byacu, igihe ababyeyi n'abigisha bazakora mumibereho yabo inararibonye y'agaciro tubwirwa n'indirimo ya Salomo:

Nk'umutapuwa mubiti byo mu ishyamba,  
Niko umukunzi wanjye ameze mubahungu.  
Nicaye mu gicucu cye nezerewe cyane,  
Amatunda ye yarandyoheye.  
Yanjyanye munzu y'ibirori  
N'ibendera rye ryari hejuru yanjye, ariryo rukundo.  
Indirimbo ya salomo 2:3,4.

***Icyigwa cya 31 :umurimo w'ubuzima***

*Nsingira ibiri imbere. Abafilipi 3:13.*

Kugirango utsinde muri buri kintu cyose, ningombwa kugira intego ihamye no kuyikurukirana udacogora. Intego isaba imihati yose iri imbere y'urubyiruko rw'iki gihe, intego yashyizweho n'ijuru, iboneye cyane yagombaga kuzanira ubutumwa bwiza ku isi y'iki kinyejana. Yerekana ibimenyetso bikomeye kubo Kristo yakabakabaye imitima.

Imigambi y'Imana kubirebana n'Abana bakurira mu miryango yacu irenze cyane ibyo amaso yacu ashobora kwitegereza. Kuko yababonaga bakiranuka kumyanya iciye bugufi, yabise ibiremwa ngo bahamye kuri we imyanya yo hejuru yo ku isi. kandi hazaba mu inteko nshinga mategeko, munkiko, inkiko za cyami, benshi mubasore b'iki gihe bo huhamya Umwami w'Abami, bakuze nka Daniyeri murugo rwe I Buyuda, bashyira mu bikorwa kwiga ijambo ry'Imana ndetse n'Imirimo y'Imana, no gukora bera. Imbaga izahamagarirwa umurimo ukomeye, isi yose izafungukira ubutumwa bwiza. Etiyopia izarambura amaboko iyerekeze ku Imana

Kuva mubuyapani, mubu shinwa, mubuhinde, mubihugu bicuze umwijima byo ku isi, mumpande zose z'isi, bazamura amajwi y'imitima ikomerekejwe n'icyaha kandi bashonjeye kumenya Imana y'urukundo. Amamiriyoni n'amamiriyoni menshi y'abantu ntibigee na rimwe bumva bavuga Imana cyangwa se urukundo rwayo rwahishuriwe muri Kristo. Bafite uburenganzira bwo kuyimenya, bwo kwakira imbabazi mvajuru, kurwego rumwe natwe. Ninshingano yacu, twebwe bamaze kumenya ubwo bumenyi, n'abana bacu tubusangiye gusubiza kugutabaza kwabo. Kuri buri muryango, kuri buri mubyeyi, umwigisha, na buri mwana wamaze kumurikirwa n'umucyo w'ubutumwa bwiza, kwibaza muri iki gihe kibabaje ikibazo cyabajijwe umwamikazi Ester, mugihe cyari gikomeye cy'amateka y'abisirayeri: “ ahari aho icyakwimitse ngo ube umwamikazi, ni ukugirango ugire akamaro mu gihe gisa n'iki.” Esiteri 4:14.

Abantu batekereza ibizaba bikurikije ko kwamamaza ubutumwa kuzaba kwihuta cyangwa gukomeye, ariko babikora biyigereraniye cyangwa bigereraniye n'isi, batagereraniye n'Imana. Ni bake gusa batekereza kumibabaro yatewe icyaha kumuremyi wacu. Ijuru ryose ryariribabaye mugihe cyo kubambwa kwa Kristo; ariko ako kababaro ntikatangiye igihe Kristo yigiraga umuntu akaza ku isi, maze ngo karangirire igihe yazamukaga mu ijuru. Umusaraba waduhishuriwe utwereka igikomere cyagizwe n'Imana gitewe icyaha kuva ku intangiriro. Buri kubura ibyiza kose, buri gikorwa cy'ubwicanyi cyose, buri nkomyi yose y'ikiremwa muntu imubuza kugera ku intego yari yishyiriyeho ibabaza Uwiteka. Igihe kuri Isirayeri bagerwagahaho n'ikiza cyari ingaruka yo gutandukana n'Imana, imitwari y'abanzi, ubwicanyi, urupfu byavuzwe ko. "uwiteka agira ishavu ry'imibabaro y'abisirayeri" abacamanza 10:16. "yababaranye nabo mumibabaro yabo yose... yarabateruraga akabaheka iminsi yose ya kera." yesaya 63:9.

"umwuka ubwe niwe udusabira anaha iminiho itavugwa." abaroma 8:26. "ibyaremwe byose binihira hamwe bikanihirwa hamwe kugeza ubu." abaroma 8:22. N'umutima wa Data wa twese wo mu ijuru wuzuye imbabazi. Isi yacu ni imbaga y'ibisigo, imikino y'abahanya yo tutashobora ndetse no gutekereza ko babaho. N'itubiha agaciro kabyo, umutwari uzaremera kurushaho. Kandi Imana ibyikorera byose. Mukurandura icyaha n'ingaruka zacyo yatanze umwana wayo ukundwa cyane kandi yaduhaye ubushobozi bwo gukorana nawe kugirango imibabaro igire iherezo. "ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamba bwo guhamiriza amahanga yose, nibwo imperuka izaherako ize." matayo 24:14.

"muje mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza." mariko 16:15. Ni itegeko rya Kristo kubigishwa be. Ntabwo ariko bose bazahamagarirwa kuba abungeri cyangwa ababwirizabutumwa; ariko bose bashobora gukorana n'Imana bageza

ubutumwa bwiza kuri bagenzi babo. Iryo tegeko ni irya bose, abakuru n'abato, abasore n'abasaza, abanyabwenge n'abaswa.

Dushobora gusubiza kuri iri tegeko duha abahungu n'abakobwa bacu uburezi buzabageza kumibereho ishikamye, yubashywe, abakristo ku izina ariko batagira umwuka wo kwitanga wa Kristo, imibereho yo ku iherezo yayo Uwiteka w'Ukuri azabwira ati: "simbazi?"

Ibihumbi by'abantu benshi bakora gutyo. Batekereza guha abana babo ibyiza by'ubutumwa bwiza mugihe bata umwuka. Bakora ikosa. Abata amahirwe yo gukorana na Kristo bibuza uburyo bumwe rukumbi bwo kwinjira mubwiza bw'Imana; bata uburezi bwo muri iyi mibereho bukomeza kandi butunganya imico. Ni abagabo n'abagore bangana iki banga kuzana abana babo kubirengere rw'umusaraba, bize batinze ko babahariye umwanzi.

Barerekeza ku irimbikiro, kubuzima bw'ahazaza no kubuzima bwa none; ibishuko byarabarengeye; bahindutse umuvumo ku isi, ingingo y'umubabaro n'isoni kubababyaye.

Abantu benshi mugihe bashaka kwitegura gukorera Imana, bateye umugongo n'uburyo bubi bw'uburezi. Bizera cyane ko imibereho igizwe n'ibice byinshi, igihe cyo kwiga, igihe cyo gukora, igihe cyo kwitegura, igihe cyo gushyira mubikorwa. Abasore bitegura gukora boherezwa kukigo kugirango bigire mubitabo. Kure y'inshingano z'imibereho ya buri muni, barundukira mumashuri yabo maze nyuma bakibagirwa intego. Intego yabo ya mbere ntigera ku intego maze benshi muribo bakareka bagatwarwa n'ibyifuzo byabo byo kwikunda. Impamya bumenyi zabo zituma Babura umushyikirano wabo hamwe n'imibereho isanzwe. Babayeho imyaka myinshi mukudakora n'inyigisho mumagambo batiteguye gushyira mubikorwa, mukubaho kwabo kose, no muntambara zikomeye zo mumibereho. Aho kwisanisha n'imirimo iboneye bari bifuje, bamarira imbaraga zabo zose kuntambara bashaka ko bazivamo. Nyuma yo gucogora inshuro nyinshi, bagatakaza icyizere cyane cyo kurinda neza ubuzima bwabo, benshi muri bo birundurira



mumishyamirano no mubwicanyi. Isi ihomba imirimo yabo ndetse n’Imana igahomba imitima myinshi bari kuzamura, kuboneza no kuramutsa nk’intumwa zayo.

Ababyeyi benshi baribeshya igihe bashyiraho itandukaniro hagati y’abana babo mubirebana n’uburezi. Biteguye gutanga igitambo icyo aricyo cyose kugirango bahe amahirwe menshi kunkundwakazwa, w’umuhanga ariko ntibatange amahirwe nkayo kubafite ubushobozi buke. Batekerezako ibisabwa mubuima bwa buri muni bidasaba amabwiriza menshi.

Ariko ninde ushobora kumenya hagati y’abana bo mumuryango umwe uzikorera inshingano zikomeye ? gucurubanza kwa kimuntu ni ubusa! Mwibuke inararibonya ya Samweri mugihe yarasabwe gusiga amavuta umwe mubahungu ba yesayi nk’umwami wa Isirayeri. Abasore barindwi bafite igihagararo cyiza banyuze imbere ye. Igihe yarebaga uwambere , wari ufite igihagararo kirekire, ishusho nziza, inyifato nk’iyigikomangoma, aravuga ati : “ ni ukuri , uwo Uwiteka yimikisha amavuta nguyu imbere ye,. Ariko Uwiteka abwira Samweli ati: nturebe mumaso he cyangwa ikirere cye ko ari kirekire namugaye kuko Uwiteka atareba nkuko abantu bareba . abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka areba mumutima.” 1 samweli 16:6,7. Niko byanagenze kuri buri umwe muri benese uko ari barindwi: “ aba sibo Uwiteka yatoranije” 1 samweli 16:10. Nuko Umuhanuzi yasabwe gutegereza kugirango asohoze umurimo we, nuko baja gushaka umushumba Dawidi.

Bakuru be, abo Samweli yari yahisemo, ntibari bafite imico y’ingenzi mu maso y’Imana kugirango bayobore ubwoko bwayo. Bari abibone, bikunda, biyemera bashyirwa kuruhande maze hahitwamo uwo batiringiraga , uwari waragumanye kwicisha bugufi ndetse n’ubunyangamugayo bwo mubusore bwe kandi kabone nubwo yarakiri muto yagombaga gutegurwa n’Imana kuyobora uubwami.

Nanyumunsi, Imana itoranya mubana benshi bo ababyeyi basuzugura, bafite ubushobozi butandukanye cyane n'ubw'abana basa nkaho buzuye amasezerano.

Mubundi buryo, ninde wahitamo umukuru n'utagira agaciro hagati y'ubushobozi bw'ikiremwa muntu? mbega ukuntu ari abakozi bake mubibazo bikomeye bazohoje umurimo wo abami bifuzaga gusohoza kubw'imigisha y'isi yose!

Reka buri mwana ahabwe uburezi buzamutegura kumurimo wo murwego rwo hejuru.

“migitondo ujye ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukuboko kwawe, kuko utazi ikizera ari iki cyangwa kiriya, cyangwa byombi bizahwanya kuba cyiza.” Umubwiriza 11:6.

Umwanya wacu mubuzima ushingiyeye k'ubushobozi bwacu. Ntabwo dutera imbere twese muburyo bumwe, ntabwo twese dukora umurimo umwe muburyo bumwe ariko Imana ntabwo ishaka ko ..... igira uburebure nk'ubwigiti cy'inganza marumbu, cyangwa ngo umwerayo ugire uburebure nk'ubw'ingazi. Buri umwe muri twese agomba kwishyiriraho intego ashobora kugeraho ahuje ubushobozi bwe bwa kimuntu n'imbaraga z'Imana.

Benshi ntibahinduka abo bari bakwiriye kuba bo kuberako badacukumbura ibibarimontibasingira neza imbaraga mvajuru nkuko byari bikwiriye. Batera umugongo inzira yabo bagombaga gutsindiramo muburyo bwuzuye. Ibirenze ibyo bashakisha ibyubahiro byinshi cyangwa inshingano nziza kandi bakirundurira mu nzira itabakwiriye. Bamwe bareka bakayoborwa n'ibyifuzo byabo aho kuyoborwa n'itaranto zabo; maze uwakagombye kuba umurinzi mwiza, umukorikoro mwiza, umuforomo mwiza, akisanga ari umubwirizabutumwa, umunyamategeko, umuganga. Abandi bari gushobora gusohoza inshingano zo mu rwego rwo hejuru ariko kubwo kubura imbaraga, umuhati, gushinyiriza bishimira umurimo uciye bugufi cyane. Ningombwa gukurikiza neza imigambi y'Imana kumibereho yacu. Gukora kuruhande rwacu neza ibitureba, imishinga yacu

tukayishinga Uwiteka, tukita cyane kumabwiriza aduha binyuze mubuntu bwayo, ngibyo ibizatuyoborana umutekano muguhitamo umwuga dukora.

Yesu, waturutse mu ijuru kugirango atubere icyitegererezo, yamaze imyaka hafi mirongo itatu akoresha amaboko ye umwuga usanzwe, ariko muri icyo gihe yigaga ijambo n'imirimo y'Imana kandi yafashaga, akigisha abantu bose bashoboraga gukabakabwa n'icyitegererezo cye.

Igihe yatangiraga umurimo we wo muruhame, yazengurukaga igihugu avura abarwayi, ahumuriza abacogoye, abwiriza ubutumwa bwiza abakene. Ni inshingano y'abamukurikira bose.

“ ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje, n'utwara abe nk'uhereza. ...ariko njyewe ndi hagati yanyu meze nk'uhereza. “ luka 22: 26,27.

Kutangirira ya buri murimo wose wo murwego rw o hejuru, hari urukundo no gukiranukira Kristo. Ukunda umukiza agira ishyaka ryo kumukorera; ningombwa gukomeza no kuyobora icyo gitekerezo. Kuboneka kw'abakene, abatishoboye, injiji, abahanya, haba murugo, ahatuzengurutse cyangwa kumashuri ntibyari bikwiriye gufatwa nk'amahirwe mabi ahubwo byari bikwiriye gufatwa nk'umwanya mwiza wo gukorera abandi.

Muri uwo murimo kimwe no muyindi, ni mugokora duhinduka abanyambaraga. Ni mukwitoreza kumirimo ya buri muni, dupfasha abakennye n'abarwayi duhinduka abakomeye. Ibitari ibyo ibyifuzo byiza ni imfabusa ndetse birangiriza. Ni kumazi, ntabwo ari kubutaka bigira koga.

Hari indi nshingano yirengagijwe inshuro nyinshi, inshingano yo kwereka neza abasore ko bagomba kwita kuri ayamahamagara ya Kristo : ni inshingano yo kubana mumushyikirano mwiza n'itorero. Isano ihuza Kristo ndetse n'itorero rye irihariye kandi irera. Yesu ni umukwe, Itorero ni umugeni, yesu ni umutwe , Itorero ni umubiri, bityo kugirana isano kwacu na Kristo bisobanuye kugirana isano n'itorero rye.

Itorero ryashyiriweho gukorera abandi, ndetse ushaka gukurikira Umukiza azabanza yakurikira itorero. Niba dukiranukira Kristo, duzasohozanya kwera inshingano zacu ku itorero, ni ikintu cy’ingenzi mu itozwa ryacu. Kandi niba itorero ribeshejweho n’ubuzima bw’Umwigisha, rizatuzana mugukorera abadukikije.

Abasore bashobora kubona imyanya myinshi yo gukorana. Nibubake amatsinda yo kujya kumurimo wa Kristo kandi gukorana kwabo kuzaba inkingi n’inkomezi. Mukwitan kumurimo wabo kw’ababyeyi b’abigisha, byabatera kungukira kubunararibonye bwabo ndetse bikabafasha gukorana imbaraga kubw’ibyiza byabo.

Ni ubumenyi bukungura ubucuti, kandi ubu bucuti nibwo soko bw’umurimo uwo ari wose mwiza. Niba dushaka gukangura mubana no mubasore ubucuti ndetse n’umwuka w’ubwitange kumamiriyoni yabantu babaye mubihugu bya kure, nitubigishe kumenya isi n’abayibamo. Amashuri yacu agomba kubigiramo uruhare cyane. Aho hutinda kubyo alexander cyangwa Naporewo yavumbuye nitubigishe ubuzima bw’intumwa Paulo, bwa Maritini Luteri, Mofati, Livingistoni, Carey; tubwire iby’umurimo w’ibwiriza butumwa w’iki gije. Aho kuzuza muntekerezo zabo amazina menshi n’amahame menshi atagira icyo abamarira mubuzima bwabo, kandi yemwe igihe bagiye ku ishuri batazakuramo igitekerezo, nimubigishe kumenya ibihugu byose bikeneye imihati y’ibwiriza butumwa, bigishe kuri ubwo bwoko ndetse n’amakene yabo.

Kugirango turangize kwamamaza ubutumwa bwiza hari byinshi byo gukora, kuruta ikindi gihe cyose uyumurimio ukeneye imihati ya buri wese. Abasore n’ingimbi bazahamagarirwa mumirima yabo, munzabibu zabo, mu ibarizo ryabo; umwigisha azabatuma kujyana ubutumwa bwe.

Benshi muribo bahawe ubumenyi buke, ariko Kristo azatataniriza muri bo ubushobozi buzabashoboza kugera ku intego ye. Nibirundurira

kumurimo n'umutima wabo wose, nibakomeza kwiga, Umukiza azabashoboza gukorana nawe.

Ucukumbura uburebure bw'ubuhanya no gucika intege bya mwene muntu azabafasha. Aho abona imitima iri mumwijima, itsikamiwe n'ibiro by'icyaha, by'agahinda ndetse n'umubabaro. Ariko izi ubushobozi, izi aho bashobora kugarukira kabone nubwo ikiremwa muntu cyaye kimigisha, impano bahawe. Nubwo bazimije ubunyangamugayo bwabo bwa mbere, Umuremyi agomba guhimbarizwa mu icungurwa ryabo.

Kubashobora kumva injinji, abzimiye, Kristo abashinga inshingano ikomeye yo gukorera abashaka ubufasha bo mumpande zose z'isi. Azaba ahari kugirango afashe abantu bafite umutima igira impuhwe, kabone nubwo intoke zabo natyaba kirimo kandi zidatunganye. Umurimo wayo uzasohozwa n'ababona mu bibi imigisha, mubihombo inyungu. Nituba umucyo w'isi tuzatandukanya Ubuntu hagati y'umubabaro, gahunnda mukajagari, insinzi mu igihombom kigaragara. Ibiza bizaduhindukirira ibyiza. Abakozi baduturutsemo, basangira imibabaro na bagenzi babo nkuko umwigisha wabo yasangiraga imibabaro n'ikiremwa muntu, bazamubonakubwo kwizera akorana nabo.

“umunsi ukomeye w'Uwiteka uri bugufi, ndetse umuhindo wawo ugeze hafi kandi urihuta.” Zefaniya 1:14. Ningombwa kuburira isi.

Hamwe n'umwiteguro bashobora kwakira, ibihumbi n'ibihumbi by'abasore n'abakuze bagombaga kwitangira uyu murimo. Benshi bamaze kwitaba umwigisha wabo, kandi umubare wabo uziyonera na none. Reka abarezi b'aba kristo bahe abo bakozi urukundo n'inkunga. Nibatere akanyabugabo kandi bafashe abasore bashinzwe kwitegura kwinjira mumirongo yabo.

Uyu murimo uzabera abasore uw'inyungu nyinshi kuruta iyindi. abitanze bese muri iyi nzira ni abuungiriza b'Imana, abahuje n'abamarayika, cyangwa ni abahuza abantu n'Imana mubo bakoreramo umurimo. Abamarayika bavugira mumirongo yabo, bagakorera mumaboko yabo. N'abakozi bakorana n'imbaraga mvajuru bungukira

k“uburezi bwabo n“ubunararibonye bwabo. Nirihe shuri rya kaminuza ryakora ibirenze ibyo?

Mbega ukuntu nhamwe n“ingabo zizakorwa n“abasore bacu, bateguwe neza, ubutumwa bwiza bw“Umukiza wacu wabambwe, akazuka, uri hafi kugaruka, buzamamara mu isi yose bwangu! Mbega ukuntu iherezo rizaza vuba, imibabaro ikarangira, agahinda n“icyaha! Aho kubona isi irangwa „ibibi n“imibabaro, abana bacu bazabona umurage w“ijuru: “ abakiranutsi bazaragwa igihugu bakibemo iteka” zaburi 37:29. “ ntamuturage waho uzataka indwara.” Yesaya 33:24. “ ijwi ryo kurira n“imiborogo ntirizumvikana ukundi.” Yesaya 65:19.

### ***Icyigwa cya 32 :umwiteguro***

*Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk’ushimwa. 2 timoteyo 2:15.*

Umurezi wa mbere w“umwana ni umugore. Mugihe umwana akabakabwa, aho atera imbere muburyo bwihuse, uburezi bwe buragijwe kandi bukeneye kwitabwaho n“umugore. Umugore, afite ubushobozi nyambere bwo gutunganya imico y“uruhinja. Agomba gupima agaciro k“ayo mahirwe kuruta undi murezi wese, kandi akaba yiteguye kugakoresha neza. Bityo, niba gutozwa kwirengagijwe , ni byiza kugiti cye. Ibyo icyitegererezo cy“uburezi ari ingenzi, bikitabwaho cyane, nibyo dutekerezaho gutozwa neza. uwashinzwe umwana muto yirengagiza inshuro nyinshi amakene ye y“impagarike; ntazi ikintu gikomeye cy“ingenzi cy“ubuzima cyangwa cy“iterambere ry“impagarike. Ntabwo bambaye gisirikare ngo bite kugukura kwabo kw“intekerezo n“iby“umwuka. Bashoboye wenda gukora imirimo cyangwa ngo babe nyambere mubandi; bafite wenda ubumenyi bwinshi

bwo mubuvanganzo, mubumenyi ( science); ariko ntibafite na busa kubirebana n'uburezi bw'umwana.

Iyo niyo mpamvu nyiri zina, kandi byumwihariko kubwo kubura kwita kuribo hakiri kare mu iterambere ryabo ry'impagarike, bituma ibiremwa muntu byinshi bipfa bikiri bito ndetse n'abagera kubukure benshi muribo bafata ubuzima nk'ubw'umutwaro.

Umugabo kimwe n'umugore nkuko ashinzwe uburezi bw'umwana , kuva mu intangiriro ni ingenzi ko bombi bitegura neza kandi muburyo bwuzuye. Mbere yo kwiyemeza kuba ababyeyi, abagabo n'abagore bagomba kubaririza no kumenya amategeko ajyanye n'imikurire, impagarike, isuku, imbaraga rukuruzi mbere yo kuvuka , ihererekanya murage, imyambaro, imyitozo ngororamubiri, kuvura indwara, bagomba gusobanukirwa na none amategeko agenga iterambere ry'ubwenge n'intekerezo.

Imana yahuje amahirwe menshi kuri uyu murimo w'uburezi yohereje intumwa mvajuru kumubyeyi w „ahazaza kugirango isubize ikibazo : “ ibyo wavuze nibisohora, mbese azaba ari muntu ki , cyangwa azakora iki? ( abacamanza 13:12), ndetse no kwigisha umugabo uko yarera umuhungu we yari yarasezeranijwe.

Ntabwo uburezi buzigera busohozza ibyo bwakagombyegushobora no gusohozza mugihe akamaro k'umurimo w'ababyeyi kirengagijwe, ndetse niba batiteguye kunshingano yabo yera.

Abantu bose birundurira mukuvuga ko umwigisha agomba gutozwa ku inshingano ye; ariko abantu bake nibo batandukanya imiterere y'umwiteguro w'ingenzi. Abapima inshingano igomba gukorwa m'uburezi bw' urubyiruko bibwira ko kwiga ubumenyi n'indimi bidahagije. Umwarimu agomba kugira ubumenyi buruta cyane ububoneka mubitabo. Agomba kugira imbaraga n'intekereze zifungutse, umjutima mwiza n'umutima ukomeye.

Urtse uwaremye ubwenge wenyine n'amategeko yabwo niwe ushobora kumenya neza amakene kandi akayobora iterambere. Amahame y'uburezi yatanze niyo muyobozi utayobya. Ni ingenzi ko umwarimu amenya ayo mahame kandi agapimira ubuzima bwabo kuri yo.

Icyitegererezo gishyizwe mu bikorwa ni ingenzi bikorewe muri gahunda, amakene akomeye, gahunda, kwitegeka, imico iboneye, ibiyumviro byiza, kwitanga, ubunyangamugayo, kwikundiririza.

Hari ukwirundura cyane, uburyarya bwinshi ahazengurutse abasore kuburyo ki ari ingenzi ko amagambo, inyifato, imico y'umwigisha igaragaza ibikomeye kandi by'ukuri. Abana babonye imirimo mu buryo bwihuse cyangwa ibindi bicantege, cyangwa amafuti. Umwarimu ntashobora kubahwa n'abanyeshuri be keretse gusa asa n'amahame ashaka kubigisha. Ni bityo gusa ashobora umunsi kuwundi kugira kuri bo icyitegererezo vyiza kandi kirambye.

Mubundi buryo, insinzi ya mwarimu ikomoka kumiterere y'impagarike ye. Uko azifata neza, niko umusaruro we uzaba mwiza.

Inshingano ye iraruhaniye kuburyo ki agomba kugira umuhati w'akataraboneka kugirango agumane imbaraga ze no gucya kwe. Kenshi umunaniro wigarurira umjutima we, ubwonko bwe maze bikamutera kutihanganira gucogora, imbeho, umujinya (uburakari). Umwarimu ntabwo agomba kwihanganira gusa inyifato nkiyo, ahubwo agomba no kwirinda ingaruka zabyo.

Asabwa kugumana umutima uboneye, mwiza, wiringira, kandi uri maso. Kugirango aume ashikamyeye, atuje kandi agaragara neza, agomba kubaka ubwonko bwe n'imihore ye.

Bona nubwo Ubwiza bw'umurimo we ari ingenzi kurusha ubwinshi bwawo, umwarimu agomba kwirinda umunaniro w'ikirenga, ntagateshuke cyane kumurimo we bwite, ntakemere izindi nshingano



zamubuza gusohoza neza umurimo we, ntakitundurire mubirangaza, mu binezeza binaniza aho gusana umubiri.

Umwarimu agomba kwisanisha neza n'amahame y'ubuzima, Atari kubera ibyiza azakuramo, ahubwo kubera ingaruka zagira kubw'inyifato ye kubanyeshuri be. Agomba guhora atuje mubintu byose: mubyo kurya, mumyambaro, mu mirimo no mubiruhuko; ahamagarirwa kuba icyitegererezo.

Kubuzima bw'impagarike, kukubonera kw'imico, agomba konera ho ubwenge bwinshi. Uko afite ubumenyi bwinshi bukomeye, niko n'umurimo we uzaba mwiza. Icyumba cy'ishuri ntabwo ari ahantu ho gukorera imirimo icucitse. Umwarimu uzishimira ubumenyi bw'amajyejuru ntabwo azaba ari uw'ingenzi.

Bityo gukomera k'umwarimu ntigushingiye cyane kubwaguke bwo kumenya kwe ahubwo bushingiye kurwego ashaka kugeraho. Umwarimu nyakuri ntabwo yishimira ibitekerezo runaka, intekerezo zibyagiye, ubwonko budafata. Ahora ashakisha ubudahwema umusaruro ushimishije, uburyo bwiza. Ubuzima bwe buhora mu iterambere rihoraho. Mu murimo we harimo ubutaraga, imbaraga ikangura kandi igashishikaza abanyeshuri be.

Umwarimu agomba kuba ashoboye umurimo we. Agomba kugira ubwenge n'uburyo bw'ingenzi kugirango yimenyereze intekerezo z'abanyeshuri.

Kabone nubwo ubumenyi bwe ari bwinshi, ubuhanga bwe bwinshi kandi buteye imbere, niba adashobora kwishakira icyubahiro no kwiringirwa n'abanyeshuri be, imihati ye izaba impfabusa.

Dukeneye abarimu bashobora gutandukanya no gukoresha buri kanya babonye bagakoresha ibyiza; abarimu bongera kubyifuzo byabo ubunyangamugayo bwimbitse, bazi kuyobora, kwigisha, bikangura intekerezo, bakabyutsanya imbaraga, bagatangaza akanyabugabo n'ubuzima.

Ubushobozi bw’ umwarimu bushobora kugira iherezo, ashobora kutagira ubumenyi bwo mubitabo bwagutse kwasabwaga, ibiri amambu niba azi gusesengrana ubuhanga imiterere ya kimuntu, niba aha umurimo we urukundo nyakuri kandi agapima ubwaguke bwawo, niba ahitamo kujya mbere, agakorana umuhati no gushinyiriza, azasobanukirwa n’ amakene y’ abanyeshuri be kandi bitewe n’ uburyo bwe bw’ urukundo n’ iterambere, bizabazana kumukurikira kure , hejuru cyane.

Abana, abasore bashinzwe umwarimu bafite imico, akamenyero, amahugurwa atandukanye . bamwe ntibafite intego ihamye, ntamahame bagira. Bakeneye kwita ku inshingano zabo, n’ ubushobozi bwabo. Abana bake iwabo imuhira bareranwe ubukana. Bamwe barorowe, barezwe by’ amajyejuru; bafashe akamenyero ko gukurikiza ibyifuzo byabo no guhunga inshingano, imitwara, Babura gushikama, gushinyiriza, no kwitanga. Bafata ikinyabupfura nkabo ari ikintu kitagira agaciro namba. Abandi baranenzwe, bacibwa intege. Guhatirizwa, gukariha byaravutse kandi bikurira muri bo, ubucucu no gusharirizwa. Niba iyo mico mibi ivuguruwe, bizakorwa cyane na mwarimu. Mwarimum kugirango agere kunsinzi kuri uyu murimo agomba kugira ubugiraneza n’ ubushishozi bwagutse kugirango abashe kumenya impamvu y’ amafuti n’ amakosa yako kanya kumunyeshuri.

Agomba kuba afite uburyo bwinshi no kubonera, kwihangana no gushikama, kugirango ahe buri wese ibyo akeneye kuba dafite ibisubizo, bakunda ibyoroheje, inkomezi no kubashigikira byongereramo imihati kubacogoye , imyumvire no gushimwa bibayarira ibyiringiro bikabashoboza kwitanga k’ umurimo.

Kenshi abarimu ntibagirana umushyikirano n’ abanyeshuri babo, ntibabereka muburyo buhagije urukundo, ubugwaneza, ahubwo bababonekera bak’ abacamanza bakarishye. Kuba umunyakuri n’ ufata imyanzuro ntabwo bisobanuye kuba udakabakabwa b’ umunyagitugu. Umwarimu ukomeye kandi unenga wishyira kure y’ abanyeshuri be

cyangwa ntabiteho uko bikwiriye, yikingiranira imiryango hagati yabo nawe kandi ntashobora kubatera gukora ibyiza.

Ntibikabeho, ntagihe na kimwe umwarimu yakagombye kuba nyamwigendaho. Guha amahirwe abana b'inshyantsi, bashimisha, kandi bigaragaza ko bakarishye, batihangana, babi kubabakeneyeho ubufasha, n'inkomezi, ni ukudasobanukirwa muburyo bwuzuye inshingano ye. Ni mukwita kubana bari mumafuti, bababaye cyangwa se bananiranye niho umwarimu azerekana ko ashoboye inshingano ye.

Igikomeye ni inshingano y'abemeye kuyobora imitima. Ababyeyi nyakuri biyumva ko batazigera na rimwe bakurwaho imitwaro yabo yose. Umwana kuva kumunsi wa mbere kugeza kuwanyuma, abona isano imuzirika kumutima w'ababyeyi be; ibikorwa, amagambo, indoro yemwe y'ababyeyi bikomeza kumutoza ibyiza cyangwa ibibi. Umwarimu asangira nabo kuri iyo nshingano; ningombwa gupima ubudahwema imico year kandi akagumana muntekerezo intego y'umurimo we.

Ntabwa afite gusa gusohoza imirimo ye ya buri muni, gushimisha abakozi be, kugarura kwisubirampo ku ishuri; agomba guha agaciro ibyiza by'abanyeshuri be, nk'umuntu, imitwaro yo mu mibereho izamushyirwa kubutugu, umurimo uzamusabwa ndetse n'umwiteguro umukwiriye. Umurimo asohoza umunsi kuwundi uzagira uruhare kubanyeshuri be, kandi binyuriye muri bo kubandi, icyitegererezo kitazigera gihagarara gukura kugeza ku iherezo ry'ibihe. Azabibonamo imbuto mugihe buri jambo, buri gikorwa kizasuzumwa imbere y'Imana.

Umwarimu wubahiriza ibyo byose ntagira ibyifuzo ko umurimo we uba urangiye mu gihe ibice by'isomo ry'umunsi rirangiye kandi ko abanyeshuri be, mu gihe kimwe batari muni y'ubutegetsi buziguye. Afite abo bana, abo basore mumutima we. Ashakisha ubudatuza, n'imbaraga ze zose kugirango abageze kukigero kiboneye cyo mu rwego rwo hejuru cyo kumenya..

Usobanukiwe amahirwe y' inshingano ye ntazemera icyo ari cyo cyose cyamubuza kwiboneza. Ntazatakaza umuruho numwe kugirango agree kukigero cyisumbuyeho. Ibyo yifuza ko abanyeshuri be baba cyo , azihatira kubacyo we ubwe.

Uko kwiyumvamo inshingano kwe kuziyongera, uko azarushaho kugerageza kujya mbere, niko azarushaho kwitegereza no gusobanukirwa n' amafuti amabera inzitizi ku gushukama kwe. Igihe azaha agaciro gukomera k' inshingano ye, ibinaniza bye n' ubushobozi bwe, kenshi azavuga ati: “ ninde ushobora gusohozza ibyo byose?”.

Barimu bakundwa mwe mupima amakene mufite yo gukomeza no kuyobora , amakene adashobora gukemurwa n' igisubizo cyose cya kimuntu, ndabasaba, mutekereze kumasezerano y' umujyenama w' ingirakamaro.

“dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye kandi ntawubasha kurukinga”. Ibyahishuwe 3:8.

“ ntabaza ndagutabara.” Yeremiya 33:3.

“nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama , ijisho ryanjye rizakugumaho.” Zaburi 32:8.

“ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y' isi.” Matayo 28:20.

Ku kubategura neza kunshingano yanyu, mube maso, ndabinginga, kujambo, kubuzima, kuburyo bw' umwigisha w' abigisha. Niwe gitekerezo cyawe. Mwitgereze, mwishingikirizeho kugeza ubwo umwuka we akwirakwira mumutima wawe no mubuzima bwawe.

“twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw' umwami , tubureba nko mundorerwamo mumaso hacu hadatwikiriye , duhindurwa gusa nawe. “ 2 abakorinto 3:18. Ngiryo ibanga ry' icyubahiro cyabyu ku banyeshuri. Rabagirana Umukiza Yesu.

### *Icyigwa cya 33 :Gushyikirana*

*Turi ingingo za bagenzi bacu. Abefeso 4:25*

Ntambaraga rukuruzi ikomeye mukurema  
imico nk'umuryango. Umurimo w'umwigisha  
uziyongera k'uw'ababyeyibariko ntuzafata umwanya wawo. Ababyeyi  
n'abigisha bago,mba gukorera hamwe kubigira uruhare mukubaho  
kwiza kw'abana.

Kwiga gushyikirana bitangirira murugo, mubuzima busanzwe; umugabo n'umugore basangira inshingano yo kurera abana babo, kandi bagombaga kwihatira buri gihe gukorana umuhati. Ni bishingikirize ku Imana kandi bayisabe ngo ibafashe gufashanya bya gicuti. Ni bigishe abana babo gukiranukira Uwiteka, kumahame bazi, kuri bo ubwabo nabo bashyikirana nabo. Abo bana, ku ishuri ntibazateza akajagari, cyangwa anmaganya, ahubwo bazaba icyishingikirizo kubigisha babo, icyitegererezo n'isoko y'inkomezi kuri bagenzi babo.

Ababyeyi bakora batyo ntibazigera banenga umwigisha. Biyumvamo ko mu inyungu y'abana babo ndetse binyuze m'ubunyangamugayo bwabo ku ishuri bagomba gukora byinshi mu gufasha no guha agaciro ugira uruhare mu inshingano yabo.

Ariko ababyeyi benshi aho bakora amafuti. Ibyifuzo byabo byo kunenga cyane , ntagutekereza , bigabanya imbaraga rukuruzi y'ubugiraneza n'ubugwaneza by'umwigisha hafi yo kubumara. Ababyeyi benshi batetesheje abana babo kubw'ubunenganenzi bw'ikirenga kandi bagasigira umwigisha inshingano ikomeye4 yo gukosora ubunenganenzi bwabo bagira inyifato bitera umwigisha gukomererwa n'inshingano: batera imitegekere y'ikigo muri ubwo

buryo batashobora ikindi usibye gushyigikira ku bana babo umwuka w'ubwigenge ndetse n'akamenyero kabi.

Niba ari ingenzi kunenga cyangwa gutanga inama kubirebana n'umurimo w'umwigisha, bigomba gukorwa hari umwarimu ubwe murwiharero. Niba ibyo bidatanze umusaruro, ningombwa gushyira ibyo bintu mu maboko y'abafite inshingano y'ikigo nta jambo, nta gikorwa kigomba gucogoza icyubahiro abana baha umuntu bishingikirijeho, muruhare runini, mukubahao kwiza kwabo.

Iyaba umubyeyi yasangizaga umwigisha ubumenyi bwihariye bafite mu mico y'abana babo ndetse n'umwihariko wabo, imbaraga nke zabo z'impagarike, azaba akoze umurimo ukomeye. Biteye agahinda kuko ibyo bibaho inshuro nkeya cyane. Ababyeyi benshi ntibigera bashakisha kumenya ubushobozi bw'umwigisha cyangwa gushyikirana nawe.

Ni ingenzi ko umwigisha yihatira gusanga ababyeyi baba biheje. Agomba kubasura kandi akiga kumenya ibibazo abanyeshuri be bahura nabo, ikirere atuyemo. Mu gushyikirana we kugiti cye n'umuryango we, n'ubuzima bwe bwa buri muni, ashobora gukomeza isano imuhuza n'abanyeshuri be, akumva neza kandi akayobora imico yabo.

Umwarimu wita ku mibereho y'imiryango ashobora kuba ingenzi mu buryo bubiri. Benshi ni ababyeyi batwarwa n'akazi, n'amaganya, maze ntibashobore gutandukanya imyanya y'ingenzi yo gukora kubw'inyungu z'abana babo. Umwarimu ashobora kubafasha kwita kubushobozi bwabo, n'amahirwe yabo. Azabona abandi bafata inshingano yabo nk'umutwari uremereye, bakababazwa no kubona abana babo bahindutse abagabo n'abagore beza kandi b'ingirakamaro. Kenshi agomba kubafasha, bagabana imitwari yabo. Muguhinduranya kwabo, ababyeyi n'abigisha bazaterana akanyabugabo, kandi bazakomezanya.

Agaciro ko gushyikirana m'uburezi nti kagereranwa. Ningombwa kumvisha abana kuva mubuto bwabo ko ari abagize umjyango. Abana ubwabo bagomba kwiga gukora imirimo ya buri muni kurwabo ruhare

kandi bakumvishwa ko ubufasha bwabo ari ingenzi kandi ko bufite agaciro. Abakuze bagomba gufasha ababyeyi, bakagira uruhare mugupanga imishinga, bagasangira inshingano n' imitwaro. Reka umugabo n;umugore bafate umwanya wo kwigisha abana babo, ni babereke ukuntu bishimira ubufasha bwabo, bifuza kwiringirwa, ko bakunda inshuti zabo; abana kurwabo ruhare bazakora bakurikije uko gushimwa. Murundi ruhande imitwaro y' ababyeyi izoroha kandi n' abana bazaronka imyitozo itagereranwa, isano yo mumuryango iziyongera ndetse n' imico izabyungukiramo muburyo bwimbitse.

Umwuka wo gushyikirana wagombaga kuyobora ishuri, ukaba ibwiriza ryo mubuzima. Umwarimu ubonye ubufasha bw' abanyeshuri be aba afite uburyo bw' agaciro bw' ikinyabupfura.

Mukugira uruhare rugaragara mubuzima bwo ku ishuri, ni abahungu bangana iki kubwo mkurakara kwabo bibakururira akajagari bazabona ubushobozi bwo gukoresha imbaraga nkeye zabo. Reka abakuze bafashe abatoya, reka abakomeye bafashe abanyantegenkel reka mu buryo bushoboka buri wese ararikirwe gukora ibyo ashobora neza. Ibyo bizakuzza muri buri umwe kwiyubaha n' icyifuzo cyo kwihindura ingirakamaro.

Bizaba byiza ko abasore ndetse ababyeyi n' abarimu ko bibanda ku inyigisho zo gukorera hamwe zo ibyanditswe byera bitubwira. Mu byitegererezo byinshi, dufate urwo kubaka ubuturo bwera, rugaragaza uruhare rw' ubwoko bwose, bahurije hamwe , “ umuntu wese utewe umwete n' umutima we , uwemejwe nawe wese” kuva 35:21. Musome inkuru zivuga ukuntu inkike z' I Yerusaremu zubatswe, n' abagabo bari bavuye m' ubunyage, bugarijwe n' ubukene, ibikomeme, akaga, ariko bakoze umurimo wabo neza kuko “ abantu bari bafite uwo murimo k' umutima” Nehemiya 4:1. Tugerageze umumaro w' intumwa mugihe hiyongeraga abapagani. Nibo bakiraga , mubiganza by' Uwitwika aho biyongeraga, ibitebo by' imitsima , maze bakabikwirakwza ku imbaga.

“ turi ingingo za bagenzi bacu.” Abefeso 4:25.”nkuko umuntu yahawe impano aye ariko muzigaburirana , nkuko bikwiriye ibisonga byiza by’ubuntu bw’Imana bw’uburyo bw’inshi. “ 1 petero 4:10.

Mbega ukuntu ari ngenzi kwakira aya magambo yavuzwe kera n’abasengaga ibigirwamana , ariko kubashaka gutunganya imico b’iki gihe ngo babe bayaha agaciro. : “ umuntu wese yatabaye umuturanyi we, akabwira mugenzi we ati : komera. “ yesaya 41: 6.

### ***Icyigwa cya 34: Ikinyabupfura***

*Uhane, uteshe, uhugure ufite kwihangana kose no kwigisha. 2*  
timoteyo 4:2.

Kimwe mu bintu bya mbere byo kwigisha umwana ni ukumvira. Dushobora kumwigisha kumvira mbere yuko aba mukuru. Ubugwaneza no gushinyiriza bizamushoboza gucengeza ako kamenyero, kazarinda amakimbirane hagati y’akamenyero n’ubutegetsi, kubita ndukanya abana kubabye babo n’abigisha babo, kububuzam o icyizere no kubazana ku kwihanganira ubutware bwose bwaba ubwa kimuntu cyangwa ubw’Imana.

Intego y’ikinyabupfura ni iyo gutegura abana guhinduka abiyobora. Bagomba kwiga kwiyobora, no kwitegeka. Kandi kuva igihe bazaba bashobora gusobanukirwa , gutekereza ningombwa kubigisha agaciro ko kumvira. Tubereke ko byose bishingiye kumategeko, kuyica bikurura akaga ( ikiza) , no kumubabaro. Igihe Imana ivuze iti : “ ntugomba”, iratuburira, mu rukundo rwayo, ibikorwa byo kutumvira uko ari ko kose kugirango iturinde ibibi n’ibigeragezo.



Dufashe abana gusobanukirwa ko ababyeyi n'abigisha ari abahagarikizi b'Imana. Kandi ko igihe bakorana neza nawe, amabwiriza abasaba gukurikiza, murugo cyangwa ku ishuri, ko ari ayayo. Kandi bityo ko abana bagomba kwicisha bugufi imberer y'ababyeyi n'imbere y'abigisha. Abo nabo bagomba kwicisha bugufi imbere y'Imana.

Ababyeyi n'abigisha bagomba kwihatira kuyobora kuyobora imikurire y' abana badahagaritse amasomo, batayoboranye igitugu. Ntabwo bagomba gushyiramo ikirenga, cyangwa mu bindi. Ni ikosa rikomeye gushaka " gusenya ubushake" bw'umwana. Ibyo anyuramo biratandukanye; niba imbaraga zishobora kumweza kubahwa kuvuye hanze, bishobora kubyara mu mitima y'abana benshi ubwigenge bwimbitse cyane. Kabone nubwo ababyeyi cyangwa abigisha bashobora kubona kubahwa bifuzwa kubacengezamo, umusaruro ushobora kuba mubi kubana. Uburezi bw' ikiremwa muntu gifite ubwenge ntibugoma kubaho nko kororwa kw'amatungo. Uyu yiga gusa kumvira umwigisha we, umubereye ubwenge n'ubushake. Ubu b uryo bukoreshwa inshuro nyinshi hamwe n'abana, bubyara kwigana k'uburyo bubiri. Intekerezo zabo, ubushake bwabo, umutima nama wabo uba uri kubandi. Ntabwo biri mu migambi y'Imana ko umuntu akorerwa atyo. Abacogoza cyangwa bakarimbura umuntu batera inshingano zikomeye akaga. Abana bemera ubutegetsu bashobora kugereranwa n'abvasirikare batojwe neza; ariko igihe atahari, usnga kom imico yabo ibuze imbaraga, gushikama. Ntibigeze biga kwiyobora ubwabo kandi ntibazi imbogamizi nimwe, uretse ibyo ababyeyi babo n'abigisha babo basaba; ibirenze ibyo, ntibazi uko bakoresha ukwishyira ukizana kwabo nuko inshuro nyinshi bakirundurira mu gucika integer guteye ubwoba.

Gutegeka ubushake bwe ni ibintu bikomereye abana bamwe kimwe n'abandi., noneho umwigisha agomba kwita kugiurango byorohe uko bishoboka ngo yumvire ibyifuzo bye.

Ubu8shake bugomba kuyoborwa, bugatozwa , ntibusuzugurwe cyangwa ngo buvunabgurwe. Twubahe imbaraga zabwo; murugamba rw"ubuzima , buzaba ubw"agaciro kenshi.

Abana bagomba kumenya agaciro k"ubushake. . ningombwa ko bigishwa gutandukanya ubwaguke bw"inshingano bufite. Ni imbaraga ibashisha umuntu gutegeka, gufata imyanzuro no guhitamo. Buri kiremwa muntu gifite ubwenge gifite ubushobozi bwo guhitamo ibyiza. Mu inararibonye yacu ya buri muni Imana iratubwira iti: " uyu muni ni mwitoranirize uwo muzakorera." Yoswa 24:15. Buri wese ashobora kuyobora ubushake bwe kugukurikiza ubushake bw"Imana, agahitamo kuyumvira kandi mukwihuza gutyo kumbaraga mvajuru, ashobora guhagarara ashikamye kure y"ikibi. Buri musore, buri mwana afite ubushobozi afashijwe n"Imana bwo gucura imico iboneye kandi no kubaho imibereho ifite akamaro.

Ababyeyi n"abigisha baburiwe bigisha bana kwitegeka bazababera ubufasha bw"agaciro kandi bwiza. Umurimo wabo wenda ntuzagera kubyo usuzumana umuhati ashaka kandi wenda ntibizishimirwa kereka gusa wenda n"ashiraho ubutegetsi butajegajega ku intekerezo no kubushake bw" umwana; ariko imyaka izerekana uburyo bwiza.

Umurezi w"umunyabwenge ashaka gucengeza ibyiringiro no guteza imbere akamaro k"icyubahiro. Abana n"abasore bakeneye ko twabiringira; abana nabo bafite agaciro gakomeye, bese bakeneye kwizerwa, ko bubahwa kandi ni uburenganzira bwabo. Ntibagomba kugira ibiyumviro ko bashobora kugenda maze Ingo bagaruke badasuzumwe iyo bavuye. Gusuzugurwa guca integer kandi kukabyara ibibi byashoboraga kwirindwa. Abigisha ntibazaganzura ubudahwema abigishwa babo nkaho babakekaho ikibi, ariko bazamenya intekerezo zibabaye kandi bazihatira gucvozoza ibyitegererezo byanduye.

Ningombwa ko abasore biyumvako biringiwe: nibiba bityo noneho ntibazashakisha gushaka kwerekana ko biringiwe.

Kubw'iyoy mpamvu , nibyiza kubaza ahyo gutegeka; bityo ubazwa noneho afite umwana wo kwerekana gukiranuka kwe. Kumvira kwe ni umusaruro w'amahitamo , si uwo guhatwa.

Amategeko y'ishuri agomba gusobanura uko bishoboka imiburo y'ikigo. Buri hame rigomba kumvirwa na buri mwigishwa abikunze kugirango asobanukirwe ibyiza shingiro. Bazabona noneho ko buri kiremwa cyose cyitayko cyubaha amabwiriza yashyizweho yo bakoze.

Ayo mabwiriza agomba kuba make cyane kandi agatekerezwaho cyane; igihe yashyizweho, agomba kumvirwa: intekerezo ziga kwemera ibidahibnduka, no kubyisanisha" ariko kubura gushikama bibyara ishvari, ibyiringiro , gushidikanya, kwivovota, umujinya, no kubura ikinya bupfura.

Agomba gusobanuka neza kuko Imana itigera yemera umushyikirano uwo ari wo wose n'ikibi. Kutumvira ntigushobora kwihanganirwa haba mu rugo , haba mu ishuri. Ntamubyeyi cyangwa mwigisha ufite kumutima we ibyiza by'abamushinzwe uzacira akarurutega abatemera ubutegetsi cyangwa bakoresha uburyo butari bwo, bagahunga kugirango batumvira. Ntabwo ari urukundo ahubwo ni ibiyumviro biyakandagira hamwe n'ibikorwa bibi, ugushwa binyuze mu ishyeshyenga , mu mpano zo kubona ibyubahiro, maze bikarangira bemeye n'ibindi bintu birenze ibyo bari basabwe.

" abapfapfa bahinyura igitambo cy'ibyaha." Imigani 14:9. Mwirinde mudafata icyaha muburyo bworoheje. Gitera imbaraga yo gushidikanya kuwo cyagezemo. " umunyabyaha azafatwa no gukiranirwa kwe, kandi azakomezwa n'ingoyi z'icyaha cye." Imigani 5:22. Ifuti rikomeye dushobora gukorera umwana cyangwa umsore ni ukumureka akirundurira mu kamenyero kabi.

Abasore bafite urukundo karemano rwo kwigenga, bararwifuzwa; ningombwa kubumvisha ko badashobora kwishimira iyo migisha itagereranwa kereka gusa bumviye amategeko y'Imana, ibyo nibyo byonyine bibaha ubwishingiza bw'ubwigenge nyakuri. Amategeko y'Imana arondora kandi agaciraho iteka abatesha agaciro kandi

ntibakorere umuntu, barinda batyo imbaraga z'ikibi umukurikira. Reba uko umunyaburi yavuze: “nzagendana umunezerokuko njya ndondora amategeko wigishije. Nishimira ibyo wahamije, nibyo bingira inama.” Zaburi 119, 45,24.

Mugukosora ikibi kwacu, .twirinde kumunenga. Guhozaho umuntu ijisho bitesha umurongo ntabwo bigorora. Intekerezo nyinshi, cyane ikabakabwa cyane , ntizishobora gutanga igipimo cyazo mu binezeza byo murwego rwo hejuru byo gukobwa nta bugiraneza. Amababi ntakura mumuyaga mwinshi urimbura.

Umwana uteshwa cyane ku icyaha kimwe asoza atekereza ko icyo cyaha ari cye gusa kandi ko adashobora kukirwanya. Ni gutyo havuka muri we gycika integer no kwiheba , inshuro nyinshi akishisha mubunenganenzi cyangwa mukwiheba .

Gucyaha ntikwigerira kugera ku intego yako kereka gusa uwakoze ifuti aryemera kandi yifuza kurikosora. Noneho ningombwa kumuyobora ku isoko y'imababzi n'imbaraga, agafashwa kugumana ubunyangamugayo bwe, ukamutera akanyabugabo n'ibyiringiro.

Iyo nshingano ni iyi ngenzi cyane, ni umurimo ukomeye mu mirimo yashinzwe ikiremwa muntu. Isaba uburyo, gukabakabwa guhagije, ubumenyi bwimbitse bw'ikiremwa muntu, kwizera no kwihangana mvajuru, ubushake bwimbitse bwo gukora, bwo kuba maso, bwo kumva. Ni umurimo w'ingenzi cyane kurusha iyindi yose.

Abashaka kuyobora abandi bagomba kubanza kwiyobora ubwabo. Niba twisanze imbere y'umwana cyangwa umusore , tuzakangura ibyiyumviro bye. Igihe ababyeyi cyangwa umwigisha arakaye akaba ashobora kuvuga nabi , ni aceceke. Mu guceceka harimo imbaraga y'akataraboneka.

Umwigisha agomba kumenya ko azahura n'ibihe bitari byiza, n'imitima yinangiye. Imbere yayo, ntakwiriye kwibagirwa ko nawe yahoze ari umwana, ko nawe yagize igihe cyo kwiga ikinyabupfura. Na

none, kabone imyaka ye, ubuhanga bwe, inararibonye ye, akora amafuti kandi agombva guhamagarirwa kukutanenganenga no kwihangana. Ningombwa kwita ko afite ibyo gukora kubyaremwe by'ibinyantege nke bahuje kamere yu'ikibi nkawe. Bose bafite ibyo kwiga, kandi kuri bamwe muri bo ni ibikomeye kimwe no kubandi. Umwigisha agomba gukorana kwihangana kubanyeshuri b'abanyamafuti, ntagukoba ubujiji bwabo, ahubwo buri mwanya wose abonye akabakomeza. Hamwe n'abanyeshuri bakabakabwa, boroheje, agomba kwiyerekana lyuzuye ubugwaneza. Gusobanukirwa n'intege nke ze bizatuma afatana ubudahwema imbabazi no kwihangana ababaswe n'ibiruhanya.

Itegeko ry'ubuzima ryatanzwe n'umukiza : “ uko mushaka ko abantu babagirira, abe ariko mubagirira namwe” ( luka 6:31),

ryagombye gushyirwa mu bikorwa n'abarera bese abana, abasore bari muri bo bagize nabo umuryango mvajuru, abaragwa b'ubugingo. Itegeko rya Kristo rigomba kubahirizwanywa gukiramuka kubasore, bafite ubwenge buke, b'ibitandame cyane, kubayobagurika n'abigomeka.

Ibyo bizayobora umwigisha ku kwirinda gushyira amafuti y'abigishwa ahagaragara, n'amakosa yabo. Azirinda gukoba, guhanira imbere y'abandi. Ntazigera yirukana umwigishwa Atari yagerageza byose kuri we. Ariko birashoboka ko umwigishwa atabona inyungu akura mu ishuri, mu gihe inyifato ye, kwanga kubaha abyobozi bihindutse ibyangiriza kandi byanduza ni ngombwa kumwirukana. Bityo, mwirinde ku kwirikanira muruhamabikurura benshi mu kubura ubwitonzi, mu biza; mugihe ari ngombwa gukora bityo, bishobora gukemukira murwiherero. Umwarimu nabikore neza, abisubiramo, mu mushyikirano hamwe n'ababyeyi.

Iki gihe cyacu ni igihe kiruhije cyo kuturwamo n'urubyuruko, bazengurutse nkuko biri n'ibishuko; mu gihe byoroshye mukubwirunduriramo byose. Hasaba imihati myinshi mukugabanya iki cyorezo. Amashuri agomba kuba “ imidugudu y'ubuhungiro” ku basore, ahntu ho “ ubusazi “ bwabo buzafatwanwa ubwitonzi n' ubwenge. Abigisha biyumvamo inshingano yabo bazakura mu mitima yabo, mu

mibereho yabo, ibyababuza byose kwita neza kubanyeshuri b' ubwenge buke n'abatubaha. Amagambio yabo azaba yuzuye urukundo n'ubugwaneza, kwihangana no kwitegeka. Bazunga ku gukiranuka kutanenganenga n'ibambe. Igihe bazaba bafite icyo gucyaha, bazabikora ntakubabwira, borolheje. Bafite ubugwaneza, bazereka umwana amafuti ye kandi bazufasha kwihana. Buri mwigisha nyakuri aziyumvamo ko ibyaba byiza ari ubunenganenzi aho gukariha.

Abasore benshi bo dutekereza ko badakosorwa ntabwo ariko biri nkuko byibwirwa. Benshi mubasa nkaho bari mugihe cyo kwiheba bashobora kwikosora bitewe n'ikinyabupfura cyiza. Ubugwaneza buza buhoro buhoro hafi yabo bana. Reka umwigisha aronke kwiringirwa nabo; mukubasobanurira kandi mukubafasha guteza imbere ibyiza bibarimo, ashobora inshuro nyinshi gukosora ikibi atabikururiyeho.

Umwigisha mvajuru yihanganira abantu, hamwe n'amafuli yabo n'ubugome bwabo. Urukundo rwe ntirwigera rucogora; imihati ye yo kuronka imitima y'abana be ntihwema. Arambuye amaboko, yiteguye kwakira abayobye, abigometse, n'abashutswe. Umutima we ugirira impuhwe integer nke z'umwana warezwe nabi, ku majwi y'imibabaro azamuka akamugeraho. Abantu bose n'ab'igiciro mu masohoye, ariko imitima ikomeye, yabaye akahebwe, itindahaye niyo agirira ibabazi cyane, n'urukundo; areba ingaruka n'umusaruro. Yita mu buryo bw'umwihariko ushobora kugwa mubishuko muburyo bworoheje, n'ugiye kugwa mucyaha.

Ababyeyi n'abigisha bagomba kwita kukugira imico y'urengera ababaye, y'abarengana, y'abagerabazwa. Bagomba "kwihanganira abatazira ubwenge n'abayobye, kuko nabo bagoswe n'intege nke." Abaheburayo 5:2. Yesu adufata neza kuruta uko twari tubikwiriye; ibyo adukorera tugomba kubikorera abandi. Inyikfato y'ababyeyi, y'ababyeyi ntigira igisobanuro niba idasa niyo Umukiza yarafite muri uwio mwanya w'uburezi yarafite.

## Ikinyabupfura cyo mu mibereho.

Munsi y'ikinyabupfura cyo murugo n'ikinyabupfura cyo ku ishuri, hari ikinyabupfura gikomeye cyo mu mibereho. Ni ngombwa kwigisha abana, urubyiruko, kucyumvira ufite ubwenge. Ni ukuri ko Imana idukunda, ko akorera byose kubw'umunezero wacu, kandi ko tutari kuzigera tugira imibabaro iyo amategeko aza kubahirizwa; ibyo byatugezeho bitewe n'ingaruka z'icyaha: imibabaro, imiruhu, imitwari, biboneka muri buri mibereho. Dushobora gukora ibyiza byinshi abana bacu, abasore bacu, tubigisha guhangana akanyabugabo ibyo binaniza. Tugomba kubahamiriza urukundo rwacu, ariko ntitubashishikarize kwiyitaho ubwabo, bakeneye guterwa akanyabugabo, gukomezwa, ntibacogozwe.

Bagomba gusobanukirwa neza ko isi Atari ahantu ho gukorera akarasisi, ahubwa ko ari urubuga rw'intambara aho buri wese ahamagarirwa kwihanganira imibereho iruhanije, nk'umusirikare mwiza, bagashikama kandi bakifata nk'abagabo. Reka imbaraga z'imico zikorane n'ubushake mu kwikorera inshingano, mu kwemera imyanya ikomeye, mu gukora umurimo wo gukorwa nubwi haba hatari umuntu wo kugushimira.

Inyifato ikwiriye muguhangana n'ibigeragezo ntabwo ari ukubihunga, ahubwo ni ukubibonamo inyungu; ibi ni ukuri mu bihe byose. Ni ba itozwa ry'abana bato ryirengagijwe, ibyifuzo bye bibi bizakura; bizaba bikomeye kumurera, kuko bizaba biruhanije kwicisha bugufi ngo bemere ikinyabupfura. Birakomeye, kukubaho kwacu kwananiranye, icyo kinyabupfura gihabanye n'ibyifuzo byacu n'ibyifuzo byacu karemano; ariko ushobora kwibagiraa kunyungu z'ibyishimo byagutse.

Reka abana n'abasore bige ko buri futi, buri kosa, buri kirushya arenze bimukururira ikintu cyiza cy'agaciro. binyuze muri ubwo bunararibonye niho ababayeho imibereho iboneye bashoboye kuyibamo.

Abagabo bakomeye batsinze imisozi  
Ntibayitsinze ntangorane bahuye nazo.  
Mugihe bagenzi babo bari baryamyey,  
Bayizamukanaga umuruho mu ijoro.  
Ni ibiri mubirenge byacu bidukuza,  
Ibyo twize gutegeka,  
Akajagari gatsinzwe, irari rirapfa,  
Ibirushya byo twambukiranya buri munsu.  
Ibintu byose bipfuye, imirimo ya buri munsu Byuzuza  
ibihe byacu, ibinezeza byacu n'ibitubabaza  
Bishobora kudufasha kutujyana imbere.

Tugomba kureba “ Atari kubiboneka, ahubwo tureba kubitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose. “ 2 abakorinto 4:18. Igihe ducitse kubitekerezo byacu, kubyifuzo byacu byo kwikunda, tuzabigurana ibikorwa by'igihe gito kandi bifite agaciro gake tubigurane ibintuby'agaciro kenshi kandi biramba . aho ntihari gitambo, ahubwo hari inyungu nyinshi.

“ ikintu cyiza” ni ijambo ry'ingenzi ry'uburezi bwose, itegeko ry'imibereho mizima. Igihe cyose Kristo adusaba kureka ibyo ari byo byose, aban ashaka kutwegurira ikintu cyose cy'ingenzi. Abasore birundurira mu mirimo, mu mishanga, ibinezeza bitari bibi ariko biri kure y'ibyiza by'ikirenga; batesha ubuzima intego yabwo iboneye. Ibipimo by'amajyejuru, guca urubanza bishobora kutazana abasore kugucika burundu kubyo birunduririyemo. Tubayobore ku kintu cyiza cy'ingenzi kuruta ibinezeza, ibyifuzo, urukundo rw'ibirambye. Mubamenyeshe ubwiza nyakuri, amahame yo mu rwego rwo hejuru, ubuzima bwiza. Ubereke “ uwifuzwa ibihe byose n'abantu”; igihe tuzamuhanga amaso, ubuzima bwacu buzabona ishyikizo. Aho ibyishimo, umuhati, umuriro w'abasore uzabona intego nyirizina. Inshingano isohozwa mu bwiza, gitambo hamwe n'ibinezeza. Ubaha Kristo, ba usa nkawe, gukora kubwe niyo ntego ikomeye, ibyishimo byimbitse cyane byo mu buzima.



“ urukundo rwa Kristo ruraduhata. “ 2 abakorinto 5:14.

### ***Icyigwa cya 35 :ishuri ryo mu rwego rwo hejuru***

*Zizabona mumaso hayo izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo.  
Ibyahishuwe 22:4*

Ijuru ni ishuri ibyigwa bikaba isi naho umwigisha ni Imana itagira iherezo. Icyigwa ( section) cy’iryo shuri cyashyizweho muri Edeni kandi kizongera kwigwa bundi bushya igihe inama y’agakiza izaba igeze ku iherezo.

“ ibyo ijisho ritigeze kureba, n’ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mumutima w’umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.” ( 1 abakorinto 2:9). , ibyo byose dushobora kubimenya gusa binyuze mu ijambo ry’Imana cyane cyane mu ibyahishuwe..

Murebe ukuntu umuhanuzi wo kuri Patimosi asesengura ishuri ryo murwego rwo hejuru: “ mbona ijuru rishya n’isi nshya , kuko ijuru rya mbere n’isi ya mbere byari byashize...mbona ururembo rwera Yerusaremu rumanuka ruva mu ijuru ku Imana , rwiteguwe nkuko umugeni arimbishirizwa umugabo we. “ ibyahishuwe 21;1,2.

“urwo rurembo ntirugomba kuvirwa n’izuba cyangwa n’ukwezi kuko ubwiza bw’ Imana aribwo buruvira kandi umwana w’Intama ariwe tabaza ryarwo.” Ibyahishuwe 21:23.

Hagati y’ishuri rya mbere ryo mw’Edeni n’iry’ahazaza, hari amateka yose y’isi, amteka yo gucumura n’umubabaro , y’igitambo mvajuru n’insinzi ku icyaha n’urupfu. Ishuri ry’ahazaza ntabwo rizaba risa neza n’iryo muminsi ya mbere . ntagiti cy’ubwenge bumenyekanisha icyiza n’ikibi, ntamushukanyi uzahaba, ntamwanya wo gufudika, buri wese azaba yaratsinze igishuko cy’ibibi kandi ntamuntu uzonera kukigwamo.

“unesha nzamuha kurya ku mbuto z’igiti cy’ubugingo kiri muri Paradiso y’Imana.” Niko Kristo avuga. Ibyahishuwe 2:7. Ibyiza

bitangwa n'igiti cy'ubugingo muri Edeni cyari kibujijwe , kandi nyuma cyanyazwe umuntu. Impano y'ubugingo buzaza ni ubvudahinduka kandi ni ubw'iteka ryose.

Umuhanuzi abona “uruzi rw'amazi y'ubugingo rubonerana nk'isarabwayi, ruva ku ntebe y'Imana n'Umwana w'Intama. ...hakurya no hakuno y'urwo ruzi , hari igiti cy'ubugingo...urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize.” Ibyahishuwe 22:1,2; 21:4.

Abantu bawe bose bazaba abakiranutsi,  
Bazaragwa igihugu kugeza iteka ryose,  
Bazaba ishami nitereye,  
Umurimo w'intoki zanjye  
Umpesha icyubahiro.  
Yesaya 60:21.

Umuntu bundi bushya hamwe n'Imana shobora kwigishwa nayo bundi bushya kimwe nka mbere. “ abantu banjye bazamenya izina ryanjye, kuri wa munsu bazamenya ko ari jye uvuga. Dore ni jye.” Yesaya 52:6.

“dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana nabo nabo bazaba bayo kandi Imana ubwayo izabana nabo ibe Imana yabo.” Ibyahishuwe 21:3.

“aba ni abavuye mumubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo babyejeshya amaraso y'umwana w'intama. Nicyo gituma baba imbere y'intebe y'Imana , bakayikorera mu rusengeru rwayo kumanywa na nijoro....ntibazicwa n'inzara ukundi, kandi ntibazicwa n'inyota ukundi kandi izuba ntirizabica cyangwa icyokere cyose, kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'ubwami , azabaragira akabuhira amasoko y'amazi y'ubugingo , kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo.” Ibyahishuwe 7:14-17.

“ icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice , ariko icyo gihe

nzamenya rwose nkuko namenywe rwose.” 1 abakorinto 13;12. “zizabona mumaso hayo izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo.” Ibyahishuwe 22:4.

Noneho ,igihe igicu kibuditse amsi yacu kizakurwaho maze amaso yacu akareba iyo si nziza yo tudashobora kurebera muri mikorosikopi; igihe tuzishimira ubwaguke bw’ijuru bwo teleskopi itwerekana; igihe isi yose , iziyamburura ubuhumane bw’icyaha, izinjira mu bwiza bw’Uwiteka, Imana yacu, mbega imbaga y’amasomo azashyirwa imbere yacu! Umwigishwa ashobora kongera kwitegereza neza ibyo mugihe cy’ibyaremwe noneho azabona ko nkovu z’icyaha zihari. Ashobora kumva indirimbo y’ibyaremwe, ntazigera yumvamo akababaro, ntazigera yumva injyana y’agahinda. Kuri buri kiremwa cyose, ashobora gusobanukirwa ikiganza cy’Imana, kubona izina ry’Uwiteka binyuriye mu isanzure; haba isi, haba ijuru ntibizongera kugira ikimenyetso cy’ikibi.

Noneho tuzabaho ubuzima bwo muri Edeni, mumirima no mubusitani. “bazubaka amazu bayabemo, kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo.

Ntibazubaka amazu ngo abandi bayabemo, ntibazatera inzabibu ngo ziribwe n’abandi, kuko bazamara imyaka nk’ibiti, kandi abatoni banjye bazashyira kera bishimira imirimo y’intoko zabo.” Yesaya 65:21,22.

“ntibizaryana kandi ntibizarimbura hose kumusozi wanjye wera. Niko Uwiteka avuga.” Yesaya 65:25. umuntu azasubizwa mu kwera kwe n’byaremwe bito bizongera bundi bushya kugira agaciro kabyo; inyamaswa z’inkazi zizaba zituje, zitinya, ziringirwa.

Amateka azigishwa abigishwa hakurikije ubwaguke bwayo , n’ubutunzi bwayo bwose. Uyu muni, binyuze mu ijamba ry’Imana, abigishwa bafite agace kumateka, ubumenyi buke kumahame akoresha imirimo ya kimuntu. Ariko mukureba kwabo ni ibirororori, kumenya kwabo ntikuzuye. Ntibashobora kureba byose neza kereka gusa igihe bashobora kuba mumucyo w’iteka ryose.

Noneho bazasobanukirwa n'ntambara ikomeye yatangiye ku intango y'ibihe kandi ikarangizwa nawe. Intangiriro y'icyaha, ibinyoma bikomeye muburyarya bwacyo bwose, ukuri kutazigera gutsindwa n'ikibi, ibyo byose bizamurikwa. Igishura gitandukanya isis igaragara n'isis itagaragara kizatamururwa, ibintu byiza cyane bizahishurwa.

Ntituzasobanukirwa n'ibyo tugomba kwitaho, n'ubufasha bw'abamarayika kereka gusa niduhishurirwa, binyuze mu mucyo w'iteka ubugiraneza bw'Imana. Ibiremwa mvajuru byagize uruhare rukomeye mu mirimo ya kimuntu. Berekanwe mu myambaro y'umucyo cyangwa nk'abantu, abagenzi. Bemeyen gucumbikirwa, bayoboye abagenzi bafashwe n'ijoro. Bahagaritse imyivumbagatanyo y'ubwicanyi, babuza ibirimburu.

Abategeka b'iyi si ntibazi ko mu nama zabo ko abamarayika bavuga. Abantu barababonye, bumvishe amahamagara yabo. Mu inama za abaminisitiri no mu nkiko, intumwa mvajuru zasobanuye impamvu z'abababazwa, z'abarengana. Bahagaritse imishinga, bashyiraho rutangira ku byago byari bigiye guteza akaga ndetse n'umubabaro kubana b'Imana. Ibyo byose bizahishurirwa abigishwa mu ishuri ryo mu ijuru.

Buri uwacunguwe noneho azapima akamaro k'umurimo w'abamarayika mu buzima bwe. Umumarayika wa murinze kuva akivuka, witaye ku intambwe ze zose kandi akamurinda ibyago; marayika wari kumwe nawe mu kibaya cy'igicucu cy'urupfu, waruzi aho aruhukira, uzaba wabaye uwa mbere kumusuhuzwa mu gitondo cy'umuzuko, ndetse bizaba binejeje kuganira nawe, kumwigiraho ukuntu Imana yagiye yitambika muri buri mibereho ya kimuntu, ukuntu ibiremwa mvajuru bakoranye kuri uyu murimo kubw'ikiremwa muntu!

Ibibazo byose noneho tuzabaza kum ibereho yacu noneho bizabonerwa ibisubizo. Aho twabonaga akajagari, urujijo, imishinga itagerwaho, imishinga ibangamierwa, tuzahabona imigambi ishobora byose, igera ku insinzi, kandiitunganye y'Imana.

Abakoranye kwitamba ntanyungu bashaka noneho bashobora kwishimira umusaruro w'umuruho wabo. Tuzabona ingaruka y'amahame meza, y'ibikorwa biboneye. Tiubibonaho ibice muri iki gihe; ariko mbega ukuntu abakora imirimo iboneye muri ubu byuzima bishima gake bishimira umusaruro ubivamo! Hari benshi baruha, abagwaneza, badacogora, kubandi ntibabizi, kandi ntibashobora kubigera. Ababyeyi n'abigisha basinzira ibitotsi byabo bya nyuma, imibereho yabo isa nkaho itagira akamaro; ntibazi ko gukiranuka kwabo kwadudubije isoko y'imigisha idakama

Binyuze mu kwizera gusa niho bashobora kubona abana babo barerewe mu mihati yabo bahinduka isoko y'imigisha ndetse n'icyitegererezo kuri bagenzi babo, noneho icyitegererezo cyabocyikuba inshuro nyinshi. Umubare w'abakozi benshi bo mu mpande z'isi bahindutse intumwa z'imbaraga, z'ibyiringiro, z'akanyabugabo.; ariko bakorera ukwabo no mu mwijima ariko ntibazi ikintu gikomeye kizakurikiraho mu mushinga wabo. Bityo impano zaratanzwe, imitwaro irikorera, imirimo irakorwa. Abantu barabiba , kugituro cyabo abandi bakahasarura byinshi. Batera ibiti abandi bakarya imbuto zabyo. Aha ku isi bishimira kumenya ko bashize kumurimo imbaraga z'ibyiza. Mu ishuri ry'ikirenga tuzabona buri muhati n'imusaruro wawo.

Ijuru ricira urubanza rutabera impano zose Imana yahaye abantu kugirabgo bashimangire umurimo udashakaho abandi inyungu. Kuyivumbura mubwiza bwayo bwose, kubonana n'abazamuwe binyuze muri twe, bakungahaye, gusanga mumateka yabo gukomera kw'amahame y'ukuri bizaba ingingo yo kwigwaho , impano tuzahabwa n'ishuri ryo mu ijuru.

Noneho tuzamenya nkuko twamenywe. Tuzatanga muburyo bwiza cyane, muburyo buboneye, urukundo n'ubucuti Imana yashyize mu mitima yacu. Gushyikirana n'ibiremwa byera, kubana neza n'abamarayika ndetse n'abakiranutsi b'ibihe byose, kwishimira ubwo

bucuti bwera buhuza umuryango mugari wo mu ijuru no mu isi, ngibyho ibyo ubuzima bw'ahazaza buduhishiye.

Hazabayo imiziki, indirimbo , zo ugutwi kutigeze kumva, ibyo intekerezo zitigeze zitekereza, usibye amayerekwa y'Imana.

“abaririmbyi n'ababyinnyi bazavuga bati: amasoko yanjye ari muri wowe.” Zaburi 87:7. “bazarangurura amajwi badsakuze kubw'icyubahiro cyu'Uwiteka, bazatera hejuru bari ku inyanja.” Yesaya 24:14.

“uwiteka ahumuriye I Siyoni n'imyanya yahoo yose yabaye imyirare arayihumuriye, ubutayu bwaho abahinduye nka Edenin'ikidaturwa cyaho akigize nka ya ngobyi y'Uwiteka, muri yo hazaba umunezero n'ibyishimo n'impundu n'amajwi y'indirimo. “ yesaya 51:3.

Ubushobozi bwose, ubumenyi bwose bizatewra imbere. Imishinga y'akatarabonekaizatunganywa neza, ibiyumviro byo mu rwego rwo hejuru bizahazwa, ibyifuzo bikomeye bizashyirwa mu bikorwa. Ibiri amambu , hazagumaho impinga nshyashya zo kugeraho, ibyiza bishya byo kwishimira, ukurin gushya ko gusobanukirwa, ingingo z'ingenzi nshya kumibiri yacu, ku intekerezo zacu no kumutima wacu.

Ubutunzi bwose bwo mu isanzure buzigishwa mu ishuri ry'aban b'Imana. Dufite umunezero utarondoreka tuzagira uuhare mubyishimo, k'ubumenyi bw'ibyaremwe byera. Tuzagira ana none umugabane kubwenge bwabitswe ibinyejana n'ibinyejana byinshi bwo kureba imirimo y'Imana. Iteka tyose rizatuzanira ubudahwema ihishurwa ry'ubwiza, impano z'Imana zizaba iteka ryose, “ziruta cyane ibyo dusaba n'ibyo twibwira byose.” Abefeso 3:20.

“ imbata zayo zizayikorera.” Iyahishuwe 22:3. Imibereho ku isi ni intangiriro ry'imibereho mu ijuru; uburezi ku isi buduhuza n'amahame mvajuru; ubuzima bwacu bwa none budutegurira ubuzima bw'ahazaza. Icyo turi cyo nonaha, imico yacu, uko dukorera Imana byerekana neza ibyo tuzaba byo.

“umwana w’umuntu ntiyaje gukorerwa ahubwo yaje gukorera abandi.” Matayo 20:28.

umurimo wa Kristo ku isi ndetse n’umurimo we mu isuru urasa; ingororano zacu kuko twakoranye nawe ku isi zizaba zigaragaza ko twakorana nawe byinshi kandi byiza mu isi izaza. “muri abagabo bo kumpamyi ko ari jyewe Mana. “yesaya 43:12. Tuzanahamiriza na none mu ijuru.

Kubera iki intambara ikomeye izabaho ibinyejana byinshi? Kubera iki Satani atarimbuwe uhereye igihe yari acyigomeka? Byari ukugfirango isi yemezwe gukiranuka kw’Imana igirira ikibi; kugirango icyaha gicirwe urubanza ruhoraho. Mu inama y’Agakiza hari uburebure , n’ubwaguke byo iteka ryose ryonyine ritashobora kumara, ibyiza byo abamarayika bifuzaga gusobanukirwa. Ibyaremwe byonyine byacunguwe byatsinze intambara y’icyaha. Bakoranye na Kristo, basangiye nawe imibabaro ye nkuko abamarayika ubwabo batashoboye kubikora. Mbese ntibazagira ubuhamya bwo gutanga kugucungurwa kandi , hari ikizaba kitari cyiza kubazaguma bakiranuka?

“kugirango muri iki gihe abatware n’abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw’umwuka, bamenyeshwe n’itorero ubwenge bw’Imana bw’uburyo bwinshi.” Abefeso 3:10. “ituzurana nawe , itwicaranya nawe mu ijuru mu buryo bw’umwuka turi muri Kristo Yesu, kugirango mu bihe bizaza izerekane ubutunzi bw’ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu.” Abefeso 2:6.

“mu rusengeru rwayo byose bikavuga biti: icyubahiro kube icyawe.” Zaburi 29:9. N’indirimo y’abacunguwe, igihamba cy’inararibonye yabo, izahimbaza icyubahiro cy’Imana: “

“ imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w’amahanga inzira zawe nizo gukiranuka n’ukuri. Mwani . ninde utazakubaha cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe , ko ari wowe wenyine wera?” ibyahishuwe 15:3,4.

Ibyishimo bikomeye, uburezi buboneye imibereho yacu yo ku isi yatuzanira, irangwa cyane n'icyaha, ni ugorera abandi. Mubuzima b'ahazaza, butazagira iherezo gutyo, ibyishimo byacu bikomeye, uburezi bwacu buboneye buzaba ubwo gukorera abandi, guhamya no kuvumbura na none "ubutunzi bw'ubwiza ...aribwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza." Abakolosayi 1:27.

" uko tuzamera ntikurerekanwa, icyakora icyo tuzi ni uko Yesu ni yerekanwa tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari." 1 yohana 3:2.

Noneho Kristo ashobora kubona umusaruro w'umurimo wayo , umusaruro we. Imbere y'iyi mbaga itabatika,imbere y'abo bantu bazaba "imbere y'ubwiza bwayo, badafite inenge kandi bishimye bihebuje." Yuda 1:24. , uwaducunguje amaro ye, uwatwigishirije mubuzima bwe, " azabona ibitirutse mu bise by'ubugingo bwe bimwishimishe bimuhaze." Yesaya 53:11.

\*\*\*\*\*